Ellen G. White

Uburezi

IBIRIMO

“Kugira ngo abahungu bacu babe nk’ibiti
byikuririza bakiri abasore. N’abakobwa bacu
bamere nk’amabuye akomeza imfuruka, abajwe
nk’uko babaza amabuye arimbisha inyumba.”
Zaburi 144: 12,13.

ABO DUTUYE IKI GITABO

Iki gitabo tugituye ababyeyi, abarezi n’abigishwa bose bigira mu ishuri ryo ku isi ritegurira abayituye gutaha ijuru. Turifuza ko cyazabafasha kugera ku nyungu ntagereranywa mu buzima, bakagera ku iterambere n’ibyishimo kuri iyi si, bityo bakaba abantu bakwiriye kuzakora wa murimo wagutse cyane uzakorerwa mu “*ISHURI RY’IKIRENGA*” rikinguriwe buri muntu wese mu ishuri ryo mu buzima buzaza.

IRIBURIRO

Mu by'ukuri, si kenshi igitabo nk'iki cyibanda ku byerekeye uburezi gisomwa n'abantu benshi cyane cyangwa ngo gikomeze kwihagararaho mu isuzumwa n'ijorwa bizanwa n'imihindagurikire y'ibihe nk'uko byagendekeye iki gitabo mubona ubu mu ngano yacyo nshya kandi izwi na benshi cyane. Amahame shingiro avugwa muri iki gitabo mu buryo bweruye yatumye mu myaka myinshi iki gitabo kiba igitabo gihora mu ntoki z'ababyeyi n'abarezi ibihumbi byinshi mu myaka amagana ashize. Muri iki gihe, kugira ngo kirusheho gukwirakwizwa no gusomwa cyane, byabaye ngombwa ko gisohorwa mu icapiro ari kimwe mu bitabo byagenewe Urugo rwa Gikristo, ariko nta mpinduka zakozwe ku myandikire yacyo cyangwa impapuro zikigize. {Ub 7.1}

Byanze bikunze, umuntu wese agomba guhura n'ibibazo bifatika biranga amateka y'ubuzima n'imibereho. Muri byo twavuga: Amahirwe aba mu buzima, inshingano zibubamo, gutsindwa ndetse n'intsinzi biburangwamo. Uko uwo muntu agomba guhangana n'ibyo, yashobora gutegeka ibimubaho cyangwa se bikaba byamwiganzura, byose bishingira cyane ku myiteguro yagize kugira ngo abashe guhangana na byo. Iyo myiteguro ni uburere yahawe. {Ub 7.2}

Uburezi nyakuri busobanurwa neza ko ari uburezi butuma ubushobozi ngiramuntu bwose bukura neza kandi bugakorana mu bwuzuzanye. Uburezi nyakuri ni ukwitegura iby'ubu buzima n'iby'ubugingo buhoraho bwo mu gihe kizaza mu buryo bwuzuye kandi bunonosoye. Ikindi kandi, birazwi neza ko gukura mu byerekeye ubwenge cyangwa imitekerereze, kubana n'abandi ndetse no kugira imico mbonera, umuntu abyiga akiri muto, akabyigira mu muryango no mu ishuri. {Ub 7.3}

Kubera gusobanukirwa neza agaciro gafitanye isano kandi karamba k'ibigize uburezi nyakuri mu busobanuro bwabwo bwagutse, umwanditsi w'iki gitabo yerekana inzira ugomba kunyuramo kugira ngo ubigereho. Muri iki gitabo havugwamo neza iby'uburezi butuma ubushobozi ngengamitekerereze bukura mu buryo bukwiriye. Muri cyo kandi, umwanditsi ashimangira cyane uburezi bwigisha gukoresha amaboko agahinduka ibikoresho by'ingirakamaro. Uburezi buzirikana ko Imana ari yo sōko y'ubwenge bwose no gusobanukirwa kose ni bwo bushimangirwa kandi bugomba gukurikizwa. {Ub 8.1}

Impamvu shingiro yatumye umwanditsi w'iki gitabo yandika byinshi ku nsanganyamatsiko y'uburezi, ni uko yarebye agasanga urubyiruko rugitangira ubuzima rugomba kuba rwiteguye guhagarara mu mwanya warwo nk'abaturage b'ingirakamaro, bateguriwe neza ibyo bazanyuramo bifatika mu buzima, baratejwe imbere ku gihagararo mu buryo bwuzuye, bubaha Imana, barangwa n'imico izira amakemwa kandi imitima yabo ntiteshuke ku

mahame y'ukuri. Iki gitabo ni igitabo cy'agahebuzo mu bitabo byose byanditswe biri muri iri tsinda, ahavugwa amahame yose y'ingenzi yafasha abafite inshingano yo kuyobora urubyiruko mu mashuri no mu miryango yabo ngo barusheho gusobanukirwa n'inshingano bafite. {Ub 8.2}

Umwanditsi w'iki gitabo yahoze ari incuti y'urubyiruko rw'abasore n'inkumi. Yamaze imyaka myinshi akorana cyane n'ibigo by'amashuri kandi yari asobanukiwe neza ibibazo by'urubyiruko mu rwego rwo kurutegurira umurimo rugomba gukora mu kubaho kwarwo. Ikiruseho ni uko yari afite ubumenyi n'ubuhanga budasanzwe nk'umwanditsi n'umuntu wari uzi kuvugira mu ruhame. {Ub 8.3}

Kubera ko iki gitabo cyibanda cyane ku mahame ngenderwaho akomeye ntikijye mu gusesengura integanyanyigisho cyangwa ibyagezweho na gahunda zagutse z'uburezi, imbaraga n'ububasha by'iki gitabo byakwiriye hirya no hino ku isi, kandi ingeri zitari nke zacyo zagiye zicapwa mu ndimi nyinshi zikoreshwa cyane mu yindi migabane y'isi. Icyifuzo gikomeye cyane cy'abacapyi n'abagize itsinda rishinzwe kurinda ubusugire bw'inyandiko za Ellen G. White, ni uko iki gitabo cyakomeza kurushaho gukwirakwiza amahame akomeye y'uburezi buboneye. {Ub 9.1}

I. AMAHAME Y'IBANZE

"Ariko twebwe twese, ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo, mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we, tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwami w'Umwuka."
2 Abakorinto 3:18

1. ISŌKO Y'UBUREZI NYAKURI N'UMUGAMBI WABWO

" Kumenya Uwera ni ubuhanga."(Imigani 9:10).
"Noneho iyuzuze na yo ubone amahoro"
(Yobu 22:21)

Ibitekerezo dufite ku byerekeye uburezi ntibyagutse kandi biri ku rwego rwo hasi cyane. Dukeneye kwagura ibitekerezo no kugira intego ihanitse. Uburezi nyakuri busobanuye ibirenze gukurikira amasomo runaka mu ishuri. Burenze imyiteguro y'ubuzima bw'iki gihe turimo. Ni uburezi bugenewe gutegura umuntu n'impagarike ye yose kandi bukagira icyo bukora ku gihe cyose cyo kubaho kwe. Ni iterambere mu bwuzuzanye ry'imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umwuka. Ubwo burezi butegurira umwigishwa kwishimira umurimo akora kuri iyi si no kurangamira umunezero w'agahebuzo azagira mu murimo mugari, mu isi izaza. {Ub 13.1}

Isōko ya bene ubwo burezi nyakuri tuyisanga mu magambo y'Ibyanditswe Byera byerekana "Imana Ihoraho." "Muri we ni mo ubutunzi bw'ubwenge no kumenya bwahishwe." (Abakolosayi 2.3). "Ubwenge n'imbaraga bifitwe n'Imana. Igira inama no kumenya." Yobu 12.13. {Ub 13.2}

Ku isi hagiye habaho abigisha b'ibyamamare, bakaba abantu b'intiti kandi bakoraga ubushakashatsi bwinshi. Bari intyoza kandi amagambo yabo yateraga abantu gutekereza ndetse agatuma abantu babona ahantu hagutse bakura ubwenge. Abo bantu bahabwaga icyubahiro kandi bakabarwa nk'abayobozi b'abagezaga ibyiza ku nyokomuntu; nyamara, hari INTITI ihebuje abo bose babayeho. Dushobora gukora urutonde rw'abigisha babaye ku isi tugasanga barahereye igihe amateka ya muntu yatangiriye; ariko Sōko y'umucyo ni We wabayeho mbere y'abo bose. Nk'uko ukwezi n'inyenyeri bitumurikishiriza umucyo bikomora ku zuba, ni na ko mu gihe inyigisho zabo aba ari ukuri, abahanga bakomeye bo ku isi nabo bamurika imirasire ituruka kuri Zuba ryo Gukiranuka. Umucyo wose uva mu ntekerezo, kumurika k'ubwenge kose, bikomoka kuri Mucyo w'isi. {Ub 13.3}

Muri iyi minsi havugwa byinshi byerekeye imiterere n'akamaro k'uburezi bwo mu rwego rwo hejuru. Ariko uburezi nyakuri busumba ubundi bwose ni ubutangwa n'Imana Yo

“nyir’ubwenge n’imbaraga” (Yobu 12:13), kandi akanwa kayo kakavamo “kumenya no kujijuka.” Imigani 2:6 {Ub 14.1}

Kumenya Imana ni byo soko y’ubumenyi nyakuri bwose no gutera imbere nyako. Aho twakwerekera hose, haba mu bijyanye n’umubiri, intekerezo n’iby’umwuka; ibyo twitegereza byose, uretse ibyatewe n’ingaruka z’icyaha, byose biduhishurira kumenya Imana. Ubushakashatsi twakora ubwo ari bwo bwose dufite umugambi uhamye wo kugera ku kuri, duherako dusābāna na Bwenge ushobora byose, utarebeshwa amaso ari na we ukorera muri bose. Ubwenge bwa muntu busabana n’ubwenge bw’Imana maze umuntu upfa agasabana n’Imana ihoraho. Bene uko gusabana mu by’umubiri, mu by’ubwenge no mu by’umwuka, bigira akamaro katarondorwa. {Ub 14.2}

Muri uko gusābāna ni ho haboneka uburezi bw’ikirenga. Ubwo ni uburyo bwihariye Imana ubwayo ikoresha bwo guteza umuntu imbere. Ubutumwa Imana yahaye umuntu ni ubu ngo: “Noneho iyuzuze na yo ubone amahoro: Ubwo ni bwo ibyiza bizakuzaho” (Yobu 22:21). Uburyo bw’imyigishirize bwavuzwe muri aya magambo ni bwo bwakurikizwaga mu burezi bwahabwaga umubyeyi w’inyokomuntu. Ubwo yari agifite ubwiza bw’umuntu utararangwaho icyaha, Adamu yari muri Edeni yera, kandi Imana ni yo yamwigishaga. {Ub 14.3}

Kugira ngo dusobanukirwe n’ibikubiye mu murimo w’uburezi, dukeneye kubanza kuzirikana tugomba kamere ya muntu n’umugambi Imana yari imufitiye imurema. Dukeneye kandi kuzirikana ihinduka ry’imibereho y’umuntu ryabayeho rizanwe no kumenya ikibi, ndetse na gahunda y’Imana mu gusohoza umugambi wayo uhebuje mu byerekeye uburezi bwagenewe inyokomuntu. {Ub 14.4}

Igihe Adamu yavaga mu biganza by’Umuremyi yari yambaye ubwiza bw’Umuremyi we mu by’umubiri, mu ntekerezo no mu by’umwuka. “Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo” (Itangiriro 1:27), kandi byari umugambi wayo ko uko umuntu azajya arushaho kuramba ari na ko azajya arushaho kugaragaza rwose iyo shusho - akarushaho kugaragaraho ikuzo ry’Umuremyi. Ubushobozi bwose bw’umuntu bwashoboraga gukura, kandi ubushobozi bwe n’imbaraga bigahora byiyongera. Imana yari yarateganyirije ababyeyi bacu ba mbere ahantu hagari cyane ho kwigira, kandi aho bagombaga gukorera ubushakashatsi hari ahantu heza cyane. Ubwiru bw’ibyaremwe biri mu isanzure ari byo “bitangaza by’imirimo y’Iyo ifite ubwenge butunganye” (Yobu 37:16), byararikaga umuntu ngo agire inyota yo kwiga. Amahirwe ahebuje umuntu yari afite yari ayo gusabana n’Imana imbona nkubone no mu buryo butaziguye. Iyo Adamu akomeza kuba indahemuka ku Mana, ibyo byose byari kuba ibye by’iteka ryose. Mu bihe bihoraho iteka ryose, Adamu aba yarakomeje kunguka ubutunzi bushya bw’ubwenge, akavumbura amasōko afutse y’umunezero, kandi

akagira imyumvire isobanutse y'ubwenge, ububasha n'urukundo by'Imana. Yari kurushaho gusohoza rwose umugambi wo kuremwa kwe, aba yaragaragaje rwose ikuzo ry'Umuremyi. {Ub 15.1}

Ariko kubwo kutumvira, ibi byose yarabinyazwe. Kubera icyaha, ishusho y'Imana yarangiritse, kandi ijya guhanagurika burundu. Ubushobozi bw'umubiri w'umuntu bwacitse intege, ubushobozi mu mitekerereze buragabanuka kandi imirebere ye mu by'umwuka irijima. Nta kindi yari ategereje uretse urupfu. Nyamara inyokomuntu ntiyaretswe nta byiringiro ihawe. Kubera urukundo rw'Imana n'imbabazi zayo bitarondoreka, inama yo gukiza umuntu yari yarateguwe, kandi igihe cyo kwihana ngo ababarirwe cyaratanzwe. Umurimo wo gucungura umuntu wari kuba uwo kugarura mu muntu ishusho y'Umuremyi we, gusubiza umuntu ubutungane yari yararemanwe, guteza imbere imikurire y'umubiri, intekerezo n'ubugingo bye kugira ngo umugambi w'Imana mu kumurema ubashe kugerwaho. Uyu ni wo mugambi w'uburezi n'intego ikomeye y'ubuzima bw'umuntu. {Ub 15.2}

Urukundo ni rwo rufatiro rw'igikorwa cyo kurema no gucungura umuntu, ni na rwo rufatiro rw'Uburezi nyakuri. Ibi bisobanurwa neza mu mategeko Imana yatanze ngo ayobore ubuzima bwa muntu. Itegeko rya mbere kandi riruta ayandi ni iri ngo: "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose." (Luka 10:27). Gukunda Imana ihoraho kandi izi byose, ukayikundisha imbaraga zawe n'ubwenge bwawe bwose n'umutima wawe, bisobanura ko imbaraga zawe zose ziba zakuze, zageze ku rugero ruhanitse. Ibi bishatse kuvuga ko ishusho y'Imana yongera kugarurwa mu muntu wese uko yakabaye. {Ub 16.1}

Itegeko rya kabiri ni nk'irya mbere. Riravuga riti: "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Matayo 22:39. Itegeko ryerekeye urukundo risaba ubwitange bw'umubiri, ubwenge n'ubugingo bikegurirwa gukorera Imana na bagenzi bacu. Kandi nubwo uyu murimo utuma tubera abandi umugisha, natwe ubwacu utuzanira umugisha ukomeye cyane. Kutikanyiza ni ryo shingiro ryo gukura nyakuri kose. Binyuze mu gikorwa cyo kutikanyiza, habaho gukura k'ubushobozi bwose bw'umuntu ku rwego ruhanitse. Tugenda turushaho rwose kuba abasangiye kamere n'Imana. Tuba twizihiye ijuru kuko turyakira mu mitima yacu. {Ub 16.2}

Kubera ko Imana ari yo Sōko y'ubumenyi nyakuri bwose, nk'uko twamaze kubibona, umugambi wa mbere w'uburezi ni ukuyobora intekerezo zacu ku kuyihishurirwa. Adamu na Eva bungukaga ubwenge binyuze mu gusabana n'Imana mu buryo butaziguye; kandi bayīgiragaho bifashishije ibyo yaremye. Mu butungane bwabyo bw'umwimerere, ibyaremwe byose byagaragazaga igitekerezo cy'Imana. Iyo Adamu na Eva bitegerezaga

ibyaremwe basangaga byuzuye ubwenge mvajuru. Ariko kubwo gucumura, umuntu yatandukanyijwe rwose no kwigishwa n'Imana binyuze mu gusabana na Yo imbona nkubone, ndetse no kwigira kubyo yaremye ku rwego rukomeye cyane. Isi yahindanijwe kandi yahumanyijwe n'icyaha igaragaza icyubahiro cy'Umuremyi ku rwego ruto cyane. Ni iby'ukuri ko ibyigisho Imana yateguriye umuntu kwigira ku byaremwe bitasibanganye burundu. Kuri buri rupapuro rwose rw'umuzingo munini cyane w'ibyo Imana yaremye haracyariho ikimenyetso cy'inyandiko yayo. Ibyaremwe biracyavuga iby'Umuremyi wabyo. Ni koko uko guhishuririrwa ni ukw'igice kandi ntigutunganye. Kandi kubwa kamere yacu yacumuye, ndetse n'intege nke zacu no kutagira ubushobozi bwo kureba nk'uko bikwiriye, usanga tudashoboye gusobanura ibintu mu buryo butunganye. Dukeneye kuyihishuririrwa mu buryo bwuzuye bwa bundi Imana yatanze mu ijambo ryayo yandikishije. {Ub 16.3}

Ibyanditswe Byera ni byo rugero ngenderwaho rutunganye rw'ukuri, kandi kubw'ibyo bigomba guhabwa umwanya w'ikirenga mu burezi. Kugira ngo tubashe kubona uburezi bufite ireme, dukwiriya kumenya Imana, Umuremyi wacu, kandi tukamenya Yesu Kristo, ari we Mucunguzi wacu nk'uko byahishuriwe mu Ijambo Ryera. {Ub 17.1}

Umuntu wese waremwe ku ishusho y'Imana, yahawe ubushobozi busa n'ubw'Umuremyi we: Imyitwarire y'umwihariko n'ubushobozi bwo gutekereza no gukora. Abantu iyi mbaraga igaragariramo ni abantu bahabwa inshingano, bakaba abayobozi mu gutangira imirimo mishya kandi bagateza impinduka nziza mu mico. Umurimo w'uburezi nyakuri ni uguteza imbere izi mbaraga, gutoza abasore bakaba abantu bitekerereza batagendera ku bitekerezo by'abandi kandi ngo abe ari byo bagaragaza gusa. Aho kugira ngo mubahāmbīre ku nyigisho zavuzwe cyangwa zanditswe n'abantu, nimureke bayoborwe inzira igana ku masoko y'ukuri, ahantu hagutse bakorera ubushakashatsi mu byaremwe no mu byahishuwe. Nimubareke batekereze ku bihamya bikomeye by'inshingano bafite n'aho ibaganisha, bityo bizatuma ubwenge bwabo bwaguka kandi burusheho gukomera. Aho kugira ngo ibigo by'amashuri bisohore abigishwa b'abanebwe kandi badafite imico ihamye, bikwiriye gusohora abantu bafite imbaraga zo gutekereza no gukora, abantu bategeka ibibaho ntibabyemerere ko bibategeka, abantu bafite impumeko y'ubwenge, ibitekerezo biboneye n'ubutwari mu byo bizera kandi bemera. {Ub 17.2}

Uburezi nk'ubwo butanga ibirenze ubumenyi bw'iby'ubwenge; n'ibirenze gutoza umubiri. Bene ubwo burezi bukomeza imico kugira ngo ukuri n'ubunyangamugayo bitaguranwa ibyifuzo by'inarinjye cyangwa kurangamira iby'isi. Bukomeza intekerezo zigashobora guhangana n'ikibi. Aho kugira ngo ahe icyo ararikiye kumutegeka bityo kigahinduka imbaraga irimbura, impamvu yose itera umuntu gukora ndetse n'icyifuzo cyose byubahiriza amahame y'ukuri akomeye. Uko umuntu arushaho gutekereza ku butungane bw'imico

y’Imana ni ko intekerezo ze zihindurwa nshya, kandi ubugingo bukongera kuremwa bundi bushya mu ishusho y’Imana. {Ub 18.1}

None se ni burezi ki bwaba ari ubw’ikirenga kurenze ubu? Mbese uramutse ubuhaye agaciro wabuhwanya n’iki? {Ub 18.2}

“Ntibuboneshwa izahabu;
Kandi nta feza igererwa kuba ikiguzi cyabwo.
Ntabwo bugereranywa n’izahabu ya Ofiri
Cyangwa shohamu y’igiciro cyinshi, haba na safiro.
Izahabu n’ibirahuri ntibihwanye na bwo,
Kandi ntibwaguranwa imyambaro y’izahabu nziza.
Fezaruka n’ibirahuri ntibizavugwa;
Ni ukuri igiciro cy’ubwenge kiruta marijani.” {Ub 18.3}

Yobu 28:15-18

Umugambi mwiza Imana ifitiye abana bayo urahanitse cyane kurusha igitekerezo gihanitse umwana w’umuntu ashobora kugira. «Gusa na yo,» gusa n’Imana ni yo ntego tugomba guharanira kugeraho. Imbere y’umwigishwa hari inzira ikinguye agomba kunyuramo kugira ngo akomeze gukuza amajyambare ubudahwema. Afite intego agomba kugeraho, afite urwego agomba kugeraho, kandi urwo rwego rukubiyemo ikintu cyiza cyose, kiboneye kandi cyubahwa. Azatera imbere yihuta mu buryo bushoboka bwose mu ishami ryose ry’ubumenyi nyakuri. Ariko nk’uko ijuru ryitaruye isi, ni na ko n’imbaraga ze zose zizerekezwa ku bintu by’igiciro gihanitse kiruta inyungu zo kwikanyiza n’iz’igihe gito. {Ub 18.4}

Umuntu ukorana n’umugambi w’Imana mu murimo wo kumenyesha urubyiruko Imana, kandi akagorora imico yarwo igasa n’iy’Imana, aba akora umurimo mwiza w’agahebuzo. Iyo ahwituriye urubyiruko kugira inyota yo kugera ku rugero Imana ishaka, aba arugezaho uburezi buhanitse nk’ijuru kandi bwagutse nk’isanzure. Ni uburezi budashobora kurangirizwa muri ubu buzima bwa none, ahubwo buzakomereza no mu buzima buzaza. Ni uburezi buhesha umwigishwa umaze gutsinda urwandiko rw’inzira rumukura mu ishuri ategurirwamo ryo ku isi rumujyana mu ishuri risumbyeho, ari ryo ryo mu ijuru. {Ub 19.1}

2. ISHURI RYO MURI EDENI

“Hahirwa umuntu ubonye ubwenge.” Imigani 3:13

Gahunda y’uburezi yashyizweho isi ikimara kuremwa yagombaga kubera umuntu icyitegererezo mu bihe byose byakurikiyeho. Nk’urugero rugaragariramo amahame y’ubwo burezi, ishuri ry’icyitegererezo ryashinzwe muri Edeni ari yo yari urugo rw’ababyeyi bacu ba mbere. Umurima wa Edeni wari icyumba cyigirwamo, maze ibyaremwe bikaba igitabo gikubiyemo ibyigwa, kandi Umuremyi ubwe ni we wari Umwigisha, naho ababyeyi b’umuryango w’inyokomuntu bakaba abigishwa. {Ub 20.1}

Kubera ko baremewe kuba “ishusho y’Imana n’ubwiza bwayo” (1 Abakorinto :11:7), Adamu na Eva bari barahawe umurage cyangwa se impano yagombaga kubageza ku rwego ruhanitse bari barateganirijwe kugeraho. Bari bateye neza, bafite ubwiza, uburanga n’igikundiro. Bari bafite mu maso harabagirana kandi hafite ishusho igaragaza ubuzima buzira umuze ndetse harangwa umucyo w’ibyishimo n’ibyiringiro. Uko bagaragaraga inyuma, basaga n’Umuremyi wabo. Ntabwo uko gusa n’Imana kwagaragaraga ku mubiri n’igihagararo gusa, ahubwo ubushobozi bwose ngengamuntu, ari ubwerekeye intekerezo n’ubugingo, byagaragazaga ikuzo ry’Umuremyi. Kubera ko Adamu na Eva bari barahawe impano z’ubwenge n’iby’umwuka ku rwego rwo hejuru, “bari hasi y’abamarayika ho hato» (Abaheburayo 2 :7), ku buryo batashoboraga gusobanukirwa n’ibitangaza byo mu isanzure riboneshwa amaso gusa, ahubwo bagombaga no gusobanukirwa n’inshingano zerekeye imyitwarire mbonera n’ibyo basabwa gukora. {Ub 20.2}

“Uwiteka Imana ikeba ingobyi mu Edeni mu ruhande rw’iburasirazuba: iyishyiramo umuntu yaremye. Uwiteka Imana imezamo igiti cyose cy’igikundiro cyera imbuto ziribwa: imeza n’igiti cy’ubugingo hagati muri iyo ngobyi.” Itangiriro 2 :8,9. Ahongaho, hagati y’ibintu byiza bihebije byababaga mu byaremwe bitari byaragezweho n’icyaha, ni ho ababyeyi bacu ba mbere bagombaga kwigishirizwa. {Ub 20.3}

Kubw’inyungu z’abana be, Data wo mu ijuru ubwe ni we wayoboraga ishuri bigiragamo. Incuro nyinshi basurwaga n’intumwa yabaga yohereje, ari bo bamarayika bera, kandi babagiraga inama ndetse bakabigisha. Ibihe byinshi, iyo ababyeyi bacu babaga bagendagenda mu murima wa Edeni mu mafu ya nimunsi, bumvaga ijwi ry’Imana, maze bagasabana n’Ihoraho imbona nkubone. Ibyo yibwiraga kuri bo byari amahoro si ibibi. (Yeremiya 29 :11). Ibyo Imana yagambiriraga kuri bo byose byari ibyiza bihebuje. {Ub 21.1}

Adamu na Eva bahawe inshingano yo kwita kuri uwo murima: “ngo [bahingire] ibirimo, ayirinde” (Itangiriro 2 :15). Nubwo bari abakungu bafite ibintu byose Nyirisanzure

yashoboraga gutanga, ntibagombaga kuba abanebwe. Imana yabahaye icyo bagombaga gukora buri munsi kugira ngo bibabere umugisha, bitume bagira imbaraga z'umubiri, bagure intekerezo kandi imico yabo ikomeze gukura. {Ub 21.2}

Igitabo cy'ibyaremwe cyahoraga kibumburiwe imbere yabo kirimo inyigisho zifatika, kibahindukira isōko idakama bavomamo amabwiriza n'ibyishimo. Izina ry'Imana ryari ryanditswe ku kibabi cyose cyo mu ishyamba no ku ibuye ryose ryo ku misozi, ku nyenyeri yose imurika, mu isi no mu nyanja ndetse no ku bicu. Ibyaremwe bihumeka n'ibidahumeka, ari ibibabi n'uburabyo, ibiti n'icyaremwe cyose gifite ubuzima, kuva ku kintu kinini cyane kiba mu mazi ukageza ku kantu gato cyane ko ku murasire w'izuba, abaturage bo muri Edeni baganiraga nabyo, ikintu cyose bakagikuramo amabanga y'ubuzima bwacyo. Icyubahiro cy'Imana kigaragara mu majuru yose, imibumbe itabarika ihora izenguruka mu kirere, «uko ibicu bireretse» (Yobu 37:16), amayobera y'umucyo n'amajwi, ay'ibisikana ry'amanywa n'ijoro, ibyo byose byari bigize inyigisho abigishwa bo mu ishuri rya mbere ku si bahoraga biga. {Ub 21.3}

Amategeko n'imikorere y'ibyaremwe, amahame akomeye y'ukuri agenga iby'umwuka mu isanzure, byose babisobanurirwaga n'Umuremyi wa byose uhoraho. Imbaraga zabo z'ubwenge n'iz'umwuka zakuriraga mu kumurikishirizwa "[...] ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana" (2 Abakorinto 4:6), kandi babashaga kugera ku binezeza bihebuje byo kubaho kwabo kwaziraga inenge. {Ub 22.1}

Uretse Ingobyi ya Edeni ubwayo, n'isi yose ikiva mu biganza by'Umuremyi, yari nziza bitangaje. Nta kizinga cy'icyaha cyangwa igicucu cy'urupfu byangizaga ibyaremye byari bitunganye. Ubwiza bw'Imana «bwakwiriye ijuru, kandi isi yuzuye gusingizwa kwayo» "Igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaturagaraga ziririmba, abana b'Imana bose barangururaga ijwi ry'ibyishimo" (Habakuki 3:3); (Yobu 38 :7). Muri ubwo buryo, isi yari ikirangantego nyacyo cyerekana Imana Yo "ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi" (Kuva 34 :6), kandi ikaba icyigisho nyacyo ku bantu baremwe ku ishusho y'Imana. Umurima wa Edeni wari ikimenyetso cyerekana uko Imana yashakaga uko isi yose yahinduka, kandi umugambi w'Imana wari uko, uko umuryango wa muntu wari kugenda waguka, abantu bagombaga kugira indi miryango n'amashuri nk'ibyo yari yarashyizeho. Uko ni ko uko igihe cyari kugenda gihita isi yose yagombaga kuba iriho imiryango myinshi n'amashuri aho amagambo y'Imana n'imirimo yayo byagombaga kwigirwa, kandi kubw'ibyo abigishwa bagakūra ubushobozi butuma bashobora kumurikisha umucyo bakesha kuba baramenye icyubahiro cy'Imana mu bihe bidashira. {Ub 22.2}

3. KUMENYA ICYIZA N'IKIBI

"Kandi ubwo banze kumenya Imana, ni cyo cyatumye Imana ibareka ngo bagire imitima yabaye akahebwe." Abaroma 1:28

Nubwo ababyeyi bacu ba mbere bari bararemwe ari abaziranenge kandi bera, ntibari barashyizwe aho bidashoboka ko bakora ikibi. Imana yashoboraga kuba yarabaremanye ubudahangarwa ku buryo batashoboraga kurenga kubyo yabasabaga, ariko iyo biza kugenda bityo, ntibajyaga gukura mu mico; ibyo bajyaga gukora ntibyari kuba bivuye ku bushake bwabo, ahubwo byari kuba agahato. Ni cyo cyatumye Imana ibaha ubushobozi bwo kwihitiramo kuyubaha cyangwa kuyigomera. Kandi mbere y'uko bahabwa imigisha Imana yifuzaga kubasenderezaho, byari ngombwa ko urukundo rwabo n'ubuyoboke bwabo bibanza kugeragezwa. {Ub 23.1}

Mu murima wa Edeni hari "igiti kimenyekanisha icyiza n'ikibi... Uwiteka Imana imutegeka iti: 'Ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, ariko igiti cy'ubwenge kimenyekanisha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho" Itangiriro 2:9, 16, 17. Imana ntiyashakaga ko Adamu na Eva bamenya ikibi. Kumenya icyiza bari barabihawe mu mudendezo usesuye; ariko kumenya ikibi, - icyaha n'ingaruka zacyo, imirimo ivunanye, guhagarika umutima, ishavu n'agahinda, kwicuza n'umubabaro n'urupfu- , ibyo byose Imana yashatse kubibarinda kubera urukundo rwayo. {Ub 23.2}

Uko Imana yashakiraga umuntu ibyiza, Satani we yahirimbaniraga kumurimbura. Igihe Eva yasuzuguraga umuburo Imana yari yarabahaye werekeye igiti kibuzanyijwe maze agahangara kucyegera, yaje guhura n'umwanzi we. Gutwarwa kwe ndetse n'amatsiko bimaze gukangurwa, Satani yakurikijeho guhinyura ijambo ry'Imana, gupfobya ubwenge bwayo no kugira neza kwayo. Ku magambo yerekeye igiti cy'ubwenge Eva yasubiriyemo inzoka, Imana yari yaravuze iti: "Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa." Umushukanyi yaramusubije ati: "Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza, mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi." Itangiriro 3:3-5. {Ub 23.3}

Satani yashakaga kugaragaza ko uko kumenya icyiza kivanze n'ikibi ari byo bizaba ari umugisha kuri bo, kandi ko kuba Imana yarababujije gukora ku mbuto z'icyo giti bwari uburyo bwo kubavutsa ibyiza bitarondoreka. Yashimangiye ko Imana yababujije kurya kuri icyo giti kuko yari izi neza ko imbuto zacyo zifite ubushobozi butangaje butuma uziriye agira ubwenge n'ubushobozi, avuga ko kubw'ibyo Imana yashakaga kubabuza gukura no gutera imbere bakagera ku rugero ruhanitse kandi rushimishije kandi ko yashakaga kubabuza kugera ku munezero mwinshi. Inzoka yabwiye Eva ko na yo ubwayo yariye

imbuto z'icyo giti cyabuzanijwe bigatuma yunguka ubushobozi bwo kuvuga neza. Yakomeje imubwira ko na bo nibaramuka bariye kuri icyo giti, bazagera ku rugero ruhanitse rw'isumbwe mu kubaho kwabo, kandi bakagira ubwenge bwagutse cyane. {Ub 24.1}

Ariko nubwo Satani yavugaga ko yungutse ibyiza byinshi kubera ko yariye imbuto z'igiti cyabuzanijwe, ntiyigeze amuhingukiriza ko yaciwe mu ijuru bitewe n'icyaha yakoze. Ikinyoma cyari gihishwe munsi y'umwenda w'ukuri ku buryo Eva atashoboye gutahura icyo ikinyoma bitewe n'uko yari yatwawe n'utugambo two kumushyeshya no kumushukashuka. Yararikiye igiti Imana yari yarababujije; ntiyiringira ubwenge bwayo. Yazibukiye kwizera kandi ari ko rufunguzo rw'ubwenge. {Ub 24.2}

Eva "abonye yuko icyo giti gifite ibyokurya byiza kandi ko ari icy'igikundiro, kandi ko ari icyo kwifuriza kumenyesha umuntu ubwenge, asoroma ku mbuto zacyo arazirya." Iryo tunda ryaramuryoheye cyane, maze ubwo yariryaga, yabaye nk'uwiyumvamo imbaraga zibeshaho maze atangira gutekereza ko yinjiye mu rwego rw'ubuzima bw'ikirenga. Eva ubwe amaze gucumura, na we yahindutse umushukanyi, ashuka umugabo we, "aha n'umugabo we, arazirya." Itangiriro 3:6. {Ub 24.3}

Umwanzi yari yamubwiye ati: "Amaso yanyu azahweza, muzahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi." (Itangiriro 3:5). Mu by'ukuri, amaso yabo yarahweje; ariko mbega ngo barabona ishyano aho kubona ibyiza bari bariburiwe! Kumenya ikibi n'umuvumo w'icyaha ni byo abari bamaze gucumura ku Mana babonye. Mu itunda ubwaryo nta burozi bwarimo, kandi n'icyaha cyabo nticyari icyo kunezeza irari ry'inda gusa. Ahubwo kutiringira kugira neza kw'Imana, kutizera ijambo ryayo no kwanga ubutegetsi bwayo, ni byo byatumye ababyeyi bacu ba mbere bahinduka abanyabyaha; kandi ni byo byazanye mu isi ingorane zo kumenya ikibi. Ibi ni byo byakinguriye amarembo ibinyoma by'amoko yose ndetse n'ubuyobe. {Ub 25.1}

Umuntu yabuze byose bitewe n'uko yateze amatwi umushukanyi aho kumvira Umunyakuri ari na we mutunzi w'ubwenge. Kubwo kwivanga kw'icyiza n'ikibi, intekerezo za muntu zagiye mu rujijo, maze imbaraga ze z'ubwenge n'iz'umwuka zigwa ikinya. Ntiyongeye kugira ubushobozi bwo gushimishwa n'ibyiza Imana yari yaratangiye ubuntu. {Ub 25.2}

Adamu na Eva bari bahisemo kumenya ikibi, kandi iyo bongera kugarurirwa umwanya bari bamaze gutakaza, bari kuwugarurirwa batamerewe neza kuko ari bo bari babyikururiye. Ntabari kongera gutura muri Edeni; kubera ku mu bwiza bwayo buzira amakemwa ntiyashoboraga kubigisha ibyigisho bari bakeneye kwiga muri icyo gihe. Nuko basezera kuri iyo ngobyi itagira uko isa bafite umubabaro utavugwa, bajya gutura ku isi yariho umuvumo w'icyaha. {Ub 25.3}

Imana ibwira Adamu iti: “Ubwo wumviye umugore wawe, ukarya ku giti nakubujije ko utazarya, uzaniye ubutaka kuvumwa iminsi yose yo kubaho kwawe uzajya urya ibibuvamo, ugombye kubiruhira, buzajya bukumereramo imikeri n’ibitovu, nawe uzajya urya imboga zo mu murima, gututubikana kwawe ni ko kuzaguhesha umutsima, urinde ugeza ubwo uzasubira mu butaka, kuko ari mo wakuwe, uri umukungugu mu mukungugu, ni mo uzasubira.” Itangiriro 3:17-19. {Ub 25.4}

Nubwo isi yari imaze kwibasirwa n’umuvumo, ibyaremwe byagombaga gukomeza kubera umuntu igitabo yigiramo. Ntabwo isi yashoboraga gukomeza kugaragaza ubwiza gusa, kuko ikibi cyari cyamaze gukwira ahantu hose, cyangiza isi, inyanja ndetse n’ikirere. Ahantu higeze kwandikwa imico y’Imana gusa no kumenya icyiza, noneho hari handitswe n’imico ya Satani ndetse no kumenya ikibi. Mu byaremwe noneho byagaragazaga kumenya icyiza n’ikibi, umuntu yagombaga guhora abikuramo umuburo umwereka ingaruka y’icyaha. {Ub 26.1}

Adamu n’umugore we baboneye ibimenyetso bya mbere byo kubora ku kugwa k’uburabyo no guhunguka kw’amababi. Intekerezo zabo zasobanukiwe neza n’igihamya kidashidikanywaho cy’uko ikintu cyose gifite ubuzima kigomba gupfa. Ndetse n’umwuka ubwawo, ari na wo ubuzima bwabo bwari bushingiyeho, warimo imbuto z’urupfu. {Ub 26.2}

Iteka bahoraga bibuka n’ubutware bwabo batakaje. Adamu yari yaragizwe umwami w’ibyaremwe byose, kandi igihe cyose yari gukomeza kugandukira Imana, ibyaremwe byose byagombaga kumuyoboka. Ariko igihe yacumuraga, ubwo butware yarabwambuwe. Umwuka wo kwigomeka we ubwe yari yakinguriye amarembo, wakwirakwiye mu nyamaswa n’amatungo yose. Bityo ubuzima bwa muntu bwonyine si bwo bwagaragazaga icyigisho kibabaje cyo kumenya ikibi, ahubwo na kamere y’inyamaswa, ibiti byo mu ishyamba, ibyatsi byo mu gasozi ndetse n’umwuka umuntu yahumekaga. {Ub 26.3}

Ariko umuntu ntiyatereranywe ngo aheranwe n’ingaruka z’ikibi yari yihitiyemo. Mu iteka Satani yaciriweho, harimo isezerano ryo gucungurwa. Imana yaravuze iti: “Nzashyira urwango hagati yawe n’uyu mugore, no hagati y’urubyaro rwawe n’urwe: ruzagukomeretse umutwe, nawe uzarukomeretsa agatsinsino” Itangiriro 3:15. Iri teka ryaciwe ababyeyi bacu ba mbere bumva, kuri bo ryari isezerano. Mbere y’uko bumva iby’imikeri n’amahwa n’ibitovu, umuruho n’umubabaro byari bibategereje, cyangwa iby’umukungugu bagombaga kuzasubiramo kuko ari ho bavuye, Adamu na Eva bumvise amagambo yashoboraga kubaha ibyiringiro. Ibintu byose bari bamaze kunyagwa kubera kumvira Satani, babwiwe ko bazabikomorerwa binyuze muri Yesu Kristo. {Ub 26.4}

Natwe ibyaremwe bihora bidusubiriramo iryo tangazo. Nubwo byahindanijwe n'icyaha, ntibivuga gusa ibyerekeye iremwa, ahubwo binatubwira ibyerekeye gucungurwa. Nubwo isi igaragaraho igihamya cy'umuvumo kiboneka mu bimenyetso byo kubora biyibonekaho, iracyakungahaye kandi irimbishijwe ibimenyetso by'imbaraga itanga ubugingo. Ibiti bihunguka ibibabi byabyo ari ukugira ngo bibone uko byambara ibibabi bitoshye, uburabyo buruma kugira ngo bwiyubururre ngo burusheho kuzana ubwiza bushya; kandi mu kwigaragaza kose kw'imbaraga irema tuhakura ibyiringiro by'uko natwe dushobora kuremwa bushya, "mu byo gukiranuka no kwera bizanywe n'ukuri." Abefeso 4:24. Uko ni ko ibintu ndetse n'imirimo y'ibyaremwe bihora bitwibutsa igihombo gikomeye twagize, biduhindukira intumwa zituzaniye ubutumwa budutera ibyiringiro. {Ub 27.1}

Uko ikibi kirushaho gukwira ni na ko ijwi rya Data wa twese ryumvikana hose, rihwiturira abana Be kubonera ingaruka z'ikibi muri kamere y'icyaha, ribaburira kwanga ikibi, kandi ribararikira kwakira icyiza. {Ub 27.2}

4. ISANO IRI HAGATI Y'UBUREZI NO GUCUNGURWA

"…Kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo." 2 Abakorinto 4:6

Icyaha cyatandukanije umuntu n'Imana. Iyo hatabaho inama y'agakiza, gutandukana n'Imana by'iteka ryose ndetse n'umwijima w'ijoro ritagira iherezo byari kuba umurage w'umuntu. Ariko kubw'igitambo cy'Umukiza, gushyikirana n'Imana byongeye gushoboka. Twe ubwacu ntidushobora guhagarara imbere yayo; kubera icyaha dufite ntabwo dushobora kureba mu maso hayo; ariko dushobora kuyitegereza no gushyikirana na yo binyujijwe muri Yesu Kristo, Umukiza wacu. "Imana yategetse umucyo kuva uturutse mu ijuru, ni yo yaviriye mu mitima yacu kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo." "Kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi." 2 Abakorinto 4:6, 5,19. {Ub 28.1}

"Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe, yuzuye ubuntu n'ukuri." "Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari Umucyo w'abantu." Yohana 1:14, 1:4. Ubuzima bwa Kristo n'urupfu rwe, ari byo kiguzi cyo gucungurwa kwacu, ntabwo ari isezerano kuri twe n'ingwate y'ubugingo bwacu bw'igihe kizaza gusa, nta n'ubwo ari uburyo bwo kongera kudukingurira ngo tubone ubutunzi bw'ubwenge, ahubwo ni no guhishurirwa imico y'Imana ku buryo bwuzuye kandi buhanitse kurenze uko byari bimeze ku babyeyi bacu bataracumura mu murima wa Edeni. {Ub 28.2}

Iyo Kristo akinguriye umuntu irembo ry'ijuru, ubugingo amuhaye bukingurira umutima ijuru. Icyaha ntikidutandukanya n'Imana gusa, ahubwo cyongeraho no gusenya mu bugingo bw'umuntu icyifuzo n'ubushobozi byo kumenya Imana. Umurimo wa Kristo ni ukuvanaho iyo ngaruka y'icyaha. Afite ubushobozi bwo kutwongera imbaraga no gusana ubushobozi bw'ubugingo bwacu bwaremajwe n'icyaha, akamurikira intekerezo zijimishijwe n'icyaha ndetse n'umutima w'ubushake wahumanijwe na cyo. Adusesekazaho ubutunzi bwo mu isanzure ry'ijuru, kandi ni we utanga ubushobozi bwo gusobanukirwa no kwakira ubwo butunzi tukabugira ubwacu. {Ub 28.3}

Kristo ni we "Mucyo nyakuri, kandi ubwo ni bwo yatangiraga kuza mu isi ngo amurikire umuntu wese." Yohana 1:9. Nk'uko umuntu wese afite ubugingo muri Kristo, ni nako kubwe umuntu wese yakira imirasire y'umucyo uva mu ijuru. Mu mutima wa buri wese ntihabamo ubushobozi mu by'ubwenge gusa ahubwo habamo n'ubushobozi mu by'umwuka, hakabamo gusobanukirwa ibyiza bitunganye n'icyifuzo cyo gukora ibyiza. Ariko rero, hari imbaraga y'umwanzi irwanya ayo mahame. Ingaruka zo kurya ku giti kimenyekanisha icyiza n'ikibi zigaragarira mu mibereho ya buri muntu. Mu muntu harimo imbaraga ituma

abogamira ku kibi kandi ntashobora kuyitsinda aramutse atabonye ubufasha. Kugira ngo umuntu ashobore kurwanya iyo mbaraga, bityo agere ku mugambi mwiza uri imbere mu bugingo bwe ari na wo yemera wonyine ko ari uw'agaciro, nta handi ashobora kubonera ubufasha uretse mu mbaraga imwe rukumbi. Iyo mbaraga nta yindi ni Kristo. Ubukene bukomeye cyane umuntu afite ni ugufatanya n'iyo mbaraga. Mbese, ubwo bufatanye ntibwari bukwiriye kuba umugambi w'ikirenga ugomba guhabwa umwanya muri gahunda zose z'uburezi? {Ub 29.1}

Umwigisha nyakuri ntanyurwa no gukora umurimo udashyitse. Ntabwo anyurwa no kuyobora abigishwa ngo bagere ku rwego ruciye bugufi y'uruhanitse bari bashoboye kugeraho. Ntabwo ashobora kunezezwa no kubigisha iby'ubumenyi bwo mu rwego rwa tekiniki gusa, kubagira abacungamari b'intyoza, abanyabukorikori n'abanyabugeni b'abahanga, cyangwa se abacuruzi bagera ku ntego biyemeje. Umugambi we ni ukubacengezamo amahame yimakaza ukuri, kubaha, kumvira, ubupfura no kuba inziramakemwa. Ni amahame azabashoboza kuba imbaraga nziza ituma umuryango mugari w'abantu utekana kandi ugatera imbere. Ikiri hejuru y'ibindi byose, bene uwo mwigisha yifuriza abo yigisha kwiga isomo rikomeye mu buzima ryo gukora umurimo utarangwamo kwikanyiza. {Ub 29.2}

Ayo mahame ahinduka imbaraga nzima irema imico, binyuze mu kumenyana na Kristo k'ubugingo bw'umuntu, binyuze mu kwemera kuyoborwa n'ubwenge bwa Kristo, kandi akemera ko ububasha bwe bumubera imbaraga y'umutima n'ubugingo. Iyo ubwo bumwe bumaze gushinga imizi, umwigishwa aba abonye Sōko y'ubwenge. Hafi ye aba ahafite imbaraga imubashisha kubona amahame atunganye y'agaciro yifitemo. Bimuha amahirwe yo kugera ku burezi buhanitse mu buzima bwo kuri iyi si. Kandi muri uko kwigishirizwa ku isi aba yinjira mu ishuri ritazagira iherezo. {Ub 30.1}

Mu mvugo yumvikana kandi ihanitse, umurimo w'uburezi n'umurimo wo gucungurwa ni umurimo umwe, kuko mu burezi kimwe no mu gucungurwa, "nta rundi rufatiro umuntu abasha gushyiraho, keretse urwashyizweho, ni Yesu Kristo." "Kuko Imana yashimye ko kuzura kwayo kose kuba muri we." 1 Abakorinto 3:11; Abakolosayi 1:19. {Ub 30.2}

Muri iki gihe aho ibintu byahindutse, uburezi nyakuri buracyakurikiza gahunda y'Umuremyi, ari yo gahunda y'ishuri ryo muri Edeni. Adamu na Eva bigishwaga binyuze mu gusabana n'Imana imbona nkubone. Muri iyi minsi, dushobora kubonera umucyo wo kumenya ubwiza bw'Imana mu maso ha Kristo. {Ub 30.3}

Amahame akomeye y'uburezi ntarahinduka. "Yakomerejwe guhama iteka ryose" (Zaburi 111:8); kuko ari amahame y'imico y'Imana. Umuhati w'ibanze n'intego ihoraho by'umwigisha bikwiriye kuba ibyo gufasha umwigishwa ngo asobanukirwe n'ayo mahame,

kandi agirane umubano na Kristo, bityo ibyo bikamugira imbaraga itegeka mu bugingo. Mu by'ukuri, umwigisha wemera iyi ntego ni umukozi ukorana na Kristo n'Imana. {Ub 30.4}

II. INGERO Z'IBYABAYEHO

"Ibyo . . . byandikiwe kuduhugura twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." 1 Abakorinto 10:11.

5. UBUREZI MU BWOKO BW'ABISIRAYELI

"Arabugota, arabukuyakuya, aburinda nk'imboni y'ijisho rye." Gutegeka kwa kabiri 32:10.

Gahunda y'uburezi yashyiriweho muri Edeni yari ishingiye ku muryango. Adamu yari "umwana w'Imana." (Luka 3:36), kandi abana b'Isumbabyose bakiraga ubwenge bukomotse kuri Se. Mu magambo yumvikana neza cyane, ishuri ryabo ryari ishuri ry'umuyango. {Ub 32.1}

Mu mugambi w'Imana w'uburezi nk'uko waje guhuzwa rwose n'uko umuntu yari ameze nyuma yo gucumura, Kristo ni we uhagarariye Se, akaba n'iteme rihuza Imana n'umuntu. Kristo ni Umwigisha mukuru w'inyokomuntu. Yategetse ko abagabo n'abagore bakwiriye kumuhagararira. Umuryango wari ishuri, naho ababyeyi bakaba abigisha. {Ub 32.2}

Uburezi bushingiye mu muryango ni bwo bwari buganje mu gihe cy'abakurambere. Kubw'ayo mashuri yabaga yarahanzwe atyo, Imana ubwayo yatangaga ibikenewe byatuma imyigire igenda neza kugira ngo habeho gukura kw'imico. Abakurikizaga amabwiriza yayo bakurikiraga umugambi w'ubuzima Imana yari yarashyizeho mu itangiriro rya byose. Abitandukanyije n'Imana biyubakiye imijyi, bakajya bayiteraniramo, bakishimira ubwiza buhebuje, ubuzima bwuzuye umurengwe ndetse n'ingeso mbi bituma imijyi yo muri iki gihe iba impamvu y'ubwibone n'umuvumo ku isi. Nyamara abantu bashikamye ku mahame agenga ubuzima Imana yatanze bakomezaga gutura mu mirima no mu misozi. Bakoraga umurimo w'ubuhinzi, bakaragira amashyo n'imikumbi yabo, kandi muri ubwo buzima babagamo, burangwa n'umudendezo, ndetse n'amahirwe bwababahaga yo gukora no kwiga no gutekereza, bamenyaga iby'Imana kandi bakigisha abana babo iby'imirimo ya Yo n'inzira zayo. {Ub 32.3}

Ubu ni bwo buryo bw'uburezi Imana yifuzaga kwinjiza mu Bisirayeli. Ariko igihe Abisirayeli bakurwaga muri Egiputa, muri bo harimo bake bari biteguye gukorana n'Imana mu burezi bw'abana babo. N'ababyeyi ubwabo bari bakeneye guhabwa amabwiriza no gutozwa kuyakurikiza. Bitewe n'ububata bari baravukiyemo, biberaga mu bujiji, nta burere bafite kandi barataye agaciro. Ubumenyi mu byerekeye Imana bari bafite bwari buke cyane kandi bayizeraga buhoro. Bari barashyizwe mu rujijo n'inyigisho kandi barangiritse [mu mico n'intekerezo] bitewe n'igihe kirekire babanye n'abapagani. Imana yashakaga

kubazamura ikabageza ku rwego ruhanitse mu micombonera, kandi kubw'uwo mugambi yashakaga kubaha ubumenyi ngo barusheho kuyisobanukirwa. {Ub 33.1}

Mu byo Imana yagiriraga Abisirayeli bari inzererezi mu butayu, mu ngendo zabo bakubita hirya no hino, ubwo basonzaga, bakicwa n'inyota n'umunaniro ari wose, mu kaga batezwaga n'abanzi babo b'abapagani, ndetse no mu kwigaragaza k'ubuntu bwayo ubwo yabagobokaga, Imana yashakaga gukomeza kwizera kwabo ibinyujije mu kubagaragariza imbaraga zayo zahoraga zihirimbanira kubazanira ibyiza. Kandi kubw'ubuntu bwayo, mu kubigisha kwiringira urukundo rwayo n'imbaraga zayo, byari umugambi wayo kubashyira imbere urugero rukwiriye rw'imico yifuzaga ko bageraho binyuze mu mabwiriza y'amategeko yayo. {Ub 33.2}

Igihe Abisirayeli bari bari kuri Sinayi, bahigishirijwe ibyigisho by'agaciro kenshi. Icyo gihe cyabaye igihe cyo kwigishwa mu buryo bwihariye uko bazaba muri Kanāni bari bagiye kuragwa. Ibyari bibazengurutse kuri uwo musozi byatumaga umugambi w'Imana usohora. Mu mpinga y'umusozi wa Sinayi, ahirengeye amataba Abisirayeli bari babambyemo amahema yabo, hari inkingi y'igicu yari yarabayoboye mu rugendo rwabo. Inkingi y'umuriro yabayoboraga nijoro yabahaga ubwishingizi ko uburinzi bw'Imana buri kumwe na bo; kandi igihe bari basinziriye, umutsima wavuye mu ijuru bucece, ugwa mu nkambi yabo. Impande zose hari imisozi miremire y'ibihanamanga, kandi kubw'ubunini bwayo n'uburyo itangaje, yagaragazaga guhoraho kw'Imana n'igitinyiro cyayo. Icyo gihe umuntu yabashishijwe gusobanukirwa n'ubujiji bwe n'intege nke ze imbere y'Imana yo "yashyize imisozi mu gipimo, n'udusozi [itugera] mu munzani." Yesaya 40:12. Mu kwerekana ikuzo ryayo, Imana yashakaga gusobanurira Abisirayeli neza ukwera kw'imico yayo n'ibyo ibasaba, ndetse n'icyaha gikomeye cyo kwica amategeko yayo. {Ub 33.3}

Ariko nubwo byari bimeze bityo, Abisirayeli bari bafite urutebwe mu kwiga icyo cyigisho. Kubera ko mu Misiri bari baramenyereye ibintu bifatika byerekana Imana, kandi byinshi muri byo byari amashusho yateshaga agaciro, ntibyari byoroshye ko bakwinjiza mu ntekerezo zabo ngo bemere ukubaho cyangwa imico y'Imana batarebesha amaso. Kubera impuhwe Imana yabagariye mu ntege nke zabo, yabahaye ikimenyetso cyerekana ko iri kumwe na bo. Yaravuze iti: "Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo." Kuva 25:8. {Ub 34.1}

Mu kubaka ubwo buturo bwera ari bwo Imana yagombaga guturamo, Mose yari yahawe amabwiriza yo gukora ibintu byose akurikije igishushanyombonera cy'ibyo mu ijuru. Imana ihamagara Mose mu mpinga y'umusozi, maze imuhishurira ibintu byo mu ijuru, kandi ihema ry'ibonaniro n'ibyajyaniranaga naryo byose byagombaga gusa n'ibyo yeretswe. {Ub 34.2}

Uko ni ko Abisirayeli abo Imana yifuzaga guturamo, nabo yabahishuriye urugero ruhebuje rw'imico mbonera yashakaga ko bageraho. Baherewe icyitegererezo ku musozi ubwo amategeko yatangirwaga kuri Sinayi n'igihe Imana yanyuraga imbere ya Mose maze ikavuga iti: "Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." Kuva 34:6. {Ub 34.3}

Ariko muri bo ubwabo, nta mbaraga bari bafite zo kugera kuri urwo rugero Imana ibashakira. Ihishurwa ryabereye ku musozi wa Sinayi ryashoboraga kubumvisha ubukene bwabo n'uburyo ari impezamajyo. Ikindi cyigisho ihema ry'ibonaniro ryagombaga kwigisha binyuze mu murimo wabukorerwagamo wo gutamba, ni icyigisho cyo kubabarirwa icyaha ndetse n'imbaraga zitangwa n'Umukiza zibashisha umuntu kumvira guhesha ubugingo. {Ub 35.1}

Muri Kristo ni ho hajyaga kuzasohorezwa umugambi w'icyo ihema ry'ibonaniro ryashushanyaga. Iyo nyubaho y'agahebuzo, yari ifite inkuta zisizwe izahabu yatunganijwe yarabagiranaga nk'umukororombya, amabara y'imyenda yo muri ryo ashushanijweho abakerubi, impumuro y'umubavu yatamaga mu buturo bwose, abatambyi babaga bambaye amakanzu yera de, atagira inenge. Ahera cyane hari ubwiru bukomeye: hejuru y'intebe y'ihongerero, hagati y'abamarayika bari bubitse imitwe baramya, hari ubwiza bw'Imana yera. Muri ibyo byose, Imana yashakaga ko ubwoko bwayo busoma bugasobanukirwa umugambi ifitiye ubugingo bw'umuntu. Hashize imyaka myinshi, uwo mugambi ni wo intumwa Pawulo yagaragaje ubwo yavugaga ashorewe n'Umwuka Wera agira ati: {Ub 35.2}

"Ntimuzi yuko muri urusengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w'Imana aba muri mwe? Umuntu usenya urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba, kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe." 1 Abakorinto 3:16,17. {Ub 35.3}

Imana yahaye Abisirayeli amahirwe atangaje kandi ibahesha icyubahiro kidasanzwe igihe yabagiriraga icyizere ikabashinga kubaka ubuturo bwera. Inshingano yabo kandi nayo yari ikomeye cyane. Inyubako ifite ubwiza butagereranywa, yasabaga ibikoresho bihenze cyane n'ubuhanga buhanitse kugira ngo yubakwe, yagombaga guhagarikwa mu butayu n'abantu bari bavuye mu bubata bwo muri Egiputa. Icyo gikorwa cyasaga n'ikirenze ubushobozi bw'umwana w'umuntu. Ariko uwari watanze igishushanyombonera cy'iyo nyubako yari yasezeranye gufatanya n'abubatsi. {Ub 35.4}

"Uwiteka abwira Mose ati: 'Dore, mpamagaye mu izina Besaleli, mwene Uri, ya Huri, wo mu muryango wa Yuda: mwuzuza Umwuka w'Imana ngo agire ubwenge bwo guhimba n'ubwo gutora, n'ubuhanga n'ubukorikori bwose.... Nanjye dore mushyiranyeho Oholiyabu,

mwene Ahisamaki, wo mu muryango wa Dani. Kandi mu mitima y'abahanga bose nashyizemo ubwenge ngo bakore ibyo nagutegetse." Kuva 31:1-6. {Ub 36.1}

Mbega ishuri ry'ubukorikori ryari mu butayu, kandi abigisha muri ryo bakaba bari Kristo n'abamarayika! {Ub 36.2}

Mu myiteguro yo kubaka ubwo buturo bwera no kunonosora inyubako, abantu bose bagombaga gufatanya. Wari umurimo usaba gukoresha intekerezo n'amaboko icyarimwe. Hari hakenewe ibikoresho byinshi kandi buri muntu wese yari yasabwe gutanga nk'uko umutima we umuhata. {Ub 36.3}

Uko ni ko haba mu murimo ndetse no mu gutanga, abantu bigishijwe gukorana n'Imana ndetso no gukorana hagati yabo ubwabo. Na none kandi bagombaga gukorana mu kwitegura kubaka inyubako y'umwuka ari yo rusengero rw'Imana mu bugingo bw'umuntu. {Ub 36.4}

Uhereye igihe batangiraga urugendo rwabo bava mu Misiri, hari haragiye hatangwa ibyigisho byinshi byo kubigisha no kubatoza. Na mbere y'uko bahaguruka mu Misiri, hashyizweho gahunda y'agateganyo bazagenderaho, kandi abantu bashyizwe mu matsinda afite abayobozi bashinzwe kuyayobora. Ku musozi wa Sinayi ni ho gushyirwa kuri gahunda y'uko bitwara byasorejwe. Gahunda idakebakeba yagaragariraga mu mirimo y'Imana yose, yagombaga gukurikizwa n'Abisirayeli. Imana ni yo yari ishingiro ry'ubutware n'ubutegetsi bw'Abisirayeli. Naho Mose, nk'uwari uhagarariye Imana, yari ashinzwe gushyira amategeko mu bikorwa mu izina ry'Imana. Hagakurikiraho inama yari igizwe n'abantu mirongo irindwi, hagakurikiraho abatambyi n'ibikomangoma, munsi yabo hakaba abandi nk'uko tubisanga mu Kubara 11:16,17 no mu Gutegeka 1:15 ngo: "Bamwe batware igihumbi igihumbi, abandi ijana ijana, abandi mirongo itanu itanu, abandi icumi icumi." Ku iherezo hashyizweho abatware bafite inshingano zihariye. Inkambi yari yubatswe kuri gahunda inoze, hagati hari ihema ry'ubuturo bw'Imana, aharikikije hari amahema y'abatambyi n'Abalewi. Hirya y'ayo mahema, buri muryango waturaga iruhande rw'ibendera ryawo. {Ub 36.5}

Amategeko adakebakeba yerekeye isuku yashyizweho kandi arashimangirwa. Ayo mategeko yahawe abantu atari uko ari ngombwa ku buzima bwabo gusa, ahubwo cyari icyangombwa kigomba kuba cyujujwe kugira ngo Imana yera ikomeze kuba hagati muri bo. Kubw'ububasha yari ahawe n'Imana, Mose yarababwiye ati: "Kuko Uwiteka Imana yawe igendera hagati y'aho muganditse kugira ngo igukize,... ni cyo gituma aho mu ngando hakwiriye kuba ahera kugira ngo itababonamo ikintu cyose giteye isoni, igahindukira ikabavuma." Gutegeka kwa kabiri 23:14. {Ub 37.1}

Uburezi bw'Abisirayeli bwari bukubiyemo ibyo bagombaga kugira akamenyero byose mu buzima. Ikintu cyose cyari cyerekeye imibereho myiza y'Abisirayeli cyari kimwe mu byo Imana yabasabaga, ndetse cyazaga mu bigize umugabane w'amategeko yayo. Ndetse n'igihe Imana yabahaga ibyokurya, yabatoranyirizaga ibibafitiye akamaro cyane. Manu Imana yabagaburiye mu butayu yari iteye ku buryo yatumaga bagira imbaraga z'umubiri, intekerezo n'ubwenge ndetse n'iz'imico mbonera. Nubwo benshi muri bo bigometse ku mabwiriza y'imirire bari bahawe maze bakifuza kubyo baryaga kera, bakavuga bati: "Tukicaye ku nkono z'inyama, tukirya ibyokurya tugahaga," (Kuva 16:3), ubwenge Imana yari yakoresheje ubwo yabahitiragamo bwashyigikiwe ku buryo batashoboraga kugira icyo babuhinyura. Nubwo bahuye n'ubuzima butaboroheye bwo mu butayu, nta muntu n'umwe mu miryango yabo yose wari unanutse cyangwa ngo agire intege nke. {Ub 37.2}

Mu ngendo zabo zose, isanduku yarimo amategeko y'Imana yabarangazazaga imbere. Aho bagombaga kubamba amahema bahabwirwaga n'uko ya nkingi y'igicu yamanukaga. Igihe cyose igicu cyabaga kikiri hejuru y'ihema ry'ibonaniro, bakomezaga gukambīka. Iyo igicu cyazamukaga, barahagurukaga bagakomeza urugendo. Guhagarara no guhaguruka kwabo byagaragazwaga no gutakambira Imana. "Iyo isanduku yendaga guhaguruka, Mose yaravugaga ati: "Uwiteka, haguruka ababisha bawe batatane, abanzi bawe baguhunge. Yahagarara, akavuga ati: 'Uwiteka, garukira inzovu z'ibihumbi by'Abisirayeli." Kubara 10:35, 36. {Ub 38.1}

Uko abantu bagendaga mu butayu, hari ibyigisho byinshi by'agaciro byacengeye mu bwenge bwabo binyujijwe mu ndirimbo baririmbaga. Igihe bari barokotse ingabo za Farawo, ingabo zose z'Abisirayeli zahanikiye amajwi icyarimwe ziririmba intsinzi. Hakurya y'ubutayu n'inyanja humvikanaga za nyiramubande z'amajwi y'abikiranyaga kubera ibyishimo, bityo imisozi nayo ikirangira amajwi yo gusingiza bagira bati: "Muririmbire Uwiteka, kuko yanesheje bitangaje." Kuva 15:21. Akenshi iyo bagendaga, baririmbaga iyo ndirimbo, ikabamara ubwoba kandi igakomeza ukwizera kw'abagenzi. Amategeko uko yatangiwe ku musozi wa Sinayi, ndetse n'amasezerano y'uko Imana izabagirira ubuntu ndetse n'ibyanditswe bivuga imirimo itangaje Uwiteka yakoze abacungura, ibyo byose babwirijwe n'Imana kubicisha mu ndirimbo, ndetse babiririmbaga bacuranga n'ibikoresho bicurangwa, abantu bakagenda bakimbagira uko amajwi yungikanyaga basingiza Imana. {Ub 38.2}

Uko ni ko ibitekerezo byabo byazamurwaga bikava ku bigeragezo no mu ngorane bahuraga na zo mu nzira, bityo umwuka wo kubura amahwemo ukoroshwa kandi ugatururukwa. Amahame y'ukuri yacengeraga mu ntekerezo zabo, bityo ukwizera kwabo kugakomera. Kumvikana ku bigomba gukorwa kwabigishije gahunda n'ubumwe, kandi abantu barushijeho kwegerezwa Imana no gusabana hagati yabo ubwabo. {Ub 38.3}

Ku byerekeye ibyo Imana yakoreye Abisirayeli mu myaka mirongo ine bazerera mu butayu, Mose yabivuzeho agira ati: "Emeza mu mutima wawe yuko Uwiteka Imana yawe iguhanisha ibihano, nk'uko umuntu ahana umwana we;" "Ujye witondera amategeko y'Uwiteka Imana yawe, ugendere mu nzira ikuyoboye, uyubahe." "... Imenya ibyo mu mutima wawe, yuko wakwitondera amategeko yayo cyangwa utayitondera." Gutegeka 8:5, 2. {Ub 39.1}

"Ubwo bwoko yabubonye mu gihugu kidaturwamo, mu butayu butarimo abantu, iwabo w'inyamaswa zihuma; arabugota, arabukuyakuya, aburinda nk'imboni y'ijisho rye. Nk'uko ikizu gikangura ibyana bacyo, kigahungiriza amababa hejuru yabyo, kigatanda amababa kikabijyana, kikabiheka ku mababa yacyo, ni ko Uwiteka yari umuyobora wabwo wenyine." Gutegeka kwa Kabiri 32:10-12. {Ub 39.2}

"Kuko yibutse ijambo rye ryera, na Aburahamu umugaragu we. Akurayo ubwoko bwe bwishimye, intore ze azikurayo zirariririmba. Abaha ubutaka bw'abanyamahanga, batwara iby'abanyamahanga baruhiye: bibera bityo kugira ngo bitondere amategeko ye, bakurikize ibyo yategetse." Zaburi 105:42-45. {Ub 39.3}

Imana yahaye Isirayeli ibyangombwa byose n'amahirwe yose ashoboka kugira ngo bashobore kubahisha izina ryayo no kubera umugisha amahanga abazengurutse. Yabasezeraniye kubasumbisha "ayandi amahanga yaremye yose," bakayarusha "gushimwa no kogera no kubahwa", igihe bari kugendera mu nzira zo kubaha. Uwiteka yaravuze ati: "Amahanga yo mu isi yose azabona ko witiriwe izina ry'Uwiteka, agutinye." Amahanga azumva ayo mategeko yose, azavuga ati: "Ni ukuri iri shyanga rikomeye ni ubwoko bw'ubwenge n'ubuhanga." Gutegeka 26:19; 28:10; 4:6. {Ub 39.4}

Mu mategeko yahawe Isirayeli, harimo amabwiriza yerekeye uburezi asobanutse neza. Imana yari yarihishuriye Mose ku musozi wa Sinayi ko ari "Imana y'ibambe, n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." Kuva 34:6. Ababyeyi b'abagabo n'abagore bo mu Bisirayeli bagombaga kwigisha abana babo ayo mahame yari akubiye mu mategeko y'Imana. Mose abibwirijwe n'Imana yabwiye Abisirayeli ati: "Aya mategeko ngutegeka uyu munsi, ahore ku mutima wawe, ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe. Ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira, n'uko uryamye, n'uko ubyutse." Gutegeka kwa kabiri 6:6,7. {Ub 39.5}

Ntabwo ibyo bintu byagombaga kwigishwa nk'abigisha amabwiriza n'amategeko mu magambo gusa. Abagombaga kwigisha ukuri nabo basabwaga kuba intangarugero bashyira amahame yako mu bikorwa. Bashoboraga kugira impinduka bateza ku bandi binyuze gusa mu kugaragariza imico y'Imana mu butungane, kwiha agaciro no kutikanyiza birangwa mu mibereho yabo bwite. {Ub 40.1}

Uburezi nyakuri si ugucengeza amabwiriza mu bwonko bw'abantu butiteguye kandi budashaka kuyakira. Imbaraga z'ubwenge zigomba gukangurwa, kandi umuntu agakundishwa ibyo agiye kwiga. Uburyo bw'Imana bwo kwigisha ni bwo bwagennye ibi. Uwaremye intekerezo kandi agashyiraho amategeko azigenga, yanagennye uburyo zishobora gukura hakurikijwe ayo mategeko azigenga. Mu muryango no mu buturo bwera, ku byaremwe no ku bintu by'ubukorikori, mu murimo no mu birori, ku nyubako yera no ku ibuye ry'urwibutso, mu buryo bwinshi n'imihango n'ibimenyetso bitabarika, ibyo byose Imana yarabyifashishaga ikigisha Abisirayeli amahame yayo no kugira ngo bajye bahora bibuka imirimo itangaza yakoze. Uko ni ko ubwo habagaho gusaba, amabwiriza yatanzwe yakoze ku ntekerezo no ku mutima. {Ub 40.2}

Mu gutegura gahunda y'uburezi ku bwoko bwatoranyijwe, bigaragara neza ko ubuzima bushingiye ku Mana ari bwo buzima bwuzuye. Ikintu cyose cyifuzwa Imana yashyizeho, itanga n'uburyo bwo kugira ngo gikemuke; kandi ubushobozi bwose yahaye umuntu, ishaka uko bwatezwa imbere. {Ub 40.3}

Umuremyi w'ibyiza byose, na we ubwe akunda ibyiza bibereye ijisho. Imana kandi yateguriye abana bayo gushimishwa no gukunda ibyiza bibereye ijisho. Yatanze ibyangombwa kandi bikwiranye n'ibyo bakenera mu mibanire yabo, iby'imikoranire yabo yuje urukundo no gufashanya kandi ikora ibikomeye cyane kugira ngo yimakaze ubugiraneza, ndetse no kugira ngo ubuzima burusheho kunezeza no kuryohera abantu. {Ub 41.1}

Nk'uburyo bumwe bwakoreshwaga mu burezi, iminsi mikuru yategurwaga mu Bisirayeli na yo yagiraga umwanya w'ingenzi. Mu buzima busanzwe, umuryango wabaga ishuri kandi ukaba n'urusengero. Icyo gihe ababyeyi babaga ari abigisha mu by'imibereho isanzwe no mu by'iyobokamana. Ariko hashyizweho ibihe bitatu mu mwaka byo guhura kw'abantu bakaganira kandi bakaramya Imana. Ayo materaniro yabanzaga kubera i Shilo, hanyuma akazakomereza i Yerusalemu. Ababyeyi b'abagabo n'abahungu bonyine ni bo bari basabwe kujya muri ayo materaniro; ariko nta muntu n'umwe wifuzaga gucikwa n'amahirwe yo kujya mu minsi mikuru, kandi uko bishoboka kose, ab'umuryango bose barayitabiraga; kandi bajyanaga n'umushyitsi, n'Umulewi n'umukene babaga bacumbikiye. {Ub 41.2}

Urugendo rwo kujya i Yerusalemu rwari rushimishije cyane. Bagendaga barimbye mu buryo budasamaje nk'uko abakurambere babo bambaraga. Bagendaga mu gihe cyiza cy'itumba, mu gihe gikungahaye cyegera hagati mu mpeshyi, cyangwa mu bihe bishyira isarura rikurikira umuhindo. Kuva ku bana bato kugeza ku basaza bafite imvi, bose bazaga guhurira n'Imana mu ngoro yayo yera bitwaje amaturo yo gushima. Mu gihe babaga bagenda, ababyeyi b'Abaheburayo batekerereza abana babo ubuzima bahuye na bwo mu bihe

byashize, kandi abakuru n'abato bose bakundaga izo nkuru. Baririmbaga indirimbo zagiye zitera ubutwari abakurambere babo mu bihe bazereraga mu butayu. Kandi baririmbaga amategeko y'Imana, kandi izo ndirimbo zifatanije no kwitegereza ubwiza bw'ibyaremwe ndetse n'uko abantu bari bafatanyije mu mwuka wo kwiyoroshya, izo ndirimbo zaracengeraga zigashinga imizi mu bwenge bw'abana n'abasore benshi. {Ub 41.3}

Imihango yaberaga i Yerusalemu yabaga ifitanye isano n'umuhango wakorwaga ku munsi mukuru wa Pasika, - byaba iteraniro rya nijoro, abagabo bakenyeje imikandara, bakwese inkweto, bafashe inkoni mu ntoki, byaba ibyokurya byaribwaga vuba vuba, umwana w'intama, umutsima udasembuwe n'imboga zirura, uko habaga ituza rikomeye maze muri ryo bakumva igitekerezo kivuga iby'amaraso yamishwaga ku nkomanizo z'umuryango, igitekerezo cya marayika murimbuzi, ndetse n'ukuntu bavuye mu gihugu cy'uburetwa, - ibyo byose byari bigamije gukangura intekerezo no gukora ku mitima yabo. {Ub 42.1}

Iminsi mikuru y'Ingando, umunsi mukuru w'umuganura n'amaturo yawuturwagaho aturutse mu mirima y'imbuto n'indi myaka babaga bejeje, uko bamaraga icyumweru bakambitse mu tururi tw'ibyatsi, kongera guhura kw'abantu baturutse impande zose, umuhango wera wo kwibuka ndetse n'uko bagiriraga ubuntu abakozi b'Imana ari bo Balewi babaga mu buturo bwera kandi bakakira n'abana bayo ari bo banyamahanga n'abakene, ibyo byose byatumaga abantu bose bashima Imana yabagiriye neza mu mwaka wose, kandi kubw'inzira zayo ikaba yarabahaye gutunga no gutunganirwa. {Ub 42.2}

Buri mwaka, Umwisirayeli wese witanze yamaraga ukwezi kose ari muri iyo mihango. Cyabaga ari igihe cyo guta umuruho kandi kitarangwa no guhagarika umutima, ndetse icyo gihe hafi ya cyose kigaharirwa ibyerekeye uburezi. {Ub 42.3}

Muri gahunda yashyizweho yo kugabanya ubwoko bwayo umurage wabwo, Imana yari ifite umugambi wo kubigisha, ndetse no kubakoresha bakazigisha abo mu bisekuru iby'amahame atunganye yerekeye umutungo w'ubutaka. Igihugu cy'i Kanāni cyagabanijwe Abisirayeli bose, uretse Abalewi gusa kuko bo bari bafite inshingano yo gukora mu buturo bwera. Nubwo umuntu yashoboraga kwatisha isambu ye igihe rukana, ntiyashoboraga kugurisha burundu gakondo y'abana be. Iyo umuntu yagiraga impamvu zituma agurisha gakondo ye, igihe cyose yabaga afite uburenganzira bwo kuyicungura. Buri mwaka wa karindwi wabaga umwaka wo guharira imyenda yose, kandi buri mwaka wa mirongo itanu, cyangwa umwaka wa Yubile, imitungo yose itimukanwa yasubizwaga bene yo. Uko ni ko umuryango wose wabaga utekaniye mu mutungo wawo, kandi hakabaho uburyo bwo kurinda abantu ngo batajya mu bukire bw'indengakamere cyangwa mu bukene bukabije. {Ub 42.4}

Nk'uko byari bimeze ku baturage bo muri Edeni, mu kugabanya igihugu cy'i Kanāni Abisirayeli bose, Imana yabahaye gukora umurimo w'ingezi wo kubafasha gutera imbere

ari wo wo kwita ku bimera n'amatungo (cyangwa se ubuhinzi n'ubworozi). Hateganyijwe kandi n'umwanya w'uburezi aho imirimo y'ubuhinzi yahagararaga mu mwaka wose wa karindwi, amasambu akarazwa kandi ibyimezaga muri yo bikarekerwa abakene. Uko ni ko hatanzwe amahirwe kugira ngo abantu babone umwanya uhagije wo kwiga, bahure na bagenzi babo kandi baramye Imana, kandi bagire umwanya wo kwimenyereza ibikorwa by'ubugiraneza, kuko wasangaga akenshi bidahabwa umwanya bitewe no guhangayikishwa n'imibereho itoroshye n'imirimo ivunanye. {Ub 43.1}

Iyaba mu isi ya none amahame yo mu mategeko ry'Imana yerekeye gusaranganya umutungo yubahirizwaga, mbega ukuntu imibereho y'abantu yahinduka! Gukurikiza ayo mahame byakumira ibibi bikabije byagiye bikomoka ku gukandamizwa kw'abakene mu bihe byose bikozwe n'abakire, ndetse no ku rwango abakene banga abakire. Nubwo ayo mahame yabangamira kwirundanyaho ubutunzi bwinshi, yahagarika ubujiji no gusigingira kw'abantu ibihumbi byinshi bakora imirimo ivunanye ariko bagahembwa intica ntikize hagamijwe kwirundanyaho imitungo. Gukurikiza ayo mahame byafasha mu gutanga umuti mwiza w'ibibazo bigiye gushyira isi mu kaga k'imiyoborere mibi no kumena amaraso. {Ub 43.2}

Kwegurira Imana icyacumi cy'ibyo wungutse, byaba bivuye mu mirima y'imbuto, ku musaruro w'indi myaka, ku matungo, ku gihembo cy'umurimo w'amaboko cyangwa uwo ukoresha ubwenge ndetse no gutanga icyacumi cya kabiri kikegurirwa kugoboka abakene no gukoreshwa mu bindi bikorwa by'ubugiraneza, byatumaga abantu bahora bibuka ko ibintu byose ari iby'Imana, kandi bakibuka n'amahirwe bafite yo kuba imiyoboro Imana inyuzamo imigisha yayo. Uko kwari ukwigishwa kwari kugamije kurandura ubwikanyize bwose, no kwimakaza imico myiza izirikana abandi kandi irangwa n'ubupfura. {Ub 44.1}

Kumenya Imana, gusābāna na Yo igihe umuntu yiga n'igihe ari ku murimo, gusa na Yo mu mico, ibyo byose byagombaga kuba isoko, uburyo ndetse n'intego by'uburezi bw'Abisirayeli. Bwari uburezi Imana yagezaga ku babyeyi; maze nabo bakabuha abana babo. {Ub 44.2}

6. AMASHURI Y'ABAHANUZI

"Bicaye imbere y'ibirenge byawe, umuntu wese wo muri bo azemera amagambo yawe." Gutegeka kwa kabiri 33:3.

Muri Isirayeli ahantu hose gahunda y'Imana yerekeye uburezi yashyirwaga mu bikorwa, umusaruro yatangaga wahamyaga ubuhanga bw'Uwayihanze. Nyamara mu miryango myinshi uburyo bwo kurera bwashyizweho n'Ijuru ndetse n'imico yakomokaga muri ubwo burezi byari inkehwe. Umugambi w'Imana wasohojwe by'igice no mu buryo budatunganye. Kubera kutizera ndetse no gusuzugura amabwiriza y'Imana, Abisirayeli bigotesheje ibishuko bikomeye ku buryo bake cyane ari bo bashoboraga kubitsinda. Bamaze gutura mu gihugu cy'i Kanāni, "ntibarimbura amahanga Uwiteka yategetse kurimbura: Ahubwo bivanga n'amahanga, biga ingeso zayo. Bakoreraga ibishushanyo by'ibigirwamana byayo, bibahindukira ikigoyi. Imitima yabo ntiyari itunganye imbere y'Imana." "Kuko imitima yabo itayitunganiye, kandi batari abanyamurava mu isezerano ryayo. Ariko yo kuko yuzuye imbabazi, ibabarira gukiranirwa kwabo, ntiyabarimbura, kandi kenshi isubiza inyuma uburakari bwayo, ntikangure umujinya wayo wose: Nuko yibuka ko ari abantu buntu, n'umuyaga uhita ntugaruke." Zaburi 106:34-36; Zaburi 76:37-39. Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore muri Isirayeli babaye ba ntibindeba mu byerekeye inshingano yabo ku Mana no ku bana babo. Kubera kutubaha Imana mu miryango yabo ndetse n'ibyabareherezaga gusenga ibigirwamana byari ahabazengurutse, benshi mu rubyiruko rw'Abaheburayo rwafashe uburere butandukanye by'ihabya n'ubwo Imana yari yarabageneye. Bize gukurikiza inzira z'abapagani. {Ub 45.1}

Mu rwego rwo guhangana n'icyo cyago cyarushagaho kwiyongera, Imana yashyizeho ubundi buryo bwo gufasha ababyeyi mu murimo w'uburezi. Kuva mu bihe bya kera, byari bizwi ko abahanuzi ari abigisha bashyizweho n'Imana. Mu mvugo yumvikana cyane, umuhanuzi yari umuntu wavugaga ibyo yeretswe n'Imana, akabwira abantu ubutumwa yahawe n'Imana. Ariko iryo zina ry'abigisha ryahabwaga n'abandi bantu, nubwo batabagaga bahishuriwe n'Imana mu buryo butaziguye, babaga barahamagawe n'Imana kugira ngo bigishe ubwoko bwayo iby'imirimo n'inzira zayo. Kugira ngo itsinda rya bene abo bigisha ritozwe, Samweli abibwirijwe n'Imana, yashinze amashuri y'abahanuzi. {Ub 45.2}

Ayo mashuri yashyiriweho kuba uruzitiro rukumira kononekara kwagendaga kuba gikwira, no kugira ngo asigasire imibereho myiza mu by'ubwenge n'iby'umwuka ku rubyiruko, kandi ateze imbere kugubwa neza kw'ishyanga binyuze mu kuriha abantu bujuje ibyangombwa byo gukora imirimo neza bubaha Imana nk'abayobozi n'abajyanama b'ishyanga. Kugira ngo ibyo bigerweho, Samweli yashyize hamwe urubyiruko rugizwe n'abasore bubahaga Imana, b'abahanga kandi bakunda kwiga. Abo basore bitwaga abana

b'abahanuzi. Iyo bigaga Ijambo ry'Imana n'iby'imirimo yakoze, ububasha bwayo butanga ubugingo bwakanguraga imbaraga z'ubwenge n'ubugingo, bityo abigishwa bakakira ubwenge buva mu ijuru. Ntabwo abigisha babaga baracengewe n'ukuri kw'Imana gusa, ahubwo na bo ubwabo basabanaga n'Imana, kandi barasukiwe Mwuka Wera mu buryo budasanzwe. Abantu barabubahaga kandi bakabizera bitewe n'ubwenge babaga bafite ndetse no kubaha Imana. Mu gihe cya Samweli hariho amashuri abiri y'abana b'abahanuzi: Rimwe ryari i Rama irindi riri ahitwa Kirijati-Yerima. Hanyuma haje gushingwa n'andi mashuri. {Ub 46.1}

Abigishwa bo muri ayo mashuri bikenuzaga ibivuye mu byo bakoraga ubwabo: Barahingaga cyangwa bagakora indi mirimo y'amaboko. Muri Isirayeli, bene ibyo ntibyari inzaduka cyangwa ngo bibe bigayitse; ahubwo kureka abana bagakura batazi gukora umurimo w'amaboko ufite akamaro byafatwaga ko ari icyaha. Buri mwana wese wo mu kigero cy'urubyiruko, nubwo yabaga afite ababyeyi bakize cyangwa se bakennye, byabaga ngombwa kumwigisha umwuga runaka. Nubwo umwana yagombaga kwigishwa ngo azakore umurimo wera, kumenya imirimo yo mu buzima busanzwe byabaga ari ingenzi kugira ngo azarusheho kuba ingirakamaro. Ndetse ba benshi mu bigisha batungwaga n'imirimo y'amaboko bikoreraga. {Ub 46.2}

Mu miryango no mu mashuri, inyigisho nyinshi zatangwaga mu magambo gusa; ariko kandi urubyiruko rwigishwaga gusoma inyandiko z'Igiheburayo, kandi babaramburiraga n'imizingo y'Ibyanditswe byo mu Isezerano rya Kera kugira ngo babyige. Mu mashuri y'abana b'abahanuzi, amasomo y'ingenzi yari aya: Amategeko y'Imana, amabwiriza Mose yahawe, amateka yera, indirimbo zisingiza Uwiteka n'ibisigo. Mu nyandiko zavugaga iby'amateka yera hagaragaragamo ibimenyetso byerekana intambwe z'Uwiteka. Bibutswaga ukuri gukomeye kwagaragarizwaga mu byashushanywaga mu mihango yakorerwaga mu buturo bwera, kandi ukwizera kwabo kwasingiraga intego shingiro y'iyo gahunda yose ari yo: Ntama w'Imana wagombaga gukuraho ibyaha by'abari mu isi. Bamenyerezaga abigishwa kugira umutima wo kwiyegurira Imana. Ntibigishwaga inshingano bafite yo gusenga gusa, babigishaga n'uko basenga, uko begera Umuremyi wabo, uko bakwitoza kumwizera, ndetse n'ukuntu basobanukirwa kandi bakumvira inyigisho za Mwuka w'Imana. Ubwenge bwababaga bwejejwe bwavomaga mu nzu y'ubutunzi y'Imana bugakuramo ubumenyi bwa kera n'ubushya, kandi Mwuka w'Imana yigaragarizaga mu buhanuzi no mu ndirimbo zera. {Ub 47.1}

Ayo mashuri yagaragaye ko ari bumwe mu buryo butanga umusaruro cyane mu kwimakaza kwa gukiranuka "gushyira ubwoko hejuru." Imigani 14:34. Ayo mashuri yafashije cyane mu gushinga urufatiro rwa kwa kugubwa neza gutangaje kwaranze ingoma ya Dawidi n'iya Salomo. {Ub 47.2}

Amahame yigishwaga muri ayo mashuri y'abahanuzi ni yo yatunganyije imico ya Davidi kandi igorora imibereho ye. Ijambo ry'Imana ryamubereye umwigisha. Yaravuze ati: "Amategeko wigishije ampesha guhitamo ... Nshyize umutima wanjye ku gusohoza amategeko yawe." Zaburi 119:104, 112. Ibi ni byo byateye Uwiteka guhamagarira Dawidi kwima ingoma akiri umusore, kandi akavuga ko ari " umuntu umeze nk'uko umutima [we] ushaka." Ibyakozwe n'Intumwa 13:22. {Ub 48.1}

Imyigishirize yo mu mashuri yahanzwe n'Imana igaragarira mu buzima bwa Salomo akiri muto. Salomo akiri umusore yahisemo nk'uko Dawidi yahisemo. Yasabye Imana umutima w'ubwenge no gusobanukirwa abirutisha ibindi bintu byiza byose byo ku isi. Nuko Imana nayo ntiyamuha ibyo yasabye gusa, ahubwo imwongereraho n'ibyo atayisabye: imuha ubutunzi n'icyubahiro. Ubwenge bwe, kwamamara k'ubumenyi bwe n'icyubahiro yagize ari ku ngoma, byahindutse ibitangarirwa mu bitangaza byo ku isi. {Ub 48.2}

Ku ngoma y'umwami Dawidi no ku ya Salomo, Isirayeli yageze ku rwego ruhanitse rwo gukomera ihinduka ikirangirire ku isi. Isezerano Imana yahaye Aburahamu kandi rikaza gusubirwamo rinyujijwe muri Mose ryasohoye uko ryakabaye. Iryo sezerano ryaravugaga riti: "Nimugira umwete wo kwitondera ayo mategeko mbategeka yose, mukayumvira ngo mukunde Uwiteka Imana yanyu, mugendere mu nzira ibayoboye zose, mwifatanya na yo akaramata; Uwiteka azirukana ya mahanga yose imbere yanyu, muhindure amahanga abarusha gukomera kandi abarusha amaboko. Ahantu hose muzakandagira hazaba ahanyu, urugabano rwanyu ruzahera ku butayu, rugeze kuri Lebanoni, kandi ruzahera ku ruzi Ufurate, rugeze ku Nyanja y'iburengerazuba. Ntihazagira umuntu ubasha kubahagarara imbere. Uwiteka Imana yanyu izateza ubwoba igihugu muzakandagiramo cyose, ngo babatinye, uko yababwiye." Gutegeka 11:22-25. {Ub 48.3}

Ariko hari akaga kari kihishe muri uko kugubwa neza. Icyaha umwami Dawidi yakoze hanyuma, nubwo yacyihannye abikuye ku mutima kandi akagihanirwa bikomeye, cyatije ubwoko bw'Abisirayeli umurindi bituma bica amategeko y'Imana. Nyuma yo gutangirana ingoma isezerano rikomeye rityo, ubuzima bwa Salomo bwaje guhindanywa n'ubuhakanyi. Inyota yo kugira ububasha bukomeye mu bya politiki ndetse no kwishyira hejuru byamuteye kwifatanya n'amahanga y'abapagani. Nuko areka ubupfura bwe maze agambanira ibyera yaragijwe kugira ngo aronke ifeza z'i Tarushishi n'izahabo nziza ya Ofiri. Kwifatanya n'abasenga ibigirwamana no gushaka abagore b'abapagani byahindanyije ukwizera kwe. Uko ni ko inzitiro Imana yari yarubatse kugira ngo ikingire ubwoko bwayo zasenyutse maze Salomo yiyegurira gusenga ibigirwamana. Mu mpinga y'umusozi w'Imyelayo, ahateganye n'Ingoro y'Uwiteka, hari hubatswe amashusho manini cyane ndetse n'ibicaniro byagenewe imihango yo gusenga ibigirwamana by'abapagani. Ubwo Salomo yarekaga kubaha Imana, yananiwe kwitegeka. Ibyari imitekerereze ye myiza byaje guhinduka ibihuri. Umwuka

w'ubushishozi no kwigengesera waranze itangira ry'ingoma ye waje guhinduka. Ubwibone, kurarikira, kwaya umutungo no gutwarwa n'ibyo ararikira byaje kubyara gusharirira abaturage no kubakoresha agahato. Umuntu wari warigeze kuba umuyobozi w'umunyakuri, umugwaneza kandi wubahaga Imana, yaje guhinduka utoteza ubwoko bwe ari na ko abutegekesha igitugu. Uwari warasabiye ubwoko bwe ko imitima yabwo yakwegurirwa Uwiteka burundu igihe batahaga ingoro y'Imana, ni we waje guhinduka umushukanyi w'ubwo bwoko yatakambiraga. Salomo yitesheje agaciro, asuzuguza Isirayeli ndetse n'Imana. {Ub 48.4}

Ishyanga yari yarigeze kwishimira akarirata, ryaje gukurikiza inzira yariyoboye. Nubwo hanyuma yaje kwihana, ntibyabujije ko ikibi yabibye mu bantu cyera imbuto. Umurongo ngenderwaho Imana yari yarahaye Isirayeli wagombaga gutuma, mu mibereho yabo yose, Abisirayeli baba ubwoko butandukanye n'andi mahanga. Uku kuba abantu badasanzwe b'umwihariko byagombaga kuba byarafashwe nk'amahirwe adasanzwe n'umugisha ariko ntibakwakiriye. Kwicisha bugufi no kwitegeka byo rufatiro rw'iterambere rihanitse, bashatse kubigurana kwiyerekana, kwishyira hejuru no gusayisha byarangwaga mu moko y'abapagani. Umugambi wabo wari uwo "kuba nk'andi mahanga." (Reba 1 Samweli 8:5). Umugambi w'Imana werekeye uburezi warirengagijwe, kandi ubutware bwayo barabugandira. {Ub 49.1}

Kugwa kwa Isirayeli kwatangiriye mu kwanga inzira z'Uwiteka bagahitamo gukurikirainzira imigenzereze y'abantu. Byakomeje bityo, kugeza ubwo ubwoko bw'Abayuda buhinduka umuhīgo w'amahanga bwari bwarahisemo gukurikiza imigenzo yayo. {Ub 50.1}

Nk'ishyanga, abana b'Isirayeli bananiwe kwakira imigisha Imana yashakaga kubaha. Ntabwo bashimishijwe n'umugambi yari ibafitiye cyangwa ngo bakorane na Yo mu kuwushyira mu bikorwa. Ariko nubwo abantu bamwe na bumwe (cyangwa amahanga atari amwe) bahitamo kwitandukanya na Yo, umugambi Imana ifitiye abayiringira ntuhinduka. "Nzi yuko icyo Imana ikora cyose kizahoraho iteka ryose." Umubwiriza 3:14. {Ub 50.2}

Nubwo hari intera zitari zimwe z'iterambere hakaba no kwigaragaza gutandukanye k'ububasha bw'Imana kugira ngo ikemure ubukene bw'abantu bo mu bihe bitandukanye, mu bihe byose umurimo w'Imana ntiwigeze uhinduka. Umwigisha aracyari wa wundi. Imico y'Imana n'imigambi idufitiye ni bimwe. Yakobo yavuze ibye ati: "Gutanga kose kwiza n'impano yose itunganye bituruka kuri Se w'imicyo udahinduka, cyangwa ngo agire igicucu cyo guhinduka," Yakobo 1:17. {Ub 50.3}

Ibyabaye ku Bisirayeli byandikiwe kugira ngo bitwigishe. "Ibyo byabereyeho kutubera akabarore kandi byandikiwe kuduhugura, twebwe abasohoreweho n'imperuka y'ibihe." 1

Abakorinto 10:11. Haba kuri twe kimwe n'uko byari bimeze ku Bisirayeli ba kera, kugera ku ntego mu burezi bishingira ku budahemuka mu gukurikiza umugambi w'Imana. Gukurikiza amahame y'ijambo ry'Imana bizatuzanira imigisha myinshi nk'uko byari kuyihesha ishyanga ry'Abaheburayo. {Ub 50.4}

7. IMIBEREHO Y'ABANTU BABAYE IBIRANGIRIRE

"Imbuto z'umukiranutsi ni igiti cy'ubugingo." Imigani 11:30

Amateka yera atwereka ingero nyinshi z'umusaruro wakomotse ku burezi nyakuri. Atwereka ingero nyinshi zikomeye z'abantu bari bafite imico yaremwe hakurikijwe amabwiriza y'Imana, abantu bari bafite imibereho yari umugisha kuri bagenzi babo kandi babaye mu isi bahagarariye Imana. Muri bo twavuga: Yosefu na Daniyeli, Mose, Elisa na Pawulo. Yosefu na Daniyeli babaye abategetsi bakomeye ku isi, Mose yabaye umunyamategeko w'umuhanga uhebuje, Elisa yabaye umwe mu bagorozi b'indahemuka, kandi uretse Imana yonyine, Elisa yavuze ibirenze uko abandi bantu bigeze bavuga, naho Pawulo we yabaye umwigisha w'ikirangirire ku isi kurenza abandi babayeho. {Ub 52.1}

Yosefu na Daniyeli batandukanijwe n'imiryango yabo bakiri bato maze bajyanwa mu bunyage mu bihugu by'abapagani. By'umwihariko, Yosefu we yahuye n'ibigeragezo bijyana n'impinduka zikomeye z'amahirwe umuntu agira. Akiri kwa se, yari umwana ukunzwe cyane; ariko mu rugo rwa Potifari yari inkoreragahato, nyuma abitswa amabanga ye kandi aba igisonga. Yabaye umwe mu bategetsi, yari ajijutse kubera kwiga, kwitegereza ndetse no kubana n'abantu. Hanyuma yaje gufungirwa muri gereza ya Farawo, akatirwa kandi arengana, adafite ibyiringiro byo kurengerwa cyangwa kuzafungurwa. Yaje guhamagarirwa kuyobora igihugu igihe cyari kiri mu kaga gakomeye k'inzara. None se ni iki cyamushoboje gukomeza kuba inyangamugayo? {Ub 52.2}

Nta muntu ushobora kuzamuka ngo agere mu rwego rwo hejuru ngo abure guhura n'akaga. Nk'uko umuyaga w'ishuheri urimbura ibiti mu mpinga y'umusozi, ariko ntugire icyo utwara uburabyo bwo mu kibaya, ni na ko ibigeragezo bikomeye bica ku boroheje ntibigire icyo bibatwara ariko byagera ku bantu bari mu myanya ikomeye y'icyubahiro ku isi, bikabacogoza. Ariko Yesefu we yihanganiye ikigeragezo cyo kwangwa n'icyo kugubwa neza. Yaranzwe no kuba indahemuka haba mu ngoro y'umwami Farawo ndetse no mu kumba ka gereza yafungiwemo. {Ub 52.3}

Yosefu akiri muto yari yarigishijwe gukunda Imana no kuyubaha. Akenshi iyo yabaga yicaye mu ihema rya se cyangwa yitegereza inyenyeri zihundagaye ku ijuru rya Siriya, bamutekererezaga iby'inzozi se Yakobo yarose mu ijoro ubwo yari i Beteli. Bakamubwira iby'urwego rwavaga ku ijuru rukagera hasi ndetse n'abamarayika bajyaga barumanukiraho bakongera kuruzamukiraho. Bamubwiye kandi iby'uwavuye ku ntebe y'ubwami mu ijuru maze akihishurira Yakobo. Yari yarabwiwe iby'amateka y'ukuntu uwo mukambwe yakiranye na marayika ku cyambu cya Yaboki, ubwo yihanaga ibyaha yari yarihambiriyeho,

maze Yakobo agahagarara atsinze, bityo bigatuma yitwa “igikomangoma cy’Imana.” {Ub 53.1}

Ubwo Yosefu yari akiri muto aragira imikumbi ya se, ubuzima bwera kandi bworoheje yagiraga bwatumye akuza imbaraga z’umubiri n’iz’ubwenge. Kubwo gusabanira n’Imana mu byaremwe no kwiga ibyerekeye ukuri gukomeye nk’indagizo yera ababyeyi baragaga abana babo, Yosefu yari yarungutse imbaraga z’ubwenge kandi bimuhesha gushikama mu mahame y’ukuri. {Ub 53.2}

Igihe yari mu kaga, ubwo yakoraga rwa rugendo ruteye ubwoba, avuye mu rugo yarerewemo mu gihugu cy’i Kanāni, ajyanwe mu bucakara bwari bumutegereje muri Egiputa, maze akanaga akajisho bwa nyuma ku misozi yari ikingirije amahema y’ab’umuryango we, Yosefu yibutse Imana ya se. Yibutse ibyo yigishijwe mu bwana bwe, bituma umutima ufata umwanzuro wo kuzagaragaza ko ari indahemuka akazahora yitwara nk’umugaragu w’Umwami w’ijuru. {Ub 53.3}

Mu buzima butoroshye Yosefu yarimo ari umwimukira n’umuretwa, agoswe n’ibyo yabonaga n’amajwi byavugaga iby’imico mibi ndetse n’ibyamureherezaga gusenga kwa gipagani, aho basengaga bagoswe n’ibintu byiza byose bikurura, birimo ubukungu, umuco n’ikuzo rya cyami, Yosefu yakomeje gushikama. Yari yarigishijwe kumvira mu nshingano ahawe. Kuba inyangamugayo mu mirimo yose yabaga ashinzwe uhereye ku murimo woroheje cyane kugera ku ukomeye cyane, imbaraga ze zose zari zaratojwe gukora umurimo wo mu rwego ruhanitse. {Ub 53.4}

Igihe Yosefu yahamagarwaga ngo ajye ibwami kwa Farawo, igihugu cya Egiputa cyari igihugu cy’igihangange. Mu byerekeye isanzuramuco, ubugeni, ubukorikori n’ubumenyi, nta kindi gihugu cyari gihwanye na Egiputa. Mu bihe by’ibibazo bikomeye n’akaga katavugwa, Yosefu ni we wari ushinzwe ubuyobozi bw’igihugu, kandi ibyo yabikoze mu buryo bwiza bwatumye umwami na rubanda bamugirira icyizere. Farawo yamugize “umutware w’urugo rwe, amubitsa ibintu bye byose. Ngo abohe abakomeye be uko ashaka. Yigishe abakuru be ubwenge.” Zaburi 105:21-22. {Ub 54.1}

Ibyanditswe Byera bitubwira ibanga ry’imibereho ya Yosefu. Yakobo yahesheje abana be umugisha akoresheje amagambo afite imbaraga n’ubwiza mvajuru, maze ageze ku mwana we yakundaga cyane aravuga ati: {Ub 54.2}

“Yosefu ni ishami ry’igiti cyera cyane,
Ishami ry’igiti cyera cyane kiri hagati y’isōko.
Amashami yacyo arenge inkike z’igihome.
Abarashi bamugiriye iby’urwango,

Bamurasa imyambi y'akarengane.
Ariko umuheto we nturakabāngūka,
Amaboko ye n'intoki ze bikomezwa
N'amaboko ya ya ntwari ya Yakobo.
Ni yo yakomotsweho n'umushumba, Igitare cy'Abisirayeli.
Ibyo byakozwe n'Imana ya so, izagufasha,
Byakozwe n'Ishoborabyose, izagufasha, izaguha umugisha;
Imigisha iva hejuru mu ijuru, N' imigisha iva mu mazi y'ikuzimu,
N' imigisha iva mu mabere n'iyo mu nda.
Imigisha so ahesha irenze iyaheshejwe na data na sogokuru.
Igera ku rugabano rw'imisozi ihoraho
Izaba ku mutwe wa Yosefu.
Mu izingiro rye ni wo mutwe wa bene se." {Ub 54.3}

Itangiriro 49:22-26.

Kuyoboka Imana no kwizera Itabonwa, ni byo byatsikaga imibereho ya Yosefu. Iryo ni ryo ryari ibanga ry'imbaraga ze. {Ub 55.1}

"Amaboko ye n'intoki ze bikomezwa n'amaboko ya ya ntwari ya Yakobo." Itangiriro 49:24. {Ub 55.2}

Daniyeli, intumwa yari ihagarariye ijuru

Igihe Daniyeli na bagenzi bari i Babuloni, mu busore bwabo, byasaga n'aho bari bafashwe neza cyane ugereranije n'uko Yosefu yari afashwe mu myaka ya mbere y'ubuzima bwe muri Egiputa. Nyamara n'ubwo byari bimeze bityo, ntibabuze guhura n'ibigeragezo bikomeye byibasira imico yabo. Abo basore b'Abayuda bakomokaga mu muryango wa cyami bakuwe iwabo hari horoheje maze bajyanwa mu mujyi uhebuje indi ubwiza mu mijyi y'i Babuloni. Babajyana mu ngoro y'umwami ukomeye cyane ndetse baza gutoranywa ngo bigishirizwe kuzakorera umwami imirimo ikomeye. Aho ibwami harangwaga ibibi bikabije ndetse no gusayisha, abo basore bari bakikijwe n'ibigeragezo byinshi kandi bikomeye. Kubera ko abasengaga Yehova bari barajyanyweho iminyago i Babuloni, ibikombe byo mu nzu y'Uwiteka byari byarashyizwe mu ngoro y'ibigirwamana by' i Babuloni. Kuba umwami wa Isirayeli ubwe yari afunzwe n'Abanyababuloni, ibyo byose abari barabatsinze babivugaga birata ko ari igihamya kibagaragariza ko idini yabo n'imigenzo byabo bisumba idini y'Abaheburayo n'imigenzo yabo. Nyamara kandi mu bihe byari bimeze bityo, mu gukorwa n'isoni no gusuzugurwa byari byaratewe n'uko Isirayeli yari yarishe amategeko y'Imana, Imana yahaye Babuloni icyubahiro cy'isumbwe ryayo, ukwera kw'amategeko yayo ndetse n'imigisha itabura ikomoka ku kumvira. Ubu buhamya Imana yabutanze ibunyujije mu nzira

imwe rukumbi bwagombaga kunyuramo, ibunyuza mu bantu bari barakomeje kuba indahemuka n'abizerwa. {Ub 55.3}

Daniyeli na bagenzi bahuye n'ikigeragezo gikomeye mu itangira ry'umurimo wabo. Itegeko ryavugaga ko ibyokurya byabo bigomba kuva ku meza y'umwami ryagaragazaga ko umwami abishimiye ndetse n'uko yabifurizaga kugubwa neza. Ariko kubera ko umugabane umwe w'ibyo byokurya wabaga wabanje guturwa ibigirwamana, ibyokurya bivuye ku meza y'umwami byababaga byaterekerejwe. Iyo abo basore bemera kubirya, byari gufatwa ko bemeye kwifatanya n'umwami mu kubaha ibigirwamana. Kumvira Uwiteka kwabo kwababuzaga kugira uruhare na ruto muri uko kubaha ibigirwamana. Nta nubwo bahangayeo kwikururira ingaruka mbi gukabya no gusayisha bigira ku gukura mu by'umubiri, iby'ubwenge n'iby'umwuka. {Ub 56.1}

Daniyeli na bagenzi be bari barigishijwe neza amahame y'ijambo ry'Imana. Bari barize guhara iby'isi bakabigurana iby'umwuka, barize gushaka ubutunzi bw'agahebuzo, kandi babiboneye ingororano. Imico yabo yo kwirinda ndetse no gukomera ku nshingano yabo nk'abari bahagarariye Imana yatumye bakuza imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge ndetse no mu by'umwuka ku rwego ruhanitse. Abo basore uko ari bane barangije inyigisho zabo, babasuzumiye hamwe na bagenzi babo biganaga kandi bategurirwaga kuzahabwa inshingano zikomeye mu bwami bwa Babuloni, ariko basanze "nta n'umwe uhwanye na Daniyeli, Hananiya, Mishayeli na Azariya." Daniyeli 1:19. {Ub 56.2}

Ibwami i Babuloni hari hateraniye intumwa zihagarariye ibihugu byose. Harimo intiti zifite impano zihebuje kandi zihariye, abafite impano kamere nyinshi, kandi babaga bajijutse cyane bafite amashuri ahanitse mu rwego rw'isi. Nyamara nta muntu n'umwe basanze ahwanye n'abo banyagano b'Abayuda. Haba mu by'imbaraga z'umubiri, uburanga, imbaraga z'ubwenge no mu bumenyi bw'indimi ntawashoboraga kugereranywa nabo. "Mu ijambo ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga barusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi." Daniyeli 1:20. {Ub 56.3}

Kubwo kudateshuka ku kubaha Imana, ndetse no kutadohoka ku kwitegeka, ubupfura bwa Daniyeli n'uko yari atandukanye n'abandi mu kubaha n'ikinyabupfura byatumye mu busore bwe umwami w'umupagani yakoreraga amutonesha kandi aramukunda. Mu minsi yose y'ubuzima bwe, ntabwo iyo mico mbonera yigeze ihinduka. Bidatinze, umwami yamuzamuye mu ntera amugira Minisitiri w'Intebe w'ubwami bwa Babuloni. Ku ngoma z'abandi bami bakurikiyeho no kugeza igihe ubutegetsi bwa Babuloni bwasenywaga, ubwami bugahangurwa n'ubundi bwami, Daniyeli yakomeje kurangwa n'ubwenge, akomeza kuba umutegetsi ukomeye, afite imigenzereze izira amakemwa, agira

ikinyabupfura n’umutima mwiza kandi ibyo byose bifatanye no kudakebakeba ku mahame agenderaho ku buryo byabaye ngombwa ko n’abanzi be ubwabo bahamije ko ” ... Bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro, kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n’amafuti cyangwa igicumuro.” Daniyeli 6:4. {Ub 57.1}

Uko Daniyeli yomatanaga n’Imana n’umutima we wose, ni ko umwuka w’ububasha bwo guhanura wamuzagaho. Mu gihe abantu bamuhaga icyubahiro kubw’inshingano yari afite z’ibwami no kubika amabanga yaho, Imana yaramukujije, imuha icyubahiro cy’ikirenga kuko yari intumwa yayo iyihagarariye, kandi imwigisha gusoma no gusobanura ubwiru bw’ibihe bizaza. Kubwo gukorana n’uwari uhagarariye Ijuru, byabaye ngombwa ko abami b’abapagani bamenya Imana ya Daniyeli. Umwami Nebukadinezari yaravuze ati: “Ni ukuri Imana yanyu ni yo Mana nyamana, ni umwami w’abami kandi ni yo ihishura ibihishwe.” N’umwami Dariyo mu itangazo yoherereje “abantu b’amoko yose y’indimi zitari zimwe, batuye isi yose,” yubashye “Imana ya Daniyeli” kuko ari yo Mana nzima ihoraho iteka ryose, ubwami bwayo ntibuzarimburwa kandi ubutegetsi bwayo buzahoraho iteka ryose;” .... Ni yo irokora igakiza , ikora ibimenyetso n’ibitangaza mu ijuru no mu isi.” Daniyeli 2: 47; 6:25-27. {Ub 57.2}

Abantu b’abanyakuri kandi b’inyangamugayo

Kubera ubwenge bwabo no kuba intabera, ubutungane n’ubugwaneza byarangagaga ubuzima bwabo bwa buri munsi, kubera kwitangira inyungu za rubanda bayoboraga kandi abo bantu basenga ibigirwamana, Yosefu na Daniyeli bahamije ko badateshuka ku mahame y’uburere bahawe bakiri bato, kandi ko ari indahemuka ku Mana bari bahagarariye. Abo bantu bombi, bubahwaga n’abaturage bose b’ibihugu barimo, haba muri Egiputa n’i Babuloni, kandi abaturage b’abapagani bo mu ishyanga ryose bakoreragamo, bababonagamo icyitegererezo cy’ineza y’Imana no kugira neza kwayo, kandi bakababonamo ishusho y’urukundo rwa Kristo. {Ub 58.1}

Mbega umurimo utangaje wakozwe n’abo Baheburayo b’abanyacyubahiro! Igihe basezeraga aho barerewe mu buto bwabo, mbega ukuntu batashoboraga gutekerezaga cyane ku mibereho irushaho kuba myiza bazagira mu minsi iri imbere! Bari indahemuka kandi barangwaga no gushikama, biyeguriraga Imana ngo ibayobore kugira ngo isohoreze imigambi yayo muri bo. {Ub 58.2}

Ukuri gukomeye nk’uko kwahishuriwe mu mibereho ya Yozefu na Daniyeli, Imana irashaka kuguhishurira mu rubyiruko n’abana bo muri iki gihe turimo. Amateka ya Yosefu na Daniyeli ni urugero rw’icyo Imana izakorera abayiyegurira kandi bagashaka gusohoza umugambi wayo n’umutima wabo wose. {Ub 58.3}

Muri iki gihe, icyo isi ikeneye cyane kurusha ibindi ni abagabo nyabagabo, abagabo badashobora kugurwa cyangwa ngo bagurishwe, abagabo b'abanyakuri n'indahemuka imbere mu bugingo bwabo, abagabo badatinya kuvuga icyaha mu izina ryacyo, abagabo bafite umutimanama udateshuka ku nshingano bahawe nk'uko urushinge rwa dira1 rugenza, abagabo bahagararira ukuri nubwo ijuru ryagwa. {Ub 58.4}

Ariko imico nk'iyo ntipfa kwizana; kandi ntizanwa n'amahirwe adasanzwe cyangwa impano Imana itanga. Imico y'ubupfura ni imbuto iva ku kwitegeka, ku kwemera ko kamere yasigingiye igengwa n'Imana- ku kuzibukira inarinjye ikegurirwa gukorera Imana n'abantu mu rukundo. {Ub 59.1}

Urubyiruko rukeneye gusobanukirwa ukuri kuvuga ko impano rufite atari umutungo warwo bwite. Imbaraga zarwo, igihe n'ubwenge bwabo, byose ni ubutunzi batijwe. Izo mpano ni umutungo w'Imana, kandi ni cyo gituma buri musore n'inkumi bakwiriye kwiyemeza kuzikoresha iby'agaciro gahanitse. Buri wese ni ishami Imana itezeho amatunda; ni igisonga cyaragijwe umutungo ugomba kunguka; ni umucyo ugomba kumurikira mu mwijima ubundikiye isi. {Ub 59.2}

Umusore wese n'inkumi ndetse n'umwana wese, bose bafite umurimo bagomba gukora kugira ngo baheshe Imana icyubahiro kandi bazahure ikiremwamuntu. {Ub 59.3}

Elisa, Umwizerwa mu tuntu duto

Umuhanuzi Elisa yamaze imyaka ibanza y'umirimo we yibereye ahantu hatuje kandi hatekanye mu cyaro, yigishwa n'Imana n'ibyaremwe, akanigira mu murimo w'ingirakamaro yakoraga. Mu gihe cy'ubuhakanyi bwasaga n'ubwari bwarakwiriye gihugu cyose, umuryango wa se wari mu mubare w'abantu batigeze bapfukamira ikigirwamana Bāli. Mu muryango wabo bubahaga Imana kandi kuba umwizerwa ku nshingano uhawe ni ryo ryari itegeko bagenderagaho mu buzima bwabo bwa buri munsi. {Ub 59.4}

Elisa yari umwana w'umuhinzi-mworozi w'umukungu, kandi yari yaratangiye kujya akora umurimo wakorerwaga hafi y'iwabo. Nubwo yari afite ubushobozi bwo kuyobora abandi, yari yarigishijwe gukora imirimo isanzwe ikenerwa mu mibereho y'abantu. Kugira ngo ashobore kuyoborana ubwenge, byari ngombwa ko yiga kubaha. Kubwo kuba umwizerwa mu tuntu duto, byamuteguriye guhabwa inshingano ziremereye. {Ub 59.5}

Nubwo Elisa yari umugwaneza kandi akiyoroshya, yari afite n'imbaraga kandi ashikamye. Yihatiraga gukunda Imana no kuyubaha, kandi mu mirimo yakoraga buri munsi yicishije bugufi yagwizaga imbaraga mu ntego agira ndetse n'ubupfura, akarushaho gukurira mu buntu bw'Imana no kuyimenya. Iyo yabaga afatanya na se mu nshingano za buri munsi z'imuhira, yabaga yiga gufatanya n'Imana. {Ub 60.1}

Elisa yahamagariwe kuba umuhanuzi igihe yari mu murima ahinga, ari kumwe n'abagaragu ba se. Igihe Eliya yagendaga ashorewe n'Imana ashaka uzamusimbura, akanaga umwitero we ku bitugu bya Elisa wari ukiri umusore, Elisa yasobanukiwe iby'uwo muhamagaro kandi arawumvira. "Aherako arahaguruka, akurikira Eliya, akajya amukorera." 1 Abami 19:21. Elisa akigera kwa Eliya, ntiyahereyeko asabwa gukora imirimo ikomeye, ahubwo imirimo yo mu buzima bwa buri munsi ni yo yakomeje kwigiramo. Ibyanditswe bitubwira ko yajyaga asukira shebuja Eliya amazi mu ntoki igihe yabaga akaraba. Nk'umuntu wihariye wari ushinzwe kwita ku muhanuzi Eliya, Elisa yakomeje kugaragaza umurava n'ubudahemuka mu tuntu duto, ari nako kubwo kugambirira kunguka imbaraga buri munsi yirunduriye gukora umurimo yari yarahawe n'Imana. {Ub 60.2}

Ubwo Elisa yahamagarwaga bwa mbere, gufata umwanzuro kwe kwarageragejwe. Igihe yahindukiraga ngo akurikire Eliya, umuhanuzi Eliya yamusabye kwisubirira imuhira. Elisa yagombaga kureba icyo bimusaba akifatira umwanzuro w'icyo yakorakwaba kwemera uwo muhamagaro cyangwa kuwanga. Nyamara Elisa yahereyeko asobanukirwa agaciro k'amahirwe yari agize. Nta nyungu y'iby'isi uko yaba imeze kose yari gutuma yivutsa kuba intumwa y'Imana cyangwa ngo yivutse amahirwe yo gukorana n'umugaragu wayo. {Ub 60.3}

Uko iminsi yahitaga kandi Eliya yitegura kujyanwa mu ijuru, ni ko Elisa na we yabaga yiteguye kumusimbura. Ariko na none ukwizera kwe n'icyemezo yafashe byongeye kugeragezwa. Ubwo yari aherekeje Eliya igihe yazengurukaga ngo arebe aho umurimo ugeze n'aho usigaye, kandi Elisa azi n'impinduka zari zigiye kubaho bidatinze, aho bageraga hose umuhanuzi Eliya yamurarikiraga gusubirayo. Eliya yaramubwiye ati: "Ndakwinginze, sigara hano, kuko Uwiteka antumye i Beteli." 2 Abami 2:2. Nyamara mu mirimo yo kuyobora inka zihinga yakoze akiri muto, Elisa yari yarize kudacogora cyangwa ngo acike intege; kandi noneho ubwo yari yafashe isuka mu kindi cyerekezo cy'inshingano, ntabwo yashoboraga guteshurwa ku ntego ye. Igihe cyose umuhanuzi Eliya yamusabaga gusubira imuhira, yaramusubizaga ati: "Nkurahiye Uwiteka n'ubugingo bwawe, sinsigara." 2 Abami 2:2. {Ub 61.1}

"Nuko barajyana bombi... Ariko ubwabo bombi bageze kuri Yorodani barahagarara. Eliya yenda umwitero we, arawuzinga, awukubita amazi, yigabanyamo kabiri, amwe ajya ukwayo, ayandi ukwayo, bombi bambukira ahumutse. Bageze hakurya, Eliya abwira Elisa ati: "Nsaba icyo ushaka cyose, ndakigukorera ntaratandukanywa nawe." Elisa aramusubiza ati: "Ndakwinginze, ndaga imigabane ibiri y'umwuka wawe." Eliya aramusubiza ati: "Uransaba ikiruhije cyane! Icyakora, numbona nkigukurwaho, birakubera bityo; ariko nutambona, si ko biri bube." Bakigenda baganira haboneka igare ry'umuriro n'amafarashi y'umuriro birabatandukanya. Nuko Eliya ajyanwa mu ijuru muri serwakira. {Ub 61.2}

“Elisa abibonye arataka ati: “Data, data, wabereye Isirayeli amagare n’amafarashi!” Nuko ntiyongera kumubona ukundi. Maze afata umwambaro, we awutaburamo kabiri. Atoragura n’umwitero Eliya ataye, asubirayo; ageze ku nkombe ya Yorodani, arahagarara. Yenda wa mwitero Eliya ataye, awukubita amazi, aravuga ati: “Uwiteka Imana ya Eliya iri he?” Amaze gukubita amazi, yigabanyamo kabiri, amwe ajya ukwayo, ayandi ukwayo. Elisa aherako arambuka, maze ba bana b’abahanuzi b’i Yeriko bari bamwitegeye, bamubonye baravuga bati: “Umwuka wa Eliya wari muri Elisa.” Nuko baza kumusanganira, bamugezeho bamwikubita imbere.” 2 Abami 2: 6-15. {Ub 61.3}

Guhera uwo mwanya Elisa asimbura Eliya ku nshingano ye y’umuhanuzi. Nuko wa muntu wakiranutse ku nshingano zoroheje agaragaza ko ari indahemuka no mu nshingano zikomeye. {Ub 62.1}

Eliya, yari umuntu ufite ububasha, yari yarabaye igikoresho cy’Imana mu kurimbura ibibi bikabije [byakorerwaga mu bwoko bwa Isirayeli]. Umuco wo gusenga ibigirwamana wari warashyigikiwe na Ahabu n’umugore we w’umupagani Yezeberi, kandi wari waratumye igihugu cyose kigwa mu bishuko, umuhanuzi Eliya ni we wawuhangamuye. Abahanuzi ba Bali bari barishwe. Ishyanga ry’Abisirayeli ryose ryari ryarakangaranye bikomeye kandi benshi muri bo bahindukiriraga kuramya Imana. Mu gusimbura Eliya, hari hakenewe umuntu washoboraga kuzayobora Abisirayeli mu nzira nziza akoresheje kubaha amabwiriza adahubuka kandi abihanganira. Uko Elisa yatojwe akiri muto, yigishwa hakurikijwe amabwiriza y’Imana byari byaramuteguriye kuzakora uyu murimo. {Ub 62.2}

Aya mateka ni icyigisho ku bantu bose. Nta muntu n’umwe wamenya igishobora kuba umugambi w’Imana mu byo imucishamo imwigishwa; ariko icyo twese dukwiriye kumenya tudashidikanya ni uko kuba umwizerwa mu tuntu duto ari ikimenyetso cyererekana ko umuntu yujuje ibyangombwa byo guhabwa n’inshingano zikomeye kurushaho. Icyo umuntu akora cyose mu buzima bwe kigaragaza imico ye, kandi ugaragariza mu nshingano nto ko ari “umukozi udakwiriye kugira ipfunwe,” (2 Timoteyo 2 :15), Imana izamwubahisha imuha inshingano ziremereye kurutaho. {Ub 62.3}

Mose, umunyambaraga kubwo kwizera

Igihe Mose yatandukanywaga n’ababyeyi be yari akiri muto cyane umugereranyije na Yosefu na Daniyeli igihe nabo batandukanywaga n’imiryango yabo. Nyamara ibyagoroye ubuzima bwa Yosefu na Daniyeli bikabuha icyerekezo ni nabyo byagoroye ubwa Mose. Mose yamaranye n’ab’umuryango we imyaka cumi n’ibiri gusa; ariko muri iyo myaka ni ho umusingi wo gukomera kwe wubatswe. Uwo musingi wubatswe n’umuntu utari uzwi cyane. {Ub 63.1}

Yokebedi yari umugore akaba n'umuja. Ubuzima bwe bwaranzwe no gucishwa bugufi no kwikorera umutwaro uremereye. Ariko uretse Mariya w'i Nazareti, nta wundi mugore wabayeho ku isi wigeze ahesha abandi imigisha itangaje nka Yokebedi. Amaze kumenya ko bidatinze umwana we agomba gutandukanywa na we, akajya kurerwa n'abatazi Imana, yarushijeho guharanira ko ubugingo bw'umwana we bwakomatana n'ijuru. Yashatse uko acengeza mu mutima w'umwana we gukunda Imana no kuyibera indahemuka. Uwo murimo wagenze nk'uko yabyifuzaga. Ayo mahame y'ukuri yari yarabaye ipfundo ry'imyigishirize ya nyina ndetse n'icyigisho yamwigishije mu buzima bwe, nta yindi mbaraga yajyaga kuza nyuma yaho ngo itere Mose kureka ayo mahame. {Ub 63.2}

Mwene Yokebedi yavuye mu nzu ya gikene i Gosheni ajyanwa mu ngoro y'umwami Farawo, maze yakirwa n'umukobwa w'umwami wa Egiputa, amwakirana ubwuzu, amukunze kandi amwishimiye nk'umuhungu we yibyariye. Mu mashuri yo muri Egiputa, Mose yahigiye inyigisho zo mu rwego rwo hejuru mu bya gisivili n'ibya gisirikare. Kubera ubwiza yari asanganywe, igihagararo kibereye amaso, ubwenge butangaje, asa n'ibikomangoma ndetse azwiho kuba umugaba w'abasirikare, byatumye Abanyegiputa baterwa ishema nawe bakajya bamwirata. Umwami wa Egiputa yari umwe mu bagize itsinda ry'abatambyi b'ibigirwamana; kandi nubwo Mose yangaga kujya mu mihango yo gusenga kw'abapagani, yari yarigishijwe imihango n'ubwiru by'idini y'Abanyegiputa. Muri icyo gihe, igihugu cya Egiputa nicyo cyari igihangange kandi cyari cyarateye imbere cyane kurusha ibindi, bityo Mose, nk'umuntu wari utegerejweho kuzaba umutegetsi, yahabwaga icyubahiro giheranije gishobora gutangwa hano ku isi. Nyamara we yahisemo ibiruta ibyo. Kubw'icyubahiro cy'Imana no gucungura ubwoko bwayo bwari bwarakandamijwe, Mose yahaze icyubahiro cyose yari afite muri Egiputa, maze Imana imushyira mu ishuri, imwigisha mu buryo budasanzwe. {Ub 63.3}

Mose yari ataritegura neza gukora umurimo yagombaga gukora mu buzima bwe. Yari agikeneye kwiga isomo ryo kwishingikiriza ku mbaraga z'Imana. Yibeshye ku mugambi w'Imana. Yiringiraga ko azarokoza Abisirayeli imbaraga z'amaboko ye. Kubera ibyo yigerejeho maze aratsindwa. Amaze gitsindwa no gucika intege, yahindutse impunzi, ajya mu kindi gihugu. {Ub 64.1}

Mose yamaze imyaka mirongo ine mu butayu bw'i Midiyani aragira intama. Uko byagaragaraga yasaga n'uciye ukubiri rwose n'inshingano yagombaga gusohoza mu buzima bwe, ariko icyo gihe yahabwaga ibyangombwa by'ingenzi kugira ngo azasohoze iyo nshingano. Ubwenge bwo kuyobora imbaga y'abantu b'injiji kandi batagira ikinyabupfura, yagombaga kubwunguka binyuze mu kumenya kwitegeka ubwe. Kwita ku ntama no ku bana bazo, yagombaga kubikuramo ubunararibonye bwari kumugira umushumba wihangana

kandi wiringirwa w'ubwoko bw'Abisirayeli. Kugira ngo azashobore guhagararira Imana, yagombaga kubanza kwigishwa na yo. {Ub 64.2}

Ibyigisho yari yarakuye mu byari byaramukikije muri Egiputa, urukundo rwa nyina wamureze, umwanya ukomeye yari afite nk'umwuzukuru w'umwami, ubuzima bwo kudamarara ndetse n'ingeso mbi zareshyaga zihishe mu masura atabarika, ubucakura, amayeri n'amayobera menshi n'imihango y'idini ya gipagani, ibyo byose byari byarahinduye ubwenge bwa Mose n'imico ye. Ibyo byose byaje kuyoyokera mu mibereho yoroheje kandi iciye bugufi yagiriye mu butayu. {Ub 64.3}

Igihe Mose yari ahitaruye abandi bantu ari mu mpinga z'imisozi, yari kumwe n'Imana yonyine. Iyo yarebaga ikintu cyose yasangaga cyanditsweho izina ry'Umuremyi. Mose yasaga n'aho ahagaze imbere y'Imana kandi akumva akikijwe n'imbaraga zayo. Ahongaho niho kumva ko yihagije no kwiyemera kwe byarangiriye. Ubwo yari imbere y'Imana ihoraho ni ho yamenyeye ko ari umunyantege nke, uko ntacyo yakwishoboza ndetse n'uburyo umuntu ubwe areba hafi cyane. {Ub 65.1}

Aho ni ho Mose yigiye ikintu cyabanye muri we mu myaka yose y'umuruho no kuremererwa n'ubuzima. Yahigiye kumva no gusobanukirwa ko Imana iri kumwe na we. Ntiyarebye kure mu myaka yari kuzakurikiraho ngo abone Kristo wari kuzagaragara yambaye umubiri gusa; ahubwo yanabonye Kristo wari kujyana n'ingabo z'Abisirayeli, ari we mugaba wazo mu ngendo zabo zose. Igihe bene wabo bamusuzuguraga, bakamupfobya, igihe yahamagarirwaga kwihanganira gukwenwa no gutukwa, guhura n'akaga ndetse n'urupfu, yashoboraga kwihangana nk'ureba "Itaboneka." Abaheburayo 11:27. {Ub 65.2}

Mose ntiyatekerezaga iby'Imana gusa, ahubwo yayirebeshaga amaso. Mose yahoraga abona Imana imbere ye. Nta munsi n'umwe Mose yigeze areka guhanga Imana amaso. {Ub 65.3}

Kuri Mose, ntabwo ukwizera kwe kwari mu cyuka, ahubwo kwari ukuri gufatika. Yizeraga ko Imana iyobora ubuzima bwe mu buryo bwihariye; kandi yazirikanaga Imana mu tuntu duto twose tugize ubuzima. Yiringiraga ko Imana ari yo imuha imbaraga ngo abashe gutsinda ikigeragezo cyose. {Ub 65.4}

Yifuzaga ko umurimo ukomeye yahawe yawusohoza akawugeza ku rugero ruhanitse, kandi yishingikirizaga ku bubasha bw'Imana atizigamye. Yumvaga ko akeneye ubufasha, akabusaba, kandi kubwo kwizera akabwakira, ndetse agakomeza kujya mbere kubwo kwiringira imbaraga imukomeza. {Ub 65.5}

Ubwo ni bwo bunararibonye Mose yungutse mu myaka mirongo ine yamaze yigishirizwa mu butayu. Kugira ngo ahabwe ubwo bunararibonye, Imana Nyirubwenge butagerwa

ntiyitaye ku kuba byaratwaye igihe kirekire cyane kandi byarasabye ikiguzi gikomeye cyane. {Ub 66.1}

Umusaruro wavuye muri uko kwigishwa, kandi ukava mu byigisho yahigishirijwe, ntufitanye isano n'amateka y'Abisirayeli gusa, ahubwo urifitanye n'abantu bose bagize uruhare mu iterambere ry'abatuye isi guhera icyo gihe kugeza uyu munsi. Ubuhamya butangaje bwavuzwe mu Ijambo ry'Imana bwerekeye ubuhangange bwa Mose ni ubu ngo: "Mu Bisirayeli ntihabonetse ukundi umuhanuzi uhwanye na Mose, uwo Uwiteka yamenyaga barebana." Gutegeka kwa kabiri 34:10. {Ub 66.2}

Pawulo, umuntu wakoraga abyishimiye

Mu murimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza, ku kwizera n'ubunararibonye by'abigishwa b'Abanyagalileya bari barabanye na Yesu, hiyongereyeho imbaraga zidasanzwe n'ubushobozi mu by'ubwenge by'umwigisha w'i Yerusalemu. Uyu yari umwenegihugu w'Umuroma, wavukiye mu mujyi w'Abanyamahanga. Yari n'Umuyuda, bidatewe n'uko ari ho nkomoko ye, ahubwo binatewe n'inyigisho yari yarigishijwe mu buzima bwe bwose, uko yakundaga igihugu cye n'imyizerere ye mu by'idini. Yari yarigishirijwe i Yerusalemu, yigishwa n'abigishamategeko b'ibirangirire, kandi bamwigishije amategeko yose n'imigenzo ya ba sekuruza. Sawuli w'i Taruso yiratanga cyane ishyanga rye kandi akarangwa n'urwikekwe ku [waribangamira]. Akiri umusore, yatorewe kuba umwe mu bagize Urukiko Rukuru rw'Abayuda. Bamubonagamo umuntu witezweho byinshi, wari ufite ishyaka ryo kurengera ubusugire bw'ukwizera basigiwe n'abakurambere. {Ub 66.3}

Mu mashuri yigishirizwamo iby'iyobokamana i Buyuda, Ijambo ry'Imana ryari ryarirengagijwe maze risimbuzwa ibitekerezo by'abantu. Ijambo ry'Imana ryari ryarambuwe ububasha bwaryo n'ubusobanuro n'imihango by'abigisha mu by'idini b'Abayahudi. Kwishyira hejuru, gukunda icyubahiro, ivangura rishingiye ku ishyari, urwikekwe n'agasuzuro kavanze no kwikakaza, ni byo byari bigize amahame abo bigisha bagenderagaho. {Ub 66.4}

Abakuru b'idini birataga isumbwe bafite, atari ku baturage b'andi mahanga gusa, ahubwo no kuri bene wabo. Kubera urwango rukomeye bari bafitiye Abaroma bari barabakandamije, muri bo bagambiriye kuzasubiza ishyanga ryabo isumbwe bakoresheje intwaro. Bangaga kandi bakica abayoboke ba Yesu kuko bari bafite ubutumwa bw'amahoro bwari buhabanye n'imigambi mibisha bacuraga. Muri uko gutoteza, Sawuli yari umwe mu itsinda ry'abakoraga ubwo bugome badacogora. {Ub 67.1}

Ubwo Mose yari mu ishuri rya gisirikare muri Egiputa, yigishijwe itegeko ryemerera umuntu gukoresha ingufu, kandi iyi nyigisho yari yarashinze imizi mu mico ye ku buryo

kugira ngo ahinduke byamusabye kumara imyaka mirongo ine mu butayu, asābāna n'Imana kandi yigira ku byaremwe kugira ngo yuzuze ibyangombwa bimubashisha kuyoboza Abisirayeli itegeko ry'urukundo. Pawulo na we yagombaga kwiga iryo somo. {Ub 67.2}

Ageze ku irembo ry'i Damasiko, yabonekewe n'Umukiza wabambwe, maze kumubonekera kwe guhindura imibereho ye yose. Uwarenganyaga abayoboke ba Kristo yahindutse umwigishwa we, uwari umwigisha ahinduka uwiga. Iminsi yamaze i Damasiko ari impumyi kandi ari wenyine yamubereye nk'imyaka myinshi mu buzima bwe. Muri icyo gihe yigaga Ibyanditswe Byera byo mu Isezerano rya Kera byari bitekeye mu bwonko bwe, kandi Kristo ni we wari umwigisha we. Kuri we kandi, kuba muri ubwo bwigunge byamuhindukiye ishuri. Yagiye mu butayu bwa Arabiya maze ajya kuhigira Ibyanditswe no kwigishwa n'Imana. Yabonye igihe cyo kōza ubugingo bwe, abukuramo urwikekwe rwose n'imihango yari igize imibereho ye, maze ahabwa inyigisho ziturutse kuri Sōko y'ukuri. {Ub 67.3}

Kuva ubwo, ubuzima bwe bwose bwagenderaga ku ihame ryo kwitanga no gukora umurimo ukomotse ku rukundo. Yaravuze ati: "Abagiriki n'abatari Abagiriki, abanyabwenge n'abaswa, mbafiteho umwenda." Abaroma 1:14. "Urukundo rwa Kristo ruraduhata." 2 Abakorinto 5:14. {Ub 68.1}

Nubwo Pawulo yari umwigisha ukomeye cyane urusha abandi bigisha b'abantu bose, yemeraga gukora inshingano zoroheje cyane atirengagije n'izikomeye cyane. Yazirikanaga ko ari ngombwa gukoresha amaboko n'ubwenge, kandi yakoraga umwuga wo kuboha amahema kugira ngo abone ibimubeshaho. Umurimo we wo kuboha amahema yawufatanyaga no kubwiriza ubutumwa bwiza buri munsi mu mujyi yari ikomeye mu gihe cye. Ubwo yatandukanaga n'abakuru bo muri Efeso yarababwiye ati: "Ubwanyu muzi yuko aya maboko yanjye ari yo yankenuraga ibyo nkennye n'abo twari turi kumwe." Ibyakozwe n'Intumwa 20:34. {Ub 68.2}

Nubwo Pawulo yari afite impano z'ubwenge buhanitse, imibereho ye yerekanaga ko yari afite ubwenge bugirwa na bake ku isi. Amahame akomeye kandi y'ingirakamaro abahanga benshi bo mu gihe cye batahaga agaciro, asesenguwe neza mu nyigisho ze kandi yagaragariye mu mibereho ye. Yari afite ubwenge bwo mu rwego ruhanitse bwatumaga asobanukirwa vuba, kandi akagira umutima wuje impuhwe utuma umuntu asabana n'abandi, kandi ukamubashisha gukangura kamere yabo nziza no kubatera kurangamira ubuzima busumbyeho. {Ub 68.3}

Umva amagambo yavugiye imbere y'abapagani b'i Lusitira, ubwo yababwiraga iby'Imana yigaragariza mu byaremwe, yo Sōko y'ibyiza byose, "ikatuvubira imvura ivuye mu ijuru, ikaduha imyaka myiza, ikaduhaza ibyokurya, ikuzuza imitima yacu umunezero." Ibyakozwe n'Intumwa 14:17. {Ub 68.4}

Nimumurebe ari mu nzu y'imbohe, afungiwe i Filipi. Aho nubwo yari yarembejwe n'inkoni bamukubise, indirimbo ye yo gusingiza Imana yumvikanye mu ijoro ryari rituje. Umushyitsi umaze gukingura inzugi za gereza, ijwi rya Pawulo ryongeye kumvikana, avuga amagambo ahumuriza kandi akomeza umurinzi w'inzu y'imbohe w'umupagani. Yaravuze ati: "Wikwigirira nabi, twese turi hano" (Ibyakozwe n'Intumwa 16:28). Kandi koko, imbohe zose zari zikiri mu myanya yazo, zahagumye bitewe na Pawulo imfungwa mugenzi wabo wari aho. Nuko wa murinzi w'inzu y'imbohe yemejwe no kwizera kwakomezaga Pawulo, asiganuza iby'inzira y'agakiza, kandi we n'ab'umuryango we bose bahita bifatanya n'itsinda ry'abayoboke ba Kristo ryatotezwaga. {Ub 68.5}

Nimurebe Pawulo ari muri Atene, imbere y'inteko y'abahanga baho, ubwo yabagishaga impaka agereranya ubuhanga n'ubundi buhanga, ubwenge n'ubundi, ndetse n'ubucurabwenge n'ubundi. Nimurebe uburyo akoresheje ubwenge buva ku rukundo rw'Imana, yavuze Yehova ariko akoresha indi mvugo ngo: "Imana Itamenywa," ari yo abari bamuteze amatwi basengaga batayizi. Yifashishije amagambo yavuzwe n'umusizi wabo, maze agaragaza ko Imana ari yo Se nabo bakayibera abana. Nimumwumve muri icyo gihe cyahaga agaciro ubwoko, aho uburenganzira bwa muntu nk'umuntu butitabwagaho rwose, maze Pawulo ashyira ahagaragara ukuri gukomeye k'uko abantu bose ari abavandimwe, ahamya ko Imana ubwayo "yaremye amahanga yose y'abantu, bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose." Yongeye kubereka uburyo mu byo Imana yagiye igirira umuntu byose, umugambi wayo w'ubuntu n'imbabazi ugenda ubigaragaramo nk'akadodo k'izahabu. Imana "yashyizeho ibihe by'imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu ingabano z'aho batuye, kugira ngo bashake Imana, ngo ahari babashe kuyibona, bakabakabye; kandi koko ntiri kure y'umuntu wese muri twe." Ibyakozwe n'Intumwa 17:23, 26, 27. {Ub 69.1}

Nimumwumve ari mu rukiko imbere ya Fesito, igihe umwami Agiripa ubwo yari amaze gutsindwa n'ukuri k'ubutumwa bwiza yavugaga ati: "Ubuze hato ukanyemeza kuba Umukristo." Mbega uko Pawulo yamusubizanyije ikinyabupfura, yerekana iminyururu imuboshye, akavuga ati: "Ndasaba Imana kugira ngo, haba hato, haba hanini, uretse wowe wenyine, ahubwo n'abanyumva uyu munsi bose, bamere nkanjye, keretse iyi minyururu." Ibyakozwe n'Intumwa 26:28,29. {Ub 69.2}

Uko ni ko imibereho ya Pawulo yagenze nk'uko yayisobanuye mu magambo ye bwite ati: "Nari mu ngendo kenshi, mu kaga gatewe n'inzuzi, mu kaga gatewe n'abambuzi, mu kaga gatewe na bene wacu, mu kaga gatewe n'abapagani, mu kaga ko mu midugudu, mu kaga ko mu butayu, mu kaga ko mu nyanja, mu kaga ko muri bene Data b'ibinyoma, mu miruho n'imihati; mba maso kenshi, ngira inzara n'inyota, nirirwa ubusa kenshi, nicwa n'imbeho, nambara ubusa." 2 Abakorinto 11:26,27. {Ub 70.1}

Yaravuze ati: “Iyo badututse, tubasabira umugisha; iyo turenganijwe, turihangana; iyo dushebejwe, turinginga. Kugeza ubu twagizwe nk’umwavu w’isi, n’ibiharurwa by’ibintu byose.” 1 Abakorinto 4:12,13. “Dusa n’ababababara ariko twishima iteka; dusa n’abakene ariko, nyamara dutungisha benshi; dusa n’abatagira icyo dufite nyamara dufite byose.” 2 Abakorinto 6.10. {Ub 70.2}

Mu murimo ni ho Pawulo yaboneraga ibyishimo; ku iherezo ry’ubuzima bwe bw’imiruho n’imihati, asubije amaso inyuma akareba intambara yarwanye n’intsinzi yagezeho, yashoboye kuvuga ati “Narwanye intambara nziza.” 2 Timoteyo 4:7. {Ub 70.3}

Ayo mateka yombi ni ingirakamaro cyane, ariko nta wundi afitiye akamaro kenshi cyane nk’urubyiruko. Mose yanze kuragwa ubwami bukungahaye, naho Pawulo yanga inyungu z’ubutunzi n’icyubahiro mu b’ubwoko bwe, ibyo byose babigurana imibereho yo kwikorera ibibaremerera mu murimo w’Imana. Ku bantu benshi, imibereho y’abo bantu ifatwa ko ari imibereho yo kwiyanga no kwitanga. Mbese mu by’ukuri, ni ko byari biri? Mose “yatekereje yuko gutukwa, bamuhora Kristo, ari ubutunzi buruta ubw’Abanyegiputa.” (Abaheburayo 11 :26). Yabitekereje atyo kuko ari ko byari biri. Pawulo yaravuze ati: “Nyamara ibyari indamu yanjye, nabitekereje ko ari igihombo ku bwa Kristo. Ndetse n’ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo kubw’ubutunzi butagira akagero, ni bwo kumenya Kristo Yesu. Ku bw’uwo nahombye ibyanjye byose, ndetse mbitereza ko ari amase, kugira ngo ndoke Kristo.” Abafilipi 3:7,8. Pawulo yari anyuzwe n’icyo yahisemo. {Ub 70.4}

Mose yahawe ingoro yababwagamo n’abami ba Egiputa bitwaga ba Farawo, kandi ahabwa intebe ya cyami ; ariko ibinezeza by’ibyaha bitera abantu kwibagirwa Imana byari aho ibwami, maze Mose yiyemeza guhitamo “ubutunzi buhoraho no gukiranuka.» (Imigani 8 :18). Aho kugira ngo yihambire ku gukomera ko muri Egiputa, yahisemo komatanya ubugingo bwe n’umugambi w’Imana. Aho kugira ngo ahe Abanyegiputa amategeko, abwirijwe n’Imana yashyiriyeho amategeko abatuye isi bose. Yahindutse igikoresho cy’Imana mu kugeza ku bantu ayo mahame abungabunga umutekano w’ingo n’umuryango mugari; akaba n’urufatiro rwo kugubwa neza kw’amahanga yose. Ni amahame muri iki gikomeye ku isi kuko ari yo rufatiro rw’ibintu byiza byose bihebuje mu butegetsi bwose bw’abantu. {Ub 71.1}

Gukomera kwa Egiputa kwahambwe mu mukungugu. Imbaraga n’iterambere byayo byararangiye, ariko umurimo wa Mose ntushobora kuzima. Amahame akomeye yo gukiranuka yabereyeho gushyiraho azahoraho iteka ryose. {Ub 71.2}

Imibereho ya Mose yaranzwe n’umuruho n’ibimuhagarika umutima yamurikiwe n’ubwiza bw’Imana yera “inyamibwa [iruta] abantu inzovu,” kandi ikaba “Mwiza uhebuje” (Indirimbo ya Salomo 5 :10, 16). Imibereho ya Mose yamubereye umugisha ku isi, kandi no

mu ijuru aba uhiriwe, ndetse ahabwa icyubahiro mu ijuru kuko yabanye na Kristo mu rugendo rwo kuzerera mu butayu, abonekana na we ku musozi Yesu yahindukiyeho ishusho irabagirana, ndetse abana na Kristo mu bikari byo mu ijuru. {Ub 71.3}

Pawulo na we mu mirimo myinshi yakoze yashyigikiwe n'imbaraga ikomeza yo kubana n'Imana. Yaravuze ati: "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga." (Abafilipi 4:13). "Ni nde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo? Mbese ni amakuba, cyangwa ni ibyago? Cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara? Cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota?...Ahubwo muri ibyo byose turushishwaho kunesha n'uwadukunze. Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu." Abaroma 8:35-39. {Ub 71.4}

Nyamara hari ibyishimo by'ahazaza Pawulo yari ategereje ho ingororano z'imirimo yakoze - ibyo ni nabyo byishimo byateye Kristo kwihanganira umusaraba, ntiyita ku isoni ryawo. Ni ibyishimo byo kubona imbuto zizava ku murimo yakoze. Pawulo yandikiye abizera b'i Tesalonike ati: "Ibyiringiro byacu ni iki, cyangwa ibyishimo, cyangwa ikamba ryo kwirata? Si mwebwe se, mu maso y'Umwami wacu Yesu, ubwo azaza? Kuko ari mwe cyubahiro cyacu n'ibyishimo byacu." 1 Abatesalonike 2:19,20. {Ub 72.1}

Ni nde washobora gupima umusaruro isi ikesha umurimo Pawulo yakoze mu mibereho ye? Ibyo byiza byose byoroshya imibabaro, bigahumuriza abafite agahinda, bigakumira ikibi, bikazahura umuntu bikamukura mu kwikanyiza no gutwarwa n'iby'umubiri, ndetse bikamutamiriza ibyiringiro byo kudapfa, mbega uburyo byose bituruka ku mihati ya Pawulo n'abakozi bagenzi be. Kandi ubwo bari batwaye ubutumwa bwiza bw'Umwana w'Imana, mbega uko bakoze urugendo rutitaweho n'abantu bakava muri Aziya bagera ku nkengero z'Uburayi? {Ub 72.2}

Mbese bimariye iki umuntu uwo ari we wese kuba yarabaye igikoresho cy'Imana mu gutuma habaho bene izo mpinduka zizana umugisha? Mbese bizaba bifite gaciro ki mu buzima buzahoraho iteka kuzabona umusaruro wavuye muri bene iyo mirimo yakoze? {Ub 72.3}

III. UMWIGISHA MUKURU

"Ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nka we."
Yohana 7: 46

8. UMWIGISHA WAVUYE KU MANA

"Azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'amahoro." Yesaya 9:5.

Ijuru ryahaye abantu ibyiza byaryo bihebuje kandi by'akataraboneka ribinyuza mu Mwigisha woherejwe n'Imana. Uwari warabaye mu nama z'Isumbabyose, Uwigeze gutura ahera cyane mu buturo bw'Uwiteka, ni we watoranyijwe kugira ngo mu bumuntu bwe yihishurire ikiremwamuntu kibashe kumenya Imana. {Ub 75.1}

Binyujijwe muri Kristo, umurasire wose w'umucyo mvajuru wageze ku isi yacu yacumuye. Kuva kera kose, Kristo ni we wavugiraga mu muntu wese wagiye abwira abantu ijambo ry'Imana. Ibintu byose by'agahozo byagaragaye mu bantu b'ibirangirire kandi b'inyangamugayo babaye ku isi, byari ishusho imugaragaza. Ubutungane no kugira neza byarangaga Yosefu, ukwizera, ukwicisha bugufi no kwihangana byaranze Mose, ugushikama Elisa yari afite, ugukiranuka no gukomera mu byizerwa byaranze Daniyeli, umwete n'ubwitange bya Pawulo, ubushobozi mu by'ubwenge no mu by'umwuka byaranze abo bantu bose, ndetse no mu bandi bose babaye ku isi, burya ibyo byose byari ibishashi bivuye ku kurabagirana k'ubwiza bwa Kristo. Muri we ni ho basanze urugero ruzira amakemwa abantu bagomba kugeraho. {Ub 75.2}

Kristo yaje ku isi guhishura uru rugero rwiza ko ari rwo rugero nyakuri abantu bose bagomba guharanira kugeraho. Yaje kwerekana icyo umuntu ashobora kugeraho aramutse yemereye Imana igatura muri we. Yaje kwerekana uko abantu bose bamwakira bashobora guhinduka, kuko icyazanye Yesu ku isi ari ukugira ngo bahinduke batyo. Yaje kwerekana uburyo bubereye abana b'Imana abantu bagomba kwigishwamo. Yaje kwerekana uko abantu bakwiriye gushyira mu bikorwa amahame y'ijuru no kugira imibereho y'ab'ijuru. {Ub 75.3}

Impano ihebuje y'Imana yatangiwe kugira ngo ibe igisubizo cy'ubukene bukomeye bw'umuntu. Umucyo waje igihe isi yari igoswe n'umwijima w'icuraburindi. Hari hashize igihe kirekire ubwenge bw'abantu bwarateshuwe ku Mana n'inyigisho z'ibinyoma. Muri gahunda y'uburezi yariho, intekerezo n'ubucurabwenge bwa muntu byari byarasimbuye guhishurirwa n'Imana. Aho gukurikiza urugero rw'ukuri ngenderwaho rwatanzwe n'ijuru, bari baremeye urugero ngenderwaho bishyiriyeho ubwabo. Bīmūye Mucyo w'ubugingo bahitamo kugendera mu dushashi tw'umuriro bicaniye ubwabo. {Ub 76.1}

Abantu bamaze kwitandukanya n'Imana, basigaye bishingikirije ku mbaraga za muntu gusa, icyo bitaga imbaraga zabo nta kindi zari cyo uretse intege nke. Ndetse n'urugero ngenderwaho bishyiriyeho ubwabo ntibashoboraga kurugeraho. Ubukene bwo kuba ku rwego ruhanitse nyakuri babukenuje ibigaragarira amaso n'ibyo bavugaga mu magambo gusa. Kwishushanya kwasimbuye ukuri nyako k'uko bari bateye. {Ub 76.2}

Uko ibihe byakuraga ibindi, hagiye haza abigisha berekezaga abantu kuri Soko y'ukuri. Amahame atunganye yashyizwe ku mugaragaro, kandi imbaraga zayo zigaragarije mu mibereho y'abantu benshi. Habayeho gukoma ikibi mu nkokora by'igihe gito, nyamara uko cyari cyarimbitse kikagera kure ntikwabashije guhagarikwa. Abagorozi bari nk'amatara yaka mu mwijima; ariko ntibashoboye kuwirukana burundu. "Umucyo waje mu isi, abantu [bakunda] umwijima, bawurutisha umucyo." Yohana 3:19. {Ub 76.3}

Igihe Kristo yazaga ku isi, inyokomuntu yasaga n'igiye gukomwa hasi cyane mu buryo bwihuse. Imfatiro z'umuryango mugari w'abantu zari zarashegeshwe. Ubuzima bwari bumaze guta agaciro kandi butagifite ireme. Abayuda bari baramaze gutakaza imbaraga ituruka mu Ijambo ry'Imana, bagezaga ku batuye isi imihango n'ibitekerezo bidafite ireme n'ishingiro byagushaga intekerezo ikinya kandi bikarindagiza ubugingo. Gusenga Imana "mu mwuka no mu kuri," byasimbuwe no kwihimbaza kw'abantu mu mihango y'urudaca yashyirwagaho n'abantu. Ku isi yose, amadini yose yagendaga atakaza ubushobozi bwayo bwo guhindura intekerezo z'abantu n'ubugingo bwabo. Abantu bamaze kurambirwa ibitekerezo bihimbano n'ibinyoma byashakaga kuroha intekerezo zabo, bahise bayoboka ubuhakanyi no kwirundurira mu gushaka ubutunzi. Bamaze gukura amaso yabo kuby'ubugingo buhoraho, basigaye biberaho ubuzima bushingiye kuby'igihe barimo gusa. {Ub 76.4}

Nuko abantu bamaze guhakana Imana, baretse guha umuntu agaciro. Ukuri, kubaha, gukiranuka, icyizere n'impuhwe, byose byahereyeko bikendera ku isi. Umururumba udashira no gutwarwa no kurarikira byabyaye urwikekwe no kutizerana mu batuye isi bose. Gutekereza iby'inshingano, gutekereza ibyo abishoboye bagomba gukorera abanyantege nke, gutekereza iby'agaciro ka muntu n'uburenganzira bwe byashyizwe ku ruhande biba nk'inzozi cyangwa imigani mihimbano. Rubanda rusanzwe rwafashwe nk'amatungo yikorera imitwaro cyangwa nk'ibikoresho n'amabuye abantu bakandagiraho bashaka gutambuka ngo bagere ku byo bifuza. Ubukungu n'icyubahiro, ubuzima bworoheje no kwinezeza ni byo abantu bahirimbaniraga nk'aho ari byo bintu byiza bihebuje. Gusigingira mu by'umubiri, kugwa ikinya mu by'ubwenge n'urupfu mu by'umwuka ni byo byarangaga ab'icyo gihe. {Ub 77.1}

Igihe irari n'imigambi mibi by'abantu byari bimaze kwirukana Imana mu ntekerezo zabo, kwibagirwa Imana kwabo kwabateye kurushaho gushayisha mu bibi. Umutima w'umuntu ukunda icyaha wafashe ibiwuranga maze ubyambika Imana, bityo iyo myumvire irushaho guha icyaha imbaraga. Abantu bamaze gutwarwa n'ibibashimisha, barahangaye bigereranya n'Imana, bavuga ko ari Ikiremwa nka bo, ngo ifite umugambi wo kwishakira icyubahiro, bavuga ko ibyo ibasaba bigamije kwinezeza ubwayo; ngo ni ikiremwa giha abantu ikuzo cyangwa kikabababaza bitewe n'uko bafashije mu gusohoza imigambi ya Yo cyangwa bayibangamiye. Rubanda rugufi rwavugaga ko Imana itandukanye ho hato n'abakomeye babakandamiza, ariko ikaba ibarusha ubushobozi. Iyo myumvire ni yo imyizerere n'amadini yose byashingiyeho. Buri dini n'imyizerere byari uburyo bwashyizweho bwo kwaka abantu ibintu ku gahato. Ku bwo gutanga impano no kwitabira imihango [y'idini], abazaga kuramya bashakaga kwiyunga n'Imana no kuyishimisha kugira ngo ibagirire neza kubw'inyungu zabo bwite. Bityo kuba bene iyo myizerere nta bushobozi yari ifite bwo kugira icyo ihindura ku mutima w'umuntu cyangwa ku mutimanama we, ahubwo ikaba yari urwunge rw'imihango yari iremereye abantu kandi uretse bene inyungu iyo mihango yashoboraga gutanga, bifuzaga cyane kuyibaturwamo. Uko ni ko ubwo ikibi cyari kidakomwe mu nkokora cyakomeje gukura kirakomera, mu gihe kunyurwa no kwifuza ibyiza byagiye bigabanuka. Abantu batakaje ishusho y'Imana muri bo maze bakira ikimenyetso cy'ubushobozi bwa Satani ngo bubategeke. Isi yose yaje kurohama mu byaha. {Ub 77.2}

Inyokomuntu yari igifite ibyiringiro mu cyerekezo kimwe gusa. Ni uko muri iyo sayo y'umuvurungano n'ibintu byangiza hagombaga gushyirwamo umusemburo mushya, kugira ngo inyokomuntu ihabwe imbaraga z'ubugingo bushya; bityo kumenya Imana byongere guhemburwa mu isi. {Ub 78.1}

Kristo yazanywe mu isi no kugira ngo asubizeho uko kumenya. Yaje mu isi kugira ngo akureho inyigisho z'ibinyoma abantu bavugaga ko bazi Imana bishingikirizagaho bayigaragaza uko itari. Yaje kwerekana kamere y'amategeko yayo no guhishurira abantu ubwiza bw'ubutungane bwayo buboneka mu mico yayo. {Ub 78.2}

Kristo yaje ku isi yuje urukundo ruhoraho. Mu gukuraho ibyasabwaga by'amananiza abantu bari barashyizeho bigatwikira amategeko y'Imana, yerekanye ko amategeko y'Imana ari amategeko y'urukundo, kandi akaba agaragaza ukugira neza kw'Imana. Kristo yerekanye ko kumvira amahame y'ayo mategeko bihesha umuntu umunezero no gushyira umutima hamwe, kandi ibyo ni byo rufatiro n'inkingi zikomeza umuryango mugari w'abantu. {Ub 78.3}

Ibirenze kuba Imana yarashyizeho ibyo isaba bidahinduka, amategeko y'Imana yahawe abantu ngo ababere uruzitiro n'ingabo ibakingira. Umuntu wese wemera amahame y'ayo

mategeko bimurinda ikibi. Byongeye kandi, kuba indahemuka ku Mana binasaba ko umuntu aba indahemuka kuri bagenzi be. Uko ni ko amategeko arengera uburenganzira n'umwihariko by'umuntu wese. Amategeko abuza umuntu wo ku rwego rwo hejuru gukandamiza uworoheje kandi akabuza uworoheje gusuzugura uwo ku rwego rwo hejuru. Atuma umuntu agubwa neza haba kuri iyi si ndetse no mu isi nshya dutegereje. Ku muntu uyakurikiza, amubera ingwate y'ubugingo buhoraho, kuko amategeko agaragaza amahame azahoraho iteka ryose. {Ub 79.1}

Kristo yaje kwerekana agaciro k'amahame y'ijuru akoresheje guhishura ububasha bwayo bwo kuzahura umuntu kugira ngo yongere abe mushya. Yaje kwigisha abantu uburyo ayo mahame akwiriye gusobanurwa no gushyirwa mu bikorwa. {Ub 79.2}

Ku bantu bo mu gihe Yesu yazaga, agaciro k'ibintu byose kagenwaga hashingiwe ku bigaragara inyuma. Uko idini yari yaratakaje ubushobozi bwayo, ni ko yari yararushijeho kugwiza ubwiza bugaragara inyuma. Abarezi bo muri icyo gihe bashakaga ko abantu babubaha bakoresheje kwiyerekana no kwigaragaza mu buryo bw'ubwirasi. Abantu bose babonye ko imibereho ya Yesu yari ihabanye rwose n'iyo migirire. Imibereho ye yagaragaje ko ibyo abantu babona ko ari iby'agaciro gakomeye mu buzima, mu by'ukuri nta gaciro bifite. Yavukiye hagati y'abantu bafite imico mibi cyane, yibera mu muryango ufite imibereho ya gikene, arya ibyokurya bya gikene, akora umwuga w'ububaji, agira ubuzima buruhije, yisanisha n'abantu batari bazwi bakoraga imirimo iruhije cyane kurenza abandi ku isi muri icyo gihe. Hagati muri iyo mibereho n'ibyari bimukikije ni ho Yesu yabaye agakurikiza umugambi w'Imana werekeye uburezi. Ntabwo yigeze ajya mu mashuri yo muri icyo gihe yahaga agaciro gakomeye utuntu duto maze agapfobya ibifite agaciro. Uburere yahawe bwavaga ku masōko yashyizweho n'Imana; bukava mu gukora umurimo w'ingirakamaro, mu kwiga Ibyanditswe n'ibyaremwe, ndetse n'ibyo yahuraga nabyo n'ibyo yabonaga mu mibereho isanzwe. Ibyo ni byo bitabo by'Imana byuzuye ibyigisho n'amabwiriza y'ingirakamaro ku bantu bose babikoraho babikuye ku mutima, babirebesha amaso, kandi bafite n'umutima ushaka gusobanukirwa. {Ub 79.3}

"Nuko uwo mwana arakura, agwiza imbaraga, yuzuzwa ubwenge, kandi ubuntu bw'Imana bwari muri we." Luka 2:40 {Ub 80.1}

Amaze kwitegura, yagiye ku murimo we, kandi igihe cyose yabaga ari kumwe n'abantu, yabaheshaga umugisha, akabagezaho imbaraga ihindura mu buryo butigeze bubaho ku isi. {Ub 80.2}

Ushaka guhindura ikiremwamuntu, nawe agomba kubanza kugisobanukirwa. Abantu bashobora kugerwaho kandi bakazahurwa binyuze gusa mu kubagaragariza impuhwe, ukwizera n'urukundo. Aha ni ho Kristo agaragarira ko ari we mwigisha mukuru. Mu bigisha

bigeze kuba ku isi bose, Kristo wenyine ni we wari usobanukiwe ubugingo bw'umuntu mu buryo butunganye. {Ub 80.3}

"Kuko tudafite umutambyi mukuru umeze utyo"..... Yari Umwigisha w'abigisha, kuko n'abatambyi bari abigisha. "Kuko tudafite umutambyi mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nkatwe, keretse yuko atigeze akora icyaha." Abaheburayo 4:15. {Ub 80.4}

"Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." Abaheburayo 2:18. {Ub 80.5}

Kristo wenyine ni we wagezweho n'imibabaro yose n'ibigeragezo byose bigera ku bantu. Nta wundi muntu wabyawe n'umugore wigeze yibasirwa n'ikigeragezo nka we; nta wundi wigeze yikorera umutwaro uremereye cyane w'icyaha cy'abatuye isi n'umubabaro wabo. Nta wundi muntu wigeze arangwa n'impuhwe ku bantu bose n'ubugiraneza butarondoreka nka we. Kubera ko yasangiye n'abantu ibyo bahura nabyo mu buzima byose, yashoboraga kubabarana n'abaremerewe n'abababazwa ndetse n'abahanganye n'amakuba. {Ub 80.6}

Ibyo yigishaga ni byo byarangaga imibereho ye. Yabwiye abigishwa be ati: "Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye." Yohana 13:15. Yongeye kubabwira muri Yohana 15:10 ati: "Nitondeye amategeko ya Data." Uko ni ko mu mibereho ye amagambo ya Kristo yagaragazaga urugero rutunganye no kuyashyigikira gushyitse. Kandi ibirenze ibi; ibyo yigishaga nabyo yari byo. Amagambo ye ntiyagaragazaga ibyerekeye ubuzima bwe gusa, ahubwo yagaragazaga n'imico ye bwite. Ntiyigishaga abantu ibyerekeye ukuri gusa, ahubwo na we yari ukuri. Ibyo ni byo byatumaga inyigisho ze zigira imbaraga. {Ub 81.1}

Kristo ni we wacyahaga abantu mu buryo buzira amakemwa. Ntihigeze habaho undi muntu wangaga ikibi nka we; kandi nta wundi wigeze acyamagana ashize amanga nka we. Kuba ahantu kwe gusa, byababaga gucyaha no guhana ibintu byose bidatunganye kandi bibi. Ubwo abantu babaga bari mu mucyo w'ubutungane bwe, babonaga ko banduye kandi bagasobanukirwa ko intego z'imibereho yabo ari mbi n'urukozasoni. Nubwo byari bimeze bityo, yakundaga kubiyegereza. Uwari yararemye umuntu, yari asobanukiwe n'agaciro k'inyokomuntu. Yamaganaga icyaha kuko yari azi ko ari cyo mwanzi w'abo yashakaga guha umugisha no gukiza. Umuntu uwo ari we wese, nubwo yacumuye, yamubonagamo ko ari umwana w'Imana ukwiriye kuzahurwa akongera kugira amahirwe yo kugirana isano n'ijuru. {Ub 81.2}

"Kuko Imana itatumye Umwana wayo ku isi gucira abari mu isi ho iteka: ahubwo yabikoreye kugira ngo abari mu isi bakizwe na we." Yohana 3:17. Ubwo Kristo yitegerezaga

abantu mu mibabaro yabo no gusigingira kwabo, yabonye ko ahagaragara kwiheba no kurimbuka hari ibyiringiro. Ahababaga hagaragara ubukene runaka bwose, yahaboneraga amahirwe yo kubazahura. Abantu babaga bageragezwa, batsinzwe, bumva ko bazimiye kandi ko bagiye kurimbuka, yarabegeraga atagamije kubanenga no kubakoza isoni, ahubwo agendereye kubaha umugisha. {Ub 81.3}

Iyo yahuraga n'abantu bose, indamutso ye yabaga ari imigisha gusa. Igihe yitegerezaga imbaga y'abantu bari baje kumva Ikibwirizwa cyo ku Musozi, hari igihe byabaye nk'aho yibagirwa ko atari mu ijuru, bityo akoresha indamutso yamenyerewe n'ababa ahaba umucyo. Mu kanwa ke hasohokagamo imigisha idudubiza nk'isoko imaze igihe kirekire ifunzwe . {Ub 82.1}

Amaze kuvugana n'abari bafite ibyo bararikiye, abari banyuzwe n'ibinezeza by'iyi si, yabwiye inteko y'abantu bari aho ko, uko ubuneke bwabo bwaba bukomeye kose, abahirwa ari abakira umucyo abaha n'urukundo rwe. Kandi abakene mu mitima yabo, abashavura n'abarenganywa, yarambuye amaboko ye maze aravuga ati: "Nimuze munsange, . . . ndabaruhura." Matayo 11:28. {Ub 82.2}

Yarebaga umuntu wese akamubonamo ubushobozi butarondoreka ashobora kuzagira. Yitegerezaga abantu, akababona nk'uko bari kuzamera bamaze guhindurwa n'ubuntu bwe bagasa n'"ubwiza bw'Imana yacu." Zaburi 90:17. Iyo yabitegerezanyaga ibyiringiro, yabateraga ibyiringiro. Ubwo yahuraga na bo afite icyizere, yabongeragamo kwizera. Kubera kugaragariza muri we urugero nyakuri umuntu akwiriye kugeraho, yakanguraga icyifuzo no kwizera kugera kuri urwo rwego. Ubwo babaga bari imbere ye, abantu b'insuzugurwa n'abasaye mu byaha, bumvaga noneho ko bakiri abantu, bityo bakifuza kugaragaza ko koko bakwiriye agaciro yabahaye. Imitima myinshi yasaga n'iyamaze kugwa ikinya ku byerekeye ibintu byose byera, yarayikanguraga igakora bundi bushya. Abantu benshi babaga bihebye yabakinguriraga amahirwe yo kubona ubuzima bushya. {Ub 82.3}

Kristo yaziritse abantu ku mutima we akoresheje imirunga y'urukundo n'ubwitange; kandi akoresheje bene iyo mirunga, azirika abantu kuri bagenzi babo. Kuri we, urukundo ni rwo rwari ubuzima kandi ubuzima bwari ugukorera abandi. Yaravuze ati: "Mwaherewe ubuntu, mutangire ubundi." Matayo 10:8. {Ub 82.4}

Ku musaraba si ho honyine Kristo yitangiye ikiremwamuntu. Ubwo yagendaga "..agirira abantu neza" (Ibyakozwe 10:38), ibyo yakoraga buri munsi byose byababaga ari ugutanga ubugingo bwe. Ubwo buzima bwagombaga gushyigikirwa mu buryo bumwe gusa. Yesu yabagaho yishingikirije ku Mana ndetse no gusabana na Yo. Muri iki gihe abantu bajya ahiherereye h'Isumbabyose, bakajya mu gicucu cy'Ishoborabyose, bityo bakahamara igihe runaka maze umusaruro uvamo ukagaragarira mu bikorwa byiza bitagereranywa. Ariko

nyuma y'igihe ukwizera kwabo kuracogora, maze kwa gusabana n'Imana kugahagarara bityo wa murimo bakoraga ukangirika. Nyamara ubuzima bwa Yesu bwari ubuzima burangwa no guhora yiringiye, bugakomezwa no guhorana umushyikirano uzira kidobya yari afitanye na Se, bityo umurimo yakoreraga ijuru n'isi ntiwigeze ugwabira cyangwa ngo ubemo guhuzagurika. {Ub 83.1}

Nk'umuntu, yerekezaga gutakamba kwe ku ntebe y'ubwami y'Imana, kugeza ubwo ubumuntu bwe bushyizwemo imbaraga mvajuru yahuzaga ubumuntu n'ubumana. Yakiraga ubugingo buva ku Mana, maze yarangiza akabuha abantu. {Ub 83.2}

"Yemwe, ntabwo higeze kuba umuntu uvuga nka we." Yohana 7:46. Ibi byagombye kuba ari ukuri kuri Kristo iyo aba yarigishije ibijyana n'ibintu bifatika ndetse n'iby'ubwenge gusa, cyangwa ibyerekeye amahame mu magambo n'ibihimbano gusa. Iyo akora atyo aba yarahishuye ubwiru bwasabye imyaka amagana menshi yo gukora cyane no kwiga kugira ngo abantu basobanukirwe. Mu byerekeye ubumenyi, yashoboraga kuba yaratanze ibitekerezo byajyaga kugaburira intekerezo kandi bigakangurira abantu ubuvumbuzi bushya kugeza ku mperuka y'ibihe. Nyamara ntiyigeze akora bene ibyo. Nta kintu yigeze avuga agamije kumara abantu amatsiko cyangwa kubatera kurarikira ibijyanye na kamere yabo. Ntiyigeze ajya mu nyigisho z'amagambo y'amahamba atumvikana, ahubwo yigishaga ibintu by'ingenzi biganisha ku iterambere ry'imico; bya bindi bigamije kwagura ubushobozi bw'umuntu bwo kumenya Imana, kandi bikamwongerera imbaraga yo gukora icyiza. Yesu yavugaga ukuri gufitanye isano n'uburyo abantu bakwiriye kwitwara mu buzima kandi kwari ukuri guhuza abantu n'ubuzima bw'ibihe bidashira. {Ub 83.3}

Aho kugira ngo ayobore abamwumvaga kwiga inyigisho zahimbwe n'abantu ku byerekeye Imana, ijambo ryayo n'ibikorwa byayo, Yesu yabigishaga kwitegereza Imana nk'uko yagaragariraga mu byo akora, mu ijambo rye ndetse no mu byo yagiriraga abantu. Yatumaga intekerezo zabo zihura n'iz'Imana itarondoreka. {Ub 84.1}

Abantu "batangazwa no kwigisha kwe, kuko ijambo rye ryari rifite ubushobozi." Luka 4:32. Mbere yaho, nta muntu n'umwe wari warigeze kuvugana imbaraga nk'ize zakanguraga intekerezo, zigatuma abantu bagira inyota yo kugira ibyo barangamira, zigakangura ubushobozi bwose bw'umubiri, intekerezo n'ubugingo. {Ub 84.2}

Imyigishirize ya Kristo, kimwe n'impuhwe ze, byageraga ku bantu bose. Ntihashobora kugira ibintu bibaho mu mibereho y'abantu cyangwa ingorane izo ari zose mu mibereho y'umuntu bitigeze bivugwaho mbere mu myigishirize ye, kandi ngo amahame y'iyo myigishirize ye kuba icyigisho. Amagambo y'uwo Mwigisha w'abigisha azakomeza kuyobora abakorana na we bose kugeza ku mperuka y'ibihe. {Ub 84.3}

Kuri we, igihe turimo n'igihe kizaza, hafi na kure, byose byari bimwe. Yabonaga ibyo inyokomuntu ikeneye. Imbere ye yahabonaga ibizaba byose umuntu azakora mu mbaraga ze n'ibyo azageraho, akabona imbere ye ibigeragezo n'intambara, guhagarika umutima n'amakuba. Yari azi imitima yose, imiryango yose, ibinezeza n'ibishimisha byose, ndetse n'ibyo abantu barangamira. {Ub 84.4}

Ntiyavuganiraga abantu bose gusa ahubwo yanabwiraga bose. Ubutumwa bwe yabubwiraga bose: yaba umwana muto uri mu bihe binejeje by'ubuto; rwaba urubyiruko rugira ubwuzu n'umutima w'amatwara ya gisore; baba abagabo bageze mu kigero kirangwa n'imbaraga kandi baba bikoreye imitwaro y'inshingano no kwita ku bandi; baba abageze mu zabukuru mu ntege nke n'umunaniro w'izabukuru. Ubutumwa bwe yabugezaga ku bana b'abantu bose, bo mu bihugu byose no mu bihe byose. {Ub 84.5}

Mu nyigisho ze harimo ibintu byerekeye igihe abantu babaga barimo ndetse n'iteka ryose (harimo ibintu bigaragara bifitanye isano n'ibitagaragara, ibyabaga mu buzima busanzwe bimara igihe gito ndetse n'ingingo zikomeye zerekeye ubuzima buzaza. {Ub 85.1}

Ibintu bijyana n'ubu buzima yabishyiraga mu mwanya wabyo nyakuri, bikaza ku mwanya wa kabiri bikurikira iby'inyungu z'iteka ryose; ariko ntiyirengagije akamaro kabyo. Yigishije ko ijuru n'isi ari agati gakubiranije, kandi ko kumenya ukuri kw'Imana bitegurira umuntu kurushaho gukora neza inshingano ze zo mu buzima bwa buri munsi. {Ub 85.2}

Kuri Kristo, nta cyakorwaga nta ntego igamijwe. Imikino y'abana, imirimo y'abagabo, ibinezeza mu buzima, ibitera guhagarika umutima ndetse n'imibabaro, ibyo byose byari bigamije ikintu kimwe ari cyo: Guhishurwa kw'Imana kubwo kuzahura ikiremwamuntu. {Ub 85.3}

Ijambo ry'Imana ryasohokaga mu kanwa ke rikagera ku mitima y'abantu rifite imbaraga nshya n'ubusobanuro bushya. Inyigisho ze zatumye ibyerekeye irema byongera kugaragara mu mucyo mushya. Zatumye ibyaremwe byongera kugaragaraho imirasire ya kwa kurabagirana kwabyo icyaha cyari cyaranize. Mu bintu bifatika byose ndetse n'ibiba mu buzima hahishuriwemo icyigisho Imana yigisha kandi ko bigishoboka ko Imana igirana ubumwe n'abantu. Imana yongeye gutura ku isi; kandi imitima y'abantu yasobanukiwe ko Imana iri kumwe nabo. Isi yari igoswe n'urukundo rw'Imana. Ijuru ryari ryamanutse risanga abantu. Imitima y'abantu yabonye ko Kristo ari we wa wundi wari warabamenyesheje iby'ubugingo bw'iteka. - {Ub 85.4}

" .... Imanweli, ... Imana iri kumwe natwe." Matayo 1:23. {Ub 86.1}

Umurimo wose w'uburezi nyakuri ushingiye ku Mwigisha woherejwe n'Imana. Haba iby'uyu murimo ukorwa muri iki gihe ndetse n'umurimo yatangije mu myaka isaga ibihumbi bibiri ishize, Umukiza abivugaho agira ati: {Ub 86.2}

"Ndi uwa mbere kandi ndi uw'imperuka, kandi ndi Uhoraho" {Ub 86.3}

"Ni jye Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo." Ibyahishuwe 1:7; 21:6. {Ub 86.4}

Igihe hari Umwigisha nk'uwo, hakaba amahirwe nk'ayo yo guhabwa uburezi buva ku Mana, ni iki cyaba akaga karenze ubupfapfa bwo gushakira uburezi ku mwigisha utari Kristo. Ugashakira kuba umunyabwenge ku wundi usize Bwenge; ugashaka kuba umunyakuri wirengagije Kuri; ugashaka kumurikirwa usize Mucyo, kandi ugashaka kubaho usize Bugingo! [Mbega uburyo ari ubupfapfa] gusiga Sōko y'amazi y'ubugingo ukajya kwifukurira ibitega bitobotse bitabasha kubika amazi! {Ub 86.5}

Nimwumve uko Kristo akirarika agira ati: "Umuntu nagira inyota, aze aho ndi anywe. Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izatemba iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga." "Ariko unywa amazi nzamuha, ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho." Yohana 7:37-38; 4:14. {Ub 86.6}

9. URUGERO RW'UBURYO KRISTO YAKORESHAGA YIGISHA

"Abo wampaye mu isi mbamenyesheje izina ryawe. bari abawe, urabampa, none dore bitondeye ijambo rwawe." Yohana 17:6

Uburyo bwuzuye rwose Kristo yakoreshaga nk'Umwigisha, buboneka mu nzira yakoresheje atoza abigishwa be ba mbere uko bari cumi na babiri. Abo bantu bagombaga guhabwa inshingano ziremereye. Umukiza wacu yari yarabatoranyije ngo abuzuze Umwuka we, kandi bagombaga kuba bujuje ibyangombwa byose ngo bakomeze umurimo we ku isi igihe yari kuyivaho. Abo yabahaye amahirwe barushije abandi bose yo kubana no gusabana na we mu buryo butaziguye. Imibereho ye yayicengeje muri abo yari yatoranyije ngo bakorane. Yohana ukundwa aravuga ati: "Kandi ubwo Bugingo bwarerekanywe, turabubona, turabuhamya." 1 Yohana 1:2. {Ub 87.1}

Kubw'uko gusabana konyine (gusabana kw'intekerezo z'umuntu n'iz'Imana, uk'umutima w'umuntu n'uw'Imana no gusabana k'umuntu n'Imana), ni ho ya mbaraga itanga ubugingo ishobora kugezwa ku bantu, kandi uyu ni wo murimo w'uburezi nyakuri. Ubugingo bwonyine ni bwo bubyara ubundi bugingo. {Ub 87.2}

Igihe Umukiza yigishaga abigishwa be, yakurikizaga gahunda y'uburezi yahanzwe mbere na mbere. Ba bandi cumi na babiri batoranyijwe bwa mbere, ndetse n'abandi bantu bake bagiye bifatanya n'abigishwa binyuze mu murimo wo gukemura ubukene bwabo, abo bose bakoze umuryango wa Yesu. Babaga bari kumwe mu nzu, bagasangira, bakabana ahiherereye kandi bakajyana mu murimo. Bamuherekezaga mu ngendo yagiraga, bagasangira ibigeragezo n'imiruho, kandi iyo byabashobokeraga, bamwunganiraga mu murimo yakoraga. {Ub 87.3}

Rimwe na rimwe yabigishaga igihe babaga bicaranye mu mpinga y'umusozi, cyangwa se ku nkombe y'inyanja, cyangwa mu bwato bw'abarobyi, cyangwa se ubundi akabigisha bari mu nzira bagenda. Igihe cyose yabaga avugana n'imbaga y'abantu benshi, abigishwa be ni bo babanzaga kumukikiza. Bahataniraga kumwegera kugira ngo hatagira ijambo na rimwe ryo mu nyigisho ze ribacika. Bamutegaga amatwi ubudakebakeba kandi bafite ubwuzu bwo gusobanukirwa ukuri bagombaga kuzigisha mu bihugu byose no mu bihe byose. {Ub 88.1}

Abigishwa ba Yesu ba mbere yabatoranyije muri rubanda rugufi. Bari abantu bacishije bugufi, abantu batize, abarobyi b'i Galilaya; abantu batize iby'ubwenge n'imigenzo by'abigishamategeko. Ahubwo bari baratojwe no kwimenyereza gukora cyane ndetse n'umuruho. Bari abantu bafite ubushobozi kavukire kandi bakagira n'umutima wemera kwigishwa. Bari abantu bashoboraga kwigishwa no gutunganyirizwa gukora umurimo w'Umukiza. Ni na ko bimeze mu bisanzwe by'ubu buzima, hari abantu bakorana

kwihangana bagasohoza inshingano zabo za buri munsi, batazi ko bafite imbaraga zuje impano zishobora gutuma bashyirwa mu bayobozi bakomeye b'isi igihe izo mbaraga zikanguwe maze zigakoreshwa. Abantu bahamagawe n'Umukiza ngo bafatanye umurimo ni ko bari bateye. Kandi abo bigishwa bagize amahirwe yo kumara imyaka itatu bigishwa n'Umurezi uhebuje abandi bose bigeze kuba ku isi. {Ub 88.2}

Abo bigishwa ba Yesu ba mbere bari bafite ibintu byinshi kandi bikomeye batandukaniyeho. Bagombaga kuzigisha ku isi yose, kandi barimo abantu b'amaharakwinshi. Barimo Lewi Matayo wari umukoresha w'ikoro watoranyijwe akuwe mu buzima bw'ubucuruzi, kandi wakoreraga Abaroma; barimo Simoni wabarizwaga mu itsinda ry'Abayahudi bari barigometse ku ngoma y'Abaroma, akaba yari intagondwa kandi yanga cyane Abaroma bari barabakandamije; barimo Petero, akaba yari igihubutsi, umuntu wiyemeraga ariko akaba umugwaneza; hari na Andereya umuvandimwe we, hari na Yuda wakomokaga mu ntara ya Yudeya wakoranaga ubwitonzi, akaba umuhanga, ariko ntarebe kure. Harimo Filipo na Tomasi, bakaba bari abantu b'abizerwa kandi bagira ubwuzu bakaba baratindaga kwizera; harimo Yakobo akaba yari muto muri bo na Yuda, ariko bombi bakaba batarakundaga kwigaragaza muri bagenzi babo, nyamara bari abanyambaraga bangaga kuba ibigwari haba mu mafuti bagiraga ndetse no mu mico myiza yabarangaga. Harimo Natanayeli, warangwaga no kuba umunyakuri no kwizera nk'umwana muto; kandi harimo na bene Zebedayo barangwaga no kurarikira ariko ndetse n'umutima w'urukundo. {Ub 88.3}

Kugira ngo habeho gusohozwa neza k'umurimo bari barahamagariwe, abo bigishwa bari batandukanye cyane mu mico kamere yabarangaga, mu byo batojwe, ndetse no mu byo bamenyereye mu buzima, bari bakeneye kunga ubumwe mu buryo babona ibintu, mu bitekerezo ndetse no mu bikorwa. Ubwo bumwe ni bwo Kristo yari agamije gusigasira. Kugira ngo bazabashe kugera kuri ubwo bumwe, Kristo yashakaga ko baba umwe muri We. Umutwaro wari umuremereye werekeye umurimo yagombaga kubakorera ugaragarira mu isengesho yasenze Se agira ati: "Ngo bose babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe umwe muri twe, ... ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk'uko wankunze" Yohana 17:21-23. {Ub 89.1}

Imbaraga ya Kristo ihindura

Muri abo bigishwa cumi na babiri, bane bagombaga gukora umurimo ukomeye, kandi buri wese mu cyerekezo cyihariye. Mu rwego rwo gutegura ibyo, Kristo yabigishije nk'ubonera ibintu byose mbere y'igihe. Yakobo yagombaga kuzicwa urupfu rutunguranye yicishijwe inkota; Yohana waramye kurusha abandi bigishwa yagombaga gukurikira Umwami we mu murimo no mu karengane; Petero yagombaga kujya ku ruhembe rw'imbere arenga ibyatandukanyaga abantu byari bimaze igihe kirekire, maze akageza ubutumwa bwiza ku

bapagani. Yuda wari ufite umurimo ukomeye mu bavandimwe be, yari afite umugambi yitaga ko ari mwiza, ariko ntiyatekerezaga ku musaruro azavanamo. Abo ni bo bahoraga bahangayikishije Kristo, kandi ni bo bakiraga amabwiriza adahwema ndetse arimo gushishoza yahoraga abagezaho. {Ub 89.2}

Petero, Yakobo na Yohana bakoraga ibishoboka byose kugira ngo bahore hafi y'Umwigisha wabo kandi icyifuzo cyabo cyarasubijwe. Mu bigishwa bose uko bari cumi na babiri, abo batatu bari bomatanye na We cyane mu mubano bari bafitanye. Ariko Yohana we yashoboraga kunyurwa ari uko gusa agiranye na we ubusabane budasanzwe, kandi ibyo yabigezeho. Igihe yaganiraga na Yesu bwa mbere ku nkombe ya Yorodani, ubwo Andereya yari amaze kumva Yesu maze akihutira kujya guhamagara umuvandimwe we Yohana, Yohana uyu yicaye atuje, maze atwarwa no gutega amatwi insanganyamatsiko zitangaje [Yesu yigishaga]. Yakurikiye Umukiza kandi agahora amuteze amatwi abishishikariye. Ariko kandi Yohana ntiyari inziramakemwa. Ntabwo yari umugwaneza, yewe nta n'ubwuzu yagiraga. We n'umuvandimwe we bitwaga: "abana b'inkuba." Mariko 3:17. Yohana yari umwibone, yakundaga icyubahiro kandi yari umunyamahane; ariko hirya y'izo nenge zose, Umwigisha wavuye mu ijuru yamubonagamo umutima urangwa n'umwete, ukuri n'urukundo. Yesu yacyashye kwishakira inyungu ze bwite kwe, ntiyamuha ibyo yari arangamiye, kandi agerageza ukwizera kwe. Nyamara Umukiza yamuhishuriye icyo umutima we wifuzaga cyane ari cyo: ubwiza bw'ubutungane, ndetse n'urukundo rwe ruhindura. Yesu yabwiye Se ati: "Abo wampaye mu isi mbamenyesheje izina ryawe" Yohana 17:6. {Ub 90.1}

Yohana yari afite kamere yifuzaga urukundo cyane, akifuza kugirirwa impuhwe no kuba mu itsinda ry'incuti ze. Yiyegerezaga Yesu cyane, akamwicara iruhande maze akamwegamira mu gituza. Muri icyo gihe, umucyo n'ubugingo bivuye mu ijuru byamucengeragamo nk'uko izuba n'ikime bicengera mu rurabyo. Yitegerezaga Umukiza amuramya kandi amugaragariza urukundo kugeza ubwo gusa na Kristo no gusabana na We byaje guhinduka icyifuzo cye rukumbi, kandi mu mico ye hagaragaragariraga imico y' Umwigisha we. {Ub 90.2}

Yohana yaravuze ati: "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana: kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye, kuko batayimenye. Bakundwa, ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora, icyo tuzi ni uko Yesu niyerekanwa, tuzasa na we, kuko tuzamureba uko ari. Kandi ufite ibyo byiringiro muri we, yiboneze, nk'uko uwo aboneye." 1 Yohana 3:1-3. {Ub 91.1}

Intege nke zasimbuwe n'imbaraga

Iyo usesenguye cyane amateka y'abigishwa ba Yesu, usanga nta n'umwe ufite amateka asobanura neza uburyo bw'imyigishirize Kristo yakoreshaga kurenza amateka ya Petero.

Yashiraga amanga, agashotorana, akiyemera, akagira ishyushyu ryo gusobanukirwa vuba no guhita ashyira mu bikorwa, akarangwa no kwihōrera atazuyaje ariko kandi akaba umunyabuntu mu byo kubabarira. Petero yakoraga amafuti kenshi kandi ibihe byinshi yaracyahwaga. Nyamara umutima we wo kuba indahemuka kuri Kristo no kumuyoboka ntibyabuze kwitabwaho mu buryo bukomeye kandi ngo abishimirwe. Mu mwuka wo kwihangana n'urukundo rwihariye, Umukiza yagiraga icyo akorera uwo mwigishwa we wahubukaga, Umukiza akabikora ashaka gucogoza kwiyemera kwe ndetse no kumwigisha kwicisha bugufi, kumvira no kwiringira. Nyamara, iryo somo Petero yaryize by'igice. Ntabwo kwiyemera kwe kwaranduwe burundu. {Ub 91.2}

Ibihe byinshi Yesu yabaga yikoreye umutwaro umuremereye cyane, utsika umutima we, kandi uwo mutwaro wari uwo uko yashakaga guhishurira abigishwa ibigeragezo no kubabazwa yari kuzanyuramo. Nyamara amaso yabo yari atarahumuka! Ntabwo bakiriye ibyo yababwiraga kandi ntibababisobanukirwaga. Impuhwe zaterwaga no kumva atafatanya na Kristo mu mubabaro we zateye Petero kubwira Yesu amuhana agira ati: "Biragatsindwa Mwami; ibyo ntibizakubaho na hato." Matayo 16:22. Ayo magambo Petero yavuze yerekanye ibitekerezo by'abigishwa bose uko bari cumi na babiri. {Ub 91.3}

Uko ni ko bakomeje gutekereza, akaga nako gakomeza kubasatira, bakomeza kwirata bajya impaka, barangamiye kwigabanya imyanya y'icyubahiro, ntibigere batekereza iby'umusaraba. {Ub 92.1}

Ibyo Petero yahuye nabyo byagize icyo byigisha buri mwigishwa wese. Iyo ikigeragezo kigeze ku muntu wiyemera, kimukubita incuro. Kristo ntiyashoboraga kuburizamo ingaruka z'icyaha cyari kitarazibukiriwe. Ariko uko yari yararamburiye ikiganza gukiza igihe Petero yari agiye kurengerwa n'imiraba, ni na ko urukundo rwa Kristo rwarambukiye kurokora Petero ubwo imuhengeri harengeraga ubugingo bwe. Incuro nyinshi, ubwo yari hafi cyane y'irimbukiro, Petero yakomeje kuvuga amagambo yo kwiyemera kugeza ku munota wa nyuma. Incuro nyinshi Petero yagiye aburirwa ngo: "Petero, ndakubwira yuko uyu munsi inkoko itaza kubika, utaranyihakana gatatu, ko utanzi." Luka 22:34. Petero wari ufite umutima ubabaye kandi wuje urukundo ni we wasubizanyije ikiniga ati: "Mwami, niteguye kujyana na we mu nzu y'imbohe ndetse no mu rupfu." (Luka 22:33); kandi Yesu usoma ibiri mu mutima yamuhaye ubutumwa bwahawe agaciro gake icyo gihe, ariko rero igihe umwijima wari kubudika, ubwo butumwa bwari gutanga imirasire y'ibyiringiro. Yaramubwiye ati: "Simoni, Simoni, dore Satani yabasabye ngo abagosore nk'amasaka; ariko weho ndakwingingiye ngo kwizera kwawe kudacogora. Nawe numara guhinduka, ukomeze bagenzi bawe." Luka 22:31,32. {Ub 92.2}

Igihe Petero yari amaze kuvuga amagambo yo kwihakanira Shebuja mu cyumba cy'urukiko; igihe urukundo no kuba indahemuka bya Petero byari bimaze gukangurwa n'uko n'Umukiza we wamurebanye impuhwe, urukundo n'umubabaro, ibyo byamuteye kujya mu gashyamba ka kandi Yesu yari yarasengeyemo arira. Igihe amarira yo kwicuza kwa Petero yagwaga ku butaka bwari bwaratohejwe n'ibitonyanga by'amaraso ya Kristo igihe yahasengeraga afite umubabaro mwinshi, ubwo ni bwo Petero yibutse amagambo Umukiza yari yamubwiye agira ati: "Ndakwingingiye.... ngo numara guhinduka, ukomeze bagenzi bawe." Nubwo Kristo yari yabonye icyaha cya Petero rugikubita, ntabwo yamwirengagije ngo aheranwe no kwiheba. . {Ub 92.3}

Iyo indoro ya Yesu iza kugaragarira Petero nk'imuciraho iteka aho kumwereka impuhwe; iyo igihe Kristo yamubwiraga icyaha ari bugwemo ataza kumubwira amagambo amutera ibyiringiro, mbega uburyo umwijima w'icuraburindi wari kugota Petero wari kuba umeze! Mbega ukuntu uwo mutima wari uremerewe wari kuba udafite ibyiringiro na mba! Muri iyo saha y'agahinda gakomeye no kwizinukwa, ni iki kiba cyaramubujije kunyura inzira Yuda yanyuzemo akiyahura? {Ub 93.1}

Nyamara Kristo utararinze umwigishwa kugira umubabaro ukomeye, ntabwo yigeze amutererana ngo amusige wenyine mu kangaratete. Kristo ni urukundo rudacogora kandi rutagira uwo ruhana. {Ub 93.2}

Abantu bafite kamere ibogamira mu cyaha, usanga ari bo batagaragariza impuhwe bagenzi babo bageragezwa ndetse n'abayoba inzira. Ntibashobora gusoma ibiri mu mitima kandi, ntibamenya intambara umutima uba urwana na yo ndetse n'umubabaro ufite. Bene abo bakeneye kwigira ku gucyaha kuje urukundo, bakiga uburyo bwo guhana bagakomeretsa ariko kandi bakomora, kandi bakiga ibyo gutanga umuburo urimo ibyiringiro. {Ub 93.3}

Umukiza wacu amaze kuzuka, ntiyavuze izina rya Yohana wa wundi wari kumwe na we mu cyumba cy'urukiko, wa wundi wahagaze iruhande rw'umusaraba, kandi mu bigishwa cumi na babiri akaba yarabaye uwa mbere wageze ku gituro; ahubwo yavuze izina rya Petero. Marayika yaravuze ati: "Nimugende mubwire abigishwa be na Petero muti: 'Arababanziriza kujya i Galilaya; iyo ni ho muzamubonera." Mariko 16:7. {Ub 93.4}

Igihe Kristo yari ari kumwe n'abigishwa be ubwa nyuma bari iruhande rw'inyanja, Umukiza yagerageje Petero incuro eshatu, amubaza ikibazo kimwe ati: "Simoni mwene Yohana, urankunda?" Petero yongeye gusubizwa mu mwanya mu bigishwa cumi na babiri. Petero yahawe umurimo agomba gukora; yagombaga kuragira umukumbi w'Uwiteka. Nuko Yesu amuha amabwiriza yihariye aheruka, aramubwira ati: "Nkurikira." Yohana 21:17,22. {Ub 94.1}

Ubwo ni bwo Petero yashoboraga kunyurwa n'amagambo ya Yesu. Noneho Petero yabashije gusobanukirwa icyigisho Kristo yari yarabigishije igihe yahagarikaga umwana muto hagati y'abigishwa be maze akabasaba guhinduka nk'uwo mwana muto. Kubera ko Petero yari azi neza intege nke ze n'imbaraga za Kristo, yari yiteguye kwiringira no kumvira. Petero yashoboraga gukurikira Shebuja yishingikirije ku mbaraga Ze. {Ub 94.2}

Ubwo yari ageze ku iherezo ry'ibyo yanyuzemo mu murimo we no kwitanga, Petero wari warigeze kugaragaza ko adasobanukiwe umusaraba, noneho yabonye ko ari umunezero kuri we guhara ubuzima bwe kubw'ubutumwa bwiza. Kuri we wari warigeze kwihakana Umwami we, noneho yiyumvisemo ko gupfa urupfu nk'urwo Shebuja yapfuye ari icyubahiro gihebuje. {Ub 94.3}

Uguhinduka kwa Petero kwabaye igitangaza gikozwe n'urukundo mvajuru. Byongeye kandi, iki ni icyigisho mu buzima bwose bw'abantu bashaka kugera ikirenge mu cy'Umwigisha Mukuru. {Ub 94.4}

Kwigishirizwa mu rukundo

Kristo yakeburaga abigishwa be, akababurira kandi akababwira ibyo bagombaga kwitondera; ariko Yohana na Petero ndetse n'abavandimwe babo ntibigeze bamusiga. Nubwo Yesu yajyaga abacyaha, bahisemo kubana nawe. Kandi n'Umukiza nawe ntiyigeze yitandukanya nabo bitewe n'amafuti yabo. Umukiza afata abantu uko bari, n'inenge zabo zose n'intege nke zabo, maze akabatoza gukora umurimo we igihe bemeye gukurikiza amatwara ye no kwigishwa na we. {Ub 94.5}

Nyamara kugeza hafi y'iherezo ry'umurimo we, hari umwe mu bigishwa be cumi na babiri atigeze abwira ijambo na rimwe ryo kumucyaha. {Ub 95.1}

Yuda yazanye umwuka wo kutavuga rumwe mu bigishwa. Igihe Yuda yifatanyaga na Yesu, yari yarakuruwe n'imico myiza ya Yesu n'imibereho yamubonanye. Mu by'ukuri, Yuda yari yarifuje guhinduka muri we, kandi yari afite n'ibyiringiro byo guhinduka abikesheje komatana na Yesu. Nyamara iki cyifuzo nticyabaye nyambere muri we. Yagengwaga no kwiringira ko azabona indamu mu bwami bw'isi yari yiteze ko Kristo azīmika. Nubwo Yuda yari azi imbaraga mvajuru zigaragarira mu rukundo rwa Kristo, ntiyigeze areka ngo iyo mbaraga imutegeke. Yakomeje kwihambira ku myumvire ye n'ibitekerezo bye, yihambira ku mwuka umuranga wo kunenga no gucira abandi imanza. Kubera ko imigambi ya Kristo n'ibikorwa bye akenshi byari birenze kure imyumvire ya Yuda, byamuteraga gushidikanya kandi akabihinyura, kandi uwo mwuka wo kwibaza byinshi kwe no kurarikira yawinjizaga mu bandi bigishwa. Akenshi guhora barwanira kuba bakuru mu bandi ndetse no kutanyurwa

n'uburyo Kristo yakoreshaga kwabo, Yuda ni we wabaga ari nyirabayazana wabyo. {Ub 95.2}

Yesu amaze kubona ko guhangana [na Yuda] nta kindi byageraho uretse kumunangira, yahisemo kutishora mu rugamba imbonankubone. Kristo yashatse gukiza Yuda umwuka warangaga imibereho ye wo kwikanyiza no kwishakira indamu akoresheje kumusanga amwereka urukundo Rwe rwitanga. Mu myigishirize ye, Kristo yashyize ahagaragara amahame yacengeraga akagera ku muzi wo kurarikira no kwishakira indamu warangaga Yuda. Icyigisho cyajyaga gisimburana n'ikindi, kandi incuro nyinshi Yuda yajyaga abona ko imico ye ari yo yagaragajwe n'icyaha cye cyashyizwe ku mugaragaro; ariko yanze kwihana. {Ub 95.3}

Yuda akomeje kwinangira, imbaraga y'ikibi yaramwigaruriye burundu. Yuda arakajwe no kumva ko acyashywe kandi yumvise abuze amajyo kubwo gucibwa intege n'uko ibyo yari agambiriye bitagezweho, umutima we yaweguriye dayimoni uteza umururumba, maze afata icyemezo cyo kugambanira Shebuja. Nuko ava mu cyumba basangiriragamo ibya Pasika, asiga umunezero waturukaga ku bwiza bwa Kristo, kandi asiga n'umucyo watangaga ibyiringiro by'ubugingo buhoraho, maze Yuda aboneza inzira ajya gukora igikorwa cy'inkoramaraso - ajya hanze mu mwijima hatarangwaga ibyiringiro na bike. {Ub 96.1}

"Kuko uhereye mbere na mbere, Yesu yari azi abatizera abo ari bo, n'uzamugambanira uwo ari we." Yohana 6:64. Nubwo Umukiza yari azi ibyo byose, ntiyahwemaga kwinginga Yuda ngo yakire imbabazi ze n'impano y'urukundo. {Ub 96.2}

Kristo wari warabonye akaga Yuda arimo, yari yaramwiyegereje, amushyira mu itsinda ry'abigishwa be yari yaratoranyije bamubaga bugufi. Uko iminsi yahitaga indi igataha, uko umutwaro warushagaho gutsikamira umutima w'Umukiza, Umukiza ubwe yari yarihanganiye umubabaro waturukaga ku guhorana n'uwo muntu wari winangiye, agahorana urwikekwe kandi agahora yubikiriye. Kristo yari yaramaze kubona ko mu bigishwa be harimo umwuka mubi udashira wo guhangana, ukora mu ibanga kandi utagaragarira buri wese, bityo yari yaragiye akora ibishoboka byose ngo awukumire. Ibi byose yabikoreraga kugira ngo uyu muntu wari mu nzira igana irimbukiro ye kubura uburyo na bumwe bwo gukira. {Ub 96.3}

"Amazi menshi ntiyazimya urukundo, n'inzuzi zuzuye ntizarurenga hejuru." {Ub 96.4}

"Kuko urukundo rukomeye nk'urupfu." Indirimbo ya Salomo 8:7,6. {Ub 96.5}

Ku byerekeye Yuda, umurimo wa Kristo wuje urukundo wari wabaye impfabusa. Ariko si ko byari bimeze ku bandi bigishwa bagenzi be. Kuri bo umurimo wa Kristo wari warababereye icyigisho cy'imbaraga ihindura mu buzima bwabo bwose. Urugero

rw’ubugwaneza no kwihangana yabahaga mu murimo we, rwagombaga guhindura uko bitwara ku bageragazwa n’abayobagurika. Umurimo we kandi wari ufite ibindi byigisho ubigisha. Igihe abigishwa cumi na babiri berezwaga gukora umurimo w’ibwirizabutumwa, abigishwa bari baragaragaje icyifuzo gikomeye cy’uko Yuda yaba umwe muri bo, kandi babonaga ko kuza mu bo kwe ari ikintu gitanga icyizere ku itsinda ry’intumwa. Yuda yari yarahuye n’abantu benshi kandi yaragenze henshi kurusha abandi bigishwa, yari intyoza, azi gushishoza kandi amenyereye iby’ubuyobozi. Kubera ko na we yumvaga afite agaciro kubw’ibyo byangombwa yari yujuje, yari yarateye abandi bigishwa kumufata batyo nabo. Ariko uburyo bw’imikorere yifuzaga kwinjiza mu murimo wa Kristo bwari bwubakiye ku mahame y’ab’isi kandi bwagengwaga n’amategeko y’ab’isi. Ubwo buryo bwe bwashakaga kuzana kumenyekana no kubahwa by’ab’isi, agamije ubutegetsi mu ngoma y’iyi si. Kwigaragaza kw’ibyo byifuzo mu buzima bwa Yuda kwafashije abigishwa gusobanukirwa n’ihangana ritajenjetse riri hagati y’ihame ryo kwikuza n’ihame rya Kristo ryo kwicisha bugufi no kwitanga, ari na ryo hame rigenga ubwami bw’umwuka. Uko Yuda yasoje ubuzima bwe babibonyemo iherezo umwuka wo kwishakira indamu uganishaho. {Ub 96.6}

Kuri abo bigishwa bandi, amaherezo umurimo wa Kristo wasohoje umugambi wawo. Buhoro buhoro, urugero yatangaga n’inyigisho yabigishaga zerekeye kwiyanga byahinduye imico yabo. Urupfu rwe rwakuyeho ibyiringiro bari bafite byo gukomera kw’ab’isi. Gutsindwa kwa Petero, ubuhakanyi bwa Yuda, gutsindwa kwabo bwite ubwo bahānaga Kristo ari mu gihe cy’umubabaro n’amakuba, byakuyeho rwose umwuka wo kumva bihagije. Bahereyeko babona intege nke zabo, maze basobanukirwa n’uburemere bw’umurimo bahawe, bityo bumva uburyo bakeneye kuyoborwa na Shebuja mu ntambwe yose batera. {Ub 97.1}

Bamenye ko atagikomeje kubana na bo bamureba imbonankubone, bityo, bitandukanye n’uko bari basanzwe babizi, basobanukirwa noneho n’uburemere bw’amahirwe bari baragize yo kugendana no kuvugana n’Uwo Imana yari yaratumye. Igihe yabigishaga byinshi mu byigisho bye ntibari barabyishimiye cyangwa ngo babisobanukirwe; ariko noneho bifuzaga cyane kwibukiranya ibyo byigisho, no kumva yongera kubibasubiriramo. Mbega ibyishimo bagiraga ubwo bibukaga isezerano rye rigira riti: {Ub 98.1}

“Ariko ndababwira kuri yuko ikizagira icyo kibamarira, ari uko ngenda: kuko nintagenda, Umufasha atazaza aho muri: ariko ningenda, nzamubohereza.” “Kuko ibyo numvise kuri Data byose mbibamenyesheje.” “Umufasha ni we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose, azabibutse ibyo nababwiye byose.” Yohana 16:7; 15:15; 14:26. {Ub 98.2}

“Ibyo Data afite byose ni ibyanjye: ni cyo gitumye mvuga nti: “Azenda ku byanjye, abibabwire.” “Uwo Mwuka w’ukuri naza, azabayobora mu kuri kose: ... kuko azenda ku byanjye akabibabwira.” Yohana 16:15, 16:13,14. {Ub 98.3}

Abigishwa bari barabonye Kristo ava hagati yabo azamuka ubwo bari ku musozi wa Elayono. Kandi igihe ijuru ryakiraga Kristo, abigishwa bumvise isezerano abahaye abasezeraho agira ati: “Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.” Matayo 28:20. {Ub 98.4}

Bari bazi ko impuhwe ze zikiri kumwe nabo. Bamenye ko bafite ubahagarariye, kandi akababera n’umurengezi imbere y’intebe y’ubwami y’Imana. Basabaga mu izina rya Yesu, bagasubiramo isezerano rye rigira riti: “Icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye, azakibaha” Yohana16:23. {Ub 98.5}

Baramburaga ukuboko ko kwizera bakakugeza hejuru cyane, bishingikirije ku isezerano rikomeye rivuga riti: “Ni nde uzazicira ho iteka? Ni Kristo Yesu kandi ari we wazipfiriye; ndetse akaba yarazutse, ari iburyo bw’Imana adusabira?” Abaroma 8:34. {Ub 98.6}

Kristo wari waratumwe n’Imana, akaba ari indahemuka ku isezerano rye, kandi akaba yari yahawe ikuzo mu ijuru, ukuzura kwe yaguhaye ku bayoboke be bari ku isi. Ukwimikwa kwe akicazwa iburyo bw’Imana kwamenyekanishijwe no gusukirwa Mwuka Muziranenge kw’abigishwa be. {Ub 99.1}

Umurimo Kristo yari yarakoze ni wo wari warateye abigishwa kumva uburyo bakeneye Mwuka Muziranenge. Kubwo kwigishwa na Mwuka, bateguwe ubuheruka maze bajya ku murimo bagombaga gukora mu buzima bwabo bwose. {Ub 99.2}

Ubujiji bwose n’ubunyamusozi bari bamaze kubusezeraho. Ntibari bakiri itsinda rigizwe n’udutsinda duto duto twigenga cyangwa ngo ribe rigizwe n’abantu babusanya kandi bafitanye amakimbirane. Ntabwo ibyiringiro byabo byari bigishingiye ku gukomera kw’isi. Bari bahuje rwose, bahuje umutima n’umwuka. Kristo yari yuzuye ibitekerezo byabo. Intego yabo yari iyo guteza imbere ubwami bwe. Haba mu ntekerezo ndetse no mu mico, bari barahindutse nka Shebuja; maze abantu “bibuka ko babanaga na Yesu.” Ibyakozwe n’Intumwa 4:13. {Ub 99.3}

Icyo gihe habayeho uguhishurwa kw’ikuzo rya Kristo birenze uko ryigeze ribonwa n’abantu bapfa. Imbaga y’abantu bajyaga batuka izina rye kandi bagasuzugura ububasha bwe, baratuye bahamya ko babaye abigishwa b’Uwabambwe. Binyuze mu gukorana na Mwuka w’Imana, imirimo y’abantu bacishije bugufi Kristo yari yaratoranyije yanyeganyeje isi. Mu gisekuru kimwe gusa, ubutumwa bwiza bwabwirijwe mu mahanga yose yo munsi y’ijuru. {Ub 99.4}

Wa Mwuka woherejwe mu cyimbo cya Kristo kugira ngo wigishe abakoranaga na We ba mbere, ni na We Kristo yatumye ngo ajye kwigisha abakozi bakorana na We muri iki gihe. Isezerano Kristo yatanze ni iri ngo: “Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y’isi.” Matayo 28:20. {Ub 99.5}

Kuboneka k’uwo muyobozi mu murimo w’uburezi muri iki gihe bizatanga umusaruro nk’uwabonetse muri icyo gihe cya kera. Uwo ni wo mugambi uburezi nyakuri bwerekezaho; kandi uyu ni wo murimo Imana ishaka ko urangizwa. {Ub 99.6}

IV. KWIGIRA KU BYAREMWE

10. IMANA MU BYAREMWE

"Ubwiza bwayo bwakwiye ijuru, kandi isi yuzuye gusingizwa kwayo." Habakuki 3:3.

Ibyaremwe byose bigaragaraho ikimenyetso cy'Ubumana. Ibyaremwe bihamya ko Imana iriho. Umuntu wese ushyira mu gaciro iyo yitegereje ibitangaza n'amayobera aboneka mu isanzure, ntabura kubona imikorere y'ububasha butagira iherezo. Ntabwo isi itanga ubukungu butunze abantu kandi ngo izenguruke izuba buri mwaka biturutse mu mbaraga zayo bwite. Ahubwo hari ukuboko kutaboneshwa amaso y'abantu kuyobora imibumbe mu rugendo ikora mu kirere. Hari ufite ubuzima bw'amayobera ku bantu wuzuza isi ibiyiriho: ni We ubeshaho imibumbe itabarika; ubuzima atanga ni bwo buba mu gasimba gato cyane gahuhwa n'umuyaga wo mu cyi; ni bwo buha intashya amababa igashobora kugururuka, kandi bukagaburira utwana tw'igikona dutaka, ndetse ubwo buzima atanga ni bwo butera ururabyo kumbūra, rugasohoka mu mugengararo maze imbuto zarwo zikajya ahagaragara. {Ub 102.1}

Ubwo bubasha bubeshejeho ibyaremwe, ni nabwo bukorera mu muntu. Ya mategeko akomeye agenga imikorere y'inyenyeri n'utuntu duto cyane, ni nayo agenga ubuzima bwa muntu. Amategeko agenga imikorere y'umutima, akagenga imitemberere y'imbaraga izana ubuzima mu mubiri wose, ayo ni amategeko ya Nyirubwenge buhebuje, We ufite ubutware ku bugingo. Ubuzima bwose bukomoka kuri We. Imikorere nyakuri y'ubugingo ishobora kubonerwa gusa mu kutabusanya na We. Igisabwa kigomba kuzuzwa kubyo yaremye byose ni kimwe ari cyo iki: ubuzima bukomezwa kubwo kwakira ubugingo bw'Imana kandi bugakoreshwa mu bihuje n'ubushake bw'Umuremyi. Kwica amategeko y'Umuremyi, yaba ari agenga umubiri, ubwenge n'imibereho y'abantu muri rusange, ni ukwitandukanya na gahunda y'imikoranire n'isanzure, ni ukuzana ukubusanya, umuvurungano no kurimbuka. {Ub 102.2}

Bityo, ku muntu wiga gusobanura ibyigisho ibyaremwe bimwigisha, asanga ibyaremwe byose bifite icyo bisobanura. Icyo gihe isi iba igitabo yigiramo naho ubuzima bukaba ishuri. Kunga ubumwe k'umuntu n'ibyaremwe ndetse n'Imana, ubutware bukwiriye isi bw'amategeko ndetse n'ingaruka zo gucumura, ibyo byose ntibyananirwa gukora ku ntekerezo z'umuntu no guhindura imico ye. {Ub 103.1}

Ibyo ni byo byigisho abana bacu bakwiriye kwiga. Ku mwana muto utarashobora kwigira mu bitabo cyangwa ngo yinjizwe muri gahunda yo kwiga y'akamenyero ikorerwa mu ishuri, ibyaremwe ni isōko idakama itanga inyigisho n'umunezero. Umutima utaranangirwa no guhura n'ibibi usobanukirwa vuba n'Imana igaragarira mu byaremwe byose. Ugutwi

kutarazibwa n'urusaku rw'iby'isi kuba kwiteguye kumva Ijwi rivugira mu byaremwe. Naho ku bana bisumbuye, bakeneye guhora bibutswa iby'umwuka n'iby'iteka ryose ibyaremwe byigisha bucece, ibyigisho ibyaremwe bitanga biba isōko y'umunezero n'amabwiriza. Uko abaturage bo muri Edeni bigiraga ku byaremwe, uko Mose yashoboye gusobanukirwa n'inyandiko y'Imana yari ku bibaya no mu mpinga z'imisozi ya Arabiya, kandi na Yesu akiri umwana akabona iyo nyandiko mu mabanga y'imisozi y'i Nazareti, ni ko abana bo muri iyi minsi bashobora kumwigiraho. Ibitagaragara byerekanwe hakoreshejwe ibigaragara. Ku kintu cyose kiri ku isi, uhereye ku biti by'inganzamarumbo byo mu ishyamba ukageza ku tumera duto cyane turandaranda ku rutare, kuva ku nyanja ngari ukugeza ku bikonoshwa by'ikinyamujonjorerwa bitakara ku nkombe, abana bashobora kubibonaho ishusho y'Imana n'inyandiko yayo. {Ub 103.2}

Uko bishoboka kose, nimutyo umwana ashyirwe ahantu iki gitabo gitangaje kiba kibumburiwe imbere ye uhereye akiri muto cyane. Mureke umwana yitegereze ibintu by'agahozo biri mu kirere byashushanyijwe n'Umunyabugeni uhebuje abandi. Mureke umwana yimenyereze ibitangaza biri ku isi no ku nyanja, mumureke yitegereze ubwiru bwerekeye uko ibihe by'umwaka bikurikirana, kandi yigire iby'Umuremyi mu mirimo yakoze yose. {Ub 103.3}

Nta bundi buryo hashyirwaho urufatiro rutajegajega kandi rwizewe rw'uburezi nyakuri uretse ubwo. Nyamara n'umwana ubwe, igihe ari mu byaremwe, azibonera intandaro y'ibihangayikisha abantu. Azatahura imikorere y'imbaraga zihanganye. Iyo bigeze aha ni ho ibyaremwe bikenera ubisobanura. Iyo witegereje ukuntu icyaha cyangije ibyaremwe, usanga byose bitwigisha amasomo ateye agahinda. "Umwanzi ni we wagize atyo" Matayo 13:28. {Ub 104.1}

Ibyo ibyaremwe byigisha bishobora gusomwa mu buryo bukwiriye bisomewe gusa mu mucyo umurika uva i Kaluvari. Binyuze mu gitekerezo cy' i Betelehemu n'icy'umusaraba, mureke hagaragazwe uburyo gutsinda ikibi ari byiza, ndetse n'ukuntu umugisha wose utugeraho ari impano ituruka ku gikorwa cyo kuducungura. {Ub 104.2}

Ikibi cyonona kandi cyangiza kigaragarizwa mu mikeri n'amahwa n'urukungu. Ariko urukundo rw'Imana ruzahura rugaragarira ku nyoni ziririmba, ku ndabyo zirabya, ku mvura no mu mirasire y'izuba. Urukundo ruzahura rugaragarira no mu kayaga gatuje ko mu mpeshyi, ku kime cyiza, ku bintu bitabarika biri mu byaremwe, uhereye ku biti binini by'inganzamarumbo byo mu ishyamba ukageza ku rurabo rwiza rumera ku mizi yacyo. Ni ukuri, no muri iki gihe, ibyaremwe biracyatubwira ibyo kugira neza kw'Imana . {Ub 104.3}

“Erega nzi ibyo nibwira nzabagirira, ni amahoro, si bibi.” Yeremiya 29:11. Ubu ni bwo butumwa bushobora gusomwa ku byaremwe byose busomwe mu mucyo umurika uva ku musaraba. Ijuru rivuga icyubahiro cy’Imana, kandi isi yuzuye ubutunzi bwayo. {Ub 104.4}

11. INYIGISHO DUKURA MU MIBEREHO

“Uvugane n’isi na yo izakwigisha.” Yobu 12:8.

Umwigisha Mukuru yajyanaga abamuteze amatwi akabigishiriza mu byaremwe kugira ngo babashe gutega amatwi ijwi ryumvikanira mu byaremwe byose. Kandi uko imitima yagendaga yoroha n’ubwenge bwabo bukaba bwiteguye kumva, yabafashaga gusobanura inyigisho z’iby’umwuka ziri mu byo babaga bitegereza. Imigani yakundaga kwigishirizamo ibyerekeye ukuri yerekana uburyo yahaga agaciro ubushobozi bw’ibyaremwe ndetse n’uko yishimiraga gukura ibyigisho by’ibya Mwuka mu bintu byababaga bimukikije mu mibereho ya buri munsi. {Ub 105.1}

Kristo yifashishaga inyoni zo mu kirere, uburabyo bwo mu mirima, umubibyi n’imbuto, n’umushumba n’intama kugira ngo yerekane ukuri kudapfa. Yakuraga imfashanyigisho no mu bintu bisanzwe biba mu buzima, mu bintu bifatika ababaga bamuteze amatwi bari bamenyereye harimo: Umusemburo, ubutunzi bwahishwe, imaragarita, urushundura, igiceri cyazimiye, umwana w’ikirara, inzu yubatswe ku rutare n’iyo ku musenyi. Mu byigisho bye habaga harimo ikintu kinejeje buri wese kandi kigakora ku mitima ya bose. Uko ni ko aho kugira ngo inshingano ya buri munsi ibe umurimo uhoraho kandi ugoranye, ndetse utarangwamo ibitekerezo byagutse, ibiramambu yabaga inejeje kandi igahabwa agaciro n’ibyahoraga bimwibutsa iby’umwuka n’ibitagaragara. {Ub 105.2}

Ubwo ni bwo buryo dukwiriye gukoresha mu myigishirize yacu. Nimutyo twigishe abana bacu kurebera urukundo rw’Imana n’ubwenge bwayo mu byaremwe. Nimutyo kureba inyoni n’uburabyo ndetse n’ibiti bihuzwe no gutekereza Imana. Nimureke ibintu byose bigaragara bihindukire abana imfashanyigisho zibasobanurira ibitagaragara, kandi n’ibindi bintu byose bibaho mu buzima bihinduke uburyo bwo kwifashisha mu nyigisho ziturukа ku Mana. {Ub 105.3}

Mu gihe abana bamenya batyo kwigira ku byaremwe byose, ndetse n’ibintu byose biba mu buzima, ujye ubereka ko amategeko agenga ibyaremwe n’ibibaho mu buzima ari na yo agomba kutugenga. Bereke ko ayo mategeko yatangiwe kugira ngo tugubwe neza, kandi ko dushobora kubona umunezero nyakuri no kugera ku byo turangamiye binyuze mu kuyubahiriza gusa. {Ub 106.1}

Itegeko ryo gukorera abandi

Ibintu byose byaba ibyo mu ijuru n’ibyo mu isi bihamya ko itegeko rikuru rigenga ubuzima ari itegeko ryo gukorera abandi. Imana Data wa twese ihoraho yita ku buzima bw’ibintu byose bifite umwuka. Kristo yaje ku isi ari “umuhereza” Luka 22:27. N’abamarayika ni “imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza?”

Abaheburayo 1:14. Iryo tegeko kandi ryo gukorera abandi ryanditswe ku bintu byose biri mu byaremwe. Inyoni zo mu kirere, inyamaswa zo mu gasozi, ibiti byo mu ishyamba, ibibabi, ibyatsi n'uburabyo, izuba n'inyenyeri zitanga umucyo; ibyo byose bifite umurimo wabyo bigomba gusohoza. Ibiyaga n'inyanja, imigezi n'amasōko y'amazi, ibyo byose byakira amazi bigahindukira bikayatanga. {Ub 106.2}

Uko ikintu cyose kiri mu byaremwe gikora gityo ngo kibungabunge ubuzima ku isi, ni ko nacyo ubwacyo kiba cyigirira neza. "Mutange, namwe muzahabwa" (Luka 6:38), iryo ni ryo somo ryanditswe mu byaremwe nk'uko ryanditswe mu Byanditswe Byera. {Ub 106.3}

Iyo amabanga y'imisozi n'ibabaya bihaye inzira utugezi dutemba tuva mu misozi tukajya mu Nyanja, icyo bitanga kibigarukira incuro zisaga ijana. Akagezi gatemba karirimba gasiga inyuma yako impano yako y'ubwiza n'uburumbuke. Igihe imirima yumishijwe n'izuba ryo ku mpeshyi, umurongo w'ubwatsi butoshye ni wo uranga aho umugezi utemba unyura; kandi igiti cyose cy'inganzamarumbu, buri mugondoro na buri rurabyo, byose biba ibihamya bigaragaza ingororano ubuntu bw'Imana bugenera abantu bose bahinduka imiyoboro ibugeza isi yose. {Ub 106.4}

Kubiba ufite kwizera

Mu nyigisho zitabarika zigishirijwe ku ntambwe zinyuranye z'imikurire, zimwe mu nyigisho z'ingirakamaro cyane ni izigishirijwe mu mugani Umukiza wacu yaciye werekeye kubiba imbuto. Uyu mugani ufite inyigisho zireba abakuze n'urubyiruko. {Ub 107.1}

"Ubwami bw'Imana bugereranywa n'umuntu ubibye imbuto mu butaka, akagenda, agasinzira, akabyuka nijoro na ku manywa, n'imbuto ziramera zigakura, atazi uko zikuze. Ubutaka bwimeza ukwabwo, ubwa mbere habanza kuba ubwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto." Mariko 4:26-28. {Ub 107.2}

Urubuto rwifitemo agatimatima kandi ako gatimatima ni ihame Imana ubwayo yashyize mu rubuto; nyamara urwo rubuto ururekeye aho gusa rwonyine ntirwashobora kumera. Umuntu afite uruhare rw'icyo agomba gukora kugira ngo urwo rubuto rukure; ariko kandi hari aho ubushobozi bwe bugarukira. Umuntu agomba kwishingikiriza ku Mana yahuje ibiba n'isarura ikoresheje imbaraga zibihuza kandi zitangaje z'ububasha bwayo. {Ub 107.3}

Mu rubuto hari ubuzima, kandi mu butaka hari imbaraga; ariko imbaraga itagerwa idakoreshejwe ku manywa na nijoro, urubuto ntirushobora kumera. Imvura igomba kubobeza imirima yumagaye; izuba naryo rigomba gukwirakwizamo ubushyuhe; kandi ingufu ziva ku bushyuhe nazo zigomba kwinjizwa muri rwa rubuto ruri mu butaka. Ubuzima Umuremyi ubwe yashyize mu rubuto ni we wenyine ushobora kubuhamagara bugasohoka muri rwo. Urubuto rwose n'ikimera cyose bikuzwa n'imbaraga y'Imana. {Ub 107.4}

“Imbuto ni ijambo ry’Imana.” “Nk’uko ubutaka bumera umumero, kandi nk’uko umurima umeramo imbuto ziwuhinzwemo, ni ko Umwami Imana izameza gukiranuka n’ishimwe imbere y’amahanga yose.” Luka 8:11; Yesaya 61:11. Nk’uko bigenda ku ibiba risanzwe ni na ko biri mu by’umwuka; imbaraga yonyine ishobora gutanga ubugingo ni imbaraga ituruka ku Mana. {Ub 107.5}

Umurimo w’umubibyi ni umurimo ukoranwa kwizera. Umubibyi ntashobora gusobanukirwa n’ubwiru bwerekeye kumera no gukura k’urubuto; ariko aba yiringiye ubushobozi Imana ikoresha ikameza urubuto kandi igatuma rwera. Umubibyi anyanyagiza imbuto yiteze ko azajya gusarura byinshi cyane birenze ibyo yabibye. Uko ni ko ababyeyi n’abigisha bagomba gukora, bagategereza umusaruro uzava mu mbuto babiba. {Ub 108.1}

Bishoboka ko imbuto nziza yaterwa mu mutima ikigumiramo igihe runaka ntawe uyibona, ntiyigere igaragaza ko yashoye imizi; ariko hanyuma, iyo Mwuka w’Imana ahumekeye uwo muntu, ya mbuto yihishe iramera maze amaherezo ikera imbuto. Mu murimo dukora mu buzima bwacu, ntabwo tuzi imburo izera iyo ari yo. Ntabwo dushinzwe gutanga umuti w’iki kibazo. “Mu gitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe, kuko utazi ikizera, ari iki cyangwa kiriya, cyangwa yuko byombi bizahwanya kuba byiza.” Umubwiriza 11:6. Isezerano rikomeye Imana yatanze riravuga riti: “Isi ikiriho, ibiba n’isarura, n’imbeho n’ubushyuhe, n’impeshyi n’urugaryi, n’amanywa n’ijoro ntibizashira.” Itangiriro 8:22. Kubwo kwiringira iri sezerano, umuhinzi ahinga ubutaka maze akabiba imbuto. Mu ibiba ry’iby’umwuka, natwe dukwiriye kugira icyizere cyinshi, tugakora twiringiye isezerano ry’Imana rigira riti: “Ni ko ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamera. Ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohoza ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye.” “Nubwo umuntu agenda arira asohoye imbuto, azagaruka yishima, azanye imiba.” Yesaya 55:11; Zaburi 126:6. {Ub 108.2}

Ukumera kw’akabuto kugereranya itangira ry’ubuzima bw’iby’umwuka, naho gukura kw’igihingwa kukagereranywa no gukura kw’imico. Nta buzima bwabaho ngo gukura kwe kubaho. Igihingwa kigomba gukura cyangwa kigapfa. Nk’uko igihingwa gikura bucece, ntube wabibona ariko kigahora gikura, ni ko n’imico ikura. Kuri buri ntambwe yose yo gukura imibereho yacu ishobora gutungana; nyamara umugambi w’Imana kuri twe nusohora, hazabaho iterambere rihoraho. {Ub 108.3}

Igihingwa gikura bitewe n’uko cyakira ibyo Imana yatanze bigomba gutunga ubuzima bwacyo. Uko ni ko gukura mu by’umwuka kugerwaho binyuze mu gufatanya n’intumwa z’ijuru. Uko igihingwa gishinga umuzi mu butaka, ni ko natwe tugomba gushinga imizi muri Kristo. Uko igihingwa cyakira umucyo uvuye ku izuba, kikakira ikime n’imvura, ni ko natwe dukwiriye kwakira Mwuka Wera. Nitwerekeza imitima yacu kuri Kristo, azaza muri

twe. “Nk’imvura, nk’imvura y’itumba isomya ubutaka.” “Izuba ryo gukiranuka rizabarasira, rifite gukiza mu mababa yaryo” “Azarabya nk’uburabyo” Tuzashibuka “nk’ingano kandi dutohe nk’umuzabibu.” Hoseya 6:3; Malaki 3:20; Hoseya 14:6. {Ub 109.1}

Ingano zirakura “ubwa mbere habanza kuba utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto.” Mariko 4:28. Iyo umuhinzi abibye imbuto kandi agatera ikimera, aba agamije kubona umusaruro w’imbuto - akabona umugati wo kugaburira abashonji ndetse n’imbuto zizamugeza ku musaruro w’ubutaha. Uko ni nako Umuhinzi Mukuru wo mu ijuru ategereje kubona umusaruro. Ahora ashaka kwerera mu mitima no mu bugingo by’abayoboke be, kugira ngo binyuze kuri bo, ashobore kwerera no mu yindi mitima n’ubugingo. {Ub 109.2}

Gukura buhoro buhoro kw’igihingwa gihereye ku kabuto ni imfashanyigisho mu byo kurera umwana. “Habanza kuba utwatsi, maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto.” Mariko 4:28. Uwaciye uyu mugani, ni We waremye akabuto gato cyane maze agaha ibyangombwa byo gutanga ubuzima, kandi ni We washyizeho amategeko agenga imikurire yako. Kandi ukuri kwigishwa muri uyu mugani kwagaragariye rwose mu mibereho ya Kristo ubwe. We Mutware w’ijuru, Umwami w’icyubahiro, yahindutse uruhinja i Betelehemu, kandi yamaze igihe ari umwana utagira kivurira witabwaho na nyina. Mu bwana bwe yavugaga kandi agakora nk’umwana, akubaha ababyeyi be, kandi agashyira mu bikorwa ibyo bamukeneyeho byose mu buryo bwo kubafasha. Nyamara kuva atangiye guca akenge, yakomezaga gukurira mu buntu no kumenya ukuri. {Ub 109.3}

Ababyeyi n’abarezi bari bakwiriye kumenyereza urubyiruko kugira ngo kuri buri ntambwe yose y’ubuzima rubashe kugaragaza ubwiza bujyanye n’icyo kigero, kandi ubwo bwiza bugaragare mu buryo karemano nk’uko bimera ku bihingwa biri mu murima. {Ub 110.1}

Abana bakiri bato bakwiriye kwigishwa mu buryo buboroheye bujyanye n’ikigero barimo. Bakwiriye gutozwa kunezezwa no gukora inshingano nto kandi zunganira, ndetse bakishimira ibinezeza n’ibintu bisanzwe bijyana n’ikigero cyabo. Ubwana bugereranywa n’icyatsi kikimera cyavuzwe mu mugani kandi icyatsi kikimera kigira ubwiza bwacyo. Abana ntibakwiriye kwihutishwa ngo bafatwe nk’abantu bakuru imburagihe, ahubwo uko bishoboka kose bakwiriye kugumana itoto n’ubwiza biranga imyaka y’ubuto bwabo. Uko imibereho y’umwana irushijeho kuba ituje kandi yoroheje ni ko arushaho kudatwarwa n’ibyaduka kandi ntabusanye n’ibyaremwe, ni na ko kandi arushaho kugwiza imbaraga z’umubiri, iz’intekerezo n’iz’umwuka. {Ub 110.2}

Mu gitangaza Umukiza wacu yakoze cyo kugaburira abantu basaga ibihumbi bitanu hagaragaramo imikorere y’imbaraga y’Imana ituma haboneka umusaruro. Yesu akuraho umwenda ukingirije ibyaremwe maze agahishura imbaraga zo kurema ahora akoresha ku

bituzanira ibyiza. Mu gikorwa cyo gutuma imbuto zabibwe mu butaka zikura zikaba nyinshi, Kristo watubuye imigati aba akora igitangaza buri munsi. Kubw'igitangaza, ahora atūngīsha abantu bose imyaka iva mu mirima. Ahamagarira abantu bose gufatanya na We kwita ku mbuto zatewe no gukora imirimo ituma haboneka umutsima, kandi kubera iyi mirimo abantu ntibabone imikorere y'Imana. Usanga abantu bafata ibyakozwe n'imbaraga z'Imana babyitirira izindi mbaraga zisanzwe mu byaremwe cyangwa se bakabyiyitirira, kandi akenshi usanga impano Imana itanga bazangiza bazikoresha ibikorwa byo kwikanyiza, bityo zigahinduka umuvumo aho kuba umugisha. Imana irashaka guhindura ibyo byose. Imana yifuza ko ibyumviro byacu byabaye ibihuri bikangurwa bikumva, bityo bigasobanukirwa ukugira neza kwayo kugira ngo impano iduha zitubere umugisha nk'uko yabigambiriye. {Ub 110.3}

Ijambo ry'Imana no guhabwa ubugingo bwa Yo ni byo biha akabuto ubuzima; kandi mu kurya impeke zeze kuri ako kabuto natwe duhabwa kuri ubwo buzima. Ibi ni byo Imana ishaka ko dusobanukirwa neza. Ishaka ko n'igihe twakira ibyokurya bya buri munsi tuba dukwiriye kuzirikana ibyo yadukoreye kandi tukarushaho kwegerana no gusabana na Yo. {Ub 111.1}

Hakurikijwe amategeko agenga ibyaremwe yashyizweho n'Imana, igikozwe gikurikirwa n'umusaruro. Gusarura bihamya ko habanje kubiba. Aha nta kwishuka kwahemerwa. Abantu bashobora gushuka bagenzi babo maze bagashimirwa kandi bagaherwa ingororano umurimo batakoze. Ariko ku byaremwe byo nta kwibeshya gushobora kuhaba. Umusaruro ni wo ucira urubanza umuhinzi udakora uko bikwiriye. No mu by'umwuka ibyo ni ukuri ku rwego ruhanitse. Ikibi kiranesha mu bigaragarira abantu gusa ariko si mu kuri nyako. Umwana usiba ishuri nta ruhusa, umunyeshuri w'umunebwe mu masomo, umukozi utarengera inyungu z'umukoresha we, umuntu utari umunyakuri ku nshingano ikomeye yahawe haba mu murimo cyangwa umwuga uwo ari wo wose, igihe cyose ibibi akora bigihishwe, bene uwo ashobora kwirya icyara ngo arakora neza. Nyamara si ko bimeze; ahubwo aba yishuka. Imico ni yo musaruro umuntu akura mu buzima, kandi iyo mico ni yo igena iherezo ry'umuntu, ryaba iry'ubu buzima ndetse n'ubuzima bw'igihe kizaza. {Ub 111.2}

Umusaruro uturuka ku kabuto kaba karabibwe. Akabuto kose kera imbuto z'ubwoko bwako. Uko ni na ko bimeze ku mico twizirikaho. Ubugugu, ukwikunda, kwishyira hejuru no kwishakira ibinezeza kamere, birakura bikabyara, bityo iherezo rikaba umubabaro no kurimbuka. "Ubibira mu mubiri we, muri uwo mubiri azasaruramo kubora, ariko ubibira Umwuka, muri uwo Mwuka azasaruramo ubugingo buhoraho." Abagalatiya 6 :8. Urukundo, impuhwe n'ubugwaneza byera imbuto z'umugisha kandi uwo akaba ari umusaruro utangirika. {Ub 112.1}

Imbuto ziratubuka zigatanga umusaruro. Agaheke kamwe k'ingano kagiye kera izindi nyinshi nazo zikajya zibibwa, gashobora gukwiza igihugu cyose imiba. Uko ni ko impinduka ziturutse ku muntu umwe gusa cyangwa igikorwa cy'umwe gishobora gukwira ahantu hose. {Ub 112.2}

Mbega uburyo mu myaka myinshi hari ibikorwa by'urukundo byakomotse ku kwibuka wa mukōndo w'amavuta y'igiciro cyinshi yasizwe Kristo! Mbega impano zitabarika zatanzwe mu murimo w'Umukiza biturutse kuri rya turo, «ry'amasenge abiri» (Mariko 12 :42) ryatanzwe n'umupfakazi w'umukene! {Ub 112.3}

Kubaho ubanje gupfa

Umugani w'umubibyi wigisha kugira ubuntu. "Ubiba bike, azasarura bike; naho ubiba nyinshi, azasarura byinshi." 2 Abakorinto 9:6. {Ub 112.4}

Uwiteka aravuga ati: "Murahirwa, mwa babiba mu nkuka z'amazi yose mwe." Yesaya 32 :20. Kubiba mu nkuka z'amazi yose bisobanuye gutanga ubufasha bwacu ahantu hose buba bukenewe. Ibyo nta we bikenesha. "Ubiba byinshi nawe azasarura byinshi." Umuhinzi atubura imbuto akoresheje kuyinyanyagiza. Natwe twongera imigisha yacu kubwo gutanga. Isezerano ry'Imana ritwizeza ko tuzahabwa ibiduhagije, kugira ngo tubone ibyo tuzahora dutanga. {Ub 112.5}

Ikirenze kuri ibi, iyo dusaranganyije n'abandi imigisha tubona muri ubu buzima, gushima no kunyurwa k'uhawe bitegurira umutima we kwakira ukuri kw'iby'umwuka, maze hakaboneka umusaruro uzageza ku bugingo buhoraho. {Ub 113.1}

Igikorwa cyo gutera imbuto mu butaka kigereranya igitambo cy'Umukiza watwitangiye. Yaravuze ati: "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko iyo akabuto k'ishaka kataguye hasi ngo gapfe, kagumaho konyine: ariko iyo gapfuye, kera imbuto nyinshi" Yohana 12:24. Binyuze mu gitambo cya Kristo cyonyine, ari we Rubuto, ni bwo imbuto nyinshi zizasarurirwa mu bwami bw'Imana zishobora kwera. Hakurikijwe amategeko agenga ibimera, ubuzima ni umusaruro uva ku rupfu rwa Kristo. {Ub 113.2}

Uko ni nako bimeze ku bantu bose bera imbuto ari abakozi bakorana na Kristo. [Kuri bo] kwikunda no kwishakira inyungu bigomba kurimbuka rwose. Ubuzima bwabo bukwiriye gushyirwa ahataringaniye harangwa ubukene bw'abatuye isi. Ariko kandi itegeko ryo kwitanga ni naryo tegeko ryo kwizigama. Umuhinzi azigama imbuto ye akoresheje kuyibiba. Bityo rero, ubuzima buzarundwa kandi bukazigamwa ni ubuzima bwitanga butizigamye mu gukorera Imana n'abantu. {Ub 113.3}

Kugira ngo urubuto rubashe kumera maze rutange ubuzima bushya, rubanza gupfa. Aha na ho tuhakura icyigisho cyerekeye umuzuko. Imana yavuze ko mubiri w'umuntu ugomba guhambwa mu mva maze ukabora igira iti: "Umubiri ubibwa ari uwo kubora, ukazazurwa ari uwo kutazabora, ubibwa ufite igisuzuguriro, ukazazurwa ufite ubwiza, ubibwa utagira intege, ukazazurwa ufite imbaraga." 1 Abakorinto 15:42, 43. {Ub 113.4}

Igihe ababyeyi n'abarezi bagerageza kwigisha bene ibi byigisho, bagomba kubishyira mu bikorwa. Nimureke abana ubwabo bahinge ubutaka maze abe ari bo biterera imbuto. Mu gihe abana bakora ibyo, umubyeyi cyangwa umwigisha aboneraho kubasobanurira ko umutima w'umuntu ari umurima, kandi ushobora kubibwamo imbuto nziza cyangwa mbi, kandi ko nk'uko umurima ugomba gutegurwa ugahingwa ngo uzaterwemo imbuto, ni na ko umutima ukwiriye gutegurwa kugira ngo ubibwemo imbuto y'ukuri. Igihe imbuto zibibwa mu butaka, ababyeyi n'abigisha bashobora kwigisha iby'urupfu rwa Kristo; maze igihe zumbura zimera, bakabigisha ukuri k'umuzuko. Uko kandi igihingwa kigenda gikura, ababyeyi n'abigisha bakwiriye gukomeza kwerekana isano iri hagati yo kubiba gusanzwe no kubiba mu by'umwuka. {Ub 113.5}

Ubu buryo bw'imyigishirize bukwiriye gukoreshwa mu kwigisha urubyiruko. Urubyiruko rukwiriye guhora rwigishwa amasomo menshi hifashishijwe uko ubutaka buhingwa. Nta muntu ushobora gutegereza umusaruro ahantu h'ikigunda gisa atahinze. Agomba gukora ashyizeho umwete kandi yihanganye agategura ubutaka, agatera imbuto kandi akazibagarira. Uko ni ko bigomba kumera no mu byerekeye kubiba imbuto z'umwuka. Umutima, ari wo murima, ugomba guhingwa ugategurwa. Ubutaka bwawo bugomba gucocwa no kwihana ibyaha. Ni ngombwa kurandura ibisambo cyangwa ibyatsi bibi biniga imbuto nziza. Nk'uko ubutaka bwigeze kumeramo amahwa bushobora kongera kuba bwiza binyuze gusa mu kubuhinga babyitondeye, ni ko ibibi umutima ubogamiramo bishobora gutsindwa hakoreshejwe umuhati udacogora mu izina rya Kristo no mu mbaraga ze. {Ub 114.1}

Mu murimo wo guhinga ubutaka, umukozi ureba kure azatahura ko ubutunzi atajyaga atekerezaho cyane ari bwo buri kwigaragaza imbere ye. Nta muntu n'umwe ushobora kugera ku musaruro mu buhinzi ubwo ari bwo bwose aramutse yirengagije gukurikiza amategeko abigenga. Agomba kwiga ibintu byihariye buri gihingwa gikenera. Amoko anyuranye y'ibihingwa asaba ubutaka bunyuranye ndetse no guhingwa kwabo kunyuranye, kandi gukurikiza amategeko agenga imihingire ya buri bwoko ni icyangombwa kitakwirengagizwa kugira ngo hazaboneke umusaruro. Ubushishozi busabwa mu kwimura urugemwe kugira ngo hatagira imizi yangirika cyangwa ngo ishirwe ahadakwiriye, kwita ku ngemwe, gukonora no kuvomerera, kuzirinda ikime cyinshi nijoro n'izuba ku manywa, kuzirinda ibyatsi bizangiza, indwara n'udusimba, n'ibindi, ibyo byose ntibyigisha gusa

amasomo y'ingenzi yerekeye ugukura kw'imico, ahubwo uwo murimo ubwawo ni uburyo bukuza imico. Igihe wigisha kwigengesera, kwihangana, kwitondera utuntu duto tw'ingenzi no kumvira amategeko, ibyo bitoza [urubyiruko] ikintu cy'ingenzi kandi gihebuje. Iyo abana bahora babona ubwiru bwerekeye ubuzima ndetse n'ubwiza bw'ibyaremwe, kandi bakabona ubwitonzi busabwa mu kwita kuri ibyo bintu byiza Imana yaremye, ibyo bikangura intekerezo zabo, kandi bigatunganya imico yabo ikajya ku rwego rwo hejuru. Ikindi cy'ingenzi ni uko amasomo umwana yigishijwe [muri ubu buryo] amutegurira gukorana neza n'abandi. {Ub 114.2}

12. IZINDI NYIGISHO

“Umunyabwenge wese azitegereza ibyo kandi bazita ku mbabazi z’Uwiteka.” Zaburi 107:43

Ububasha bw’Imana bukiza buboneka ahantu hose mu byaremwe. Iyo igiti gitemwe, iyo hagize umuntu ukomereka cyangwa akavunika, uwo mwanya ibyaremwe bitangira kwisuganya kugira ngo byomore uruguma. N’iyo nta mpuruza irabaho, imbaraga zikiza ziba ziteguye; kandi iyo hagize urugingo rw’umubiri rukomeretse, imbaraga zose zihutira kujya ku murimo wo gukiza urwo rugingo. N’iby’umwuka ni ko biri. Icyaha kitaratera ikibazo gikeneye gukemurwa, Imana yari yarateganyije intsinzi. Umuntu wese wemera gutsindwa n’igishuko, umwanzi aramukomeretsa, akamushenjagura; ariko aho icyaha kiri hose n’Umukiza ahashinze ibirindiro. Umurimo wa Kristo ni uwo “kubohora ibisenzegeri, kumenyesha imbohe ko zibohorwa, ... no kumenyesha abantu iby’umwaka Umwami agiriyeho imbabazi.” Luka 4:18. {Ub 116.1}

Muri uyu murimo tugomba gufatanyiriza hamwe. “Bene Data, umuntu niyadukwaho n’icyaha, mwebwe ab’Umwuka mugaruze uwo muntu umwuka w’ubugwaneza.” Abagalatiya 6:1. Ijambo ryasobanuwe aha ngo “mugaruze” risobanuye “guhuza” nk’uko bagenza igufwa ryabusanye n’irindi. Mbega ikigereranyo! Umuntu uguye mu buyobe cyangwa icyaha aba atandukanyijwe n’ibintu byose bimukikije. Ashobora gusobanukirwa ikosa rye, maze akumva afite inkomanga ku mutima; nyamara we ubwe ntashobora kwikura muri ako kaga. Ahera mu rujijo no guhagarika umutima, akumva nta byiringiro kandi ari impezamajyo. Bene uwo muntu akeneye gusangwa, akagarurwa, akavurwa maze agasubira mu bandi bavandimwe. “Mwebwe ab’Umwuka mumugaruze umwuka w’ubugwaneza.” Urukundo ruseseka ruva mu mutima wa Kristo ni rwo rwonyine rushobora gukiza. Umuntu urwo rukundo rutemberamo nk’uko amatembabuzi atembera mu giti cyangwa amaraso mu mubiri, uwo ni we ushobora kugarura umuntu wakomerekejwe. {Ub 116.2}

Abakoreshwa n’urukundo bafite imbaraga itangaje kuko bakoreshwa n’Imana. Turamutse twigiye ku gisubizo cyiza «gihosha uburakari,» urukundo «rwihanganira byose, rukababarira byose, ntirwishimire gukiranirwa kw’abandi...» (Imigani 15 :1 ; 1 Abakorinto 13 :4; 1 Petero 4 :8,) mbega ukuntu imibereho yacu yahabwa imbaraga yo gukiza! Mbega ukuntu ubuzima bwahinduka, kandi isi yacu igahinduka nk’ijuru kandi ikaba umusogongero waryo! {Ub 117.1}

Ibi byigisho by’agaciro kenshi byakwigishwa mu buryo bworoshye ku buryo n’abana bato babisobanukirwa. Umwana agira umutima woroshye ndetse biroroshye kumushimisha; kandi igihe abakuze duhindutse “nk’abana bato” (Matayo 18:3); tukamenya kwiyoroshya

no kugira neza ndetse n'urukundo by'Umukiza, ntabwo tuzabona ko gukora ku mitima y'abana bato no kubigisha iby'umurimo wo gukiza wuje urukundo ari umurimo ukomeye. {Ub 117.2}

Gutungana kurangwa mu mirimo yoroheje cyane ndetse n'ikomeye cyane Imana yakoze. Ikiganza cyashyize imibumbe mu isanzure, ni cyo cyambitse imisozi uburabyo butandukanye. Fata icyuma kireba utuntu duto cyane tutaboneshwa amaso maze urebe ururabo ruto cyane mu ndabyo zikikije inzira, urabona ubwiza buhebuje no kutagira amakemwa mu bice byose birugize. Uko ni ko mu mwanya ucishije bugufi cyane ushobora kuhasanga ubwiza nyakuri buhebuje. Imirimo iciriritse cyane ikoranwe ubudahemuka burangwa n'urukundo, ni imirimo myiza cyane mu maso y'Imana. Kwita ku turimo duto twahaweho inshingano bizatugira abakozi bafatanya n'Imana kandi bikazadushoboza kwemerwa n'Imana ireba byose kandi izi byose. {Ub 117.3}

Umukororombya wahuranyije ikirere n'umuheto w'umucyo wawo ni ikimenyetso cy' «isezerano rihoraho ry'Imana n'ibibaho bifite umubiri byose biri mu isi.» Itangiriro 9 :16. Kandi umukororombya ukikije intebe y'ubwami mu ijuru na wo ni ikimenyetso cyahawe abana b'Imana gihamya isezerano ry'amahoro hagati y'Imana n'abantu. {Ub 117.4}

Nk'uko umukororombya mu kirere uterwa n'uko imirasire y'izuba ihuye n'ibitonyanga by'imvura, ni ko umukororombya uri hejuru y'intebe y'ubwami y'Imana werekana uruvange rw'imbabazi zayo n'ubutabera bwayo. Imana ibwira umunyabyaha wihana iti: 'Baho' "Nabonye umucunguzi." Yobu 33:24. {Ub 118.1}

«Nk'uko narahiye ko umwuzure wo mu gihe cya Nowa utazongera kubaho ku isi, ni ko narahiye ko ntazakurakarira, nkaguhana. Imisozi izavaho n'udusozi tuzakurwaho; ariko imbabazi zanjye ntizizakurwaho, kandi n'isezerano ry'amahoro nagusezeranije ntirizakurwaho. Ni ko Uwiteka ukugirira ibambe avuga.» Yesaya 54:9,10. {Ub 118.2}

Ubutumwa buturuka ku nyenyeri

Inyenyeri na zo zifite ubutumwa bukomeza umuntu wese. Igihe uri muri bya bihe bigera ku bantu bose, igihe umutima utentebutse kandi ikigeragezo kigusumbirije; igihe hari inzitizi zisa n'aho zitasimbukwa, kandi bikaba bigaragara ko bitagushobokera kugera ku ntego wiyemeje mu buzima, igihe amasezerano wahawe abaye nk'imbuto z'i Sodomu; ni hehe wakura ubutumwa bugutera ubutwari no gukomera nk'ubwo dusanga mu cyigisho n'Imana yadutegetse kwigira ku rugendo ruzira kirogoya inyenyeri zikora? {Ub 118.3}

"Nimwubure amaso yanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya? Agashora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina? Kuko afite imbaraga nyinshi akagira amaboko n'ububasha, ni cyo gituma nta na kimwe kizimira. Yewe Yakobo Isirayeli, ni iki gituma

wiganyira ukavuga uti: “Uwiteka ntareba inzira zanjye; kandi ibyanjye Imana yanjye irabyirengagiza”? Se ntiwari wabimenya? Nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w’impera z’isi; ntirambwira, ntiruha; ubwenge bwayo ntiburondoreka. Ni yo iha intege abarambiwe, kandi utibashije imwongeramo imbaraga.” “Ntutinye, kuko ndi kumwe na we; ntukihebe, kuko ndi Imana yawe; nzajya ngukomeza, ni koko nzajya ngutabara; kandi nzajya nkuramiza ukuboko kw’iburyo, ni ko gukiranuka kwanjye.” “Kuko jyewe Uwiteka Imana yawe nzagufata ukuboko kw’iburyo, nkubwire nti: “Witinya, ndagutabaye” Yesaya 40:26-29; 41:10, 13. {Ub 118.4}

Umukindo wo mu butayu wicwa n’izuba ry’igikatu n’umuyaga w’ishuheri uterura umusenyi. Bene uwo mukindo ukomeza gutoha kandi ukerera imbuto hagati mu butayu. Imizi yawo igaburirwa n’amasōko adakama. Ibara ryawo ry’icyatsi gitoshye rigaragarira kure hejuru y’ikibaya cyumagaye kandi cy’umutarwe. Umugenzi ugiye gupfa, arihangana mu ntwambwe ze ziteguza maze akagera mu mahumbezi y’uwo mukindo no ku mazi atanga ubuzima. {Ub 119.1}

Igiti cyo mu butayu ni ikimenyetso cyerekana ukuntu Imana ishaka ko ubuzima bw’abana bayo bumera hano ku isi. Bafite inshingano yo kuyobora abantu banāniwe kandi babuze amahwemo ndetse bagiye kurimbukira mu butayu bw’icyaha, bakaberekeza ku isoko y’amazi abeshaho. Bakwiriye kwereka bagenzi babo Umukiza ubararika agira ati: “Umuntu nagira inyota, aze aho ndi, anywe.” Yohana 7:37. {Ub 119.2}

Uruzi rugari kandi rurerure mu bujyakuzimu ruha inzira ngari abakora ingendo zo mu mazi batwara n’ibicuruzwa. Uru ruzi ruhabwa agaciro kuko ari ikintu cyiza cyungura abatuye isi. Ariko se batekereza iki ku migezi mito ihura maze igafatanya gukora uru ruzi rugari? Iyo migezi mito itabayeho, uru ruzi rwakama. Kubaho k’uru ruzi gushingiye kuri utu tugezi duto. Uko ni ko bigenda no ku bantu bahamagariwe kuyobora imirimo ikomeye bubahwa nk’aho kugera ku ntego kw’iyo mirimo ari bo byakomotseho bonyine. Nyamara uko kugera ku ntego kuba kwarasabye gukorana mu budahemuka kw’abakozi bacishije bugufi batabarikandetse abo bakozi nta n’umuntu uba afite icyo abaziho. Inshingano abantu badashimirwa ndetse n’imiruho ititabwaho ni wo mugabane w’abantu benshi bavunika cyane ku isi. Kandi mu gukorerwa batyo usanga benshi batanezerewe na mba. Bumva ko ubuzima bwabo babupfushije ubusa. Ariko rero akagezi karomboreza kaboneza inzira yako, kagenda kanyonyomba hagati y’udushyamba n’ibiti, gakwirakwiza ubuzima, uburumbuke n’ubwiza ku nkombe zako; na ko ni ingirakamaro aho kanyura nk’uko biri ku ruzi rugari. Igihe akagezi gato gashyira uruhare rwako ku buzima bw’uruzi rugari, kaba karufasha mu gusohoza inshingano rutajyaga kwishoboza. {Ub 119.3}

Iri ni isomo rikenewe n'abantu benshi. Usanga abantu barakabije guhindura impano bahawe nk'ikigirwamana, kandi ugasanga bifuza cyane kujya mu myanya ikomeye. Hari abantu benshi cyane usanga batabaho ngo batuze, baramutse badahawe icyubahiro, ndetse ugasanga aho kubura icyubahiro, bahitamo kubura akazi. Icyo dukwiriye kwiga ni ugukiranuka ku nshingano twahawe, dukoresha neza imbaraga n'amahirwe dufite kandi tukishimira umurimo Imana iduha. {Ub 120.1}

Inyigisho dukura mu kwiringira

"Nuko ubaze inyamaswa; na zo zizakwigisha; n'inyoni zo mu kirere, na zo zizagusobanurira. ... Kandi amafi yo mu nyanja azakubwira." "Wa munyabute we, sanga ikimonyo." "Nimurebe ibiguruka mu kirere" "Mwitegereze ibikona." Yobu 12:7,8; Imigani 6:6; Matayo 6:26; Luka 12:24. {Ub 120.2}

Ntitugomba kubwira umwana ibyerekeye ibi biremwa by'Imana gusa. N'inyamaswa ubwazo zikwiriye kumwigisha. Ibimonyo byigisha gukorana kwihangana, gushikama ngo habeho kurenga inzitizi ndetse no guteganyiriza ahazaza. Kandi inyoni ni abarimu batwigisha isomo ryiza ryerekeye kugira "icyizere." Data wo mu ijuru aziha ibyo zikeneye; ariko nazo zigomba gutoragura ibizitunga, zigomba kubaka ibyari byazo no kurera utwana twazo. Igihe cyose ziba zugarijwe n'abanzi baba bashaka kuzitsemba. Ariko urebye uko zijya ku mirimo yazo zishishikaye biratangaza! Mbega ukuntu indirimbo zazo ziba zuzuye ibyishimo! {Ub 120.3}

Mbega ukuntu umuhimbyi wa Zaburi yagaragaje neza uko Imana yita ku biremwa byayo biba mu ishyamba agira ati: {Ub 121.1}

"Imisozi miremire ni iy'ihene zo mu ishyamba. Ibitare ni ubuhungiro bw'inkwavu." Zaburi 104:18. {Ub 121.2}

Imana yohereza imigezi igatemba hagati y'imisozi, aho izo nyoni zituye, "zijwigira mu mashami." Zaburi 104:12. Ibyaremwe byose byibera mu mashyamba no ku misozi, na byo ni bimwe mu bigize umuryango w'Imana ukomeye. "Upfumbatura igipfunsi cyawe, ugahaza kwifuza kw'ibibaho byose." Zaburi 145:16. {Ub 121.3}

Haba ubwo kagoma yo mu misozi miremire ikubitwa hasi n'umugaru ukayiroha mu mikokwe ifunganye y'iyo misozi. Ibicu birimo imvura y'umugaru bitwikira icyo gisiga cy'ikinyambaraga, maze umwijima w'ibyo bicu ukagitandukanya n'impinga z'iyo misozi zakaho izuba kandi ari ho cyari cyaritse. Imbaraga iki gisiga gikoresha ngo gikire ako kaga ziba imfabusa. Gikubita hirya no hino, kigakubita amababa yacyo afite imbaraga maze urusaku rwo gutaka kwacyo rukabyara za nyiramubande. Amaherezo humvikana ijwi ryo kunesha, bityo cya gisiga kikaguruka cyihuta cyane gitumbagira, kigaca muri bya bicu maze

kikongera kugera ahari umucyo w'izuba naho umwijima n'imihindaganyo byasigaye hasi cyane. Natwe ni ko dushobora gukikizwa n'ingorane, urucantege n'umwijima. Gushinjwa ibinyoma, guhura n'amakuba n'akarengane biratubundikira. Hari ibicu tudashobora gutamurura. Turwana n'ibitwugarije ariko bikaba iby'ubusa. Ariko hari inzira imwe rukumbi dushobora kurokokeramo. Ibihu n'ibicu bitwikiriye isi; nyamara hejuru y'ibyo bicu hari umucyo w'Imana urabagirana. Mu mucyo w'ubwiza bw'Imana dushobora guhaguruka tukagurukira ku mababa yo kwizera. {Ub 121.4}

Hari ibyigisho byinshi cyane bishobora kwigwa muri ubwo buryo. Dushobora kumenya kwigira duhereye ku giti gikura mu kibaya cyangwa mu ibanga ry'umusozi kiri cyonyine, kuko gishora imizi yacyo hasi kure bityo kubwo gukomera kwacyo kikabasha guhangana no gutsinda umuyaga wa serwakira. Imbaraga ihindura umuntu yahuye nayo mu buto igereranywa n'umubyimba utagororotse kandi ufite amapfundo w'igiti cyagoretswe nyamara cyari igiti gikwiriye kuba kigororotse ariko kandi kikaba kidashobora kugororwa n'imbaraga zo ku isi izo ari zo zose. Agati kitwa lisa, katwigisha ibanga ry'ubuzima bwera: Kamera hejuru y'amazi adatemba, kagakikizwa n'urubobi n'isayo n'ibindi bimera bishobora kukaniga, ntigakure. Nyamara kohereza umubyimba wako hasi ku musenyi bityo akaba ari ho kavoma ibigatunga maze kakera ururabo ruhumura neza ugasanga impumuro yarwo izira amakemwa yatamye aharuzengurutse. {Ub 121.5}

Bityo rero mu gihe abana n'urubyiruko bunguka ubumenyi bw'ibintu bifatika babukuye ku bigisha babo no mu bitabo, nimureke bo ubwabo bige kwikuriramo ibyigisho no kwitahurira ukuri. Igihe bahinga kandi bita ku turima twabo, nimubabaze icyo bigira ku kwita ku bihingwa byabo. Igihe bitegereza imirambi iteye neza, nimubabaze impamvu Imana yambitse imirima n'ibiti amabara meza anyuranye atyo. Kuki ibintu byose bitahawe ibara ry'ibihogo? Mu gihe bazaba baca uburabyo, nimubatere gutekereza impamvu Imana yatuzigamiye ibyo byiza yari yarageneye impabe zirukanwe mu murima wa Edeni. Nimubigishe gutahūra ku cyaremwe cyose ibimenyetso bigaragaza ukuntu Imana ituzirikana n'uburyo bitangaje kubona ibintu byose byarabereyeho kudukenura no kutuzanira umunezero. {Ub 122.1}

Umuntu ubonera umurimo wa Se wo mu ijuru mu byaremwe kandi akabasha gusoma inyandiko ya Se mu butunzi n'ubwiza butatse isi, uwo ni we wenyine ushobora kubikuramo ibyigisho byimbitse ndetse bikamugirira umumaro cyane. Uwo ni we wenyine ushobora kunyurwa n'icyo imisozi n'ibibaya, inzuzi n'inyanja bisobanuye mu buryo bwuzuye, kandi ni we ubireba akabibonamo ko byaturutse mu ntekerezo z'Imana, bikaba ari uguhishurwa k'Umuremyi. {Ub 122.2}

Abanditsi ba Bibiliya bifashishije ingero nyinshi bavanye mu byaremwe. Natwe nitujya twitegereza ibyaremwe tuyobowe n'Umwuka Wera, tuzashobozwa gusobanukirwa mu buryo bwuzuye n'inyigisho dukura mu ijambo ry'Imana. Ubwo ni bwo buryo ibyaremwe biduhindukira urufunguzo rw'inzu y'ububiko bw'ijambo ry'Imana. {Ub 123.1}

Ni byiza gutera abana umwete wo gushaka mu byaremwe, bakabonamo ibintu bisobanura inyigisho zo muri Bibiliya, kandi no muri Bibiliya bakavumburamo ibintu bisa byakuwe mu byaremwe. Bakwiriye gushakisha haba mu byaremwe no mu Byanditswe Byera, bakabonamo ikintu cyose cyerekana Kristo, ndetse n'ibyo Kristo ubwe yakoresheje yigisha ukuri. Uko ni ko bashobora kwiga kubona Kristo mu giti, mu muzabibu, mu burabyo, mu izuba n'inyenyeri. Bashobora kwiga kumva ijwi rye ryumvikanira mu ndirimbo z'inyoni, mu biti bihuhwa n'umuyaga, mu nkuba zihinda ndetse no mu muraba wo mu nyanja. Ikintu cyose kiboneka mu byaremwe kizajya gihora kibasubiriramo amasomo atagira uko asa Kristo yigishije. {Ub 123.2}

Ku bantu bimenyereza kubana na Yesu [bifashishije ibyaremwe], ntabwo isi izababera ahantu h'ubwigunge cyangwa h'umusaka. Ahubwo izababera inzu ya Se, yuzuye ubwiza bwa wa Wundi wigeze guturana n'abantu. {Ub 123.3}

V. BIBILIYA NI UMWIGISHA

“Nugenda bizakuyobora;
Nujya kuryama bizakurinda,
Kandi nukanguka bizakubwiriza.”
Imigani 6:22.

13. GUTEZA IMBERE IBY’UMWUKA N’IBY’UBWENGE

“Kumenya ni ko kuzuza amazu yo muri rwo ibintu byose by’igiciro cyinshi n’iby’igikundiro.” Imigani 24:4.

Itegeko ry’Imana rivuga ko kugira ngo ubwenge, ubugingo ndetse n’umubiri bibashe kugira imbaraga bisaba umuhati. Gukora imyitozo ni byo biteza imbere [iyo migabane]. Hakurikijwe iri tegeko, Imana yashyize mu Ijambo ryayo uburyo tugomba gukurikiza kugira ngo dukure mu by’ubwenge no mu by’umwuka. {Ub 125.1}

Bibiliya yuzuyemo amahame yose abantu bakeneye gusobanukirwa kugira ngo babe bujuje ibyangombwa by’ubu buzima n’iby’ubuzima dutegereje. Kandi abantu bose bashobora gusobanukirwa n’ayo mahame. Nta muntu n’umwe ufite umwuka wo kunyurwa n’inyigisho za Bibiliya ushobora gusoma umurongo umwe muri yo ngo abure kuwungukiramo igitekerezo runaka kimwubaka. Ariko inyigisho y’ingirakamaro cyane Bibiliya yigisha ntushobora kuyibona uramutse wize Bibiliya rimwe na rimwe. Ntabwo ukuri guhebuje kuyirimo kwatanzwe ku buryo umuntu usoma hutihuti cyangwa usoma atagira icyo yitaho ashobora kugusobanukirwa. Umugabane munini w’ubutunzi buyirimo buhishwe mu ndiba yayo, kandi bushobora kugerwaho gusa binyuze mu gushakashakana umwete no kwihangana. Ukuri kubyara ukuri kwagutse kugomba gushakwashakwa kandi kugahuzwa, “Aha bikeya, hariya bikeya.” Yesaya 28:10. {Ub 125.2}

Uko kuri kose nigushakwa maze kukegeranywa, uzasanga nta kubangamirana guhari, ahubwo kuzuzanya rwose. Buri Butumwa bwiza bwuzuza ubundi, buri buhanuzi busobanura ubundi, kandi buri kuri usanga ari ubusobanuro burambuye bw’ukundi kuri. Ibyashushanywaga mu mateka y’Abayuda byasobanuwe neza n’ubutumwa bwiza. Buri hame ryavuzwe mu Ijambo ry’Imana rifite umwanya waryo, kandi igihamya gifatika cyatangiwe kurishyigikira. Bityo inyubako ishyitse haba mu itegurwa ryayo n’ishyirwa mu bikorwa, ihamya Umuhanzi wayihanze. Nta bwenge bw’umuntu bwabasha guhanga inyubako nk’iyo keretse ubwenge bw’Imana itarondoreka. {Ub 125.3}

Mu gikorwa cyo gusesengura imigabane itandukanye [ya Bibiliya] no kwiga isano iri hagati yayo, ubushobozi buhanitse bw'ubwenge bwa muntu burakoreshwa cyane. Nta muntu ushobora kwiga Bibiliya atyo ngo abure gukuza imbaraga z'ubwenge. {Ub 126.1}

Agaciro ko kwiga Bibiliya ntikagaragarira gusa mu gucukumbura ushaka kumenya ukuri no kugushyira hamwe. Ahubwo kagaragarira no mu muhati ukoresha kugira ngo usobanukirwe n'ibivugwa. Ubwenge buhugira mu bintu bisanzwe gusa buragwingira kandi bukagira intege nke. Iyo butigeze bukoreshwa ngo busobanukirwe ibyerekeye ukuri gutangaje kandi kwagutse, nyuma y'igihe gito bwa bwenge butakaza ubushobozi bwo gukura. Nta kindi kintu cyahwana n'ijambo ry'Imana nk'uburyo rukumbi bwo kwirinda uku gusyigingira [k'ubwenge], kandi rikaba n'umusemburo wo gutera imbere kwabwo. Nk'uburyo bwifashishwa mu kwigisha ubwenge, Bibiliya ihebuje ibindi bitabo byose bikubiye hamwe. Insanganyamatsiko zayo zifite ireme, amagambo yayo yoroheje ariko arimo kwiyubaha ndetse n'ubwiza bw'imvugoshusho ikoresha, ibyo byose bikangura kandi bikazahura intekerezo ku rwego rutagerwaho n'ikindi icyo ari cyo cyose. Nta kindi wakwiga ngo biguheshe bene izo mbaraga z'ubwenge nk'umuhati ukoreshwa mu kwakira ukuri guhebuje kwahishuwe. Ubwenge bw'umuntu bwahujwe butyo n'ibitekerezo by'Imana Ihoraho nta kabuza buraguka kandi bukagira imbaraga. {Ub 126.2}

Ikindi kandi, Bibiliya ifite ubushobozi buhebuje mu guteza imbere kamere y'iby'umwuka. Umuntu waremewe gusabana n'Imana ashobora kubonera ubuzima nyakuri n'iterambere muri uko gusabana. Kubera ko umuntu yaremewe kujya akura umunezero uhebuje ku Mana, nta handi hantu ashobora kubona ibintu byanezeza ibyo umutima we wifuza, ngo bimumare inzara n'inyota mu bugingo. Uwiga Ijambo ry'Imana afite umutima umaramaje kandi ushaka kwigishwa, ashaka gusobanukirwa ukuri kuyirimo, azayihuriramo n'Uwayandikishije; kandi usibye ko ubwe yabyihitiramo naho ubundi gutera imbere kwe nta rubibi bifite. {Ub 126.3}

Bitewe n'imvugo zitandukanye zakoreshejwe muri Bibiliya ndetse n'insangamatsiko zinyuranye ziyirimo, Bibiliya ikurura abantu bose kandi igakora ku mitima yabo. Muri yo uhasanga amateka ya kera cyane; ugasangamo imibereho nyakuri y'abantu babayeho; ugasangamo amahame ubutegetsi bw'ibihugu byagenderagaho n'amabwiriza mbonezamubano yagengaga imiryango. Iyo ubyitegereje usanga ari amahame ubwenge bw'umuntu butarigera bugeraho. Bibiliya irimo imitekerereze yimbitse cyane n'ibisigo by'akataraboneka biryoheye amatwi kandi binyura umutima. Ibyanditswe muri Bibiliya bifite agaciro gahanitse bitagerwa ugereranyije n'ibyandikwa n'abantu. Ariko iyo ubyiterereje mu isano bifitanye n'igitekerezo shingiro cyagutse, usanga byagutse mu buryo butagira iherezo kandi bifite n'agaciro katagerwa. Iyo ubitekereje utyo, usanga ingingo yose yanditswe muri Bibiliya ifite ubusobanuro bushya. Mu kuri kwavuzwe mu buryo

bwumvikana kandi bworoheje usangamo amahame ahanitse nk'ijuru kandi agera mu bihe bidashira. {Ub 127.1}

Insanganyamatsiko shingiro Bibiliya yigisha, ndetse ikaba ari na yo izindi zose muri Bibiliya zubakiyeho ni "inama y'agakiza," ni ukugarura ishusho y'Imana mu muntu. Guhera ku itangazo ritanga ibyiringiro ryatangiwe muri Edeni ukageza kuri rya sezerano ry'agahozo ryanditswe mu Byahishuwe 24:4 rivuga ngo: "Zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo," umutwaro uboneka muri buri gitabo na buri murongo byo muri Bibiliya ni ukumvikanisha iyi nsanganyamatsiko ihebuje ari yo 'kuzahurwa kwa muntu" n'imbaraga y'Imana "iduha kunesha kubw'Umwami wacu Yesu Kristo." 1 Abakorinto 15:57. {Ub 127.2}

Umuntu usobanukirwa n'iki gitekerezo afite ibintu bitarondoreka agomba kwiga biri imbere ye. Uwo ni we ufite urufunguzo ruzamukingurira inzu ibitswemo ubutunzi bwose bw'ijambo ry'Imana. {Ub 128.1}

Kumenya ibyerekeye ugucungurwa k'umuntu ni bwo bumenyi buhatse ubundi bwose; kandi ni yo ngingo yigwa n'abamarayika n'abaturage b'andi masi ataracumuye. Ni ubumenyi Umwami n'Umukiza wacu yitaho; ni bwa bumenyi buboneka mu mugambi wateguwe n'ubwenge bw'Imana ihoraho uhuza "n'ibanga ryahishwe uhereye kera kose." Abaroma 16:25. Ni ubumenyi abacunguwe n'Imana bazahora biga mu bihe bizira iherezo. Ni ishuri ryo mu rwego rw'ikirenga kurusha amashuri yose umuntu ashobora kwiga. Kwiga ibi bizakangura intekerezo kandi bizahure ubugingo ku rwego rutagerwaho n'izindi nyigisho. {Ub 128.2}

"Ariko umumaro wo kumenya ni uyu: ni uko ubwenge burinda ubugingo bw'ubufite." "Amagambo mbabwiye ni yo mwuka kandi ni yo bugingo." "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo." Umubwiriza 7:12; Yohana 6:63; Yohana 17:3. {Ub 128.3}

Ijambo ry'Imana ni ryo mbaraga irema kuko ni ryo ryategetse isi n'indi mibumbe bikabaho. Iri jambo ritanga imbaraga kandi rikabyara ubugingo. Itegeko ryose ririmo ni isezerano. Iyo umuntu aryemeye ku bushake, kandi akaryakira mu bugingo bwe, rizana n'ubugingo bw'Imana Ihoraho. Iryo Jambo rihindura kamere y'umuntu maze rikongera kumuremamo ishusho y'Imana. {Ub 128.4}

Ubugingo butanzwe muri ubwo buryo ni na bwo buryo kandi bukomezwa bugasigasirwa. Umuntu atungwa "n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Matayo 4:4. {Ub 128.5}

Ubwenge cyangwa ubugingo byubakwa n'ibyo ubigaburiye; kandi ni twe dufite inshingano yo guhitamo ibyo tubugaburira. Buri muntu wese afite ububasha bwo kwihitiramo inyigisho

zizahabwa icyicaro mu ntekerezo ze kandi zikarema imico ye. Imana ivuga ibyerekeye umuntu wese ufite amahirwe yo kubona Ibyanditswe byera igira iti: “Namwandikiye iby’amategeko yanjye.” “Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije, utamenya.” Hoseya 8:12; Yeremiya 33:3. {Ub 128.6}

Umuntu wese, uko yaba ari kose n’aho yaba ari hose mu buzima, abishatse ashobora kunezezwa no kuba afite incuti imunezeza igihe afite ijambo ry’Imana mu ntoki ze. Mu mpapuro za Bibiliya ashobora kuganiriramo n’abantu bakomeye b’ibirangirire, kandi ashobora no kumva ijwi ry’Uwiteka igihe avugana n’abantu. Igihe ashishikariye kwiga Bibiliya no gutekereza ku bintu “abamarayika bagirira amatsiko bashaka kubirunguruka” (1 Petero 1:12), ashobora kugumana na bo muri cyo gihe yiga. Ashobora gukurikira intambwe z’Umwigisha wo mu ijuru, maze akiyumvira amagambo ye nk’uko yayavuze ubwo yigishirizaga mu mpinga y’umusozi, mu bibaya no ku nyanja. Ashobora kuba kuri iyi si ari mu mwuka w’ijuru, kandi abantu bari ku isi bageragezwa n’abababaye akabagezaho amagambo y’ibyiringiro no kwifuza ubutungane. Kandi we ubwe arushaho gusabana n’Imana itaboneshwa amaso. Kimwe na wa muntu wa kera wagendanye n’Imana, azagenda arushaho kwegera amarembo y’isi izahoraho, kugeza ubwo amarembo y’ijuru azakinguka maze akaryinjiramo. Nahagera ntazisanga ari nk’umushyitsi. Amajwi azamuramutsa, ni amajwi y’abera, ya yandi yavuganaga na yo akiri ku isi, ariko atayabona. Ni ya majwi yigaga gutandukanya no gukunda akiri ku isi. Umuntu wabayeho asabana n’ijuru binyuze mu ijambo ry’Imana, nagera mu ijuru, azabona yisanze nk’ugeze iwabo. {Ub 129.1}

14. UBUMENYI NA BIBILIYA

"Muri byo byose ni ikihe kitazi ko ukuboko k'Uwiteka ari ko kwakoze ibyo byose?" Yobu 12:9.

Kubera ko igitabo cy'ibyaremwe n'igitabo cy'Ibyahishuwe bigaragaraho ikimenyetso cy'uko byanditswe n'umuhanga umwe, ntibishobora kuvuguruzanya. Bihamya ukuri kumwe bikoresheje uburyo butandukanye n'imvugo zitandukanye. Ubumenyi bugenda buvumbura ibintu bishya bitangaje; nyamara ubwo bumenyi bwifashishije ubushakashatsi bukora, nta kintu na kimwe buzana kivuguruzanya n'ibyo Imana yahishuye igihe icyo kintu cyumvikanye nk'uko bikwiriye. Igitabo cy'ibyaremwe n'ijambo ry'Imana ryanditswe, usanga kimwe gisobanura ikindi. Ibyo bitabo bituma tumenya Imana binyuze mu kutwigisha iby'amategeko ikoreramo. {Ub 130.1}

Nyamara imyanzuro yagiye ifatwa mu buryo bukocamye hashingiwe ku bintu bifatika abantu babaga bitegereje mu byaremwe, yagiye itera igisa no kuvuguruzanya hagati y'ubumenyi n'ibyahishuwe; bityo mu muhati wo gusubizaho [ubwuzuzanye hagati yabyo], abantu bagiye bemera umusobanuro bw'Ibyanditswe bupfobya kandi bukarimbura imbaraga y'ijambo ry'ijambo ry'Imana. Abantu batekereje ko iyigamiterere y'ubutaka rivuguruza ubusobanuro bw'ibyo Mose yanditse ku irema. Bavuga ko byasabye imyaka miliyoni nyinshi haba ihindagurika ngo isi ibeho bihereye mu busabusa; kandi kugira ngo bahuze Bibiliya n'ibi bita ihishurwa rivuye mu bumenyi, berekana ko kurema byatwaye iminsi myinshi, bimara ibihe bitazwi byamaze imyaka ibihumbi byinshi ndetse na za miliyoni. {Ub 130.2}

Umwanzuro nk'uyu ntukenewe rwose. Ibyanditswe muri Bibiliya ntibivuguruzanya ubwabyo kandi ntibinavuguruza n'inyigisho ziva mu byaremwe. Ku byerekeye umunsi wa mbere wo kurema, Bibiliya iravuga iti: "Buragoroba, buracya: uwo ni umunsi wa mbere." Itangiriro 1:5. Kandi ibisa n'ibyo bivugwa kuri buri munsi mu minsi itandatu y'icyumweru cy'irema. Ibyanditswe bigaragaza ko ibyo bihe [bikurikirana byo kurema] byagiye biba umunsi ugizwe n'umugoroba n'igitondo, nk'uko biri ku wundi munsi wose uhereye icyo gihe ukageza ubu. Ku byerekeye umurimo wo kurema ubwawo, icyo Imana yahamije ni iki ngo: "Kuko yavuze bikaba, yategetse, bigakomera." Zaburi 33:9. Mbese ku Mana yari ifite ububasha bwo kuvuga maze isanzure n'ibiririmo byose bikabaho, mubona byari kuyitwara igihe kingana iki ngo ivane isi mu busabusa? Mbese tugomba kurwanya ijambo ry'Imana kugira ngo dusobanure iby'imirimo yakoze? {Ub 130.3}

Ni iby'ukuri ko ibisigazwa byavumbuwe munsi y'ubutaka bihamya ukubaho kw'abantu, inyamaswa n'ibimera binini cyane, ugereranyije n'uko bigaragara muri iki gihe. Ibyo

bihamya ko ibimera n'inyamaswa byariho mbere y'inyandiko za Mose. Ariko ku byerekeye ibyo bintu, amateka ya Bibiliya atanga ubusobanuro buhagije rwose. Mbere y'umwuzure, ibimera n'inyamaswa byarakuraga cyane kurenza uko biri muri iki gihe. Igihe cy'umwuzure, ubutaka bwarangiritse, habayeho impinduka zikomeye, kandi mu gihe cyo kwisubiranya kw'imitutu yari ku butaka, hari ibihamya byinshi byasigaye byerekana ko hari ubuzima bwigeze kubaho mbere y'icyo gihe. Kubera ko amashyamba magari yarengewe n'ubutaka mu gihe cy'umwuzure, ubu yahindutse uruvange rw'ibintu bivamo peteroli, kandi ni byo bikoze amariba magari ya peteroli n'ibindi biyikomokaho bitwunganira kandi twifashisha muri iki gihe. Ibyo byose uko bigaragazwa, ni ibihamya byinshi bicecetse ariko byerekana ukuri kw'ijambo ry'Imana. {Ub 131.1}

Ikindi gisa n'inyigisho zerekeye ihindagurika ry'isi ni izindi nyigisho zivuga ko umuntu yabayeho binyuze mu ihindagurika ryahereye ku tunyabuzima duto tutaboneshwa amaso twaje guhinduka utunyamujonjorerwa maze utunyamujonjorerwa natwo tuza guhinduka ibinyabuzima bigendesha amaguru ane. Ibiramambu, umuntu ni we wabaye umusozo w'agahozo mu gikorwa cyo kurema. {Ub 131.2}

Iyo tuzirikanye amahirwe n'ubushobozi umuntu aba afite ngo akore ubushakashatsi; tukazirikana uko arama igihe gito; uko aho akorera hangana urwara; ibitekerezo bye n'imirebere ye bigufi; uko akenshi usanga imyanzuro afata iba igwiriyemo ibinyoma, ariko cyane cyane ibyerekeye ibyabaye mbere y'uko Bibiliya yandikwa; tukazirikana uburyo akenshi ibyo ubuhanga bugeraho bigenda bisubirwamo cyangwa bikagirwa imfabusa; ukareba uburyo uko ibihe bigenda bisimburana bavuga imyaka yashize ngo isi n'ibiyimo bibeho bayigira imyaka za miliyoni myinshi cyangwa se nke; ukareba ukuntu impuguke mu bumenyi zihorana amakimbirane mu byo zitangaza; mbese tuzirikanye ibi byose, mubona dukwiriye kwemera gutesha agaciro icyo Ibyanditswe Byera bivuga kugira ngo dukunde twerekane inkomoko yacu ko twakomotse ku dusimba, ku tunyamujonjorerwa no ku nguge? Ibyanditswe Byera bivuga byeruye kandi mu buryo bworoheje biti: “Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana, ni ko yamuremye.” Itangiriro 1:27. None se twirengagize ibyanditswe bivuga ngo: “Mwene Enoshi, mwene Seti, mwene Adamu, w'Imana” (Luka 3:38) igihe byerekana igisekuru giteye ishema kurenza ibindi byose bibarizwa mu ngoro z'abami? {Ub 132.1}

Iyo byumvikanye neza, ibyo ubumenyi buhishura n'ibyo tubona mu buzima usanga bitavuruza icyo Ibyanditswe bihamya ku kuntu Imana ihora ikorera mu byaremwe. {Ub 132.2}

Abalewi bajyaga baririmba indirimbo yanditswe na Nehemiya bagira bati: “Ni wowe Uwiteka, ni wowe wenyine. Ni wowe waremye ijuru n'ijuru risumba ayandi n'ingabo zaryo

zose, n'isi n'ibiyirimo byose, n'inyanja n'ibizirimo byose, kandi ni wowe ubeshaho byose, n'ingabo zo mu ijuru zirakuramya." Nehemiya 9:6. {Ub 132.3}

Ku byerekeye iyi si, Ibyanditswe byera bivuga ko umurimo wo kurema warangiye. "Imana yaruhutse irangije imirimo yayo imaze kurema isi." Abaheburayo 4:3. {Ub 132.4}

Ariko kugeza n'uyu munsi imbaraga y'Imana iracyakoreshwa mu gusigasira ibyo yaremye. Ntabwo umutima utera cyangwa ngo ibihaha bihumeke bitewe n'uko gahunda yashyizweho y'imikorere yabyo ikomeza gukoreshwa n'ingufu karemano byahawe. Igihe cyose ibihaha bihumetse cyangwa umutima utera, icyo kiba ari ikimenyetso kigaragaza ukuntu Imana itwitaho, ikatubeshaho Yo dukesha kubaho, kwinyagambura n'ubuzima bwacu. Kuva ku gasimba gato cyane ukageza ku muntu, icyaremwe cyose gifite ubuzima kibeshwaho n'uburinzi bw'Imana. {Ub 133.1}

"Ibyo byose bigutegerereza kugira ngo ubigaburire ibyokurya byayo, igihe cyabyo Biyora ibyo ubihaye, upfumbatura igipfunsi cyawe bigahaga ibyiza, {Ub 133.2}

Uhisha mu maso hawe bigahinda umushitsi, ubikuramo umwuka bigapfa, {Ub 133.3}

Bigasubira mu mukungugu wabyo, wohereza umwuka wawe bikaremwa, {Ub 133.4}

Ubutaka ubusubizaho ubugingo bushya." Zaburi 104:27-30. "Ikasikazi yahashanjije hejuru y'ubusa, n'isi yayitendetse ku busa, Ipfunyika amazi mu bicu byayo bya rukokoma; kandi ibicu ntibitoborwe na yo. {Ub 133.5}

Intebe yayo irayikingira imbere, ikayitwikiriza igicu cyayo. {Ub 133.6}

Amazi menshi yayashyizeho urugabano, rugeza aho umucyo n'umwijima biherera." {Ub 133.7}

"Inkingi z'ijuru ziranyeganyega, zigatangazwa no gucyaha kwayo,
Ibirinduza inyanja ububasha bwayo,
N'ubwenge bwayo ibutemesha imiraba y'ubwibone,
Umwuka wayo utera ijuru kurabagirana,
N'ukuboko kwayo ikagusogotesha inzoka yihuta. Dore ibyo ni ibyo ku mpera
y'imigenzereze yayo gusa:
Ibyo twumva byayo ni bike cyane, ni nk'ibyongorerano.
Ariko guhinda k'ububasha bwayo, ni nde wabisobanura?" {Ub 133.8}

Yobu 26:7-10; Yobu 26:11-14:

"Inzira y'Uwiteka iba mu ishuheri no mu mugaru kandi ibicu ni nk'umukungugu utumurwa n'ibirenge bye." Nahumu 1:3. {Ub 134.1}

Nk'uko bamwe mu banyabwenge babivuga, imbaraga ikomeye ikorera mu byaremwe byose kandi ikabeshaho ibintu byose ntabwo ari ihame ryoroheje cyangwa ingufu zibikoresha. Imana ni umwuka; ariko iriho kandi ifite igihagararo, kuko umuntu yaremwe ku ishusho yayo. Kubera ko Imana ifite igihagararo, yihishuriye mu Mwana wayo. Yesu We kurabagirana k'ubwiza bwa Data, akaba ari we shusho ya kamere yayo (Abaheburayo 1:3), yaje ku isi asa n'umuntu. Yaje mu isi ari Umukiza wambaye ubumuntu. Nk'Umukiza wambaye ubumuntu kandi yazamutse mu ijuru, ubu adutakambira mu ijuru. "Usa n'Umwana w'umuntu" ari mu ijuru imbere y'intebe ya cyami y'Imana adusabira. Danyeli 7:13. {Ub 134.2}

Intumwa Pawulo ashorewe n'Umwuka Wera yaranditse maze avuga ibya Kristo ko "muri we arimo byose byaremewe, ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi, ibiboneka n'ibitaboneka, intebe z'ubwami n'ubwami bwose . . . Yabanjirije byose kandi byose bibeshwaho na we." Abakolosayi 1:16,17. Ikiganza gitengase imibumbe mu kirere, ikiganza kiyifashe igakomeza kuba kuri gahunda yayo, kandi ibintu byose bigakomeza gukorera mu isanzure Imana yaremye bidacogora, ni cyo kiganza cyaterewemo imisumari ku musaraba ku bwacu. {Ub 134.3}

Ntitwasobanukirwa ugukomera kw'Imana. Umunyezaburi yaravuze ati: "Uwiteka, intebe ye iri mu ijuru" (Zaburi 11:4); ariko kandi kubw'Umwuka We iri ahantu hose. Yita cyane ku byo yaremye byose kandi ibiba hafi. Umuhimbyi wa Zaburi yaravuze ati: {Ub 134.4}

"Ni nde uhwanye n'Uwiteka Imana yacu, ufite intebe ye hejuru cyane, {Ub 135.1}

Akicishiriza bugufi kureba, ibyo mu ijuru n'ibyo mu isi?" "Ndahungira Umwuka wawe he?
Ndahungira mu maso yawe he?
Nazamuka nkajya mu ijuru, uri yo.
Nasasa uburiri bwanjye ikuzimu uri yo.
Nakwenda amababa y'umuseke,
ngatura ku mpera y'inyanja,
Aho na ho ukuboko kwawe kwahanshorerera.
Ukuboko kwawe kw'iburyo kwahamfatira. {Ub 135.2}

Zaburi 113:5,6; Zaburi 139:7-10.

"Uzi imyicarire yanjye n'imihagurukire yanjye,
Umenyera kure ibyo nibwira.
Ujya urondora imigendere yanjye n'imiryamire,
Uzi inzira zanjye zose. ...

Ungose inyuma n'imbere,
Unshyizeho ukuboko kwawe.
Kumenya ibikomeye bityo, ni igitangaza kinanira,
Kuransumba, simbasha kukugeraho." {Ub 135.3}

Zaburi 139:2-6.

Umuremyi w'ibintu byose ni we wateganije uburyo butangaje bwo guhuza inzira zikoreshwa n'umugambi zerekezaho, ndetse no guhuza ibyangombwa biboneka n'ubukene buba buriho. Ni we wagennye ko mu bintu bifatika, ku kintu cyifuzwa cyose haboneka uburyo bukwiriye kumara ubwo bukene. Ni We waremye umutima w'umuntu, awuha ubushobozi bwo kumenya no gukunda. Kandi muri we ntashobora gusiga ubugingo bw'umuntu atabumaze ubukene bw'ibyo bwifuza. Nta hame ridafatika, cyangwa ikintu kitagaragara gishobora kumara ubukene n'ibyifuzo by'abantu muri ubu buzima bwo guhangana n'icyaha n'agahinda n'umubabaro. Kwizera itegeko, cyangwa imbaraga, cyangwa ibintu bitarangwaho impuhwe ndetse bitumva no gutaka kwacu ntibihagije. Dukwiriye kumenya iby'ukuboko gushobora byose kuzadukomeza, tukamenya iby'Incuti y'ibihe byose itugirira impuhwe. Dukeneye gufata ikiganza cyuje ubwuzu tukagikomeza, kandi tukizera umutima wuzuye ubugwaneza. Kandi uko ni ko Imana yihishuriye mu Ijambo ryayo. {Ub 135.4}

Umuntu wiga ubwiru bw'ibyaremwe mu buryo bwimbitse, azamenya rwose ubujiji bwe n'intege nke ze. Azasobanukirwa ko hari ahantu himbitse ndetse n'ahahanitse cyane adashobora kugeraho. Azasobanukirwa kandi ko hari amabanga atashobora gucengera ngo ayasobanukirwe ndetse ko hari n'ukuri kwagutse kuri imbere ye kutari kwamenyekana. Bene uwo azaba yiteguye kuvuga nk'uwitwa Newton ati: "Meze nk'umwana muto wicaye ku nkombe y'inyanja atoragura utubuyenge n'ibikonoshwa by'ibinyamujonjorerwa kandi imbere yanjye hari inyanja ngari yuzuye ukuri nyamara njye ntacyo nkuziho." {Ub 136.1}

Abanyeshuri bimbika mu kwiga ubumenyi baba bagomba kubona imikorere y'imbaraga itarondoreka mu byaremwe. Ariko umuntu musa utagize ubufasha abona, mu nyurabwenge ye usanga ibyo ibyaremwe byigisha nta kindi bimuhindukira uretse kuvuguruzanya n'urucantege. Ibyaremwe bisomwa mu buryo butunganye binyuze gusa mu ihishurirwa. "Kwizera ni ko kutumenyesha." Abaheburayo 11:3. {Ub 136.2}

"Mbere na mbere, Imana." Itangiriro 1:1. Ubwenge bwa muntu mu matsiko buba bufite bubaza byinshi ndetse bumeze nk'inuma iguruka ihungira mu nkuge, muri iri jambo honyine ni ho bubonera uburuhukiro. Haba hejuru, no hasi na kure cyane, aho ni ho Rukundo rutarondoreka aba, akorera ibintu byose gusohoresha "imbaraga imyifurize myiza yose." 2Abatesalonike 1:11. {Ub 136.3}

“Kuko ibitaboneka byayo ari byo bubasha bwayo buhoraho n’ubumana bwayo, bigaragara neza uhereye ku kuremwa kw’isi, bigaragazwa n’ibyo yaremye.” Abaroma 1:20. Nyamara ubuhamya bwabyo bushobora kumvikana gusa kubwo gufashwa n’Umwigisha wo mu ijuru. “Mbese ni nde mu bantu wamenya ibyo undi atekereza, keretse umwuka wa wa wundi umurimo? N’iby’Imana ni ko biri, nta wabimenya keretse Umwuka wayo.” 1 Abakorinto 2:11. {Ub 136.4}

“Uwo Mwuka w’ukuri naza, azabayobora mu kuri kose.” Yohana 16:13. Ibyo ubumenyi buhamya bishobora gusobanurwa mu buryo butunganye binyuze gusa mu gufashwa na wa Mwuka mu itangiriro “wagendagendaga hejuru y’amazi;” gufashwa na Jambo “yaremesheje ibintu byose;” no gufashwa na wa “Mucyo w’ukuri waje mu isi ukamurikira abantu bose.” Kubwo kuyoborwa gusa n’aba tuvuze ni ho ukuri kwimbitse k’ubumenyi gushobora gutahūrwa. {Ub 137.1}

Igihe twiga iby’imirimo yakoze, tuzabashishwa gutekereza nka yo binyuze gusa mu kuyoborwa n’Imana Nyirubumenyi bwose. {Ub 137.2}

15. AMAHAME N’UBURYO MU MIKORERE

“Ugenda atunganye, aba agenda akomeye.” Imigani 10:9

Nta shami ry’umurimo wose ukorwa wemewe n’amategeko Bibiliya itahayeho abantu umwiteguro ukwiriye. Amahame yerekeye gukorana umurava, kuba inyangamugayo, gucunga umutungo neza, kwirinda ndetse n’ubutungane, ibyo byose ni byo banga ryo kugera ku bintu nyakuri abantu barangamira. Ayo mahame, nk’uko yanditswe mu gitabo cy’Imigani, ni ikigega cy’ubutunzi bw’ubwenge bwifashishwa mu bikorwa bifatika. Mbese umucuruzi, umunyabukorikori, umuyobozi w’abantu mu ishami iryo ari ryo ryose ry’imirimo, ni hehe bashobora kubona imigani myiza imwerekeyeho cyangwa iyerekeye abakozi be iruta iyo dusanga muri aya magambo yavuzwe n’umunyabwenge agira ati: {Ub 138.1}

“Hari umuntu w’umunyamwete mu byo akora ubonye?
Bene uwo azaba imbere ku mwami;
Ntazakorera abagufi.” {Ub 138.2}

Imigani 22:29.

“Umurimo wose utera inyungu;
Ariko amazimwe y’ururimi atera ubukene agatubya.” {Ub 138.3}

Imigani 14:23.

“Umutima w’umunyabute urifuza kandi nta cyo ari bubone;
Ariko umutima w’umunyamwete uzahazwa.” {Ub 138.4}

Imigani 13:4

“Kuko umusinzi n’umunyandanini bazakena,
Kandi umunyabitotsi bizamwambika ubushwambagara.” {Ub 138.5}

Imigani 23:21

“Ugenda ari inzimuzi, amena ibanga;
Nuko ntukiyuzuze n’ukunda kuvugagura.” {Ub 138.6}

Imigani 20:19.

“Uwifata mu magambo ni umunyabwenge;
Kandi ufite umutima witonze ni umuntu ujijutse”
“Umuntu ashimirwa kwirinda impaka;
Ariko umupfapfa wese akunda intonganya.” {Ub 139.1}

Imigani 17:27; 20:3.

“Ntukajye mu nzira y’inkozi z’ibibi;
Kandi ntukagendere mu migenzereze y’abantu babi.”
“Cyangwa hari uwabasha gukandagira amakara yaka, ibirenge bye ntibibabuke? {Ub 139.2}

Imigani 4:14, 6.28.

“Ugendana n’abanyabwenge, azaba umunyabwenge na we,
Ariko mugenzi w’abapfu, azabihanirwa.” {Ub 139.3}

Imigani 13:20

“Incuti nyinshi zisenya urugo;
Ariko haba incuti iramba ku muntu, imurutira umuvandimwe.” {Ub 139.4}

Imigani 18:24.

Ibintu byose byerekeye inshingano dufite kuri bagenzi bacu byagaragajwe mu ijambo Kristo yavuze ati: “Nuko ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko mubagirira namwe; kuko ayo ari yo mategeko n’ibyahanuwe.” Matayo 7:12. {Ub 139.5}

Mbega abantu benshi bagombye kuba bataraguye mu bihombo no kutagera ku byo bifuza mu by’imari iyo bumvira imiburo yagiye isubirwamo kenshi kandi igashimangirwa mu Byanditswe byera! [Dore imwe muri iyo miburo]: {Ub 139.6}

“Umunyamurava agwiza imigisha myinshi;
Ariko uwihutira kuba umukire ntazabura guhanwa.” {Ub 139.7}

Imigani 28:20.

“Ubutunzi bw’amahugu buzagabanuka;
Ariko urundarunda ibintu avunika, azunguka.” {Ub 140.1}

Imigani 13:11.

“Ubutunzi bushakishwa ururimi rubeshya, buyoyoka nk’umwuka,
Ababushaka baba bashaka urupfu.” {Ub 140.2}

Imigani 21:6.

“Umukire ategeka umukene;
Kandi uguza aba ari nk’umugaragu w’umugurije” {Ub 140.3}

Imigani 22:7.

“Uwishingira uwo atazi, bizamubabaza;
ariko uwanga kwishingira,
azaba amahoro,” {Ub 140.4}

Imigani 11:15.

“Ntugashingure imbago zerekana imbibi za kera;
Kandi ntukarengere mu mirima y’imfubyi;
Kuko Umurengezi wabo akomeye; azakuburanya, ababuranira.”
“Uwishakira ubutunzi, akarenganya abakene, kandi uhongera abakire,
Bombi bazakena, nta kabuza.”
“Ucukura urwobo, azarugwamo; kandi uhirika ibuye rizamubirindukana.” {Ub 140.5}

Imigani 23:10,11; 22:16; 26:27.

Ayo ni yo mahame ngenderwaho mu kubaka imibereho myiza y’umuryango mugari w’abantu, haba mu rwego rw’imiryango ibogamiye mu by’isi n’ibogamiye ku by’idini. Ayo mahame ni yo abumbatira umutekano w’ibintu n’uw’ubuzima bw’abantu. Kugira ngo kugirirana icyizere no gukorera hamwe bishoboke, ni ngombwa ko abatuye isi bagomba kumvira amategeko y’Imana nk’uko yatanzwe mu Ijambo ryayo, ndetse akaba acyanditswemo nubwo akenshi yapfukiranwe ndetse akaba yenda gusibangana mu mitima y’abantu. {Ub 140.6}

Amagambo umuhimbyi wa Zaburi yavuze ati: “Amategeko yo mu kanwa kawe ni ay’igiciro kuri jye, kiruta icy’ibice ibihumbi by’ifeza n’izahabu” (Zaburi 119:72), avuga iby’ukuri bitagendanye n’iby’idini. Avuga ukuri kudasubirwaho kandi kwemerwa mu rwego rw’imari n’ubucuruzi. Ndetse muri iki gihe tugezemo kirangwa no kurarikira kugwiza amafaranga, aho irushanwa rikabije, uburyo bwo gushaka ubutunzi bukaba budaha agaciro imico mbonera, biracyazirikanwa henshi ko, ku musore ugitangira ubuzima, kuba inyangamugayo, gukorana umurava, kwirinda, ubuziranenge no gucunga neza umutungo ari igishoro kiruta kure umubare w’amafaranga runaka uko yangana kose. {Ub 140.7}

Nyamara no mu bantu bashimishwa n’izo ndangagaciro kandi bakemera ko zikomoka muri Bibiliya, harimo bake cyane bazirikana ihame shingiro izo ndangagaciro zikomokaho. Kwemera ko Imana ari yo nyir’ibintu byose, ni yo ntango yo gukiranuka no kurangwa n’ukuri mu mikorere. Umuremyi w’ibintu byose ni we nyirabyo, twe turi ibisonga bye. Ibyo dutunze byose ni Imana yabituragije kugira ngo tubikoreshe dukurikije amabwiriza iduha. {Ub 141.1}

Iyi ni inshingano umuntu wese yahawe, kandi iyi nshingano irebana n'ibyo umuntu akora byose. Twabyemera, tutabyemera, turi ibisonga by'Imana, yaduhaye impano n'uburyo twifashisha, kandi yadushyize mu isi kugira ngo dukore umurimo yaduhaye. {Ub 141.2}

Umuntu wese "ahabwa umurimo we" (Mariko 13:34) uhuje n'ubushobozi bwe, kandi uwo murimo uzatanga umusaruro mwiza cyane kuri we no kuri bagenzi be, bityo uheshe Imana icyubahiro giheranije. {Ub 141.3}

Bityo rero, ibyo dukora byose cyangwa umuhamagaro wacu bigize umugabane w'inama ikomeye y'Imana, kandi igihe cyose ibyo dukora bijyanye n'ubushake bwayo, Imana ubwayo ni yo iba irebwa n'umusaruro ubivamo. "Dukorana n'Imana" (1 Abakorinto 3:9); bityo uruhare rwacu ni ugukurikiza amabwiriza iduha tudakebakeba. Ku bw'izo mpamvu, ntabwo dukwiriye kwiganyira. Dukwiriye gukorana umurava, tugakiranuka ku nshingano zacu, tukita ku murimo, tukirinda kwaya kandi tukarangwa n'ubushishozi. Ni ngombwa ko ubushobozi bwose twahawe tubukoresha tutizigamye, kugeza aho budashobora kurenza. Ariko rero ntabwo tuzishingikiriza ku musaruro mwiza tugezeho kubw'umuhati wacu, ahubwo tuzishingikiriza ku isezerano Imana yaduhaye. Ijambo ryatunze Abisirayeli mu butayu kandi rigakomeza Eliya mu gihe cy'amapfa, n'uyu munsi riracyafite ubushobozi ryari rifite. "Nuko ntimukiganyire mugira ngo: "Tuzarya iki?", cyangwa ngo "Tuzanywa iki?" ... Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongerwa." Matayo 6:31-33. {Ub 141.4}

Imana iha abantu ububasha bwo kuronka umutungo. Iyo mpano ibaha yomatanye n'inshingano bagomba kuzuza. Mu byo twunguka byose, isabamo umugabane wihariye. Icyacumi ni icy'Uwiteka. "Mu bimeze mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti, kimwe mu icumi ni icy'Uwiteka: ni icyera cy'Uwiteka." "Kimwe mu icumi cyo mu mashyo yose cyangwa imikumbi yose, ... imwe mu icumi ijye iba iyera y'Uwiteka." Abalewi 27:30, 32. Umuhigo Yakobo yahigiye i Beteli na wo werekanye uko iyi nshingano iteye. Yaravuze ati: "Kandi ku byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi." Itangiriro 28:22. {Ub 142.1}

"Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse, mubishyire mu bubiko" (Malaki 3:10), iri ni itegeko ry'Imana. Ahangaha ntabwo Imana iduhamagarira gushima cyangwa kugira ubuntu. Ahubwo ni uguhamagarirwa kuba indahemuka gusa. Icyacumi ni icy'Uwiteka; kandi adutegeka kumugarurira ibye. {Ub 142.2}

"Kandi ibisonga bishakwaho ko biba abanyamurava." 1 Abakorinto 4:2. Niba ubudahemuka ari ihame ry'ingenzi mu by'ubucuruzi [cyangwa imirimo dukora ya buri munsi], mbese ntidukwiriye kuzirikana inshingano dufite ku Mana, ari nayo nshingano izindi zose zubakiyeho? {Ub 142.3}

Hakurikijwe ubusonga twahawe, ntidufite inshingano ku Mana gusa ahubwo tuyifite no bantu. Urukundo rutagerwa rw'Umucunguzi wacu ni rwo umuntu wese akesha impano abona mu buzima. Ibyokurya, imyambaro n'amacumbi, umubiri wacu, ubwenge n'ubugingo, byose byacungujwe amaraso ya Kristo. Kandi kubw'inshingano dufite yo gushima n'umurimo twahawe, Kristo yatwomatanyije na bagenzi bacu. Aradutegeka ati: "Ahubwo mukorerane mu rukundo" (Abagalatiya 5:13). "Ubwo mwabikoreye umwe muri bene Data aba boroheje bari hanyuma y'abandi, ni jye mwabikoreye." Matayo 25:40. {Ub 142.4}

Intumwa Pawulo aravuga ati: "Abagiriki n'abatari Abagiriki, abanyabwenge n'abaswa mbafiteho umwenda." Abaroma 1:14. Natwe ni ko biri. Kubw'imigisha yose twahawe, dufite inshingano yo kuyigeza kuri bagenzi bacu. {Ub 143.1}

Ntabwo uko kuri ari ingenzi aho umuntu akorera yihereye wenyine kuruta uko biri aho akorana n'abandi. Umutungo dukoresha si uwacu bwite, kandi uku kuri ntigukwiriye kwirengagizwa. Twebwe turi ibisonga by'Imana, kandi imibereho myiza ya bagenzi bacu ndetse n'iherezo ryacu kuby'ubuzima dufite ubu n'ubuzima buzaza byose bishingiye ku buryo dusohoza inshingano dufite ku Mana no kuri bagenzi bacu. {Ub 143.2}

"Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka; kandi hari uwimana birenza urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa. Umunyabuntu azabyibuha, kandi uvomera abandi na we azavomerwa." "Nyanyagiza imbuto yawe ku mazi; kuko igihe nigisohora, uzayibona hashize iminsi myinshi." Imigani 11:24-25; Umubwiriza 11:1. {Ub 143.3}

"Ntukarushywe no gushaka ubutunzi; ihebere bwa bwenge bwawe, mbese wahanga amaso ku bitariho? Kuko ubutunzi butabura kwitera amababa, bukaguruka nk'uko igisiga kirenga mu bushwi." Imigani 23.4,5. {Ub 143.4}

"Mutange, namwe muzahabwa; urugero rwiza rutsindagiye, rucugushije, rusesekaye, ni rwo muzagererwa; kuko urugero mugeramo, ari rwo muzagererwamo namwe." Luka 6:38. {Ub 143.5}

"Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wunguka byose. Ni bwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe." Imigani 3:9,10. {Ub 143.6}

"Nimuzane imigabane ya kimwe mu icumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya; ngaho nimubingeragereshe," Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, "murebe ko ntazabagomororera imigomero yo mu ijuru nkabasukaho umugisha, mukabura aho muwukwiza. Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku butaka bwanyu;

kandi n'umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima, igihe cyawo kitaragera." . . . . Kandi amahanga yose azabita abanyamahirwe; kuko muzaba igihugu kinezeza." Malaki 3:10-12. {Ub 144.1}

"Nimuhora mwumvira amategeko yanjye, mukitondera ibyo nategetse, mukabyumvira; nzajya mbavubira imvura mu bihe byayo, ubutaka buzajya bwera imyaka yabwo, ibiti byo mu murima bizajya byera imbuto zabyo. Ihura ryanyu rizageza mu isarura ry'inzabibu, iryo sarura rizageza mu ibiba; muzajya murya ibyokurya byanyu muhage, mube mu gihugu cyanyu amahoro.... muzaryama ari ntawe ubateye ubwoba." Abalewi 26:3-6. {Ub 144.2}

"Mwige gukora neza, mushake imanza zitabera, murenganure abarengana, mucire imfubyi urubanza, muburanire abapfakazi." "Hahirwa uwita ku bakene, Uwiteka azamukiza ku munsi w'ibyago. Uwiteka azamurinda amukize, kandi azahirwa ari mu isi: Kandi ntumuhe abanzi be kumugirira uko ashaka." "Ubabariye umukene aba agurije Uwiteka; na we azamwishyurira ineza ye." Yesaya 1:17; Zaburi 41:1,2; Imigani 19:17. {Ub 144.3}

Umuntu ushora umutungo we muri bene ubu buryo, aba yiteganirije incuro ebyiri. Iruhande rw'ibyo agomba kuzasiga ku iherezo [ry'ubuzima bwe] nubwo yaba yarabikoresheje neza, aba yirundanyiriza ubutunzi azahorana iteka ryose. Ubwo ni ubutunzi bw'imico ari bwo mutungo ufite agaciro karuta akandi ku isi no mu ijuru. {Ub 144.4}

Gukorana ubunyangamugayo

"Uwiteka azi iminsi y'abatunganye, umwandu wabo uzahoraho iteka. Ntibazakorwa n'isoni mu gihe cy'ibyago, mu minsi y'inzara bazahazwa." Zaburi 37:18,19. {Ub 145.1}

"Ni ugendera mu bitunganye, agakora ibyo gukiranuka, akavuga iby'ukuri nk'uko biri mu mutima we. ... Icyo yarahiriye naho cyamugirira nabi, ntiyivuguruza." "Ugendana gukiranuka akavuga ibitunganye, akagaya indamu iva mu gahato, agashwishuriza impongano bamuha, akipfuka mu matwi ngo atumva inama yo kuvusha amaso, agahumiriza amaso ngo atareba ibibi, uwo ni we uzatura aharengeye... azahabwa ibyokurya bimutunga, n'amazi yo kunywa ntazayabura. Amaso yawe azareba Umwami afite ubwiza bwe; uzayarambura mu gihugu ugeze kure" Zaburi 15:2-3; Yesaya 33:15-17. {Ub 145.2}

Mu ijambo ryayo, Imana yahatanze ishusho y'umuntu wari umukire, - umuntu waranzwe n'imibereho igaragara ko mu by'ukuri yageze ku byo yifuzaga, akaba n'umuntu ijuru n'isi byishimiraga bikamwubaha. Yobu ubwe yavuze iby'imibereho ye agira ati: {Ub 145.3}

"Nk'uko nari meze mu minsi y'ubukwerere bwanjye,
Imana ikingira inama mu rugo rwanjye.
Ishoborabyose yari ikiri kumwe nanjye.

Abana banjye bankikije;
Intambwe zanjye zari zaranyuzwe n’amavuta,
Urutare rukansukira imigezi y’amavuta ya elayo!
Iyo najyaga ku irembo ry’umudugudu,
Ngatereka intebe yanjye mu muharuro,
Abasore barambonaga bakihisha; Na bo abasaza bakampagurukira, bagahagarara.
Ibikomangoma byaracecekaga, bikifata ku munwa.
Ijwi ry’imfura ryaroroshywaga,
Ururimi rwazo rugafatana n’urusenge rw’akanwa kabo.
Ugutwi kwanyumvaga kwanyitaga uhiriwe,
N’ijisho ryambonaga ryamberaga umuhamya,
Yuko nakizaga umukene utaka, n’imfubyi na yo itagira gifasha.
N’uwendaga gupfa wese yansabiraga umugisha
Kandi ngatuma umutima w’umupfakazi uririmbishwa no kunezerwa.
Nambaraga gukiranuka, kukanyambika;
Kutabera kwanjye kwari kumeze nk’umwitero n’ikamba.
Nari amaso y‘impumyi, n’ibirenge by’ikirema.
Nari se w’umukene: Ngakurikirana urubanza rw’uwo nari ntazi.”

“Nta mushyitsi naraje hanze;
Ahubwo umugenzi wese naramwugururiraga.”

“Abantu bantegeraga amatwi, bagategereza,
Bagaceceka, ngo bumve inama yanjye.
Iyo namaraga kuvuga, ntacyo basubizaga,
Ibyo mvuze bikabatonyangaho. . . .
Kandi ntabwo bahinduraga umucyo wo mu maso hanjye.
Nakundaga kujya mu nzira yabo nkababera umutware,
Nkabamerera nk’umwami mu ngabo ze,
Nk’umuhumuriza w’ababoroga.” {Ub 145.4}

Yobu 29:4-16; 31:32; 29:21-25.

“Imigisha Uwiteka atanga izana ubukire;
kandi nta mubabaro yongeraho” {Ub 146.1}

Imigani 11:22.

"Ubukire n'icyubahiro biri iwanjye,
kandi n'ubutunzi buhoraho no gukiranuka na byo." {Ub 146.2}

Imigani 8:18.

Bibiliya yerekana n'ingaruka ziva mu gutandukira amahame atunganye haba mu byo dukorera Imana n'ibyo dukorera bagenzi bacu. Dore icyo Imana ibwira abantu yaragije impano zayo ariko bakaba birengagiza ibyo ibasaba: {Ub 147.1}

"Nimwibuke ibyo mukora. Mwabibye byinshi ariko musarura bike; murarya ariko ntimuhaga; muranywa ariko ntimushira inyota; murambara ariko ntimushira imbeho; kandi n'ukorera ibihembo abibika mu ruhago rutobotse. . . . Mwiringira kubona byinshi, ariko dore byabaye bike; mubizanye imuhira, mbitumuza umwuka wanjye." "Icyo gihe cyose uwageraga ku miba ikwiriye kuvamo imiba makumyabiri, havagamo icumi gusa, uwageraga ku muvure wa vino yibwira ko azavanamo incuro mirongo itanu, yavanagamo makumyabiri gusa." "Kuki se byagendaga bityo? Ni ko Uwiteka Nyiringabo abaza.' Dore igisubizo atanga: "Inzu yanjye yabaye umusaka." "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwebweho mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti "Twakwimye iki?" "Mwanyimye imigabane ya kimwe mu icumi n'amaturo." "Ni cyo gituma ijuru ku bwanyu ryimana ikime, n'isi ibura umwero wayo." Hagayi 1:5-9; 2:16. Malaki 3.8; Hagayi 1:10. {Ub 147.2}

"Nuko rero mwarenganyaga abakene, ... mukiyubakira amazu y'amabuye abajwe, ariko namwe ntimuzayabamo; mwateye inzabibu nziza, ariko ntimuzanywa vino yazo." "Uwiteka azakoherereza umuvumo no guhagarikwa umutima no kubwirwa ibyago bizaza, mu byo ugerageza gukora byose." "Abahungu bawe n'abakobwa bawe bazahabwa irindi shyanga, amaso yawe azabireba , ahereyo, ananizwe no kubakumbura umunsi ukira: nta cyo uzashobora gukora." Amosi 5:11; Gutegeka kwa kabiri 28:20, 32. {Ub 147.3}

"Umuntu wirundanyaho ubutunzi bw'amahugu ni nk'inkware ibundikira amagi itateye. Ubwo butunzi buzamusiga, agabanijemo kabiri iminsi yo kubaho kwe; hanyuma azaba umupfapfa." Yeremiya 17:11. {Ub 147.4}

Raporo y'ikintu cyose, ndetse n'akantu kose gakorwa, bisuzumwa n'abagenzuzi batagaragara. Abo ni abakozi b'Imana idaca urwa kibera, ntiyirengagize icyaha kandi ngo ibererekere ikibi. {Ub 147.5}

"Nubona mu ntara umukene urengana, n'abanyarugomo bakuraho imanza zitabera no gukiranuka, ntibikagutangaze: kuko Isumbya abakuru ubukuru ibyitegereza; kandi hariho abakuru babarengeje." "Nta mwijima, cyangwa igicucu cy'urupfu, aho inkozi z'ibibi zishobora kwihisha." Umubwiriza 5:7; Yobu 34:22. {Ub 148.1}

“Bashyize akanwa kabo mu ijuru... Bakavuga bati: “Imana ikibwirwa n’iki? Isumbabyose hari icyo izi?” Uwiteka aravuga ati: “Ibyo urabikora, nkakwihorera, ukibwira yuko mpwanye nawe rwose: ariko nzaguhana mbishyize imbere y’amaso yawe, uko bikurikirana.” Zaburi 73:9-11; Zaburi 50:21. {Ub 148.2}

“Nuko nongera kubura amaso, ngiye kubona mbona umuzingo w’igitabo uguruka.... Uwo ni umuvumo woherejwe gukwira isi yose, ku ruhande rumwe uhamya yuko uwiba wese azakurwaho, ku rundi uhamya yuko urahira ibinyomwa wese azakurwaho. Uwo muvumo nzawohereza,” ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, “winjire mu nzu y’umujura no mu nzu y’urahira izina ryanjye ibinyoma; uzaba mu mazu yabo imbere, uyatwikane n’ibiti n’amabuye byayo.” Zekariya 5:1-4. {Ub 148.3}

Itegeko ry’Imana riciraho iteka inkozi z’ibibi aho ziva zikagera. Umuntu ashobora gukerensa no kugerageza kwirengagiza ijwi ryayo, ariko aba agorwa n’ubusa. Iryo jwi riramukurikirana rigakomeza kumvikana. Rimubuza amahoro. Iyo umuntu atumviye iryo jwi, riramuherekeza kugeza ubwo azagera mu mva. Mu gihe cy’urubanza riramushinja maze amaherezo umuriro ukaze ukazakongora umubiri we n’ubugingo bwe. {Ub 148.4}

“Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? Mbese umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?” Mariko 8:36-37. {Ub 148.5}

Iki ni ikibazo kigomba kwitabwaho n’umubyeyi wese, umurezi n’umwigisha wese, umunyeshuri wese, - mu by’ukuri, buri muntu wese yaba umukuru cyangwa umuto. Nta genamikorere (cyangwa se gahunda y’ubuzima) rishobora kuba ritunganye kandi ryuzuye igihe cyose rifata gusa imyaka mike y’ubu buzima bityo ntiriteganyirize iby’igihe kizaza kitazagira iherezo. Nimutyo mu byo urubyiruko ruha agaciro rwigishwe kuzirikana iby’igihe kitazashira. Nimutyo urubyiruko rwigishwe guhitamo amahame azaramba no kwishakira ubutunzi butari ubw’igihe gito, ahubwo rwibikire ubutunzi budashira “mu ijuru, aho umujura atabwegera, n’inyenzi ntizibwonone;” rwigishwe kandi ko “ubutunzi bubi [rubushakisha] incuti, kugira ngo nibushira bazabākire mu buturo bw’iteka.” Luka 12:33; 16:9. {Ub 148.6}

Abantu bose bagenza batya baba bitegura ubuzima bwo kuri iyi si mu buryo bwiza cyane. Nta muntu ushobora kwirundanyiriza ubutunzi mu ijuru, igihe ubuzima bwe hano ku isi butakungahaye kandi butatunganijwe. {Ub 149.1}

“Kuko kwitoza k’umubiri kugira umumaro kuri bike, naho kubaha Imana kukagira umumaro kuri byose, kuko gufite isezerano ry’ubugingo bwa none n’ubuzaza na bwo.” 1Timoteyo 4:8. {Ub 149.2}

16. IMIBEREHO Y'ABANTU BAVUGWA MURI BIBILIYA

"Baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka, no guhabwa ibyasezeranijwe,⋯ no gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi." Abaheburayo 11:33,34.

Kubera ko Bibiliya ari umwigisha, nta mugabane wayo ufite agaciro gakomeye kurenza aho dusanga imibereho y'abantu bayivugwamo. Ayo mateka y'abantu atandukanye n'ayandi yose kubera ko avuga ukuri kw'ibyabaye mu buzima. Ntabwo byashobokera umuntu ufite ibitekerezo bigufi gusobanura neza ibikorwa byaranze imibereho y'undi muntu mu bintu byose. Nta wundi uretse Imana isoma ibiri mu mutima, Yo imenya amasoko yihishe y'imbaraga ikoresha abantu n'ibyo bakora, ni Yo ishobora kurondora imico y'abantu nk'uko iri by'ukuri, kandi igatanga ishusho y'ubuzima bw'umuntu itarimo kwibeshya na guke. Mu ijambo ry'Imana honyine ni ho hari uko gusesengura imibereho. {Ub 150.1}

Nta kuri Bibiliya yigisha mu buryo busobanutse cyane kurenza ukutubwira ko ibyo dukora biba bikomotse ku cyo turi cyo cyangwa ku bo turi bo. Ibyo tunyuramo mu buzima ni umusaruro uva mu bitekerezo no mu bikorwa byacu ku rwego rukomeye. {Ub 150.2}

"Umuvumo w'ubusa [ntugira] uwo ufataho." Imigani 26:2. "Muvuge ko abakiranutsi bazagubwa neza, . Ariko umunyabyaha abonye ishyano! Azagubwa nabi, kuko azahabwa ibihembo by'ibyo yakoze" Yesaya 10:11, 12. {Ub 150.3}

"Umva, wa si we; dore ngiye kuzanira aba bantu ibyago, ni byo mbuto z'ibyo bajyaga bibwira." Yeremiya 6:19. {Ub 150.4}

Uku kuri guteye ubwoba, kandi gukwiriye gushisha buri muntu wese. Igikorwa cyose kigira ingaruka ku uwagikoze. Nta kiremwamuntu cyari gikwiriye kuyoberwa ko ibyo tubiba ari byo dusarura. Ariko nubwo bimeze bityo, ntitwasigaye mu gihirahiro tudafite ibyiringiro. {Ub 150.5}

Kugira ngo abone umurage w'umwana w'imfura wari usanzwe ari uwe kubw'isezerano ry'Imana, Yakobo yakoresheje uburiganya, kandi umusaruro yakuyemo ni ukwangwa n'umuvandimwe we. Mu myaka makumyabiri yamaze ari mu buhungiro, na we ubwe yarabeshywe kandi arariganywa, kandi amaherezo biba ngombwa ko ahunga ngo abone umutekano. Yasaruye ubwa kabiri imbuto y'uburiganya bwe ubwo ibibi byarangwaga mu mico ye bwite byigaragarizaga mu bahungu be. Ibyo byose ni ishusho nyakuri yerekana ingororano z'imibereho umuntu yagize. {Ub 151.1}

Ariko Imana iravuga iti: "Sinatongana iminsi yose, kandi sinahora ndakaye iteka ryose, kuko imyuka n'imitima naremye byashirira imbere yanjye. Icyaha cye cy'umururumba ni cyo

cyandakaje ndamukubita. Narihishe, ndakaye; ariko akomeza gusubira inyuma mu ngeso zikundwa n'umutima we. Nabonye ingeso ze, nzamukiza; kandi nzamuyobora, musubize ibyo kumumara umubabaro..., 'Amahoro, amahoro abe ku uri kure no ku uwo uri hafi; nanjye nzamukiza.'" Yesaya 57:16-19. {Ub 151.2}

Ubwo Yakobo yari afite umubabaro, ntabwo yacitse intege. Yari yarihannye, yari yaragize umwete wo gusabira imbabazi icyaha yakoreye mukuru we. Kandi igihe yari yugarijwe n'urupfu bitewe n'umujinya Esawu yari amufitiye, yitabaje Imana. "Ni ukuri yakiranije malayika, aramutsinda; amwinginga arira." "Amuherayo umugisha." Hoseya 12:5; Itangiriro 32:29. Mu mbaraga z'ububasha bw'Imana, Yakobo wari wababariwe yarahagurutse, ahaguruka atakiri umuriganya, ahubwo ari igikomangoma cy'ubwami bw'Imana. Ntiyari amaze kurokorwa mu maboko y'umuvandimwe we yagiriye nabi, ahubwo yari arokowe kamere ye ubwe. Imbaraga z'ikibi cyari muri kamere ye ubwe zarashenjaguritse; bityo imico ye irahindurwa. {Ub 151.3}

Mu gihe cy'umugoroba urimo umwijima w'icuraburindi habonetse umucyo. Ubwo Yakobo yasubizaga amaso inyuma akareba amateka y'ubuzima bwe, yabonye imbaraga ikomeza y'Imana. Yaravuze ati: "Imana yantunze mu bugingo bwanjye bwose, ikageza ubu, marayika wancunguye mu bibi byose." Itangiriro 48:15,16. {Ub 151.4}

Kuba icyaha gihamagara igihano, kandi kwihana kukera imbuto yo gukiranuka guhesha ubugingo, ibi byagiye bisubirwamo mu mateka ya bene Yakobo. {Ub 152.1}

Ntabwo Imana ikuraho amategeko yayo. Ntiyigera ikora ibinyuranyije na yo, kandi ntivanaho ingaruka z'icyaha. Ariko Imana irahindura. Kubw'ubuntu bwayo, umuvumo iwuhinduramo umugisha. {Ub 152.2}

Mu bahungu ba Yakobo, Lewi yarangwaga n'ubugome kurusha abandi kandi agakunda kwihōrera. Ni we wagize uruhare rukomeye mu kwica umuryango wa Shekemu akoresheje uburiganya. Imico yarangaga Lewi, yaje kujya igaragarira mu bamukomotseho, kandi yatumye Imana ibaciraho iteka ngo: "Nzabagabanya mu ba Yakobo. Nzabatataniriza mu Bisirayeli." Itangiriro 49:7. Nyamara kwihana kwatumye habaho ivugurura; kandi kubwo kuba indahemuka ku Mana kw'abakomoka kuri Lewi mu gihe cy'ubuhakanyi bw'indi miryango, umuvumo bari baravumwe wahinduwemo ikimenyetso cy'icyubahiro cyo ku rwego rwo hejuru. {Ub 152.3}

"Muri icyo gihe Uwiteka arobanurira umuryango wa Lewi kuremērwa isanduku y'isezerano ry'Uwiteka, no guhagarikwa imbere y'Uwiteka, no kumukorera, no guhesha abantu umugisha mu izina rye." "Isezerano nasezeranye na we ryari ubugingo n'amahoro; nabimuhereye kugira ngo anyubahe; maze aranyubaha, ahindishwa umushitsi n'izina

ryanjye.... Yagendanaga nanjye mu mahoro no mu byo gukiranuka, yahinduraga benshi bakareka ibyaha.” Gutegeka kwa Kabiri 10:8; Malaki 2:5,6. {Ub 152.4}

Abalewi bari bafite inshingano wo gukora umurimo wo mu buturo bwera nta murage wa gakondo bahawe [nk’indi miryango y’Abisirayeli]. Baturaga hamwe bonyine mu midugudu yabagenewe,

kandi batungwaga n’icyacumi, amaturo n’impano byababaga byagenewe gukora umurimo w’Imana. Bari bafite inshingano yo kwigisha abantu, batumirwaga mu minsi mikuru yose y’Abisirayeli; kandi ahantu hose wasangaga bubashywe nk’abagaragu b’Imana n’abayihagarariye. Ishyanga ryose ry’Abisirayeli ryari ryarahawe iri tegeko ngo: “Wirinde kurangarana Umulewi, igihe cyose uzaramira mu gihugu cyawe.” “Ni cyo gituma Abalewi batagira umugabane cyangwa gakondo muri bene wabo; Uwiteka ni we gakondo yabo.” Gutegeka kwa Kabiri 12:19; 10:9. {Ub 153.5}

Gutsinda kubwo kwizera

Ukuri kuvuga ko uko umuntu “atekereza ku mutima, ari ko ari” (Imigani 23:7), gufite ikindi cyitegererezo kigusobanura neza mu byabaye ku Bisirayeli. Ubwo bari ku rugabano rw’i Kanāni, abatasi bavuye gutata igihugu bavuze inkuru y’ibyo babonye. Kubera ubwoba bwo gutinya ingorane bari guhura nazo bajya kwigarurira Kanani, ntibitaye ku bwiza n’uburumbuke bw’icyo gihugu. Ukwizera kwabo kwacogojwe no kumva iby’imijyi yaho ifite inkuta ndende zikabakaba ijuru, iby’abarwanyi barebare banini, iby’amagare y’intambara akozwe mu byuma. Nuko inteko y’abantu yibagirwa ubushobozi bw’Imana, maze basubira mu mwanzuro w’abatasi batizeraga bari bavuze bati: “Ntitwabasha kuzamuka ngo turwanye abo bantu, kuko baturusha amaboko” (Kubara 13:31). Uko babivuze ni ko byabaye. Ntabwo bashoboye kuzamuka, ahubwo baguye mu butayu. {Ub 153.1}

Nyamara, abatasi babiri [Yosuwa na Kalebu] muri abo cumi na babiri bari batase igihugu, batanze igitekerezo gihabanye n’icy’abandi. Baravuze bati: “Tuzamuke nonaha, tuhahīndūre kuko tubasha rwose kuhatsinda” (Kubara 13:30). Bavuze batyo kuko bari bazi ko isezerano ry’Imana rirusha ububasha ibyo bihangange, imijyi igoteshejwe inkike ndende, cyangwa amagare y’ibyuma. Kuri abo bombi ijambo ryabo ryari ukuri. Nubwo Yosuwa na Kalebu bazereranye n’abavandimwe babo imyaka mirongo ine, amaherezo bagize amahirwe yo kugera mu Gihugu cy’Isezerano. Kubera ko yari akiri intwari nk’igihe ingabo z’Uwiteka zavaga muri Egiputa, Kalebu yisabiye guhabwa umugabane w’igihome cy’ibyo bihangange kandi yarawuhawe. Kubwo guhagarara mu mbaraga z’Imana, yashoboye kwirukana Abanyakanani. Imirima y’imizabibu n’imyelayo yari yaranyuzemo igihe batataga igihugu yahindutse umutungo we bwite. Nubwo abantu b’ibigwari n’ibyigomeke bashiriye mu

butayu, abantu barangwaga no kwizera bariye ku maseri y'imizabibu ya Eshikoli. {Ub 153.2}

Nta kuri Bibiliya igaragaza neza cyane kurenze akaga kagera ku bantu batandukira bakava mu bitunganye. Ako kaga kagera ku wakoze ikibi no ku bantu bose bagerwaho n'imbaraga ihindura y'ikibi yakoze. Urugero umuntu atanze rugira imbaraga itangaje; kandi iyo ruri ku ruhande rwa kamere yacu ibogamira mu bibi, biba umwaku kuko gutsinda ikibi bisa n'ibidashoboka. {Ub 154.1}

Ntabwo igihome gikomeye cyane cy'ingeso mbi muri iyi si yacu kigizwe n'imibereho y'umunyabyaha ruharwa cyangwa uw'igicibwa mu bantu irangwa n'ibicumuro gusa; ahubwo ni imibereho y'umuntu isa n'itunganye, isa n'iyo kubahwa kandi y'agaciro mu bigaragara, nyamara muri yo hari icyaha kimwe kigundiriwe cyangwa ingeso imwe yahawe icyicaro. Ku mutima uhanganye n'igishuko gikomeye cyane mu ibanga, guhindira umushyitsi imbere y'amakuba akomeye ni bumwe mu buryo bukomeye bumurehereza gukora icyaha. Ubuhanga bwihariye, impano, impuhwe ndetse n'ibikorwa by'ubugiraneza, bishobora guhinduka ibirangaza Satani akoresha kugira ngo areshye abantu bajye hejuru y'urwobo rw'irimbukiro. {Ub 154.2}

Ni cyo gituma Imana yatanze ingero nyinshi zerekana ingaruka ziterwa n'igikorwa kibi n'iyo cyaba kimwe. Uhereye ku gitekerezo kibabaje cya kiriya cyaha "cyazaniye isi yose urupfu n'umuvumo wose duhura nawo, ndetse no gutakaza Edeni," ukageza ku nkuru ya Yuda wagurishije Umwami w'icyubahiro ibice by'ifeza mirongo itatu, amateka y'imibereho y'abantu bavugwa muri Bibiliya yuzuye bene izo ngero, ni inkingi z'imbuzi zishinzwe ku nkengero z'inzira iva ku bugingo. {Ub 154.3}

Hari imiburo kandi twahawe ishingiye ku kaga kabaho iyo umuntu yemereye ikosa n'intege nke bya muntu bikamuganza biturutse ku kutizera. {Ub 155.1}

Kubwo gutsindwa ko kwizera kwe incuro imwe gusa, byatumwe umuhanuzi Eliya acikiza umurimo yari yarahamagariwe gukora mu buzima bwe. Yari yarikoreye umutwaro umuremereye cyane mu cyimbo cy'ishyanga rya Isirayeli. Yari yaragiye arigezaho imiburo idakebakeba arwanya gusenga ibigirwamana kwaryo; kandi kurihagarikira umutima kwe kwari kwimbitse ubwo yari ategereje ibimenyetso bimwe byo kwihana kwaryo muri cya gihe cy'imyaka itatu n'igice y'amapfa. Ku musozi wa Karumeli, Eliya wenyine ni we wahagaze mu ruhande rw'Imana. Kubw'imbaraga zo kwizera yari afite, gusenga ibigirwamana byateshejwe agaciro, maze imvura y'umugisha igwira kugira ngo ihamye imigisha myinshi yari itegereje gucuncumurwa kuri Isirayeli. Nuko ubwo yari ananiwe aguye agacuho, ahunga ibikangisho bya Yezebeli, maze ari wenyine mu butayu yisabira gupfa. Ukwizera kwe kwari kwamaze gucika intege. Ntiyari agishoboye kurangiza umurimo

yari yaratangiye. Ubwo ni bwo Imana yamutegetse gusiga undi muntu amavuta maze akaba umuhanuzi mu cyimbo cye. {Ub 155.2}

Ariko Imana yari yaranyuzwe n'umurimo umugaragu wa Yo yari yarakoze abikuye ku mutima. Eliya ntiyagombaga kugwa mu butayu yihebye kandi ari wenyine. Nta nubwo yagombaga kumanurwa ngo ashyirwe mu gituro, ahubwo yagombaga kuzamukana n'abamarayika b'Imana akajya imbere y'ubwiza bwayo. {Ub 155.3}

Aya mateka agaragaza ko umunsi umwe umuntu wese azasobanukirwa ko nta kindi icyaha kizana uretse igihombo no gukorwa n'isoni; kandi ko ukutizera gusobanuye gutsindwa; ariko ko imbabazi z'Imana zimbitse cyane; ndetse ko ukwizera kuzamura umunyabyaha wihannye, kukamugeza ku rugero rwo kugirwa umwana w'Imana. {Ub 155.4}

Imyitwarire dutozwa n'imibabaro

Kuri iyi si, abantu bose bakorera Imana n'abantu bakiranuka, babanza gutorezwa mu ishuri ry'umubabaro. Uko umuntu aba afite inshingano iremereye cyane kandi agakora umurimo uhanitse, ni ko n'ibigeragezo birushaho kumusatira kandi ni ko asabwa kurushaho kwitwararika. {Ub 156.1}

Nimwigire ku mibereho ya Yosefu n'iya Mose, iya Daniyeli na Dawidi. Nimugereranye amateka abanza ya Dawidi n'amateka ya Salomo, maze murebe umusaruro wavuyemo. {Ub 156.2}

Dawidi akiri umusore, yari umutoni ku mwami Sawuli, kandi kuba ibwami kwe no kubana n'umuryango w'umwami byamuteye gusobanukirwa ibihagarika umutima ndetse n'imibabaro bitwikirwa no kurabagirana n'icyubahiro gihebuje cya cyami. Yabonye uburyo icyubahiro cy'umuntu kidafite uruhare mu kumuhesha amahoro y'umutima. Yavuye ibwami yisubirira kuragira imikumbi y'intama afite ihumure n'ibyishimo. {Ub 156.3}

Igihe Dawidi yahungiraga mu butayu bitewe n'ishyari Sawuli yamugiriye maze Dawidi agasigara adafite umuntu ashobora kwiyambaza; yarushijeho kwishingikiriza cyane ku Mana. Imibereho yo mu butayu yarangwaga no kubura amahwemo no kutagoheka, akaga kiyongeranyaga kayirangwagamo, kuba ngombwa ko ahunga kenshi, imico y'abantu baje guteranira aho yari ari, - abari mu makuba bose n'abarimo imyenda bose n'abinubaga bose- (1Samweli 22:2), ibyo byose byatumye biba ingenzi ko agira imyitwarire idakebakeba. Ibyo yabayemo byakanguye kandi bikuza ubushobozi bwo gukorana n'abantu, kugirira impuhwe abakandamijwe no kwanga akarengane. Mu myaka yo gutegereza kandi yaranzwe n'akaga, Dawidi yigiyemo kubona ko Imana ari yo muhumuriza we, umufasha we, n'ubugingo bwe. Yize ko ububasha bw'Imana ari bwo bwonyine bushobora kumwimika; kandi ko azashobora kuyobora neza abikesheje ubwenge bw'Imana bwonyine. Kwigira muri iryo shuri

ry'imiruho n'imibabaro ni byo byabashishije Dawidi kuba intashyikirwa (nubwo nyuma yaho imibereho ye yajemo igitotsi bitewe n'icyaha cye), ku buryo "Dawidi yategetse Isirayeli yose, acira abantu imanza zitabera." 2 Samweli l8:15. {Ub 156.4}

Ibyo Dawidi yanyuzemo akiri muto byamuremeye imico ntibyigeze birangwa mu mibereho ya Salomo. Haba mu byo yanyuzemo, mu mico, no mu buzima, Salomo yasaga n'uwatoneshejwe kuruta abandi bose. Mu mabyiruka ye no mu bukwerere bwa Salomo yari atunganye, yubashwe kandi akundwa n'Imana, maze Salomo yima ingoma yatangaga icyizere ko izarangwa no kugubwa neza n'icyubahiro. Amahanga yose yatangaririraga ubwenge n'ubushishozi by'umuntu Imana yari yarahaye ubwenge. Ariko ubwibone butewe no gukungahara no kugubwa neza bwazanye gutandukana n'Imana. Salomo yateye umugongo ibyishimo byo gusabana n'Imana maze ahindukirira kwishakira ibimunyura mu binezeza by'umubiri. Dore uko yavuze kuri ibyo yanyuzemo: {Ub 157.1}

"Nikoreye imirimo ikomeye; niyubakiye amazu; nitereye inzabibu; nihingiye imirima, n'imirima y'uburabyo izitiwe, nyiteramo ibiti byose by'amoko yose y'imbuto ziribwa... niguriye abagaragu n'abaja... nirundaniriza ifeza n'izahabu n'ubutunzi buherereye ku bami buvuye mu ntara zose; nishakiye abaririmbyi b'abagabo n'abagore n'ibinezeza abantu, n'ibicurangwa by'uburyo bwose. Nuko ndakomera, kandi ndusha abambanjirije i Yerusalemu... Kandi sinimye amaso yanjye icyo yifuza cyose; nta n'umunezero nimye umutima wanjye; kuko umutima wanjye wishimiraga imirimo yanjye yose. Maze nitegereje imirimo yose y'amaboko yanjye, n'imiruho yose niruhije nkora, nsanga byose ari ubusa, ni nko kwiruka inyuma y'umuyaga, kandi nta gifite umumaro kiri munsi y'ijuru. Nisubiramo ngo ndebe ubwenge n'ubusazi n'ubupfapfa. Mbese uzasimbura umwami azabasha gukora iki? Keretse ibisanzwe bikorwa." {Ub 157.2}

"Ni ko kwanga ubugingo..... Maze nanga imirimo yanjye yose {Ub 158.1}

naruhiye munsi y'ijuru, kuko nzayisigira umuntu uzansimbura." Umubwiriza 2:4-12, 17, 18. {Ub 158.2}

Salomo ashingiye ku byo yanyuzemo bibabaje, yasobanukiwe ko ubuzima buhihibikanira ibyiza bihebuje bukabishakira mu by'isi, bene ubwo buzima ari ubusa. Yubakiye ibicaniro ibigirwamana by'abapagani, nyamara aza kumenya uburyo amasezerano yo kugira ituze mu mutima bitanga ari imfabusa. {Ub 158.3}

Amaze kugera mu marembera y'ubuzima bwe, amaze kugwa agacuho kandi yishwe n'inyota kubwo kunywa ku bitega by'isi bitobotse, Salomo yarahindukiye ajya kunywera ku mazi y'isōko y'ubugingo. Ashorewe n'Umwuka w'Imana, Salomo yandikiye abo mu bisekuru byari kuzakurikiraho abamenyesha amateka y'imyaka y'ubuzima bwe yapfushije

ubusa, kandi abaha n'ibyigisho by'imbuzi. Kandi nubwo ishyanga rye ryakuye umusaruro w'ibibi mu mbuto yari yarabibye, imirimo Salomo yakoze mu buzima bwe ntiyazimanganye yose. Amaherezo, imibabaro yanyuzemo yasohoje umurimo wayo ku bwe. {Ub 158.4}

Mbega uburyo iminsi y'ubuzima bwa Salomo iba yarabaye iy'agahozo iyo mu buto bwe aza kuba yarize icyigisho abandi bantu bigishijwe n'imibabaro! {Ub 158.5}

Yobu ageragezwa

Ku bantu bakunda Imana "abahamagawe nk'uko yabigambiriye" (Abaroma 8:28), amateka y'abantu yanditswe muri Bibiliya abafitiye icyigisho gikomeye cyerekeye umurimo w'umubabaro. Uwiteka aravuga ati: "Muri abagabo bo kumpamya, ko ari jyewe Mana" (Yesaya 43:12). Turi abagabo bo guhamya ko Imana ari nziza, kandi ko ubwiza bwayo buhebuje. "Twahindutse ibishungero by'isi n'iby'abamarayika n'abantu." 1 Abakorinto 4:9. {Ub 158.6}

Kutikanyiza, ari ryo hame ry'ubwami bw'Imana, ni ihame Satani yanga urunuka; kandi ahakana ko iryo hame ririho. Uhereye igihe intambara ikomeye yatangiriye, Satani yagiye akora uko ashoboye kose kugira ngo agaragaze ko amahame agenga imikorere y'Imana ari ayo kwikanyiza, kandi uko ni ko asobanurira abakorera Imana bose. Umurimo wa Kristo ndetse n'uw'abitirirwa izina rye bose, ni uwo kunyomoza ibyo Satani avuga. {Ub 158.7}

Yesu yaje yambaye umubiri w'umuntu kugira ngo agaragarize kutikanyiza mu buzima bwe bwite. Kandi abantu bose bemera iryo hame bagomba kuba abakozi bakorana na Yesu bagaragaza iryo hame mu bikorwa. Guhitamo icyiza kubera ko ari cyiza; guhagararira ukuri n'iyo byasaba kubabazwa no gutanga ubugingo bwawe; - "Ibyo ni byo murage w'abagaragu b'Uwiteka, kandi uko ni ko gukiranuka kwabo guturuka aho ndi." Yesaya 54:17. {Ub 159.1}

Mu bihe bibanza by'amateka y'isi havuzwemo imibereho y'umuntu umwe Satani yashojeho iyi ntambara ikomeye akamurwanya. {Ub 159.2}

Ubuhamya Imana irondora imitima yatanze kuri Yobu, umukurambere wo mu gihugu cya Usi, ni ubu ngo: 'Nta we uhwanye na we ku isi, ni umukiranutsi utunganye, wubaha Imana kandi akirinda ibibi." {Ub 159.3}

Satani yareze Yobu ikirego cyuzuye urwangano agira ati: "Ariko se, ugira ngo Yobu yubahira Imana ubusa? Ntiwagiye umurinda we n'inzu ye n'ibyo atunze byose? . Ariko rambura ukuboko kwawe, ukore ku byo atunze byose, na we azakwihakana ari imbere yawe." {Ub 159.4}

Uwiteka asubiza Satani ati: "Dore, ibyo atunze byose biri mu maboko yawe; keretse we ubwe we kumuramburaho ukuboko kwawe." {Ub 159.5}

Satani amaze kumva ko Imana imuhaye uburenganzira, yirara mu byo Yobu yari afite byose arabitsemba: amashyo n'imikumbi, abagaragu n'abaja, abahungu be n'abakobwa be; kandi "amuteza ibishyute bibi, bihera mu bworo bw'ikirenge bigeza mu gitwariro." Yobu 1: 8-12; 2:5-7. {Ub 159.6}

Icyo gikombe gisharira Yobu yanyweragaho cyaje kwiyongeraho ikindi kintu kibabaje cyane. Incuti ze, zabonaga ko ibyago bye ari igihano gitewe n'icyaha cye, zongereye gushenguka n'umutwaro by'umutima we zimushinja ko yakoze ibibi. {Ub 159.7}

Nubwo yasaga n'uwatereranwe n'ijuru n'isi, Yobu yashikamye ku kwizera Imana kwe no kuba indahemuka, bityo n'intimba nyinshi no guhagarika umutima arataka ati: {Ub 160.1}

" Umutima wanjye urembejwe n'amagara yanjye;
" Icyampa ukampisha ikuzimu;
Ukandindira mu bwihisho kugeza ubwo uburakari bwawe buzashira;
Ukantegekera igihe kandi ukazanyibuka." {Ub 160.2}

Yobu 10:1, 14:13.

"Dore ndatakishwa no kugirirwa urugomo, ariko sinumvirwa;
Ndatabaza, nta rubanza rutabera ruhari.. . .
Yanyaze icyubahiro cyanjye,
Inyaka ikamba ryo ku mutwe wanjye,
"Incuti zanjye z'amagara zose ziranzinutswe;
N'abo nakundaga bampinduye abanzi...
"Mungirire imbabazi, mwa ncuti zanjye mwe!
Kuko ukuboko kw'Imana kunkozeho.
Murandenganiriza iki, mukangirira uko Imana ingize?"
"Iyaba nari nzi aho nyibona, ndetse ngo nshyikire intebe yayo...

Dore nigira imbere, ariko ntihari, nasubiza inyuma, nkayibura.
Mu kuboko kw'ibumoso aho ikorera, na ho sinyiharuzi,
Yihisha mu kuboko kw'iburyo kugira ngo ntayibona.
Ariko izi inzira nyuramo; nimara kungerageza,
Nzavamo meze nk'izahabu."
"Naho yanyica, napfa nyiringira."
" Ariko jye ubwanjye, nzi yuko Umucunguzi wanjye ariho,
Kandi ko amaherezo azahagarara mu isi. Kandi uruhu rwanjye nirumara kubora,
Nzareba Imana mfite umubiri. Nzayireba ubwanjye;
Amaso yanjye azayitegereza, si ay'undi." {Ub 160.3}

Yobu 19:7-21; 23:3-10; 13:15; 19:25-27.

Yobu yagenjerejwe nk'uko yari yizeye. Yaravuze ati: "Nimara kugeragezwa, nzavamo meze nk'izahabu." Yobu 23:10. Uko ni ko byaje kugenda. Kubera kudatezuka kwe, yagaragaje imico mbonera ye n'imico y'Imana yari ahagarariye. "Uwiteka aherako aramwunamura, amukiza ibyago bye, amuha ibihwanye n'ibyo yari afite kabiri.... Nuko Uwiteka ahira Yobu ubwa nyuma kuruta ubwa mbere." Yobu 42: 10-12. {Ub 161.1}

Ku mateka y'abantu bafatanyije imibabaro na Kristo binyuze mu kwiyanga harimo Yonatani dusanga mu Isezerano rya Kera na Yohana Umubatiza, wo mu Isezerano Rishya. {Ub 161.2}

Yonatani yagombaga kuzima ingoma kuko yari umwana w'umwami, nyamara yari azi neza ko Imana itabimwemereye. Yiyemeje kuba incuti magara ya Dawidi wari wahawe uwo mwanya wo kuzaba umwami, maze Yonatani yemera gushyira ubuzima bwe mu kaga bityo arinda ubuzima bwa Dawidi. Yonatani kandi yabaye indahemuka kuri se mu bihe by'umwijima ubwo ingoma ya se yari igeze mu mahenuka, kandi amaherezo yaje gupfana na se. Izina rya Yonatani ryanditswe mu bitabo byo mu ijuru, kandi ku isi naho ni umuhamya ugaragaza ko urukundo rutikanyiza rubaho ndetse ko rufite imbaraga. {Ub 161.3}

Ubwo Yohana Umubatiza yazaga ari integuza ya Mesiya, yakangaranije ishyanga ry'Abisirayeli. Yavaga mu mudugudu ajya mu wundi agakurikirwa n'imbaga y'abantu b'ingeri zose. Ariko igihe Uwo Yohana yari yarahamije yazaga, ibintu byose byarahindutse. Ya mbaga y'abantu yakurikiye Yesu, maze bigaragara ko umurimo wa Yohana wari uri kurangira vuba. Ariko ibyo ntibyacogoje ukwizera kwa Yohana. Yaravuze ati: "Uwo akwiriye gukuzwa naho jye nkwiriye kwicisha bugufi." Yohana 3:30. {Ub 161.4}

Igihe cyarashize, maze ingoma Yohana yari yarategerezanyije ibyiringiro ntiyahangwa. Mu nzu y'imbohe ya Herode, ahantu hatageraga umwuka mwiza, nta n'umudendezo nk'uwo yari afite mu butayu, aho ni ho yari ategerereje kandi ari maso. {Ub 162.1}

Nta kugaragaza intwaro kwariho cyangwa kumena inzugi z'inzu y'imbohe, ariko gukizwa kw'abarwayi, kubwirizwa k'ubutumwa bwiza no guhemburwa kw'imitima y'abantu, byahamyaga umurimo Kristo yaje gukora. {Ub 162.2}

Igihe yari mu bwigunge mu kasho, nk'uko byari kugendekera Shebuja, yabonye inzira yagombaga kunyuramo, nuko Yohana yemera gufatanya umubabaro na Kristo. Intumwa zo mu ijuru zabanye na Yohana kugeza mu mva. Abo mu isanzure bose, baba abo ku isi yacumuye n'abo ku yandi masi ataracumuye, bose babonye igihamya cy'uko Yohana Umubatiza yakoze umurimo utarangwa no kwikanyiza. {Ub 162.3}

Kandi ku bantu bose bo mu bisekuru uhereye icyo gihe, kuva kera kose, uwabaga ababazwa yahumurizwaga n'ubuhamya bw'imibereho ya Yohana Umubatiza. Ari ababaga bari mu nzu y'imbohe, ababaga bamanitswe ku giti bagiye kwicwa, ababaga bashyizwe mu muriro, baba abagabo n'abagore babayeho mu myaka amagana yaranzwe n'umwijima, bongerwaga imbaraga no kwibuka Yohana uwo Kristo yavuzeho agira ati: "Ndababwira ukuri yuko mu babyawe n'abagore, hatigeze kubaho umuntu uruta Yohana Umubatiza." Matayo 11:11. {Ub 162.4}

"Mbese mvuge kindi ki? Igihe cyandenga, mvuze ibya Gidiyoni n'ibya Baraki n'ibya Samusoni n'ibya Yefuta; .... n'ibya Samweli n'iby'abahanuzi, baheshejwe no kwizera gutsinda abami, no gukora ibyo gukiranuka, no guhabwa ibyasezeranijwe, no kuziba iminwa y'intare, no kuzimya umuriro ugurumana cyane, no gukira ubugi bw'inkota, no gukurwa mu ntege nke bagahabwa imbaraga nyinshi, no kuba intwari mu ntambara, no kunesha ingabo z'abanyamahanga. {Ub 162.5}

"Abagore bahabwaga abo bapfushije bazutse. Abandi bakicishwa inkoni ntibemere kurokorwa, kugira ngo bahabwe kuzuka kurushaho kuba kwiza. Abandi bakageragereshwa gushinyagurirwa no gukubitwa ibiboko, ndetse no kubohwa no gushyirwa mu nzu y'imbohe: bicishwaga amabuye, bagakerezwa inkerezo, bakageragezwa, bakicishwa inkota, bakazerera bambaye impu z'intama n'iz'ihene, banyazwe byose, bakababazwa, bakagirirwa nabi; yemwe, n'isi ntiyari ikwiriye ko bayibamo! Bazereraga mu mashyamba no mu bihanamanga, no mu mavumo ndetse no mu masenga. {Ub 162.6}

"Abo bose nubwo bamaze guhamywa neza kubwo kwizera kwabo, nyamara ntibarahabwa ibyasezeranijwe, kuko Imana yatugambiriye ikirushaho kuba cyiza, kugira ngo abo badatunganywa rwose tutari kumwe." Abaheburayo 11:32-40. {Ub 163.1}

17. UBUSIZI N'INDIRIMBO

"Amategeko wandikishije abereye indirimbo zanjye mu nzu y'ubusuhuke bwanjye." Zaburi 119:54

Amagambo y'ubusizi y'akataraboneka yakoreshejwe kera cyane abantu bazi, tuyasanga mu Byanditswe Byera. Mbere y'uko abasizi bakuru cyane mu babaye ku isi baririmba ibisigo byabo, umushumba w'i Midiyani yanditse ya magambo Imana yabwiye Yobu. Ni amagambo y'agahebuzo yanditswe mu mvugo idasanzwe kandi isumbye kure ibihimbano by'agahozo by'intiti zo ku isi. Dore amwe muri ayo magambo: {Ub 164.1}

"Igihe nashingaga imfatiro zo ku isi, wari he? ...
Ni nde wugariye amarembo y'inyanja, igihe yavaga mu nda y'isi,
Igihe nyihaye ibicu ho umwambaro,
N'umwijima w'icuraburindi ukayibera ingobyi,
Nkayiha itegeko ryanjye,
Nkayishyiraho imyugariro n'amarembo,
Kandi nkavuga nti
'Garukira aha, ntuharenge;
Aha ni ho imiraba yawe y'ubwibone izagarukira.'
Mbese aho wabereye, hari ubwo wategetse ko bucya,
Ugatambikisha umuseke igihe cyawo?...

"Mbese wageze ku masōko y'inyanja?
Cyangwa wazerereye mu kuzimu kw'imuhengeri?
Hari ubwo wugururiwe amarembo y'urupfu?
Cyangwa se wabonye amarembo y'igicucu cy'urupfu?
Mbese wamenya neza ubugari bw'isi?
Bivuge niba ubizi byose. "Inzira igana ku buturo bw'umucyo iri he?
Umwijima na wo aho uba ni hehe? ...
"Mbese hari ubwo wageze mu bubiko bwa shelegi,
Cyangwa wabonye ububiko bw'urubura?...
Umucyo wagiye unyuze mu yihe nzira?
Umuyaga w'Iburasirazuba wasandaye ku isi ugana he?
Ni nde waciye imigende y'umwuzure,
Cyangwa inzira y'umurabyo w'inkuba;
Kugira ngo avubire imvura igihugu kitarimo umuntu;
Mu butayu budaturwa,

Kandi ahāze ahadatuwe harimo ubusa,
Ngo ahameze ubwatsi butoshye?

"Mbese wabasha guhambiranya ubukaga bwa Kilimiya?
Cyangwa kudohora iminyururu ya Oriyoni?
Wabasha kuzana za Mazaroti mu gihe cyazo?
Cyangwa se wabasha kuyobora Arukuturo n'abana bayo?" {Ub 164.2}

Yobu 38 :4-27 ; 38 :31, 32.

Nimwongere musome Indirimbo ya Salomo murebe imivugo isobetse ubuhanga bw'umuhanzi yakoreshejwe mu gusobanura ubwiza bw'igihe cy'itumba. {Ub 165.1}

"Dore itumba rirashize,
Imvura imaze gucika;
Uburabyo butangiye kurabya ku isi;
Igihe cyo kujwigira kw'inyoni kirageze,
Kandi ijwi ry'intungura ryumvikanye mu gihugu cyacu;
Umutini weze imbuto zawo z'umwimambere,
Kandi inzabibu zirarabije,
Impumuro yazo nziza iratamye,
Haguruka mukunzi wanjye mwiza,
Ngwino tujyane." {Ub 165.2}

Indirimbo ya Salomo 2 :11-13.

Ubuhanuzi Balamu yahanuriye Abisirayeli butamuvuye ku mutima nabwo bufite imvugo irimo ubuhanga buhanitse : {Ub 166.1}

"Mu Aramu ni ho Balaki yankuye,
Umwami w'i Mowabu yankuye mu misozi y'i Burasirazuba.
Ati 'Ngwino umvumire ubwoko bwa Yakobo,
Ngwino urakarire ubwoko bwa Isirayeli,' Navuma nte abo Imana itavumye?
Kandi narakarira nte abo Imana itarakariye Kuko nitegeye ubwo bwoko ndi hejuru y'ibitare,
Nkabwitegera ndi mu mpinga z'imisozi:
Dore ni ubwoko butura ukwabwo,
Ntibuzabarwa mu mahanga..

"Dore, nategetswe kubahesha umugisha;

Na yo yawubahaye, simbasha kuwukura.
Ntibonye gukiranirwa k'ubwoko bwa Yakobo.,
Ubugoryi ntibubonye mu Bisirayeli:
Uwiteka Imana iri kumwe na bo,
Ni umwami wabo, bayivugiriza impundu. ...
Nta kuragura kuri mu bwoko bwa Yakobo,
Nta bupfumu buri mu Bisirayeli:
Mu gihe cyategetswe, Abayakobo n'Abisirayeli
Bazabwirwa icyo Imana ikora."

"Haravuga uwumva amagambo y'Imana,
Uwerekwa Ishoborabyose,...
Ati "Erega amahema yawe ni meza,
Wa bwoko bwa Yakobo we.
Burambuye nk'ibikombe,
Nk'imirima y'uburabyo yegereye uruzi,
Nk'imisaga Uwiteka yateye,
Nk'imyerezi imeze iruhande rw'amazi." "Haravuga uwumva amagambo y'Imana,
Akamenya ubwenge bw'Isumbabyose, ...
Ati 'Ndamureba ariko si ubu,
Ndamwitegereza, ariko ntandi bugufi,
Inyenyeri izakomoka mu bwoko bwa Yakobo,
Inkoni y'ubwami izaboneka iturutse mu bwoko bwa Isirayeli....
Ubwoko bwa Yakobo buzakomokwaho n'utwara ibihugu." {Ub 166.2}

Kubara 23: 7-9, 23:20-23 ; 24:4-6; 24:16-19.

Injyana yo gusingiza ni wo mwuka uranga ijuru; kandi igihe ijuru risabanye n'abari ku isi, habaho indirimbo z'ibyishimo kandi hakaba "umunezero n'ibyishimo, n'impundu n'amajwi y'indirimbo." Yesaya 51:3. {Ub 167.1}

Ubwo isi yari imaze kuremwa, ari nziza itagira amakemwa maze Imana yayitegereza ikamwenyura, "inyenyeri zo mu ruturuturu zararirimbiranaga, abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyishimo" (Yobu 38:7). Bityo mu kwifatanya n'ijuru, imitima y'abantu yishimiye kugira neza kw'Imana ibigaragariza mu ndirimbo zo gusingiza. Byinshi mu bihe byagiye biba mu mateka y'abantu byajyaniranaga n'indirimbo. {Ub 167.2}

Indirimbo yaririmbwe n'abantu kera cyane yanditswe muri Bibiliya, ni ya yindi yo gushima Abisirayeli bahanitse ubwo bari ku nyanja Itukura. Amwe mu magambo yayo aragira ati: {Ub 167.3}

"Ndaririmbira Uwiteka, kuko yanesheje bitangaje;
Ifarashi n'uwo ihetse yabiroshye mu nyanja.
Uwiteka ni imbaraga zanjye, n'indirimbo yanjye,
Ampindukiye agakiza.
Uwo ni we Mana yanjye, nanjye ndayihimbaza.
Ni yo Mana ya data, nanjye ndayishyira hejuru." {Ub 167.4}

"Uwiteka ukuboko kwawe kw'iburyo gutewe icyubahiro n'ububasha bwako,
Uwiteka ukuboko kwawe kw'iburyo kwashenjaguye ababisha.... "Uwiteka, mu byitwa Imana, hari ihwanye nawe?
Ni iyihe ihwanye nawe?
Kwera kwawe ni ko kuguhesha icyubahiro;
Ishimwe ryawe rituma abantu bagutinya, kuko ukora ibitangaza!"
"Uwiteka azahora ku ngoma iteka ryose..
Muririmbire Uwiteka, kuko yanesheje bitangaje" {Ub 167.5}

Kuva 15:1-2; 15:6 -11; 15:18-21.

Abantu bagiye bahabwa imigisha myinshi ikaza ari igisubizo cy'indirimbo zo guhimbaza baririmbye. Amagambo make atwibutsa ibyabaye mu rugendo rwo kuzerera mu butayu Abisirayeli bakoze afite icyo atwigisha dukwiriye gutekerezaho: {Ub 168.1}

"Barahahaguruka, bajya i Beri: iryo ni ryo riba, Uwiteka yabwiye Mose ati 'Teranya abantu, mbahe amazi." Kubara 21:17. Maze Abisirayeli baririmba iyi ndirimbo bati: {Ub 168.2}

"Dudubiza, Riba, nimuririmbe.
Iri ni iriba ryafukuwe n'abatware,
Iry'imfura z'abantu bafukurishije inkoni y'icyubahiro
N'ingegene zabo." {Ub 168.3}

Kubara 21:16,17.

Ni kangahe aya mateka yagiye asubirwamo mu mibereho y'iby'umwuka! Ni kangahe amasōko adudubiza kwihana no kwizera, ibyiringiro, urukundo n'ibyishimo yagiye atembera mu bugingo bw'abantu bitewe n'amagambo y'indirimbo zera! {Ub 168.4}

Ku ngoma ya Yehoshafati, ingabo z'Abisirayeli zagiye ku rugamba rukomeye rwo kurengera igihugu ziririmba indirimbo zo gusingiza. Yehoshafati yari yumvise inkuru y'uko

igihugu cye kigiye guterwa. Ubwo butumwa bwari ubu ngo: “Maze haza abantu babwira Yoshafati bati: ‘Haje ingabo nyinshi ziguteye ziturutse i Siriya hakurya y’inyanja; zirimo Abamowabu n’Abamoni hamwe n’Abanewunimu.” “Yehoshafati aratinya, yihata gushaka Uwiteka, ategeka Abayuda bose kwiyiriza ubusa. Abayuda bose baraterana ngo basabe Uwiteka kubatabara; baturuka mu midugudu y’i Buyuda yose, bazanywe no gushaka Uwiteka.” Maze Yehoshafati ahagarara mu rugo rw’inzu y’Uwiteka, imbere y’ubwoko bwe, avuga ibyari mu mutima we byose asenga, yatura uko Abisirayeli nta ko bafite bagira bityo atakambira Imana ngo isohoze isezerano yatanze. Yaravuze ati: “Kuko nta mbaraga dufite zarwanya izo ngabo nyinshi ziduteye; kandi tubuze uko twagira; ariko ni wowe duhanze amaso.” 2 Ngoma 20:1,3,4,12. {Ub 168.5}

“Maze umwuka w’Uwiteka aza kuri Yahaziyeli . . . . aravuga ati: “Nimwumve, yemwe Bayuda mwese; namwe baturage b’i Yerusalemu, nawe Mwami Yehoshafati: Uku ni ko Uwiteka avuze: “Mwitinya, kandi mwe gukurwa umutima n’izo ngabo nyinshi, kuko urugamba atari urwanyu, ahubwo ni urw’Imana .. Muri iyo ntambara ntimuzagomba kurwana, muzahagarare mwireme inteko gusa, mwirebere agakiza Uwiteka azabaha... Mwitinya kandi mwe kwiheba; ejo muzabatere, kuko Uwiteka ari kumwe namwe.” 2 Ngoma 20: 14-17. {Ub 169.1}

“Bukeye bwaho bazinduka kare mu gitondo, barasohoka bajya mu butayu bw’ i Tekowa.” 2 Ngoma 20:20. “Nuko amaze kujya inama n’abantu, ashyiraho abo kuririmbira Uwiteka, bagahimbaza ubwiza bwo gukiranuka kwe, barangaje imbere y’ingabo, bavuga bati “Nimuhimbaze Uwiteka, kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose.” 2 Ngoma 20:21. Abaririmbyi bagiye imbere y’ingabo basingiza Imana baranguruye, bayisingiriza ko yabasezeraniye intsinzi. {Ub 169.2}

Bigeze ku munsi wa kane, ingabo z’Abisirayeli zagarutse i Yerusalemu zikoreye iminyago myinshi cyane zanyaze abanzi babo, ziza ziririmba zisingiza Imana kubw’intsinzi batahanye. {Ub 169.3}

Igihe Dawidi yabaga ari mu bihe byamubujije umutuzo mu buzima bwe bwahoraga buhindagurika, mu ndirimbo ni ho yasabaniraga n’ijuru. Mbega uburyohe buri mu magambo avuga ibyo yanyuzemo ari umushumba w’umusore! Yaravuze ati: {Ub 169.4}

“Uwiteka ni we mwungeri wanjye, sinzakena.
Andyamisha mu cyanya cy’ubwatsi bubisi:
Anjyana iruhane rw’amazi adasuma.
Naho nanyura mu gikombe cy’igicucu cy’urupfu,
Sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe na we.
Inshyimbo yawe n’inkoni yawe ni byo bimpumuriza.” {Ub 170.1}

Zaburi 23:1-4.

Amaze kuba mukuru, ubwo Sawuli yamuhigaga maze agahungira mu bitare no mu buvumo bwo mu butayu, yaranditse ati: {Ub 170.2}

“Mana, ni wowe Mana yanjye; ndazindukira kugushaka.
Umutima wanjye ukugirira inyota,
Umubiri wanjye ugukumbura mu gihugu cyumye,
Kiruhijwe n’amapfa kitagira amazi...
Kuko wambereye umufasha.
Kandi nzavugiriza impundu mu gicucu cy’amababa yawe.”

“Mutima wanjye, ni iki gituma wiheba?
Ni iki gituma umpagararamo?
Ujye utegereza Imana, kuko nzongera kuyishima.
Ni yo gakiza kanjye n’Imana yanjye.” {Ub 170.3}

Zaburi 42:11.

“Uwiteka ni we mucyo wanjye n’agakiza kanjye.
Nzatinya nde?” {Ub 170.4}

Zaburi 63:1-7, 27:1.

Ibyiringiro nk’ibi ni byo bigaragara mu magambo Dawidi yanditse igihe yari yakuwe ku ngoma atacyambaye ikamba ry’ubwami, agahunga akava i Yerusalemu biturutse ku kwigomeka kwa Abusalomo. Ubwo yari arembejwe n’agahinda n’umunaniro yatewe no guhunga, Dawidi n’abo bari bahunganye bicaye ku nkombe z’uruzi rwa Yorodani kugira ngo baruhukeho gato. Uwo mwanya yaje gukangurwa n’impuruza imusaba guhita ahunga. Byabaye ngombwa ko we n’abo bari kumwe, abagabo, abagore n’abana bato bambuka urwo ruzi mu mwijima, kubera ko inyuma yabo hari igitero cy’ingabo z’umuhungu we Abusalomo wari wamwigometseho. {Ub 170.5}

Muri iyo saha y’ikigeragezo gikomeye ni ho Dawidi yaririmbye ati: {Ub 171.1}

“Ijwi ryanjye ritakira Uwiteka,
Na we akansubiza ari ku musozi we wera.
Nararyamaga ngasinzira, ngakanguka
kuko Uwiteka ari we ujya andamira.
Sinzatinya abantu inzovu nyinshi,
Bangoteye impande zose kugira ngo bantere” {Ub 171.2}

Zaburi 3:5-6.

Nyuma yo gukora icyaha gikomeye, Dawidi yagize ishavu ritewe no kwicuza icyo yagikoreye ndetse no kwizinukwa, ariko aza guhindukirira Imana ayitakambira nk'incuti ye magara. Yaravuze ati: {Ub 171.3}

"Mana, umbabarire ku bw'imbabazi zawe:
Kubw'imbabazi zawe nyinshi, usibanganye ibicumuro byanjye.
Unyuhagire rwose gukiranirwa kwanjye. ..
Unyejeshe ezobu, ndera,
Unyuhagire, ndaba umweru, ndushe urubura." {Ub 171.4}

Zaburi 51:1-7.

Mu gihe cyose Dawidi yaramye, nta hantu yigeze abona uburuhukiro hano ku isi. Dore uko yabivuze: "Kuko turi abashyitsi imbere yawe, nk'abasuhuke nk'uko basogokuruza bacu bose bari bari; iminsi yacu tumara mu isi ihwanye n'igicucu, nta byiringiro byo kurama." 1Ngoma 29:15. {Ub 171.5}

"Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu,
Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba.
Ni cyo gituma tutazatinya, naho isi yahinduka,
Naho imisozi yakurwa ahayo, ikajya imuhengeri."

"Hariho uruzi, imigende yarwo yishimisha ururembo rw'Imana.
Ni rwo Hera hari amahema y'Isumbabyose.
Imana iri hagati muri rwo, nturuzanyeganyezwa.
Imana izarutabara mu museke,...
Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe;
Imana ya Yakobo ni igihome kirekire kidukingira." "Kuko iyi Mana ari Imana yacu iteka ryose.
Ni yo izatuyobora kugeza ku rupfu." {Ub 171.6}

Zaburi 46:1,2, 46:7; 48:15.

Mu mibereho ye ya hano ku isi, Yesu yahanganaga n'ikigeragezo akoresheje kuririmba. Akenshi iyo havugwaga amagambo atyaye kandi yo kumubuza amahoro, akenshi iyo yabaga akikijwe n'umwijima w'icuraburindi, n'umwuka wo kutanyurwa, kutizera, cyangwa se ubwoba, abantu bumvaga aririmba indirimbo igaragaza ukwizera n'ibyishimo byera. {Ub 172.1}

Muri rya joro ry'agahinda yasangiriyemo n'abigishwa be ifunguro rya Pasika ubwo yendaga kugambanirwa no kwicwa, Yesu yahanitse ijwi rye ryumvikana aririmba Zaburi ati: {Ub 172.2}

"Izana ry'Uwiteka rihimbazwe,
Uhereye none, ukageza iteka ryose,
Uhereye aho izuba rirasira, ukageza aho rirengera,
Izina ry'Uwiteka rikwiriye gushimwa." {Ub 172.3}

Zaburi 113:2,3.

"Nkundira Uwiteka kuko yumvise ijwi ryanjye no kwinginga kwanjye.
Kuko yantegeye ugutwi,
Ni cyo gituma nzajya mwambaza nkiriho.
Ingoyi z'urupfu zantaye hagati,
Uburibwe bw'ikuzimu bwaramfashe,
Ngira ibyago n'umubabaro.
Maze nambaza izina ry'Uwiteka, nti:

'Uwiteka ndakwinginze, kiza ubugingo bwanjye'

" Uwiteka ni umunyambabazi kandi ni umukiranutsi.
Ni koko Imana yacu igira ibambe.
Uwiteka arinda abaswa:
Nacishijwe bugufi, arankiza.
Mutima wanjye, subira mu buruhukiro bwawe; Kuko Uwiteka yakugiriye neza.
Kuko wakijije ubugingo bwanjye urupfu,
Amaso yanjye ukayakiza amarira,
N'ibirenge byanjye ukabikiza kugwa." {Ub 172.4}

Zaburi 116:1-8

Igihe isi izaba iri mu mwijima w'icuraburindi w'amakuba yayo akomeye kandi aheruka, umucyo w'Imana uzarushaho kurabagirana, kandi indirimbo y'ibyiringiro n'icyizere izumvikana mu majwi ahanitse kandi yumvikana neza. {Ub 173.1}

"Uwo munsi iyi ndirimbo izaririmbirwa mu gihugu cya Yuda ngo
"Dufite umurwa ukomeye;
Imana izashyiraho agakiza kabe inkike n'ibihome.
Nimwugurure amarembo kugira ngo

Ishyanga rikiranuka, rigakomeza iby'ukuri, ryinjire.
Ugushikamijeho umutima, uzamurinda abe amahoro masa kuko akwiriye.
Mujye mwiringira Umwami iminsi yose,
Kuko Umwami Yehova nyine ari we
Rutare ruhoraho iteka ryose" {Ub 173.2}

Yesaya 26:1-4.

"Abacunguwe n'Uwiteka bazagaruka, bagere i Siyoni baririmba; ibyishimo bihoraho bizaba' kuri bo, bazabona umunezero n'ibyishimo, kandi umubabaro no gusuhuza umutima bizahunga." Yesaya 35:10. "Nabo bazaza baririmbire mu mpinga y'i Siyoni, bashikiye ubuntu bw'Uwiteka... ubugingo bwabo buzamera nk'umurima wavomewe; kandi ntabwo bazasubira kugira umubabaro." Yeremiya 31:12. {Ub 173.3}

Imbaraga iba mu ndirimbo

Amateka y'indirimbo dusanga muri Bibiliya yuzuyemo inama z'ingirakamaro zerekeye imikoreshereze y'umuziki n'indirimbo. Akenshi umuziki uteshurwa intego yawo ahubwo ugakoreshwa mu gusohoza imigambi y'ikibi, kandi iyo bigenze bityo, umuziki uhinduka kimwe mu bikoresho bikomeye birehereza umuntu mu kujya mu bishuko. Ariko iyo ukoreshejwe neza, usanga ari impano itangaje Imana yatanze ngo izamure ibitekerezo by'abantu bityo byerekere ku ngingo z'ingirakamaro kandi zubahwa. Ikindi kandi, umuziki watangiwe kugira ngo wungure abantu ibitekerezo bishya kandi ubazahure. {Ub 173.4}

Nk'uko igihe Abisirayeli bazereraga mu butayu buzuzaga ibyishimo mu nzira yabo bakoresheje injyana y'indirimbo zera, ni ko muri iki gihe Imana irarikira abana bayo kuzuza ibyishimo mu buzima bwabo bw'abagenzi n'abimukira. Uburyo bwiza cyane bukoreshwa mu gufata mu mutwe amagambo y'Imana ni buke cyane ugereranyije no kuyasubiramo mu ndirimbo. Kandi bene iyo ndirimbo iba ifite imbaraga ikomeye yo gucecekesha kamere irangwa n'ikinyabupfura gike n'ubujiji. Bene iyo mbaraga ikangura intekerezo n'umwuka w'impuhwe, igateza imbere gukorera kuri gahunda, kandi igahagarika ukwiheba n'igishyika kuko ari byo bigwabiza ubutwari bw'abantu kandi bikabaca intege. {Ub 174.1}

Indirimbo ni bumwe mu buryo bwiza cyane bukoreshwa mu gucengeza ukuri kw'iby'umwuka mu mutima. Mbega ukuntu akenshi kwibuka indirimbo yo mu bwana umuntu aba amaze igihe yaribagiwe bihumuriza umutima usobetse amaganya ndetse wihebye, bityo ibigeragezo bigahinduka ubusa! Ubuzima burahembuka, bukagira imigambi mishya kandi ubutwari n'umunezero bikagera ku bandi. {Ub 174.2}

Agaciro k'indirimbo nk'uburyo bukoreshwa mu burezi ntigakwiriye kwibagirana. Nimureke indirimbo zinyuze umutima kandi zitagira amakemwa ziririmbwe mu miryango,

bityo bizatuma humvikana amagambo make yo guhinyura, ahubwo humvikane amagambo menshi y'ibyishimo, ibyiringiro n'umunezero. Nimureke mu mashuri habe igihe cyo kuririmba, bityo abigishwa bazarushaho kwegerezwa Imana no gusabana n'abigisha babo ndetse na bo ubwabo. {Ub 174.3}

Nk'umugabane umwe wa gahunda y'iby'idini, kuririmba ni igikorwa cyo kuramya kimwe no gusenga. Mu by'ukuri, indirimbo nyinshi ni isengesho. Iyo umwana yigishijwe kuzirikana ibi, azarushaho gutekereza ku busobanuro bw'amagambo aririmba kandi azarushaho gucengerwa n'imbaraga iyarimo. {Ub 175.1}

Ubwo Umucunguzi wacu atuyobora mu nzira itujyana ku rurembo rw'Imana ihoraho, tukagenda tumurikiwe n'ubwiza bwayo, natwe dukwiriye gufatanya n'abamarayika bakikije intebe y'ubwami kuririmba indirimbo zo gusingiza no gushima. Bityo ubwo kwirangira kw'amajwi y'indirimbo z'abamarayika kuzasakara mu ngo zacu hano ku isi, imitima yacu izarushaho kwegerezwa abaririmbyi bo mu ijuru. Erega gusabana n'ijuru bitangirira hano ku isi! Aha ku isi ni ho twigira gusingiza Imana kubera mu ijuru. {Ub 175.2}

18. UBWIRU BWA BIBILIYA

“Mbese wabasha kugenzura Imana ukayimenya?” Yobu 11:7.

Umuntu ugira itangiriro n’iherezo ntashobora gusobanukirwa neza n’imico y’Imana ihoraho ndetse n’imirimo yayo. Nta bushakashatsi twakora ngo tubashe gusobanukirwa n’Imana mu buryo bwuzuye. Byaba ku bantu b’intiti zaminuje, byaba no ku muntu w’umuswa cyangwa w’injiji hanyuma y’abandi, Imana Yera ikomeza kuba ubwiru. Ariko nubwo “ibicu n’umwijima biyikikiza: gukiranuka no guca imanza zitabera ni imfatiro z’intebe yayo.” Zaburi 97:2. Dushobora kuyisobanukirwa tuyirebeye mu byo idukorera, no mu mbabazi zayo zitarondoreka n’ububasha bwayo butagerwa. Dushobora gusobanukirwa myinshi mu migambi yayo dukurikije ubushobozi bwo gusobanukirwa yaduhaye. Ibirenze ibyo, tuba dukwiriye gukomeza kwizera ukuboko kwayo gushobora byose kandi tukizera n’umutima wayo wuje urukundo. {Ub 176.1}

Ijambo ry’Imana ririmo ubwiru abantu bafite itangiriro n’iherezo badashobora gusobanukirwa mu buryo bwuzuye nk’uko batabasha gusobanukirwa n’Uwarihumetse. Ariko mu Byanditswe Byera, Imana yatanze ibihamya bihagije byerekana ko bifite ububasha bikomora ku Mana. Kuba Imana iriho, imico yayo ndetse n’uko ijambo ryayo ari ukuri, bishimangirwa n’ubuhamya bwinjira mu ntekerezo zacu kandi ubwo buhamya ni bwinshi cyane. Ukuri ni uko Imana itadukuriyeho ibishobora gutera gushidikanya. Ukwizera gukwiriye gushingira ku biriho, ntabwo ari ku bishobora gusesengurwa bigasobanurwa. Abifuza gushidikanya, bafite ibyo baheraho; ariko n’abifuza kumenya ukuri bafite ibintu bifatika bashingiraho ukwizera kwabo. {Ub 176.2}

Nta mpamvu n’imwe dufite twaheraho dushidikanya Ijambo ry’Imana kubera ko tutashobora gusobanukirwa n’ubwiru bwerekeye ubushobozi bwayo. Iyo twitegereje ibyaremwe, dusanga duhora dukikijwe n’ibitangaza tudashobora gusobanukirwa. None se twatangara turamutse mu by’umwuka tuhabonye ubwiru tudashobora gusobanukirwa? Ingorane iri gusa ku ntege nke z’ubwenge bwa muntu bugufi. {Ub 176.3}

Aho kugira ngo ubwiru buri muri Bibiliya bube ingingo yifashishwa mu kuyirwanya, ibiramambu ni ibihamya bikomeye cyane byerekana ko ari Ijambo ryahumetswe n’Imana. Iyo Bibiliya itaza kubamo ukuri kwerekeye Imana, ahubwo ikavuga ibyo abantu dushobora gusobanukirwa; iyo abantu bagira iherezo basobanukirwa no gukomera kw’Imana n’igitinyiro cyayo, icyo gihe Bibiliya ntiyari kugira ibihamya bidashidikanywaho ko yahumetswe n’Imana nk’uko biri none. Kuba ibyo Bibiliya ivuga ari ibintu bikomeye, bikwiriye gutuma tuyizera ko ari Ijambo ry’Imana. {Ub 177.1}

Bibiliya itugezaho ukuri mu mvugo yoroheje kandi igahuza n'ubukene bw'abantu n'ibyo umutima wifuza ku buryo byareheje kandi bitangaza abantu b'intiti zo mu rwego rwo hejuru, mu gihe ku bantu bicisha bugufi kandi batize usanga Bibiliya igaragaza inzira igana ku bugingo. "Kandi hazabayo inzira nyabagendwa, iyo nzira izitwa inzira yo kwera. Abanduye imitima ntibazayicamo. Abagenzi naho baba ari abaswa ntibazayiyoba." Yesaya 35:8. Nta mwana ushobora kuyoba iyo nzira. Ntawe ushakashaka ahinda umushyitsi uzananirwa kugendera mu mucyo wera kandi utunganye. Nyamara ukuri kwavuzwe muri Bibiliya, kurimo inyigisho zikomeye kandi nyinshi zigenda zikagera aho ubushobozi bw'umuntu budashora kugera, ari na ho hahishe icyubahiro cy'Imana, hakaba ubwiru bwahishwe ubwenge bw'abantu, ariko bukaba bwarahishuriwe abashaka ukuri biyoroheje kandi bafite kwizera. Uko turushaho gushakashaka muri Bibiliya, ni ko turushaho kwemera ko ari ijambo ry'Imana nzima, kandi imbere y'igitinyiro cy'Imana yahishuye ijambo ryayo, ibitekerezo bya muntu bicishwa bugufi. {Ub 177.2}

Imana ishaka ko ukuri kw'Ijambo ryayo kwihishurira abagushakana umutima ukunze. "Ibihishwe ni iby'Uwiteka Imana yacu, ariko ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu." Gutegeka kwa Kabiri 29:28. Kuba muri Bibiliya harimo ibice bimwe bitumvikana, byatumye abantu bamwe batita ku kuri kwayo kw'ingirakamaro cyane. Hari ukuri gukeneye gushimangira kandi kugasubirwamo kenshi. Uko kuri ni ukuvuga ko ubwiru buri muri Bibiliya budaterwa n'uko Imana ishaka guhisha ukuri, ahubwo biterwa n'uko intege nke zacu n'ubwenge bugufi dufite bituma tudashobora gusobanukirwa n'ukuri kandi ngo tugukoreshe. Ntabwo kuba dufite aho tugarukira mu gusobanukirwa bituruka ku mugambi w'Imana, ahubwo bituruka ku bushobozi bwacu buke. Muri ibyo bice by'Ibyanditswe, akenshi duhitaho bitewe n'uko tudashobora kubisobanukirwa, Imana ishaka ko twasobanukirwamo ibishoboka byose ubwenge bwacu bushyikira. "Ibyanditswe byera byose byahumetswe n'Imana," kugira ngo tube dufite "ibidukwiriye byose; ngo dukore imirimo myiza yose." 2 Timoteyo 3:6, 7. {Ub 178.1}

Ntabwo bishoboka ko hari ubwenge bw'umuntu uwo ari we wese bwasobanukirwa n'ukuri kwa Bibiliya ngo bugusesengure bukurangize. Umuntu umwe ashobora kugira icyo akura mu ngingo imwe, undi nawe agakura ikindi mu yindi; nyamara ibyo tubona ni ibirorirori gusa. Kurabagirana kuzuye kurenze ibyo tureba. {Ub 178.2}

Iyo twitegereje insanganyamatsiko zikomeye zo mu Ijambo ry'Imana, tureba mu isoko yagutse kandi yimbitse irenze ibiri aho tugeza amaso. Ubugari bwayo n'ubujyakuzimu bwayo birenze ubwenge bwacu. Uko tumamaho akajisho, ni ko imirorere yacu yaguka; maze imbere yacu tukahabona inyanja ngari y'ibitekerezo itagira inkombe. {Ub 178.3}

Bene uko kwiga gufite imbaraga itanga ubuzima. Ubwenge n'umutima byunguka imbaraga nshya, bityo umuntu akagira ubuzima bushya. Iyi mibereho ni igihamya gikomeye cyane cyerekana ko Bibiliya yandikishijwe n'Imana. Twakira Ijambo ry'Imana ngo ritubere ibyokurya bitunga ubugingo, nk'uko twakira ibyokurya bitunga imibiri yacu. Ibyokurya biduha ibyo umubiri wacu ukenera. Tuzi ko ibyokurya ari byo bihinduka amaraso, bigahinduka amagufwa n'ubwonko. Ni ko bimeze no kuri Bibiliya; iyo amahame yayo yahindutse imico y'umuntu, ikivamo ni iki? Ni izihe mpinduka ziba mu buzima bwe? "Ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya." 2 Abakorinto 5:17. Binyuze mu mbaraga z'Ijambo ry'Imana, abagabo n'abagore bagiye bacagagura iminyuru ya kamere y'icyaha. Bazibukiriye kwikanyiza. Abari baratwawe n'iby'isi bahindutse abantu bumvira Imana, abasinzi bahinduka abirinda, abari inkozi z'ibibi bahinduka imbonera. Abantu basaga na Satani barahinduwe bagira ishusho y'Imana. Uku guhinduka ubwako ni igitangaza mu bitangaza. Guhinduka gutewe n'Ijambo ry'Imana ni bumwe muri bwa bwiru bwimbitse bw'ijambo ry'Imana. Ntabwo dushobora kubisobanukirwa; icyo dusabwa ni ukubyizera gusa nk'uko byavuzwe n'Ibyanditswe Byera ngo: "Ni bwo Kristo uri muri mwe, ni byo byiringiro by'ubwiza." Abakolosayi 1:27. {Ub 178.4}

Kumenya ubwo bwiru ni byo biduha urufunguzo rwo gusobanukirwa n'ubundi bwiru. Kubumenya bikingurira imitima yacu maze ikakira ubutunzi bwo mu isanzure, bigatuma tugira amahirwe yo guhora dukura. {Ub 179.1}

Uko gukura kugerwaho binyuze mu guhora duhishurirwa imico y'Imana, ukamenya ubwiza bw'ijambo yandikishije n'ubwiru buririmo. Turamutse tugeze ku rugero rwo gusobanukirwa Imana n'Ijambo ryayo mu buryo bwuzuye, nta kundi kuri kurenzeho twavumbura, nta bundi bwenge bushya twakunguka, kandi nta kundi gukura mu by'umwuka kwabaho. Imana ntiyakomeza kugira ubushobozi bw'ikirenga, kandi umuntu nawe nta kundi gutera imbere yagira. Imana ishimwe cyane kuko bitameze bityo. Kubera ko Imana ihoraho, kandi muri Yo akaba ari ho hari ubutunzi bw'ubwenge bwose, mu bihe bitazagira iherezo tuzahora ducukumbura kandi twiga, nyamara ntituzigera turangiza kwiga ubutunzi bw'ubwenge bwayo, ubugwaneza bwayo ndetse n'ubushobozi bwayo. {Ub 179.2}

19. AMATEKA N’UBUHANUZI

“Ni nde werekanye ibyo uhereye mu bihe byashize?
Ni nde wabibwirije uhereye kera? ⋯. Si jyewe Uwiteka?
Kandi nta yindi mana ibaho.” Yesaya 45:21.

Bibiliya ni cyo gitabo kivuga amateka ya kera cyane kurusha andi kandi yumvikana neza kurenza ibindi bitabo. Yaje iturutse mu isōko y’ukuri kutajya guhinduka kandi mu myaka myinshi yabayeho, ukuboko kw’Imana kwakomeje kurinda gutungana kwayo. Bibiliya isobanura ibyabayeho kera cyane, aho abantu bagerageza gucukumbura ngo basobanukirwe ariko ntibagire icyo bageraho. Mu ijambo ry’Imana ni ho honyine dusanga imbaraga yashyizeho imfatiro z’isi kandi ikabamba amajuru. Muri Bibiliya honyine ni ho dusanga amateka nyayo yerekeye inkomoko y’amahanga y’abantu. Muri yo honyine ni ho havugwa amateka y’umwimerere y’inyokomuntu atandujwe n’ubwibone cyangwa kubogama by’abantu. {Ub 181.1}

Iyo urebye mu nyandiko zivuga amateka y’abantu, usanga bagaragaza ko gukura kw’amahanga atari amwe, no guhangwa no guhanguka k’ubwami bigaragazwa ko bishingiye ku bushake ndetse n’ubutwari bw’abantu. Ndetse bavuga ko ku rwego runini cyane, uko ibintu byagiye biba bisa n’aho byagiye bigenwa n’ububasha bwa muntu, ibyo afite inyota yo kugeraho cyangwa ubucakura. Ariko iyo tugeze mu ijambo ry’Imana, umwenda ukingiriza ukurwaho maze tukareba mu mpande zose z’ibiba ku muntu mu byo ashishikarira gukora, mu bushobozi bwe no mu byo arangamira kuko ari byo Imana nyir’imbabazi zose ikoresha bucece, igashyira mu bikorwa inama zihuje n’ubushake bwayo. {Ub 181.2}

Bibiliya igaragaza neza imiterere yimbitse y’amateka. Mu magambo meza atagereranywa kandi aryoheye amatwi intumwa Pawulo yabwiye abanyabwenge bo muri Atene, hagaragaramo umugambi Imana yari ifite ijya kurema no gukwiza amoko atandukanye y’abantu mu mahanga atari amwe. Yaravuze ati: “Kandi yaremye amahanga yose y’abantu, bakomoka ku muntu umwe, ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by’imyaka ko bikuranwa uko yategetse, igabaniriza abantu aho batuye.” Ibyakozwe n’Intumwa 17:26, 27. Imana ivuga ko umuntu ushaka ashobora kuzanwa “mu ndahiro y’isezerano.” Ezekiyeli 20:27. Mu gihe cy’iremwa ry’isi, Umugambi w’Imana wari uko abantu bazatura isi, bakibera umugisha ubwabo kandi bagahana umugisha hagati yabo ubwabo, ndetse bakubahisha Umuremyi wabo. Abantu bose babishaka bashobora gukurikiza uyu mugambi. Bene abo Imana ibavugaho igira iti: “Abantu niremeye ubwanjye, ngo berekane ishimwe ryanjye.” Yesaya 43:21. {Ub 181.3}

Imana yerekaniye mu mategeko yayo amahame atuma amahanga yose n'abantu ku giti cyabo bagira ishya n'ihirwe. Mose yabwiye Abisirayeli ibyerekeye amategeko y'Imana ko ari yo bwenge bwabo n'ubuhanga bwabo. Gutegeka kwa Kabiri 4:6. "Kuko kuyitondera atari icyoroheje kuri mwe, ahubwo ari cyo bugingo bwanyu." Gutegeka kwa Kabiri 32:47. Imigisha Imana yasezeraniye Abisirayeli ni na yo isezeranirwa amahanga yose n'abantu ku giti cyabo batuye ku isi yose, kandi bayisezeranirwa basabwa ibyangombwa bimwe kandi ku rwego rumwe. {Ub 182.1}

Ububasha umutegetsi wese wa hano ku isi akoresha aba yabuhawe n'Imana, kandi uko akoresha ubwo bubasha yahawe ni byo bishingiraho kugera ku ntego ze. Umurinzi ubera hose icyarimwe abwira buri mutegetsi wese ati: "Nzagukenyeza, nubwo utigeze kumenya." Yesaya 45:5. Ndetse n'amagambo yabwiwe umwami wa kera Nebukadenezari ni icyigisho mu buzima: "Kuzaho ibyaha byawe gukiranuka, kandi ibicumuro byawe ubikuzeho kugirira abakene impuhwe; ahari aho uzungukirwa amahoro." Daniyeli 4:24 Gusobanukirwa ibi bintu: gusobanukirwa ko "gukiranuka gushyira ubwoko hejuru;" ko "ingoma ikomezwa no gukiranuka," "kandi ko "ingoma ikomezwa n'imbabazi" (Imigani 14:34; 16:12; Imigani 20:28); kubonera imikorere y'ayo mahame mu kwigaragaza k'Ububasha bw'Imana Yo "yīmura abami; ikimika abandi," (Daniyeli 2:21) - uko ni ko gusobanukirwa n'amateka. {Ub 182.2}

Mu ijambo ry'Imana honyine ni ho ibi bisobanurwa neza. Muri ryo hagaragajwemo ko imbaraga z'ishyanga runaka cyangwa abantu ku giti cyabo zitabonerwa mu mahirwe bagira cyangwa ibibunganira babona ngo bitume bahinduka abantu badakurwa mu byimbo. Ntabwo izo mbaraga zibonerwa mu buhangange bwabo birata. Ahubwo bureberwa ku budahemuka bakorana kugira ngo basohoze umugambi w'Imana. {Ub 183.1}

Ubusobanuro burambuye bw'uku kuri tubusanga mu mateka y'igihugu cya Babuloni ya kera. Umwami Nebukadinezari yagaragarijwe umugambi nyakuri wo kubaho k'ubutegetsi bw'igihugu runaka binyujijwe mu ishusho y'igiti cy'inganzamarumbo cyari gifite ubushorishori bugera "ku ijuru, cyitegera ku mpera y'isi yose. Ibibabi byacyo byari byiza, cyari gihunze imbuto nyinshi, kandi muri cyo harimo ibyokurya bihaza abantu bose. Inyamaswa zo mu ishyamba zahundagaraga mu gicucu cyayo, ibisiga byo mu kirere byabaga mu mashami yacyo, kandi ibyari bifite umubiri byatungwaga na cyo." Daniyeli 4:8-9. Iri yerekwa riragaragaza imiterere y'ubutegetsi busohoza umugambi w'Imana. Ni ubutegetsi burinda ishyanga kandi bukazamura iterambere ryaryo. {Ub 183.2}

Imana yari yarahaye ikuzo ubwami bwa Babuloni kugira ngo busohoze uyu mugambi. Iryo shyanga ryaratunze riratunganirwa kugeza ubwo ryageze ku bukungu n'ububasha bw'ikirenga butari bwarigeze bugerwaho kugeza icyo gihe. Mu Byanditswe byera ubwo

butunzi bwagaragajwe neza hakoreshejwe ikimenyetso cy'"umutwe w'izahabu." Daniyeli 2:38. {Ub 183.3}

Ariko umwami Nebukadinezari yananiwe kuzirikana ububasha bwari bwaramuhaye ikuzo bukamusumbya andi mahanga. Yuzuye ubwibone bwari mu mutima we Nebukadinezari yaravuze ati: "Ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z'amaboko yanjye, ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro." Daniyeli 4:26 Aho kugira ngo ubutegetsi bw'i Babuloni burinde abantu, bwaje guhinduka burangwa no kwirata no gukandamiza kuzuye ubugome bwinshi. Amagambo y'Ibyanditswe byera agaragaza ubugome n'umururumba byarangaga abategetsi ba Isirayeli ahishura ibanga ryihishe inyuma yo guhanguka kwa Babuloni n'ukw'izindi ngoma nyinshi uhereye igihe isi yabereyeho. Dore uko Ibyanditswe bivuga: "Ariko mwebwe murya ibinure, mukiyambika ubwoya, mubaga izibyibushye; ariko ntabwo muragira intama. Izacitse intege ntimwazisindagije, kandi ntabwo mwavuye izari zirwaye, n'izavunitse ntimwazunze, izatatanijwe, ntimwazigaruye, kandi ntimwashatse izazimiye; ahubwo mwazitegekesheje igitugu n'umwaga." Ezekiyeli 34:3-4. {Ub 183.4}

Imana yaciriye ho iteka umwami w'i Babuloni igira iti: "Yewe Mwami Nebukadinezari, ni wowe ubwirwa. Ubwami bwawe ubukuwemo." Daniyeli 4:28. Isomwa ry'urwo rubanza ryanyujijwe ku bahanuzi batandukanye : {Ub 184.1}

"Manuka wicare mu mukungugu, wa mwari w'i Babuloni we;
Wa mukobwa w'Abakaludaya we,
Icara hasi ukuwe ku ntebe y'ubwami...
Icara uceceke ujye mu mwijima,
Kuko utazongera kwitwa umugabekazi w'abami." {Ub 184.2}

Yesaya 47:1-5. " {Ub 184.3}

Yewe utuye mu mazi menshi, wagwije ubutunzi bwinshi,
Iherezo ryawe rirageze, rihwanye n'uburakari bwawe."
"Kandi i Babuloni ni ho cyubahiro cy'amahanga y'abami,
Ni ho bwiza bw'ubwibone bw'Abakaludaya,
Hazamera nk'uko Imana yarimburaga i Sodomu n'i Gomora."
"Nzahahindura igihugu cy'ibinyogote n'ibidendezi by'amazi, nzahakubuza umweyo urimbura, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga." {Ub 184.4}

Yeremiya 51:13; Yesaya 13:19; 14:22-23.

Ishyanga ryose ryabayeho ku isi ryahawe amahirwe yo kugira umwanya waryo ku isi, kugira ngo bigaragare ko ryasohoza umugambi w'Imana yera kandi irebera hose icyarimwe.

Ubuhanuzi bwari bwarerekanye uko ingoma zikomeye zo ku isi zajyaga guhangwa kandi zigahanguka. Izo ngoma ni: ingoma y'i Babuloni, iy'Abamedi n'Abaperesi, iy'Abagiriki n'iy'Abaroma. Haba kuri buri ngoma muri izi ndetse no ku ngoma zindi zari zoroheje, usanga amateka yaragiye yisubiramo. Zose zahawe igihe cyo kugeragezwa, ariko zose zaratsinzwe. Ikuzo ryazo ryavuyeho, ubutegetsi bwazo burahirima kandi zikajya zisimburwa n'izindi. {Ub 185.1}

Nubwo amahanga yose yabayeho yanze gukurikiza amahame y'Imana, kandi akizanira kurimbuka bitewe no kwanga ayo amahame, ntibyabuzaga ko umugambi ntavuguruzwa w'Imana wajyaga usohorezwa mu byo izo ngoma zakoraga. {Ub 185.2}

Iyi nyigisho itangwa mu iyerekwa ritangaje umuhanuzi Ezekiyeli yagize ubwo yari mu buhungiro mu gihugu cy'Abakaludaya. Iryo yerekwa ryatanzwe igihe Umuhanuzi Ezekiyeli yari mu majune, acogojwe no kwibuka ibintu bibabaje n'amakuba yari agiye kuba. Igihugu cya ba sekuruza be cyari cyarabaye amatongo. Umurwa wa Yerusalemu wari warabaye umusaka nta muntu uwurangwamo. Umuhanuzi Ezekiyeli ubwe yari umunyamahanga mu gihugu cyari kiganjemo ubugome bukabije n'inyota y'icyubahiro. Ubwo yarebaga ahamuzengurutse hose akahabona ikandamiza rikabije n'ibikorwa bibi, yahagaritse umutima maze bimutera guhora abogoza amarira, ku manywa na nijoro. Ariko ibyo yeretswe byamuhishuriye ubundi butegetsi bukomeye cyane buruta ubw'abategetsi bo ku isi. {Ub 185.3}

Ubwo Ezekiyeli yari yicaye ku nkombe z'umugezi wa Kebari, yabonye umuyaga w'ishuheri wari uturutse mu majyaruguru, "igicu cya rukokoma gishibagura umuriro, gikikijwe n'umucyo w'itangaza, kandi hagati y'uwo muriro haturukaga ibara nk'iry'umuringa ukubye." Inziga z'amagare zagendaga zinyuranamo, zitwawe n'ibizima bine. Hejuru y'ibyo byose "hari igisa n'intebe y'ubwami, isa n'ibuye rya safiro; kandi hejuru y'iyo ntebe y'ubwami hariho igisa n'umuntu." "Nuko munsi y'amababa y'abakerubi haboneka igisa n'ikiganza cy'umuntu." Ezekiyeli 1: 4, 26; 10:8. Imitende y'amagare yagenderaga kuri gahunda isa n'aho iteye urujijo, ariko yabisikanaga neza ku mujyo umwe. Ibizima byo mu ijuru byari bifashwe kandi biyoborwa n'ikiganza cyahingukaga munsi y'amababa y'abakerubi kandi ni na cyo cyatumaga inziga zikaraga zikagenda. Hejuru y'ibyo bizima, ku ntebe y'ubwami ikozwe mu ibuye rya safiro, hari hicaye Uwiteka; kandi ahazengurutse iyo ntebe y'ubwami, hari umukororombya, ari wo kimenyetso cy'imbabazi z'Imana. {Ub 185.4}

Uko izo nziga zari zisobekeranye zayoborwaga n'ikiganza cyari munsi y'amababa y'abakerubi, ni ko hejuru y'ibyo abantu banyuramo bigoye hari ububasha bw'Imana. Hagati

mu makimbirane no kuvurungana kw'amahanga, Iyicara hejuru y'abakerubi iba ikiyobora ibibera ku isi. {Ub 186.1}

Amateka y'amahanga yagiye asimburana agakoresha igihe n'umwanya yahawe, kandi akajya ahamya ukuri yari atazi ubusobanuro bwayo, natwe ayo mateka agira icyo atubwira. Muri iki gihe, muri gahunda ya Yo ikomeye, Imana yahaye ishyanga ryose n'umuntu wese umwanya wihariye. Muri iki gihe kandi, abantu ku giti cyabo n'amahanga bagenda bapimwa n'igipimo kiri mu kiganza cy'Imana itigera yibeshya na rimwe. Kubwo guhitamo kwabo, abantu bagena iherezo ryabo, kandi Imana iyobora ibintu byose bibera ku isi kugira ngo isohoze imigambi yayo. {Ub 186.2}

Amateka "NDIHO" ukomeye yagaragarije mu Ijambo rye, akagenda ayahuriza mu murunga w'ubuhanuzi, uhereye kera mu gihe cyashize ukageza mu bihe bidashira mu gihe kizaza, ni amateka atubwira aho tugeze ubu mu rukurikirane rw'ibihe, ndetse n'ibyo twakwitega mu gihe kizaza. Ubwo buhanuzi bwose bwari bwaravuze ibintu kandi byagenze nk'uko byavuzwe kugeza ubu.

Ubwo buhanuzi kandi bwagiye bwandikwa mu mateka ku buryo dushobora guhamirizwa neza ko ibitaraba byose bizasohora kuri gahunda yabyo. {Ub 186.3}

Guhāngūka guheruka kw'ingoma zose zo ku isi kwahanuwe mu buryo bwumvikana neza mu ijambo ry'ukuri. Mu buhanuzi bwavuzwe igihe Imana yaciragaho iteka umwami wa nyuma w'Abisirayeli harimo ubutumwa bukurikira: {Ub 187.1}

"Ni ko Umwami Uwiteka avuze: ikureho igisingo, wiyambure ikamba... icyari hasi ugishyire hejuru, kandi cyari hejuru ugicishe bugufi. Nzabyubika, nzabyubika, nzabyubika: na byo ntibizongera kubaho, kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira; nanjye nzabimuha." Ezekiyeli 21:31-32. {Ub 187.2}

Ikamba ryanyazwe Isirayeli ryagiye rihererekanywa uhereye ku bwami bwa Babuloni, riva kuri Babuloni rihabwa Abamedi n'Abaperesi, rinyagwa Abamedi n'Abaperesi rihabwa Abagiriki, nabo bararinyagwa rihabwa Roma. Imana iravuga iti: "Kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira; nanjye nzabimuha." {Ub 187.3}

Icyo gihe kiregereje. Muri iki gihe ibimenyetso by'ibihe biratugaragariza ko turi mu ntangiriro z'ibintu bikomeye kandi bishishana. Kuri iyi si yacu ibintu birakozwa hirya no hino. Ubuhanuzi bw'Umukiza bugaragaza ibizabanziriza kugaruka kwe buragenda busohorera imbere y'amaso yacu. Umukiza yaravuze ati: "Muzumva iby'intambara n'impuha z'intambara... Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami. Hazabaho inzara n'ibishitsi hamwe na hamwe" Matayo 24:6,7. {Ub 187.4}

Iki gihe turimo ni igihe gikomereye abagihumeka bose. Abayobozi n'abategetsi b'ibihugu, abantu bari mu myanya ikomeye y'ubuyobozi, abagabo n'abagore bose bashyira mu gaciro bo mu nzego zose, abo bose bahanze amaso ibiri kubera ahadukikije. Bitegereza umubano wuzuye udutotsi n'amakimbirane y'urudaca aba hagati y'ibihugu. Bitegereza kandi ukuntu ikintu cyose kiri ku isi kigenda kirushaho gukaza umurego, bityo bakabona hari ikintu gikomeye kandi kidasanzwe kigiye kuba, ndetse ko isi igiye kwinjira mu makuba akomeye. {Ub 187.5}

Ubu abamarayika baracyafashe imiyaga y'intambara kugira ngo idahuha kugeza ubwo isi yose izaba imaze kuburirwa iby'akaga kayugarije; ariko umugaru uri kwisuganya, witeguye kuyogoza isi. Kandi igihe Imana izategekera abamarayika bayo ngo barekure imiyaga, hazabaho imyivumbagatanyo n'ubushyamirane bitabona uko bivugwa mu nyandiko. {Ub 188.1}

Bibiliya yonyine ni yo itwereka ishusho nyayo y'uko ibyo bintu bizaba bimeze. Muri yo hagaragaza amakuba akomeye kandi aheruka azaba mu mateka y'isi yacu. Ayo makuba yatangiye kugaragariza ibimenyetso byayo imbere yacu, urusaku rwo kuza kwayo rutera isi guhinda umushitsi kandi n'abantu bagahagarikwa imitima n'ubwoba. {Ub 188.2}

"Dore Uwiteka ahindura isi umwirare, arayiraza, arayubika, atatanya abaturage bayo.... Kuko bacumuye amategeko y'Uwiteka, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka. Ni cyo gitumye umuvumo utsemba isi, n'abayibamo bagatsindwa n'urubanza; ni cyo gitumye abaturage b'isi batwikwa hagasigara {Ub 188.3}

bake Ibyishimo bitewe n'amashako birashize; urusaku {Ub 188.4}

rw'abanezerwa rurahoze, umunezero utewe n'inanga urashize." Yesaya 24:1-8. {Ub 188.5}

"Tubonye ishyano! Kuko umunsi w'Uwiteka ugeze hafi, uzaza ari uwo kurimbura kuvuye ku Ishoborabyose.... Imbuto zumiye mu mayogi, ibigega birimo ubusa, ibigonyi byarasenyutse, kuko imyaka yumye. Yemwe nimwumve uko amatungo aboroga! Amashyo y'inka yanāniwe kuko yabuze ubwatsi; imikumbi y'intama yanyukiwe." "Uruzabibu rwumye kandi umutini warabye; umukomamanga n'imikindo na yo, n'ibiti by'amapera, ndetse n'ibiti byose byo mu murima byumye: kandi umunezero ushira mu bantu." Yoweli 1:15-18; 1:12. {Ub 188.6}

"Ye baba we, ye baba we! Mfite umubabaro mu gisenge cy'umutima, umutima wanjye uradihagura; naniwe kwiyumanganya kuko wumvise ijwi ry'impanda, n'induru z'intambara. Kurimbuka guhamagara ukundi kuko igihugu cyose kinyazwe." {Ub 188.7}

“Nitegereje isi, mbona idafite ishusho, kandi irimo ubusa; n’ijuru na ryo nta mucyo rifite. Nitegereje imisozi miremire, mbona itigita, ndetse n’iyindi yose na yo inyeganyega. Nitegereje mbona nta muntu uhari, n’ibisiga byose byo mu kirere byahunze. Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n’imidugudu yabo yose yarasenyukiye imbere y’Uwiteka kubw’uburakari bwe bukaze.” Yeremiya 4:19-20, 23-26. {Ub 189.1}

“Ayii! Uwo munsi urakomeye, nta wundi umeze nka wo! Ni igihe cy’umubabaro wa Yakobo; ariko azakirokokamo” Yeremiya 30:7. {Ub 189.2}

“Wa bwoko bwanjye we, ngwino winjire mu nzu yawe, wikingirane, ube wihishe akanya gato, kugeza aho uburakari buzashirira.” Yesaya 26:20. {Ub 189.3}

[Nyamara hari n’amasezerano y’agahozo Imana itanga] {Ub 189.4}

“Kuko ari wowe buhunguro bwanjye, Uwiteka;
Wagize Isumbabyose ubuturo;
Nuko nta kibi kizakuzaho,
Kandi nta cyago kizegera ihema ryawe” {Ub 189.5}

Zaburi 91:9-10.

“Imana y’imbaraga nyinshi, Imana Rurema,
Uwiteka iravuze;
Ihamagaye isi; uhereye aho izuba rirasira, ukageza aho rirengera.
Kuri Siyoni aho ubwiza butagira inenge,
Ni ho Imana irabagiraniye.
Imana yacu izaza ye guceceka:
Imbere yayo umuriro uzakongora.
Umuyaga w’ishuheri uzayigota.
“Izahamagara ijuru ryo hejuru,
N’isi na yo kugira ngo icire ubwoko bwayo urubanza...
Ijuru rizavuga gukiranuka kwayo ;
Kuko Imana ubwayo ari yo mucamanza.” {Ub 189.6}

Zaburi 50:1-3; 50:4-6.

“Mukobwa w’i Siyoni we... Uwiteka azagukiza, akuvane mu maboko y’ababisha bawe. Ubu amahanga menshi ateraniye kugutera, aravuga ati “I Siyoni nihangizwe, amaso yacu arebe ibibi tubifuriza.” Ariko ntibazi ibyo Uwiteka atekereza, kandi ntibumva n’imigambi ye; yuko azabateraniriza hamwe nk’imiba irunze ku mbuga.” “Nzakugarurira amagara yawe, kandi nzagukiza inguma zawe.... kuko bari bakwise igicibwa, bati ‘Hano ni ho Siyoni

hatagira uhitaho.’ “Dore ngiye kukugarurira abo mu mahema ya Yakobo, mbakure mu buretwa; kandi nzagirira imbabazi ubuturo bwe.” Mika 4: 10-12.Yeremiya 30:17-18. {Ub 190.1}

“Nuko uwo munsi bazavuga ngo ‘Iyi ni yo Mana yacu twategerezaga, ni yo izadukiza. Uyu ni we Uwiteka twategerezaga, tuzanezerwa, twishimire agakiza ke.’” “Kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose..... n’igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. Ni ko Uwiteka avuga.” Yesaya 25 :9, 8. {Ub 190.2}

«Reba i Siyoni, ururembo twakoreragamo iminsi mikuru; amaso yawe azareba i Yerusalemu, usange ari ubuturo bw’amahoro, n’ihema ritazabamburwa... Kuko Uwiteka ari we Mucamanza wacu; Uwiteka ni we utanga amategeko; Uwiteka ni we Mwami wacu, azadukiza.» Yesaya 33:20-22 {Ub 190.3}

“Ahubwo azacira abakene imanza zitabera, n’abagwaneza bo mu isi azabategekesha ukuri.” Yesaya 11:4. {Ub 190.4}

Icyo gihe ni bwo umugambi w’Imana uzasohora; amahame y’ingoma ya Yo akazubahirizwa n’abatuye munsi y’izuba bose. {Ub 190.5}

“Urugomo ntiruzongera kumvikana mu gihugu cyawe,
Ntihazabaho gusenya no kurimbura,
Aho ingabano zawe zigera hose;
Ahubwo inkike zawe uzazita Agakiza, N’amarembo yawe uzayita Ishimwe.”
“Uzakomezwa no gukiranuka;
Agahato kazakuba kure,
Kuko utazatinya; uzaba kure y’ibiteye ubwoba,
Kuko bitazakwegera.” {Ub 190.6}

Yesaya 60:18; 54:14.

Abahanuzi beretswe iby’ayo masezerano byatumye bagira amatsiko yo kumenya ubusobanuro bwayo nyakuri. [Dore uko intumwa Petero abivuga]: “Abahanuzi bahanuye iby’ako gakiza barondora n’iby’ubuntu mwari mugiye kuzahabwa babishimikiriye; barondora igihe icyo ari cyo n’ibimenyetso byacyo, byerekanwaga n’Umwuka wa Kristo... Kandi bahishurirwa yuko batabyiyerekewe, ahubwo ko ari mwe babyerekewe... Kandi ibyo abamarayika babigiriraga amatsiko, bashaka kubirunguruka.” 1 Petero 1:10-12. {Ub 191.1}

Kuri twe abegereye isohozwa ryabyo, mbega ubwuzu twari dukwiriye kugirira ibyo byavuzwe ko bigiye kuba. Ni ibyiza abana b’Imana bagiye bahanga amaso, bakabitegereza, bakabyifuza kandi bagasenga babisaba uhereye igihe ababyeyi bacu ba mbere bavaga muri

Edeni. Abahanuzi na bo bakomeje 'gutegereza bifuzako ubwo buhanuzi bwasohora' ndetse bahoraga babisengera ngo asohozwe bwangu. {Ub 191.2}

Muri iki gihe, mbere y'uko isi igera mu kaga gashishana gaheruka, kimwe n'uko byari bimeze mbere yo kurimbuka kw'isi kwa mbere, abantu batwawe ingamira n'ibibanezeza bijyanye n'irari ryabo. Ibitekerezo byabo bihugiye mu bintu bigaragarira amaso kandi bimara igihe gito, bityo ntibacyita ku bitagaragara kandi bizahoraho iteka. Kugira ngo bironkere ubutunzi bwangirika, bahitamo kuzibukira ubutunzi butangirika. Ubwenge bwabo bukeneye kuzahurwa, kandi uko bafata ubuzima bikaguka. Bakeneye gukangurwa bagakurwa mu bute bw'inzozi z'iby'isi. {Ub 191.3}

Bakeneye kwigira ku mateka yerekeye ingoma zabayeho, uko zimikwaga n'uko zahāngūkaga nk'uko tubisoma mu Byanditswe Byera, maze bakamenya ko kugaragara inyuma n'ikuzo ry'isi ari ubusa. Mbega uburyo Babuloni, n'ububasha bwayo bwose n'ubwiza bwayo buhebuje butigeze buboneka mu isi yahangutse kandi abantu b'icyo gihe barafataga ko ububasha n'ubwiza bwa Babuloni buzahoraho iteka! Babuloni yakendeye nk'uko "uburabyo bwo mu gasozi" bwuma. Uko ni nako ibintu byose bidafite Imana ho urufatiro na byo birimbuka. Ikintu gikozwe mu buryo buhuje n'umugambi wayo kandi kikagaragaza imico yayo gusa ni cyo gishobora kuramba. Amahame yayo ni yo kintu cyonyine gihamye kiboneka ku isi. {Ub 191.4}

Uku kuri gukomeye ni ko abakuru n'abato bakeneye kwiga. Dukeneye kwiga ukuntu imigambi y'Imana isohozwa mu mateka y'ibihugu no mu ihishurwa ry'ibizaba, kugira ngo tubashe kugereranya agaciro k'ibintu biboneka n'ibitaboneka; tubashe kumenya umugambi nyakuri w'ubuzima; bityo nitureba ibyagiye bibaho mu gihe runaka tubirebera mu mucyo w'ubuzima buzahoraho iteka, tubashe kubikoresha neza uko bikwiriye. Muri ubwo buryo, nitumenyera hano ku isi amahame y'ubwami bw'Imana kandi tugahinduka abagaragu bayo n'ubwoko bwayo, tuzaba twiteguye kuzinjirana na Kristo muri ubwo bwami ubwo azaba agarutse. {Ub 192.1}

Igihe kirasohoye. Igihe dusigaranye ni gito cyane ngo twige ibyo tugomba kwiga, ngo dukore ibigomba gukorwa no kugira ngo guhinduka kw'imico kubeho. {Ub 192.2}

"Dore ab'inzu ya Isirayeli baravuga bati: "Iyerekwa yabonye rizasohora bishyize kera, kandi ahanura ibihe bikiri kure cyane. Nuko rero ubabwire uti 'Uku ni ko Umwami Uwiteka avuga ngo: Amagambo yanjye yose nta na rimwe rizongera kurazikwa, ahubwo ijambo nzavuga, rizasohora. Ni ko Umwami Uwiteka avuga." Ezekiyeli 12:27,28. {Ub 192.3}

20. KWIGA NO KWIGISHA BIBILIYA

"Utege ugutwi inyigisho z'ubwenge;"
"Ubucukure nk'ucukura amabuye y'agaciro." Imigani 2:2,4.2

Guhera mu bwana bwa Yesu, mu bugimbi bwe n'igihe yari amaze gukura, yigaga Ibyanditswe Byera. Akiri umwana muto, buri munsi yabaga akikiwe na nyina amwigishiriza mu mizingo y'ibitabo by'abahanuzi. Amaze kuba ingimbi, ibihe byinshi wamusangaga ari wenyine mu gitondo cya kare na nimugoroba, ari mu ibanga ry'umusozi cyangwa mu gashyamba, akahamara igihe gituje asenga kandi yiga ijambo ry'Imana. Ubumenyi bwimbitse mu Byanditswe Byera Yesu yagaragaje igihe yakoraga umurimo we, bwerekana ko yigaga Ijambo ry'Imana abishyizeho umwete. Kandi bitewe n'uko yungutse ubwenge nk'uko natwe dushobora kubwunguka, ubushobozi butangaje yari afite mu by'ubwenge n'iby'umwuka ni igihamya cyerekena agaciro Bibiliya ifite nk'uburyo bwifashishwa mu kurera. {Ub 193.1}

Igihe Data wa twese wo mu Ijuru yatangaga Ijambo rye, ntabwo yirengagije abana. Mbese mu bitabo byose abantu banditse, hari aho wasanga inyigisho zinyura umutima kandi zikawubaka, hari aho wasanga inyigisho igenewe gukangura amatsiko y'abato nk'uko biri ku bitekerezo dusanga muri Bibiliya? {Ub 193.2}

Muri ibyo bitekerezo byoroshye, usanga amahame akomeye yerekeye amatageko y'Imana yarasobanuwe mu buryo bwumvikana. Bityo rero, kubwo gukoresha ingero zijyanye rwose n'imyumvire y'umwana, ababyeyi n'abigisha bashobora gutangira hakiri kare bagasohoza itegeko Uwiteka yatanze ku byerekeye amategeko ye. Iryo tegeko riravuga riti: "Aya mategeko . . . ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n'uko ugenda mu nzira, n'uko uryamye, n'uko ubyutse." Gutegeka kwa Kabiri 6:6,7. {Ub 193.3}

Gukoresha imfashanyigisho, ikibaho, amakarita n'amashusho bizafasha mu gusobanura bene ibyo byigisho no kubifata mu mutwe. Ababyeyi n'abarezi bakwiriye guhora bashaka uburyo bwo kwigisha burushijeho kuba bwiza. Kwigisha Bibiliya bikwiriye guhora mu ntekerezo zacu, tugakoresha uburyo bwiza kuruta ubundi kandi tukabishyiraho umwete wacu uko dushoboye kose. {Ub 194.1}

Mu rwego rwo gukangura no gukomeza umwuka wo gukunda kwiga Bibiliya, usanga ibintu byinshi bishingira ku mikoreshereze y'isaha yo gusenga. Amasaha yo gusenga mu gitondo n'aya nimugoroba ni yo masaha y'umunsi aryohera abantu kandi akabafasha. Byumvikane ko muri ayo masaha nta kirogoya cyangwa ibitekerezo bibi bikwiriye guhabwa akito; kugira ngo ababyeyi n'abana bateranire kuganira na Yesu, kandi batumire abamarayika bera kuza

mu muryango wabo. Nimutyo iyo gahunda ibe ngufi kandi ibe ishyushye, ihuze n'ibihe barimo, kandi uko iminsi ihita bajye bayihindura. Nimutyo ab'umuryango bose bagire uruhare mu gusoma Bibiliya no kuyiga, kandi akenshi Amategeko y'Imana bajye bayavuga bayasubiremo. Abana bazarushaho gukunda iyi gahunda nibajya rimwe na rimwe bahabwa uburenganzira bwo guhitamo umurongo urasomwa. Nyuma yo gusoma, baza abana ibibazo ku murongo wasomwe kandi nabo ubareke babaze ibibazo. Ntukabure kuvuga ikintu cyose cyafasha mu gusobanura uwo murongo neza. Igihe gahunda itarambiranye, abana bakwiriye guhabwa umwanya wo gusenga no kuririmba, byashoboka bakaririmba igice kimwe. {Ub 194.2}

Kugira ngo iyo gahunda yo gusenga igere ku mugambi wayo, ni ngombwa kubanza kuyitegura. Buri munsi ababyeyi bakwiriye gufata igihe cyo kwiga Bibiliya bafatanyije n'abana babo. Nta gushidikanya ibyo bizasaba ko babishyiraho umwete no kubitegura kandi bakabyitangira. Ariko uwo mwete ukoreshwa uzahesha ingororano nyinshi. {Ub 194.3}

Imana itegeka ko amategeko yayo acengera mu mitima y'ababyeyi kugira ngo bibategurire kuyigisha abana babo. Imana iravuga iti: “Aya mategeko ngutegeka uyu munsi, ahore ku mutima wawe, ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe..... ” Gutegeka kwa Kabiri 6:6. Kugira ngo tuzabashe gukundisha abana bacu gusoma Bibiliya, ni ngombwa ko natwe ubwacu tuyikunda tukayisoma. Tugomba kuyikunda kugira ngo dukangure muri bo urukundo rwo kuyiga. Amabwiriza tubaha azagira akamaro bitewe n'urugero dutanga n'umwuka uturanga. {Ub 195.1}

Imana yahamagariye Aburahamu kwigisha Ijambo ryayo. Yamutoranyirije kuba sekuruza w'ishyanga rikomeye bitewe n'uko Imana yabonye ko Aburahamu azigisha abana be n'ababa mu rugo rwe kumvira amahame ari mu mategeko yayo. Icyahaga ubushobozi inyigisho za Aburahamu ni imbaraga ihindura yavaga ku mibereho ye ubwe. Mu rugo rwe habaga abantu basaga igihumbi, kandi benshi muri bo bari abayobozi b'imiryango, ndetse abandi benshi bari bamaze igihe gito bahindutse bavuye mu myizerere ya gipagani. Umuryango umeze utyo wasabaga umutware w'urugo utajenjetse. Gukoresha uburyo bworoheje kandi butarangwamo imyanzuro ihamye ntibyari kugira icyo bigeraho. Dore uko Imana ivuga ibya Aburahamu: “Kuko icyatumye mumenya, ari ukugira ngo ategeke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho.” Itangiriro 18:19. Nyamara ubutware bwe yabukoresheje mu bwenge no kwiyoroshya ku buryo imitima ya benshi yagaruriwe Imana. Umurinzi wo mu ijuru yarahamije ati: ” ...Bazakomeza inzira y'Uwiteka, bakore ibyo gukiranuka, baca imanza zitabera.” Itangiriro 18:19. {Ub 195.2}

Imbaraga ihindura yavaga kuri Aburahamu yageze no ku bandi batari abo mu rugo rwe. Aho yabambaga ihema hose, iruhande rwaryo yahubakaga igicaniro cyo gutambiraho Imana

ibitambo kandi akahasengera. Iyo yahimukaga, icyo gicaniro cyarahasigaraga; kandi abantu benshi b'Abanyakanani bahoraga mu ngendo bari baramenye Imana babikesheje imyitwarire ya Aburahamu umugaragu wa Yo, iyo bageraga kuri icyo gicaniro Aburahamu yasize aho, batindaga kuri cyo maze bagatambira Yehova ibitambo. {Ub 195.3}

Kwigisha Ijambo ry'Imana muri iki gihe nabyo ntibizabura kugera ku ntego igihe iryo jambo rizaba rigaragarira uko bikwiriye mu mibereho y'umwigisha. {Ub 196.1}

Kumenya ibyo abandi bagiye batekereza cyangwa bamenye kuri Bibiliya ntibihagije. Mu rubanza, umuntu wese abazwa ibye imbere y'Imana, kandi ubu ni igihe buri muntu akwiriye kumenya ukuri uko ari ko. Ariko kugira ngo inyigisho zizagere ku ntego, ni ngombwa ko umwigisha yita ku bishishikaza uwiga. By'umwihariko ku muntu ugomba kwigisha abana n'ingimbi n'abangavu usanga batandukanye cyane mu mico n'imyitwarire, ibyo batojwe n'ibyo bamenyereye mu ntekerezo zabo, iyi ni ingingo itagomba kwirengagizwa. Mu kwigisha abana Bibiliya, dushobora kunguka byinshi kubwo kwitegereza ibyo ubwenge bwabo bukunda kwerekezaho n'ibyo bakunda kandi tukabakangurira kureba icyo Bibiliya ivuga kuri ibyo bintu bibashimisha. Imana yaturemye, ikaduha ubushobozi bunyuranye dufite, ni yo yatanze icyafasha buri wese igishyira mu Ijambo ryayo. Igihe abigishwa babonye ko ibyo Bibiliya yigisha birebana n'ubuzima bwabo, mubigishe gufata Bibiliya nk'umujyanama wabo. {Ub 196.2}

Nimufashe abana n'urubyiruko kandi kunyurwa no kwishimira ubwiza buhebuje bw'Ijambo ry'Imana. Hari ibitabo byinshi bitagira agaciro, ibitabo bisamaje kandi bitungura ubuzima abantu basabwa gusoma, cyangwa bikemerwa ngo bikoreshwe, bitewe n'agaciro babiha mu by'ubuvanganzo. Kuki twatuma abana bacu bajya kunywa kuri ayo masoko yanduye kandi bagombye kwivomera ku isoko nziza y'Ijambo ry'Imana nta kiguzi batanze? Bibiliya iruzuye, ifite imbaraga n'ubusobanuro bwimbitse utarondora ngo ubive imuzi. Nimutere umwete abana n'urubyiruko gucukumbura ubutunzi ihatse bwaba ubw'ibitekerezo n'imvugo inoze. {Ub 196.3}

Uko bazajya bakururwa n'ubwiza bw'ibyo bintu by'agaciro biri muri Bibiliya, ni ko imbaraga idasanzwe mvajuru yoroshya kandi igategeka izakora ku mitima yabo. Bazareshwa maze bomatane n'Imana yabihishuriye binyuze mu Ijambo ryayo, kandi hazaboneka bake cyane batazifuza byinshi biruseho byerekeye imirimo yayo n'inzira zayo. {Ub 197.1}

Uwiga Bibiliya akwiriye kwigishwa kuyirambura afite umwuka wo gushaka kumenya. Ntitugomba kuyisoma dushaka ibihamya byo gushyigikira ibitekerezo byacu, ahubwo tuyisome dushaka kumenya icyo Imana ivuga. {Ub 197.2}

Ubumenyi nyakuri bukomoka muri Bibiliya bushobora kugerwaho kubwo gufashwa na wa Mwuka wayandikishije. Kandi kugira ngo twunguke ubu bwenge tugomba kubeshwaho n'uwo Mwuka. Tugomba kumvira ibyo ijambo ry'Imana ridutegeka byose. Dukwiriye gusaba gusohorezwa amasezerano yanditswe muri iryo Jambo. Ubuzima idutegeka ni bwo dukwiriye kubaho, tubikesheje imbaraga tuvana muri iryo Jambo. Kwiga Bibiliya bizatugirira umumaro gusa nituyifata nk'uko iri. {Ub 197.3}

Kwiga Bibiliya bidusaba umwete ukomeye n'ibitekerezo bidacika intege. Nk'uko umucukuzi w'amabuye y'agaciro acukura izahabu ikuzimu, ni ko tugomba gushaka ubutunzi bw'Ijambo ry'Imana tumaramaje kandi tudatezuka. {Ub 197.4}

Muri gahunda yo kwiga Bibiliya buri munsi, gusoma umurongo ku murongo ni bwo buryo akenshi bufasha. Mureke uwiga afate umurongo umwe, kandi intekerezo ze azerekeze mu gutahura igitekerezo Imana yamushyiriye muri uwo murongo, bityo akomeze gutekereza kuri cyo kugeza ubwo akigira icye bwite. Umurongo umwe wizwe muri ubwo buryo kugeza ubwo ubusobanuro bwawo bwumvikanye, ugira akamaro kenshi kuruta gusoma ibice byinshi nta mugambi uhamye ufite mu bitekerezo kandi n'inyigisho nziza wunguka. {Ub 197.5}

Impamvu imwe mu mpamvu zikomeye zitera intege nke mu by'ubwenge n'ubushobozi bwo gushyira mu gaciro, ni ukubura gushyira ibitekerezo hamwe ubyerekeje ku kintu runaka kubw'umugambi mwiza. Usanga twirata ubwinshi bw'ibitabo bitangwa; ariko uko ibitabo birushaho kwiyongera, ibyo ubwabyo bishobora kuba ikintu kibi nubwo ibyo bitabo ubwabyo nta kintu cyangiza cyaba cyanditswemo. Kuba hari ibitabo byinshi bicapwa bigahora bisohoka mu macapiro, usanga abakuru n'abato bakuza akamenyero ko gusoma bihuta kandi by'amajyejuru, bityo ubwenge bugatakaza imbaraga zabwo zo kugira ibitekerezo byuzuzanya kandi bifite imbaraga. Byongeye kandi, umugabane munini w'ibitabo n'ibinyamakuru bisohoka ku bwinshi bigakwizwa mu bihugu, nka bya bikeri byakwiriye mu gihugu cya Egiputa, usanga atari inyandiko z'abandi zagiye zikopororwa, ndetse bidafite ishingiro kandi binaniza ubwenge gusa, ahubwo unasanga byuzuye umwanda kandi bigwabiza ubwenge. Ingaruka yabyo ntiba iyo guhumanya no kurimbura intekerezo gusa, ahubwo byangiza ubugingo kandi bikabutsemba. Ubwenge cyangwa umutima widamararira mu bunebwe, ntugire umugambi uhamye, wigarurirwa n'ikibi mu buryo bworoshye. Akenshi urubobi n'ibishihe bishora imizi ku bintu byumye cyangwa byaboze bitakigira ubuzima. Ubwenge budakora buhinduka urubuga Satani akoreraho umurimo we. Nimureke intekerezo zacu zerekezwe ku mahame yera, nimureke ubuzima bugire intego ihanitse n'umugambi uhebuje, kandi ikibi kibure aho gishinga ibirindiro. {Ub 197.6}

Kubw'ibyo rero, nimureke urubyiruko rwacu rwigishwe kwiga Ijambo ry'Imana rubishimikiriye. Iryo jambo niryakirwa mu bugingo, rizahinduka urukuta rudahangarwa rukumira ibishuko. Umunyezaburi yaravuze ati: "Nabikiye Ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho." "Ku by'imirimo y'abantu, kwitondera ijambo ry'iminwa yawe, ni ko kumpa kwirinda inzira z'abanyarugomo." Zaburi 119:11; 17:4. {Ub 198.1}

Uwiga Bibiliya akwiriye kuyibona nk'igitabo cyuzuye kandi akamenya ko ibice biyigize bifitanye isano. Akwiriye kumenya insanganyamatsiko remezo ya Bibiliya, akamenya umugambi Imana yari ifitiye abantu kuva katanga ka mbere, akamenya uko intambara ikomeye hagati y'icyiza n'ikibi yadutse kandi akamenya n'iby'umurimo wo gucungura umuntu. Akwiriye gusobanukirwa n'imiterere y'amahame abiri arwanira kugenga abantu, kandi akamenya gutahura imikorere y'ayo mahame mu byanditswe byerekana amateka n'ubuhanuzi, kugeza ku kurimbuka gukomeye guheruka. Akwiriye kubona uko iyi ntambara ikomeye yinjira mu ntambwe yose y'ubuzima bwa muntu; akabona uburyo mu kintu cyose gikorwa mu buzima asanga we ubwe akigaragarizamo imigambi y'umwe mu bahanganye muri iyi ntambara cyangwa undi. Abona kandi uko, yaba abishaka cyangwa atabishaka, ibyo akora bihamya uruhande ahereramo muri iyo ntambara. {Ub 198.2}

Buri gice cyo muri Bibiliya cyahumetswe n'Imana kandi gifite akamaro. Uko twita ku Isezerano rya Kera ni ko dukwiye kwita ku Isezerano Rishya. Igihe tuzaba twiga Isezerano rya Kera tuzavumbura amasōko ahora adudubiza amazi ahantu umusomyi utagira icyo yitaho we abona ubutayu butagira amazi. {Ub 199.1}

Igitabo cy'Ibyahishuwe kigomba kwigwa by'umwihariko kijyanirana n'igitabo cya Daniyeli. Nimutyo umwigisha wese wubaha Imana azirikane uburyo yarushaho gusobanukirwa neza no kwigisha ubutumwa bwiza Umukiza wacu ubwe yiyiziye akabumenyesha umugaragu we Yohana. Dore uko Yohana yabyanditse: "Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma marayika we, na we akabimenyesha imbata ye Yohana." Ibyahishuwe 1:1. Mu kwiga Ibyahishuwe, nta muntu ukwiriye gucika intege bitewe n'ibimenyetso birimo usanga ari nk'ubwiru. [Yakobo atugira inama ati:] "Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimana, itishama, kandi azabuhabwa." Yakobo 1:5. {Ub 199.2}

"Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva, bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi." Ibyahishuwe 1:3. {Ub 200.1}

Iyo urukundo nyakuri rwo gukunda Bibiliya rukanguwe mu muntu, maze uwiga agatangira gusobanukirwa n'ukuntu Bibiliya ari nk'umurima mugari, n'uburyo irimo ubutunzi

bw'agaciro kenshi, azifuza gukoresha amahirwe yose afite ngo abonanire n'Imana mu ijambo ryayo. Ntabwo aziga yibanda ku gihe kimwe cyangwa ahantu runaka. Kandi uko kwiga ahozaho ni bumwe mu buryo buruta ubundi bwo gukuza urukundo umuntu akunda Ibyanditswe. Nimutyo umwigishwa wese ahorane Bibiliya buri gihe. Igihe ubonye akanya, gira umurongo usoma kandi uwutekerezeho. Waba ugenda mu nzira, waba utegereje imodoka, waba utegereje uwo mwahanye gahunda, koresha neza amahirwe ufite kugira ngo ugire ibitekerezo bimwe by'agaciro kenshi ukura mu nzu y'ububiko bw'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. {Ub 200.2}

Hari imbaraga eshatu zikomeye ubugingo bw'umuntu bwubakiweho ari zo: ukwizera, ibyiringiro n'urukundo; kandi nta handi handi zibonerwa uretse mu kwiga Bibiliya mu buryo butunganye. Ubwiza bwa Bibiliya bugaragara inyuma, ubwiza bw'ishushanyamvuko ikoresha ndetse n'imvugo inoze, ibyo byose ni urufatiro rw'ubutunzi bwayo nyakuri ari bwo: Ubwiza bwo kwera. Amateka Bibiliya ivuga yerekeye abantu bagendanye n'Imana, dushobora kuyasoma maze tukarabukwa ikuzo ry'Imana. Muri wa wundi "Umwe mwiza" ni ho tubonera Uwo kurabagirana kose k'ubwiza bwo ku isi no mu ijuru gukomokaho. Yaravuze ati: "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose." Yohana 12:32. Iyo umwigishwa wa Bibiliya yitegereje Umucunguzi, mu bugingo bwe habamo gukanguka kw'imbaraga idasanzwe yo kwizera, kuramya n'urukundo. Amaso ye akomeza gutumbira mu maso ha Kristo, maze uwo witegereza Kristo akagenda arushaho gusa n'uwo aramya. Amagambo yavuzwe n'Intumwa Pawulo ahinduka imvugo y'ubugingo bwe ati: "Ndetse n'ibintu byose mbitekereza ko ari igihombo kubw'ubutunzi butagira akagero, ni bwo kumenya Yesu Kristo... kugira ngo mumenye, menye n'imbaraga zo kuzuka kwe, no gufatanya imibabaro ye." Abafilipi 3:8-10. {Ub 200.3}

Amasōko atemba amahoro n'ibyishimo byo mu ijuru nafungurirwa mu bugingo bw'umuntu binyujijwe mu magambo y'Ibyanditswe Byera, azahinduka umugezi munini ufite imbaraga zo guhesha umugisha abantu bose bawugeraho. Nimutyo urubyiruko rwo muri iki gihe, urubyiruko ruri gukura rufite Bibiliya mu ntoki zarwo, ruhinduke ububiko n'imiyoboro by'imbaraga itanga ubugingo iri muri Bibiliya. Mbega amasoko y'umugisha yadudubiza ku batuye isi! Ayo masoko yazana impinduka zifite imbaraga zo gukiza no guhumuriza tutajya twiyumvisha ari yo migezi y'amazi abeshaho, amasoko y'amazi "adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho." {Ub 201.1}

VI. KUBAKA UBUSHOBOZI BW'UMUBIRI

"Ukundwa, ndagusabira, kugira ngo ugubwe neza muri byose, ube mutaraga, nk'uko umutima wawe uguwe neza."
3 Yohana 2

21. KWIGA IMIKORERE Y'UMUBIRI

"Ndagushimira yuko naremwe mu buryo buteye ubwoba, butangaza" Zaburi 139:14

Kubera ko ubwenge n'ubugingo bikorera mu mubiri, ku rwego rukomeye imbaraga z'intekerezo n'iz'umwuka zishingira ku mbaraga z'umubiri no kuwukoresha. Ikintu cyose giteza imbere ubuzima bw'umubiri, kinateza imbere ubwenge bufite imbaraga ndetse n'imico mbonera. Umuntu aramutse adafite ubuzima bwiza, ntiyabasha gusobanukirwa cyangwa ngo abe yasohoza inshingano ze kuri we ubwe, kuri bagenzi be, cyangwa ku Muremyi we. Kubw'ibyo rero, ubuzima bw'umubiri bukwiriye kurindwa uko bikwiriye kimwe n'uko imico irindwa. Kumenya iby'isuku n'ibyerekeye imikorere y'umubiri bikwiriye kuba ishingiro ry'ibikorwa mu burezi byose. {Ub 203.1}

Nubwo muri iyi minsi ibyerekeye imikorere y'umubiri bizwi muri rusange, hari ukwirengagiza guteye ubwoba mu byerekeye amahame y'ubuzima. Ndetse no mu bazi ayo mahame, bake cyane ni bo bayakurikiza. Imbaraga ikoresha umuntu adatekereje ni yo ikurikizwa mu buhumyi nk'aho ubuzima bugengwa no kubaho mu buryo bw'amahirwe aho kugengwa n'amategeko asobanutse kandi adahinduka. {Ub 203.2}

Urubyiruko rufite amaraso y'ubuto kandi rukagira imbaraga, ariko ntirusobanukirwa neza n'agaciro k'imbaraga nyinshi rufite. Mbega uburyo ruha agaciro gake ubutunzi burusha agaciro izahabu, ubutunzi bw'ingenzi kugira ngo rutere imbere, ubutunzi buruta kwiga amashuri cyangwa umwanya ukomeye ndetse n'ubutunzi bw'isi! Ni kangahe umuntu wagiye ashyira ubuzima bwe mu kaga aharanira ubutunzi cyangwa gukomera yagiye agera hafi y'icyo yifuzaga, amaherezo akagwa mu kubura epfo na ruguru, maze undi umurusha gukomera k'umubiri akaba ari we witwarira igihembo wa wundi yifuje igihe kirekire! Kubw'imibereho yo kuba mu burwayi buterwa no kwirengagiza amategeko y'ubuzima, mbega abantu benshi bashowe mu migirire mibi bakivutsa ibyiringiro by'ubuzima bwo kuri iyi si, bataretse n'ubugingo buhoraho bw'ahazaza! {Ub 203.3}

Igihe abigishwa biga imikorere y'umubiri, bakwiriye gufashwa kugira ngo basobanukirwe neza agaciro k'imbaraga z'umubiri wabo, uko zishobora kurindwa no gutezwa imbere kugira ngo zigire uruhare rukomeye cyane mu kugera ku ntsinzi mu rugamba rukomeye rw'ubuzima. {Ub 204.1}

Binyuze mu byigisho byoroheje kandi byoroshye, uhereye mu buto bwabo abana bakwiriye kwigishwa iby'ibanze byerekeye isuku n'imikorere y'umubiri. Uwo murimo ukwiriye gutangirwa n'ababyeyi bari imuhira, hanyuma abarezi bakawukomeza igihe abana bazaba bari ku ishuri. Uko abanyeshuri bagenda bakura, ni na ko bakwiriye gukomeza kwigishwa isuku n'imikorere y'umubiri kugeza ubwo bazaba bujuje ibyangombwa byo kwita ku nzu babamo. Bakwiriye gusobanukirwa akamaro ko kwirinda indwara binyuze mu kurinda no kwita ku mbaraga z'urugingo rwose kandi bakwiriye no kwigishwa uko bakwifata mu gihe cy'indwara n'impanuka bisanzwe kandi byoroheje. Amashuri yose akwiriye kwinjiza muri gahunda y'amasomo isomo ryerekeye isuku n'imikorere y'umubiri, kandi uko bishobotse kose akaba afite ibikoresho by'imfashanyigisho mu kwigisha imiterere y'umubiri, uko ukora n'uburyo bwo kuwitaho. {Ub 204.2}

Hari ingingo zimwe akenshi zidashyirwa mu nyigisho y'imikorere y'umubiri kandi zagombye gufatwa ko ari ingingo zifite agaciro gakomeye cyane ku mwigishwa kuruta byinshi mu by'ubuhanga bikunze kwigishwa muri iri somo. Nk'ihame fatizo ry'imyigishirize yose muri izi ngingo, urubyiruko rukwiriye kwigishwa ko amategeko agenga ibyaremwe ari amategeko y'Imana, ndetse ko yavuye ku Mana rwose nk'uko Amategeko Cumi ari. Amategeko

agenga imikorere y'umubiri wacu Imana yayanditse ku mwakura wose, ku mukaya wose no ku karandaryi k'umubiri kose. Kwica ayo mategeko, waba ubitewe n'uburangazi cyangwa ubikoze nkana, ni icyaha ku Muremyi wacu. {Ub 204.3}

Mbega ukuntu ari ngombwa ko abantu bahabwa ubumenyi burambuye kuri ayo mategeko! Amabwiriza y'isuku mu byerekeye imirire, imyitozo ngororamubiri, kwita ku bana, kuvura indwara, n'izindi ngingo nk'izo, bikwiriye kwitabwaho cyane kuruta uko bisanzwe byitabwaho. {Ub 205.1}

[Igihe ibyo byigisho bitangwa], ni ngombwa gushimangira impinduka intekerezo zigira ku mubiri n'izo umubiri utera mu ntekerezo. Ingufu z'amashanyarazi ziva mu bwonko zitewe n'uko intekerezo ziri gukora, ni zo ziha ubuzima umubiri wose, kandi kubw'ibyo zikaba ari umufasha w'ingirakamaro cyane mu kurwanya indwara. Ibi bikwiriye gusobanurwa neza. Izindi ngingo zikwiriye kugaragazwa ni imbaraga z'ubushake bwo guhitamo ndetse n'akamaro ko kwitegeka haba mu gusigasira ubuzima no kubuzahura. Hakwiriye kugaragazwa ingaruka zibabaza cyane kandi zirimbura zikomoka ku burakari, kutishima, kwikanyiza, cyangwa gusayisha. Ku rundi ruhande hakwiriye kugaragazwa imbaraga itangaje itanga ubugingo iboneka mu kurangwa n'umunezero, kutikanyiza no gushima. {Ub 205.2}

Hari ukuri kuboneka mu mikorere y'umubiri, ni ukuri dukeneye kuzirikana kandi uko kuri kuri mu byanditswe ndetse kuravuga kuti: "Umutima unezerewe ni umuti mwiza; ariko umutima ubabaye umutera konda." Imigani 17:22. {Ub 205.3}

Imana iratubwira iti: "Mwana wanjye, ntukibagirwe ibyigisho byanjye; ahubwo umutima wawe ukomeze amategeko yanjye: kuko bizakungurira imyaka myinshi y'ubugingo bwawe, ukazarama, ndetse ukagira n'amahoro." "Kuko ari byo bugingo bw'ababibonye, bikaba umuze muke w'umubiri wabo wose." Nanone Ibyanditswe biravuga biti: "Amagambo anezeza ni nk'ubuki; aryohera ubugingo bw'umuntu, agakomeza ingingo ze." Imigani 3:1,2; 4:20, 22; 16:24. {Ub 205.4}

Urubyiruko rukeneye gusobanukirwa neza n'ukuri kwimbitse kuri inyuma y'icyo Bibiliya ivuga ko Imana "ari isōko y'ubugingo." (Zaburi 36:10). Ntabwo Imana ari yo nkomoko ya byose gusa, ahubwo ni na Yo bugingo bw'ikintu cyose kibaho. Ubwo bugingo bwayo ni bwo twakira bunyuze mu mucyo w'izuba, mu mwuka mwiza duhumeka, mu byokurya byubaka imibiri yacu kandi bikaduha imbaraga. Tubeshwaho n'ubugingo bwayo isaha ku isaha, ndetse na buri mwanya. Uretse ko impano Imana yatanze zangijwe n'icyaha, impano zayo zose zitanga ubugingo, ubuzima buzira umuze n'ibyishimo. {Ub 206.1}

"Ikintu cyose yakiremye ari cyiza mu gihe cyacyo," (Umubwiriza 3:11) kandi ubwiza nyakuri buzarindwa bitanyuze mu kwangiza ibyo Imana yaremye, ahubwo bizanyura mu gukurikiza amategeko y'Imana yaremye byose kandi ikaba yishimira kureba ubwiza bwabyo no kubonera kwabyo. {Ub 206.2}

Igihe bigisha imikorere y'umubiri, [abarezi] bakwiriye kwita cyane ku buryo butangaje ibikorerwa mu mubiri bifite uburyo bikora n'icyo biba bishaka kugeraho, bakita ku mikoranire itabusanya kandi yuzuzanya y'ingingo zitandukanye. Igihe rero intekerezo z'umwigishwa zizaba zikanguwe zityo, kandi akabasha gusobanukirwa akamaro ko kubaka ubushobozi bw'umubiri, icyo gihe hari byinshi umwigisha ashobora gukora kugira ngo atume habaho gukura gukwiriye n'imico itunganye. {Ub 206.3}

Mu bintu bya mbere bigomba kugirwa intego, hakwiriye kubamo inyifato y'impagarike y'umubiri, haba mu kwicara no guhagarara. Imana yaremye umuntu wemye, bityo yifuza ko umuntu atagira igihagararo gusa, ahubwo yifuza ko agira n'ibyiza bishingiye ku ntekerezo n'imico mbonera, ubuntu n'icyubahiro, kwitegeka, ubutwari no kwigirira icyizere. Ahanini iyo myitwarire itezwa imbere no kugira impagarike yemye. Nimutyo umwigisha atange amabwiriza kuri iyi ngingo aba intangarugero kandi akurikiza n'amahame abigenga. Niyerekane uko imyifato itunganye y'impagarike y'umubiri igomba kuba imeze, kandi ashimikiriye ko igomba gukurikizwa iteka. {Ub 206.4}

Ibindi bifite akamaro gakurikira inyifato itunganye y'impagarike y'umubiri ni ibyerekeye guhumeka no gutoza ijwi. Umuntu wicara cyangwa agahagarara yemye arusha abandi guhumeka neza. Ariko umwigisha akwiriye gusobanurira abo yigisha akamaro ko guhumeka bakitsa umwuka neza. Niyerekane uburyo imikorere myiza y'imyanya y'ubuhumekero ifasha gutembera kw'amaraso mu mubiri, igaha imbaraga umubiri wose, igatuma umuntu agira ubushake bwo kurya kandi igogorwa rigakorwa neza, bigatera umuntu gusinzira neza, bityo ntibigarure ubuyanja mu mubiri gusa ahubwo bigatuma n'ubwonko bukora neza n'imitekerereze ikaba ituje. Igihe umwigisha agaragaje akamaro ko guhumeka umuntu akitsa umwuka neza, akwiriye no gushimangira kubishyira mu bikorwa. Umwigisha nakoreshe imyitozo ngororamubiri izatuma ibyo bigerwaho, kandi arebe ko iyo myitwarire bayigira akamenyero. {Ub 207.1}

Kumenyereza ijwi bifite umwanya w'ingenzi mu kubaka ubushobozi bw'umubiri, kuko bituma ibihaha birushaho kwaguka no kugira imbaraga, bityo bigakumira indwara. Kugira ngo umuntu asome cyangwa avuge neza, reba ko imikaya y'inda igira uruhare ruhagije mu guhumeka, kandi ko imyanya y'ubuhumekero yisanzuye. Ni byiza gukoresha imikaya y'inda cyane kurusha gukoresha iy'umuhogo. Bigenze bityo, kunanirwa gukomeye n'indwara z'ibikatu zibasira umuhogo n'ibihaha zishobora kwirindwa. Hakwiriye gushyirwaho ubwitonzi kugira ngo umuntu asohore ijwi avuga neza mu ijwi rituje kandi ryoroheje, kandi ye kuvuga ubutitsa. Ibyo ntibizatuma umuntu agira ubuzima bwiza gusa, ahubwo bizaba inyongera ikomeye ku gutuma umurimo w'umwigishwa unezeza kandi ukorwe neza. {Ub 207.2}

Mu gihe cyo kwigisha izo ngingo, hatangwa amahirwe akomeye kugira ngo herekanwe ubupfapfa n'ibibi byo kwihambira imishumi, imikandara n'imyambaro bibakomeje cyane, ndetse n'indi migirire yose ibangamira imikorere myiza y'umubiri. Hari indwara nyinshi zitabarika abantu barwara ziterwa n'imyambarire yabo icishije ukubiri n'amabwiriza y'ubuzima buzira umuze. Kubw'ibyo rero, amabwiriza yitondewe yerekeye iyi ngingo agomba gutangwa. Umvisha abanyeshuri akaga gakomoka ku kwambara imyambaro ihambira mu rukenyerero cyangwa se igahambira cyane urugingo rw'umubiri urwo ari rwo rwose. Babwire ko bakwiriye kwambara mu buryo butuma bahumeka neza kandi bakaba bazamura amaboko akarenga umutwe nta mbogamizi. Kudakora neza kw'ibihaha ntikubabuza gukura neza gusa, ahubwo kunabangamira igogorwa ry'ibyokurya ndetse no gutembera kw'amaraso, bityo bigatera umubiri wose intege nke. Bene iyo myitwarire yose igwabiza imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge, bityo igakoma mu nkokora iterambere ry'umunyeshuri ndetse akenshi ikamubuza gutsinda. {Ub 207.3}

Igihe biga ibyerekeye isuku, umwigisha uzi icyo akora azakoresha umwanya wose abonye kugira ngo yerekane ko isuku ari ngombwa haba ku muntu ku giti cye n'ahamukikije hose.

Azashimangira akamaro ko kwiyuhagira buri munsi kugira ngo umuntu agire ubuzima buzira umuze no gutuma intekerezo ze zikangukira gukora neza. Azita cyane kandi ku kamaro k'umucyo w'izuba, kwinjiza umwuka mwiza mu nzu, isuku y'icyumba cyo kuryamamo ndetse n'iy'igikoni. Igisha abanyeshuri ko icyumba cyo kuryamamo kirimo ibyangombwa bitera ubuzima buzira umuze, igikoni gisukuye n'ameza yo kuriraho ateguye neza kandi ariho ibyokurya bitangiza ubuzima, ari byo bizagira uruhare mu gutuma ab'umuryango banezerwa kandi n'abashyitsi bashishoza bakabishima. Ibyo biruta cyane uko basanga igikoresho gihenze mu cyumba cy'uruganiriro. Muri iki gihe dukeneye biruseho kwiga icyigisho Umwigisha mvajuru yigishije mu myaka isaga 2000 ishize agira ati: "Kuko ubugingo buruta ibyokurya, n'umubiri uruta imyambaro." Luka 12:23. {Ub 208.1}

Uwiga ibyerekeye imikorere n'imiterere y'umubiri akwiriye kwigishwa ko umugambi w'ibyo yiga atari uwo kugira ngo yunguke ubumenyi bwerekeye ibifatika n'amategeko agenga umubiri gusa. Ibyo byonyine byazamugirira umumaro muke cyane. Akwiriye gusobanukirwa akamaro ko kuba mu nzu irimo umwuka mwiza, icyumba cye kigomba kwinjizwamo umwuka mwiza; ariko kandi natareka ngo uwo mwuka wuzure mu bihaha bye uko bikwiriye, azahura n'ingaruka zo guhumeka umwuka mubi. Kubw'ibyo rero, bikwiriye kumvikana neza ko isuku ari ngombwa, kandi ibyangombwa bikenewe byose bigatangwa. Nyamara ibyo byose nibidakoreshwa bizaba imfabusa. Ikintu cy'ingenzi gisabwa mu kwigisha ayo mahame, ni ukumvisha neza umwigishwa akamaro kayo kugira ngo nawe azayashyire mu bikorwa abikuye ku mutima. {Ub 209.1}

Ijambo ry'Imana rikoresheje ishusho nziza cyane kandi ikora ku mutima, ryerekana agaciro Imana iha imibiri yacu ndetse n'inshingano dufite yo kuyirinda no kuyitaho ngo ikomeze kugubwa neza. Intumwa Pawulo yaravuze ati: "Mbese ntimuzi yuko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera, uri muri mwe, uwo mufite wavuye ku Mana? Kandi ntimuri abanyu ngo mwigenge." "Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba, kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe." 1 Abakorinto 6:19; 1 Abakorinto 3:17. {Ub 209.2}

Nimutyo abigishwa bacengerwe n'iki gitekerezo kivuga ko umubiri ari urusengero Imana ishaka guturamo, kandi ko rukwiriye kurindwa rukaba rwera, rukaba ubuturo bw'ibitekerezo bihanitse kandi bizira amakemwa. Igihe biga imikorere n'imiterere y'umubiri maze bagasobanukirwa ko "baremwe mu buryo buteye ubwoba butangaza" (Zaburi 139:14), bazuzuzwa umwuka wo kubaha Imana cyane. Aho kugira ngo bangize umurimo w'intoki z'Imana, bazagambirira gukora ibibashobokera byose kugira ngo basohoze umugambi utangaje w'Umuremyi. Bityo bizagera aho bumva ko kumvira amategeko yo kwitungira

amagara atari ikibazo kibasaba kwihotora cyangwa kwiyanga, ko ahubwo mu by’ukuri ari umugisha n’amahirwe bitagerwa babonye. {Ub 209.3}

22. IMIRIRE NO KWIRINDA

“Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose.” 1 Abakorinto 9:25.

Umwigishwa wese akeneye gusobanukirwa n’isano iri hagati y’imibereho itunganye no kugira imitekerereze yo ku rwego rwo hejuru. Buri wese akwiriye kwifatira icyemezo niba ubuzima bwe buzayoborwa n’intekerezo cyangwa n’umubiri. Umusore wese agomba kwihitiramo icyatunganya ubuzima bwe; kandi imvune n’umubabaro uko byangana kose bikwiriye kubaho kugira ngo abasore basobanukirwe n’imbaraga bahanganye na zo, ndetse n’imbaraga zituma imico yabo ihinduka myiza cyangwa se mibi ndetse zikanagena uko iherezo ryabo rizamera. {Ub 211.1}

Kutirinda ni umwanzi abantu bose bakwiriye kwirinda. Ukuntu iyi ngeso yiyongera mu buryo bukabije bikwiriye gukangura umuntu wese ukunda ubwoko bwe kujya ku rugamba akayirwanya. Gahunda yo kwigisha ibyerekeye kwirinda mu mashuri ni gahunda yo gushimwa iri mu murongo mwiza. Inyigisho kuri iyi ngingo zikwiriye gutangwa mu ishuri ryose no mu muryango wose. Abasore n’inkumi ndetse n’abana bakwiriye gusobanukirwa n’ingaruka ziterwa n’ibisindisha, itabi n’ubundi burozi nk’ubwo mu kugwabiza umubiri, kwijimisha intekerezo no kwandavuza ubugingo. Bikwiriye gusobanuka neza ko nta muntu n’umwe ukoresha ibisindisha, itabi n’ubundi burozi ushobora kurambana imbaraga ze zose z’ubushobozi bw’umubiri, ubw’intekerezo n’ubw’imico mbonera. {Ub 211.2}

Ariko kugira ngo tugere ku muzi wo kutirinda, tugomba kwimbika cyane tukagera no ku birenze kwirinda kunywa inzoga n’itabi. Ubunebwe, ubuzima butagira intego, cyangwa kwifatanya n’amatsinda agendereye ibibi, bishobora kuba nyirabayazana w’iyo ngeso mbi. Akenshi izo ngeso ziboneka mu ngo no mu miryango ivuga ko irangwa no kwirinda badakebakeba. Ikintu cyose gituma ibyo umuntu ariye bitagogorwa neza, gitera intekerezo gukora mu buryo bw’indengakamere, cyangwa se kigaca intege umubiri mu buryo ubwo ari bwo bwose, kigahungabanya ubwuzuzanye hagati y’intekerezo n’imbaraga z’umubiri, kigaca intege ubwonko ntibushobore gutegeka umubiri, bityo ibyo bigatera kutirinda. Kurimbuka k’urubyiruko rwinshi rwajyaga kuzagira ahazaza heza ahanini gushingiye ku ipfa ndengakamere ruterwa n’imirire idatuma rugira amagara mazima. {Ub 211.3}

Icyayi, ikawa, ibirungo n’ibiribwa bikozwe ahanini mu isukari, bizwi neza ko ari byo bitera kugugarirwa. Inyama nazo zangiza ubuzima. Kuba ubusanzwe zikangura umubiri mu buryo budasanzwe, iyi ni impamvu ihagije ituma zidakwiriye gukoreshwa; kandi kuba amatungo hafi ya yose ku isi asigaye arwara indwara nyinshi, bituma imyama zikwiriye kwangwa incuro ebyiri. Inyama zitera imyakura gukanguka mu buryo budasanzwe, zigakangura irari no kurarikira, bityo bikagwabiza imbaraga zo gushyira mu gaciro umuntu agira. {Ub 212.1}

Abantu bimenyereza kurya ibyokurya bikungahaye cyane birimo n'inyama, nyuma y'igihe runaka bisanga igifu cyabo kitanyurwa n'ibyokurya byoroheje. Usanga igifu kibasaba ibyokurya birimo ibirungo byinshi cyane, bihumura kandi biryoshye cyane ndetse bikangura umubiri. Iyo imyakura itagikorera kuri gahunda kandi umubiri wose ugacika intege, ubushobozi bwo kwitegeka busa n'ubutakaza imbaraga yo kurwanya kwifuza no kurarikira kudasanzwe. Agahu korohereye ko ku gifu gasa n'agafuruta maze kagasuherwa ndetse kakaba kokerwa kugeza ubwo ibyokurya bikangura umubiri cyane binanirwa guhosha ubwo bubabare. Iyo bigenze bityo, umuntu agira inyota ikabije idashobora kumarwa n'ikindi kintu cyose uretse kunywa ibinyobwa bikomeye. {Ub 212.2}

Ikibi gikwiriye kwirindwa kigitangira. Igihe urubyiruko rwigishwa, ni ngombwa gusobanura neza ingaruka ziva ku cyagaragara ko ari ugutandukira guto bava mu nzira itunganye. Nimutyo umunyeshuri yigishwe agaciro k'indyo yoroheje kandi itera amagara mazima binyuze mu kwirinda kwifuza ibikabuzi. Nimutyo kwimenyereza kwitegeka bishinge imizi hakiri kare. Mureke abasore n'inkumi basobanurirwe kandi bacengerwe n'ihame ry'uko bakwiriye kuba abatware b'inda aho kuba abagaragu wayo. Imana yabaremanye ubushobozi bwo kwitegeka, bityo bagomba gukoresha ubwo butware bahawe n'Ijuru. Igihe bene aya mabwiriza atanzwe uko bikwiriye, nta kabuza umusaruro uzavamo uzagera no ku bandi benshi batari abasore ubwabo gusa. Imbaraga ihindura ibikomotseho izagera ku bandi maze ikize abagabo n'abagore bari ku rwobo rw'irimbukiro. {Ub 212.3}

Imirire n'iterambere ry'ubwenge

Isano iri hagati y'imirire n'iterambere ry'ubwenge ikwiriye kwitabwaho cyane birenze uko byigeze bibaho. Intekerezo zitabangukira kumenya no gusobanukirwa akenshi ziterwa n'amakosa abantu bakora mu mirire. {Ub 213.1}

Akenshi usanga abantu bavuga ko mu gihe cyo guhitamo ibyokurya, ipfa ari ryo rikwiriye kuyobora umuntu. Ibyo bavuga byari kuba bifite ishingiro, iyaba amategeko yo kwitungira amagara yarubahirizwaga igihe cyose. Ariko bitewe n'akamenyero kabi kabaye karande mu bantu, ipfa ryateshuwe umurongo waryo ku buryo umuntu ahora ararikiye ibihaza ipfa rye nyamara bimugiraho ingaruka. Muri iki gihe, ipfa umuntu agira ntirigikwiriye kwiringirwa ngo riyobore umuntu [mu guhitamo ibyo arya.] {Ub 213.2}

Igihe abigisha bariho bigisha abana ibyerekeye kurinda ubuzima, bakwiriye kwigisha ku kamaro k'ibiribwa bitandukanye. Ikindi gikwiriye gusobanurwa neza ni ingaruka z'ibiribwa bikungahaye cyane ku ntungamubiri nyinshi kandi bikaba ari inkanguramubiri, ndetse n'ingaruka z'ibyokurya bitarangwamo intungamubiri. Icyayi, ikawa, umugati w'ifarini inoze cyane kandi yera de, imboga zabitswe mu bikombe bifunze igihe kirekire, za bombo, ibirungo n'ibyokurya bigizwe ahanini n'isukari, ibyo byose nta ntungamubiri za ngombwa

bitanga. Abigishwa benshi batakaje ubuzima bwabo bitewe no kuba barariye ibyo biribwa. Abana benshi bagwingiye kandi badafite imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge, byakomotse ku kugaburirwa indyo nkene. Iyo impeke, imbuto, ibishyimbo n'ibindi byo mu bwoko bumwe nabyo ndetse n'imboga bikoresherejwe hamwe mu buryo bukwiriye, usanga ibyo byose birimo ibyangombwa byose umubiri ukeneye; kandi iyo byateguwe neza, usanga bigize ibyokurya bituma umuntu agira imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. {Ub 213.3}

Mu byerekeye ibyokurya, hakenewe ko hatibandwa ku bigize igaburo gusa, ahubwo ni na ngombwa kurihuza n'uri burifungure. Akenshi ibyokurya biribwa n'umuntu ukora imirimo y'amakobo isaba ingufu bigomba kwirindwa n'abakora imirimo ahanini ikoreshwa ubwonko. Uburyo bwo gukomatanya ibiribwa gukwiriye na ko kugomba kwitonderwa. Ku bantu bakoresha ubwonko cyane, no ku bandi bakora imirimo yabo bicaye hamwe, ntibakwiriye gufata igaburo rigizwe n'amoko menshi ku ifunguro rimwe. {Ub 214.1}

Ni ngomba kwirinda kurya ibyokurya birenze urugero n'iyo byaba ari ibyokurya byiza cyane bitagira ingaruka ku mubiri. Imiterere y'umubiri w'umuntu ituma udashobora gukoresha ibirenze ibisabwa kugira ngo wubake imyanya yawo itari imwe, kandi kurenza urugero bigwa umubiri nabi. Usanga abanyeshuri benshi bavuga ko barwaye babitewe no kwiga cyane, kandi mu by'ukuri impamvu y'ubwo burwayi ari uko baguye ivutu. Mu gihe amategeko y'ubuzima yitonderwa nk'uko bikwiriye, nta ngorane nyinshi zaterwa no gukoresha ubwenge cyane. Ariko akenshi aho usanga ubwonko bw'abantu bwananiwe gukora neza, biterwa no kuremereza igifu bityo ibyo bikananiza umubiri kandi bigatuma ubwonko bugwa agacuho. {Ub 214.2}

Akenshi, amafunguro abiri ku munsi ni yo meza kurenza atatu. Iyo ifunguro rya nimugoroba rifashwe hakiri kare bibangamira igogorwa ry'ibiribwa byariwe saa sita. Kandi iyo ifunguro rya nimugoroba rifashwe bitinze, usanga igihe cyo kuryama kigera bitararangira kugogorwa. Ibyo rero bituma igifu kitaruhuka uko bikwiriye. Umuntu ntasinzira neza, ubwonko n'imyakura bigwa agacuho, kandi umuntu ntabe afite ubushake bwo gufata amafunguro ya mugitondo, bityo umubiri wose ntube wagaruye ubuyanja ndetse ukaba utiteguye no gusohoza inshingano z'uwo munsi. {Ub 214.3}

Ntabwo dukwiriye kwirengagiza akamaro ko kutica amasaha yo gufata amafunguro n'igihe cyo kuryama. Kubera ko umurimo wo kwiyubaka no kwisana by'umubiri biba igihe umuntu aruhuka, ni ngombwa ko abantu baryama ku gihe kandi bagasinzira bihagije, ariko cyane cyane urubyiruko. {Ub 215.1}

Igihe bigushobokeye kose, irinde kurya ucuranwa. Niba ufite igihe gito cyo gufungura, rya bike ukurikije igihe ufite. Aho kugira ngo umiragure ibyo utatapfunnye ngo ubone uhage, byarutwa n'uko wareka kubirya. {Ub 215.2}

Igihe cyo kurya gikwiriye kutubera umwanya mwiza w'ibyishimo no kuganira n'abo musangira. Ikintu cyose cyatuma baremererwa ku meza cyangwa hakaza umwuka mubi gikwiriye gukumirwa. Mureke kwiringira Imana no kuyishima yo Rugaba rw'ibyiza byose abe ari byo bihabwa umwanya, bityo ikiganiro kizaba gishimishije, kibe guhererekanya ibitekerezo gushimishije kuzahura umuntu nta kumunaniza. {Ub 215.3}

Gukurikiza amabwiriza yerekeye kwirinda no gukurikiza igihe mu bintu byose bifite imbaraga itangaje. Ibyo bifasha umuntu kubungabunga ubuzima bwe kurenza imiterere karemano kuko byongera amahirwe yo kubona no kurambana umurage twahawe w'ubuzima buzira umuze. Byongeye kandi, uzasanga ubushobozi bwo kwitegeka umuntu agwiza muri ubwo buryo ari kimwe mu byangombwa by'agaciro kenshi bimufasha agahatana kandi akagera ku ntsinzi mu nshingano zikomeye cyane n'ibibaho bitegereje umuntu wese. {Ub 215.4}

Umunyabwenge yavuze ko inzira z'ubwenge ari inzira z'ibinezeza; kandi imigendere yabwo yose ni iy'amahoro. (Imigani 3:17). Nimutyo umusore wese n'inkumi yose bo mu gihugu cyacu, bagifite imbere yabo amahirwe yo kuzagira amaherezo meza kurenza abami bo ku isi batamirijwe amakamba, batekereze byimbitse ku cyigisho cyatanzwe mu magambo y'umunyabwenge wagize ati: 'Wa gihugu we, ube uhiriwe, iyo ufite umwana w'imfura ho umwami, kandi ibikomangoma byawe bikarya mu gihe gikwiriye, kugira ngo bigire amagara, bitarimo isindwe." Umubwiriza 10:17. {Ub 216.1}

23. IKIRUHUKO

“Ikintu cyose kigenerwa igihe cyacyo.” Umubwiriza 3:1

Hari itandukaniro hagati y’ikiruhuko no kwidagadura. Ukurikije ubusobanuro nyakuri bw’ijambo “ikiruhuko” mu rurimi rw’Icyongereza, usanga rishatse kuvuga “kongera kuremwa”, kandi ibyo biha imbaraga umubiri ndetse bikawubaka. Ikiruhuko gituma dushyira iruhande ibyo twari duhugiyemo n’ibyari biduhagaritse umutima, maze kigatuma intekerezo n’umubiri bigarura ubuyanja, bityo kigatuma tugarukana imbaraga zo gukora imirimo yacu isanzwe. Ku rundi ruhande, kwidagadura bikoranwa umugambi wo kwinezeza kandi akenshi birakorwa maze abantu bakarenza urugero. Bene ibyo bitwara imbaraga z’umubiri zasabwaga ngo babashe gukora umurimo w’ingirakamaro, bityo bikaba imbogamizi zituma ubuzima butagera ku ntego yabwo nyakuri. {Ub 217.1}

Umubiri wacu wose waremewe kugira umurimo ukora; kandi iyo imbaraga z’umubiri zitarinzwe ngo zimererwe neza binyuze mu gukora, icyo gihe imbaraga z’ubwenge ntizishobora gukoresha ububasha bwabwo buhanitse ngo zikore igihe kirekire. Kudakoresha impagarike y’umubiri bitabura kubaho mu gihe abigishwa bari mu cyumba cy’ishuri, (kimwe n’ibindi bibazo bibangamira ubuzima byiyongeraho), bituma icyumba cy’ishuri kiba ahantu hagora abana, ariko by’umwihariko ku bafite umubiri w’amagara make. Usanga akenshi nta mwuka uhagije winjira mu cyumba cy’ishuri. Intebe zikozwe nabi zituma abana bicara nabi, bityo bigatuma ibihaha n’umutima bidakora umurimo wabyo neza. Aho hantu ni ho usanga abana bato bamara amasaha kuva kuri atatu kugeza kuri atanu ku munsi, bahumeka umwuka ushobora kuba wanduye, cyangwa urimo imbuto z’indwara. Ntawe byatangaza kubona abana bandurira indwara zidakira vuba mu mashuri nk’ayo. Ubwonko ari bwo mwanya w’umubiri woroheje cyane mu myanya yose, kandi akaba ari bwo butanga imbaraga zikoreshwa mu myakura y’umubiri wose, usanga buhangirikira bikomeye cyane. Iyo bwinjijwe mu murimo by’imburagihe cyangwa bugakoreshwa birengeje urugero, kandi ibyo bikabera ahantu hatisagaguye, ibyo bica ubwonko intege, kandi akenshi ingaruka zibivamo zihinduka akaramata ku muntu. {Ub 217.2}

Abana ntibari bakwiriye kwicazwa mu ishuri amasaha menshi kandi ntibikwiriye ko bategekwa kwiyigisha bonyine batarashyiririrwaho urufatiro rwiza rutuma imibiri yabo ikura neza. Mu gihe cy’imyaka umunani cyangwa icumi ibanza y’ubuzima bw’umwana, umurima cyangwa ubusitani bw’iwabo ni byo cyumba cy’ishuri gihebuje ibindi, nyina umubyara akaba umwigisha uhebuje abandi, kandi ibyaremwe bigahinduka igitabo kitagereranywa yigiramo. N’igihe umwana aba maze gukura bihagije, ageze igihe cyo gutangira ishuri, ubuzima bwe bukwiriye gufatwa ko ari ubw’agaciro gakomeye kuruta ubumenyi bwo mu

bitabo. Umwana akwiriye kuba akikijwe n'ibyangombwa bituma umubiri n'ubwenge bikura neza. {Ub 218.1}

Umwana si we wenyine uhura n'ingorane zo kubura umwuka mwiza no kudakora imyitozo ngororamubiri. Ibyo bintu bya ngombwa ku buzima usanga akenshi bidahabwa agaciro haba mu mashuri yisumbuye ndetse no mashuri abanza. Usanga buri munsi abanyeshuri bicara mu ishuri rifunze, bunamye ku bitabo byabo, ibituza byabo bitisagaguye ku buryo badashobora guhumeka neza ngo bitse umwuka, ugasanga ibyo bituma umuvuduko w'amaraso ugabanuka, ibirenge byabo bigakonja maze umutwe ugashyuhirana. Kubera ko umubiri uba utagaburirwa bihagije, imikaya igira intege nke, bigatuma umubiri wose uhungabana maze ugafatwa n'indwara. Akenshi abanyeshuri bigira ahantu hameze hatyo, bahakura uburwayi bubabaho akarande mu gihe bagombye kurangiza ishuri barongereye imbaraga z'umubiri n'iz'intekerezo iyo baza kuba barigiye ahantu hujuje ibyangombwa, kandi bagakora imyitozo ngororamubiri ihoraho ndetse bayikorera ahantu hari urumuri rw'izuba n'umwuka mwiza. {Ub 218.2}

Umunyeshuri uri guharanira kwiga kandi afite igihe gito n'amikoro adahagije, yari akwiriye gusobanukirwa ko igihe gikoreshwa mu myitozo ngororamubiri kiba kidapfuye ubusa. Umunyeshuri umara umwanya munini yunamye mu bitabo, nihashira igihe runaka azasanga ubwenge bwe bwaracitse intege, butagifata nk'uko bisanzwe. Abanyeshuri bita ku mikurire y'imibiri yabo uko bikwiriye, bazatera imbere cyane mu by'ubuvanganzo kuruta uko bari kunguka ubwenge iyo bamara igihe kinini bubitse imitwe mu bitabo. {Ub 219.1}

Iyo ubwenge bw'umuntu bumenyerejwe umurimo umwe gusa, bituma budakora neza. Ariko ubushobozi butandukanye bw'ubwenge bushobora gukoreshwa neza igihe imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri bikoreshejwe ku rwego rumwe kandi ibyo ibitekerezo byerekezwamo bikaba binyuranye. {Ub 219.2}

Kudakoresha umubiri ntibigabanya imbaraga z'ubwenge gusa ahubwo bigabanya n'imbaraga z'imico mbonera. Imyakura y'ubwonko ibuhuza n'indi myanya yose y'umubiri ni imiyoboro Imana yashyizeho kugira ngo ivuganiremo n'umuntu kandi ibone uko igira icyo ikora mu bugingo bwe. Ikintu cyose gikoma mu nkokora imikorere myiza y'imyakura, bityo kigatuma ingufu z'umubiri zitentebuka, kigabanya imbaraga z'ubwenge, kigatuma gukangura kamere y'imico mbonera bikomera. {Ub 219.3}

Byongeye kandi, kwiga ubutaruhuka bituma amaraso ajya mu bwonko ari menshi cyane, ibyo bigakangura ubwonko bityo imbaraga zo kwitegeka zikagabanuka, ndetse akenshi bikaba intandaro yo guhubuka n'ibikorwa by'ubugoryi. Ubwo ni bwo ikibi kiba kibonye urwaho maze umuntu agasayisha. Akenshi kudakoresha imbaraga z'umubiri cyangwa kuzikoresha nabi ni byo ntandaro yo kwangirika kw'imico mbonera kugenda kuba gikwira

ku isi. “Ubwirasi, umurengwe n’ubunebwe” ni abanzi gishegesha b’iterambere ry’umuntu muri iki gihe nk’uko byari biri igihe izi ngeso zateraga Sodomu kurimbuka. {Ub 219.4}

Abigisha bakwiriye gusobanukirwa n’izo ngorane kandi bakereka abigishwa uko bakwiriye kuzitwaramo. Nimwigishe abanyeshuri ko imibereho itunganye ishingira ku mitekerereze itunganye, kandi ko gukoresha impagarike y’umubiri ari ingenzi kugira ngo umuntu agire ibitekerezo bizira amakemwa. {Ub 220.1}

Ikibazo cyerekeye ikiruhuko gikwiriye ku banyeshuri ni kimwe mu bibazo akenshi abigisha badasobanukirwa neza. Mu mashuri menshi, imyitozo ngororamubiri ifata umwanya w’ingenzi, ariko iyo abigisha bayihariye abana ngo bikoreshe batabibafashijemo, usanga akenshi abana barenza urugero. Kubera imbaraga rukoresha, usanga urubyiruko rwinshi rwaragiye rwitera imvune zizaba akarande mu buzima bwarwo ruzikuye mu nzu ikorerwamo imyitozo ngororamubiri. {Ub 220.2}

Gukorera imyitozo ngororamubiri mu nzu ikorerwamo imikino, nubwo iyo myitozo yakorwa neza ite, ntishobora kugera ku bukene bw’ikiruko umuntu amarwa no gukorera ben iyo myitozo hanze ku kibuga, kandi kubw’ibyo amashuri yacu akwiriye guteganya aho abigishwa bakinira heza. Abigishwa bagomba gukora imyitozo ibasaba gukoresha imbaraga. Ubunebwe no kubaho nta mugambi w’ubuzima biteza amakuba menshi cyane ubigereranyije n’aterwa n’ibindi. Nyamara icyerekezo cya myinshi mu mikino ikinwa ni ingingo ihangayikisha abantu bakunda imibereho myiza y’urubyiruko. Usanga abigisha babura amahoro baramutse batekereje ku ngaruka iyo mikino igira haba ku iterambere ry’umwana mu ishuri no kuzagera ku byo arangamiye nyuma yo kuva mu ishuri. Imikino itwara umwana igihe kinini mu gihe aba afite iteshura intekerezo ze ku kwiga. Bene iyo mikino ntiba ifasha urubyiruko kwitegura kuzakora umurimo ufatika kandi ukoranwe umwete mu buzima bwarwo. Impinduka iyo mikino iteza usanga ziterekeza abayikina ku kurushaho gutungana, kugira ubuntu no kugaragaza ko bavuye mu bwana. {Ub 220.3}

Imwe mu mikino inezeza kandi ikunzwe cyane n’abantu benshi, nk’umupira w’amaguru no guterana amakofi, yahindutse amashuri urubyiruko rwigiramo guhutaza bagenzi babo no kubamugaza. Iyo mikino irema mu bantu imico ihwanye n’iyo imikino yabagaho kera mu gihe cy’ingoma y’Abaroma yaremaga mu bantu. Inyota yo kugira umwanya uri hejuru y’abandi, ubwibone bugaragarizwa mu gukoresha ingufu za kinyamaswa no kwihararukwa, ibyo bitera urubyiruko gutakaza imico mbonera mu buryo buteye ishozi. {Ub 221.1}

Hari indi mikino ariko nubwo muri yo nta guhutaza abandi kubaho, usanga itamaganwa cyane bitewe n’uburyo ikinwa hakoreshwa imbaraga z’umurengera. Ikangura umutima wo gukunda ibinezeza no gutwarwa, bityo umukinnyi agakuza umwuka wo kwanga umurimo w’ingirakamaro, akajya ahunga kandi agatinya inshingano ahawe. Usanga iyo mikino

irimbura ubushobozi bwo kwifata no kwirinda bisabwa mu buzima ndetse n'amahame ashimangira umunezero abantu bagira iyo baba mu mutuzo. Uko ni ko urugi [rw'umutima] rukingurirwa gusayisha no kugomera amategeko, ndetse n'ingaruka ziteye ubwoba zibikurikira. {Ub 221.2}

Nk'uko bikorwa akenshi, iminsi mikuru yo kwishimisha na yo ni imbogamizi ku mikurire nyayo y'ubwenge cyangwa iy'imico. Kwifatanya n'abantu mu bintu bitarimo ubwenge no gushishoza, ingeso yo kwaya ndetse akenshi iyo gusayisha no kwishakira ibinezeza gusa, bene izo ngeso zibona akito ku buryo zituma ubuzima bw'umuntu uko bwakabaye burundukira mu bibi. Mu cyimbo cya bene iyo mikino, ababyeyi n'abarezi bakwiriye gukora uko bashoboye bakazanira abana ibindi bibarangaza ariko byubaka imico mbonera kandi bigatanga ubugingo. {Ub 221.3}

Haba muri ibi ndetse no mu bindi bintu byose byerekeye imibereho yacu myiza, Ijambo ryahumetswe n'Imana ryerekanye inzira [dukwiriye gucamo]. Mu bihe bya kera cyane, abantu bagikurikiza amabwiriza y'Imana, ubuzima bwari bworoshye. Babaga hafi cyane y'ibyaremwe. Abana bafashaga ababyeyi babo imirimo kandi bigaga ibyerekeye ubwiza bw'ibyaremwe n'ubwiru bw'ubutunzi bubirimo. Bajyaga mu mirima no mu mashyamba, ahantu hitaruye kandi hatuje, maze bagatekereza byimbitse kuri uko kuri gukomeye kwajyaga guhererekanywa nk'umurage wera wavaga ku gisekuru kimwe nacyo kikazawuha ikigikurikiye bityo bityo. Kwigishwa muri ubwo buryo byatumaga haboneka abantu bakomeye kandi b'intwari. {Ub 221.4}

Muri iki gihe, ubuzima bw'abantu bwataye umwimerere, bityo abantu barasigingiye. Nubwo tudashobora gusubira inyuma ngo dutore imico yoroheje yarangagaa abantu bo mu bihe bya kera, dushobora kubakuraho ibyigisho bizatuma ibihe by'ikiruhuko tugira bitubera icyo bisobanuye koko: ari byo bihe byo kubaka imibiri yacu, ubwenge n'ubugingo bwacu. {Ub 222.1}

Ahakikije urugo ndetse n'ishuri hafite icyo hakora gikomeye ku byerekeye kuruhuka no guhembura umubiri. Igihe duhitamo aho gutura n'aho kubaka amashuri dukwiriye kujya tuzirikana icyo kintu. Ku bantu babona ko imibereho myiza y'umubiri n'iy'urugingo rugenga imitekerereze ari iby'agaciro kanini kuruta ifaranga cyangwa imigenzo irangwa mu muryango mugari w'abantu, bagombye gushakira abana babo ibyiza biva ku nyigisho ziboneka mu byaremwe, no kuruhukira hagati yabyo. Iyaba ishuri ryose ryabaga ahantu usanga abanyeshuri babona umurima wo guhinga, kandi bakabasha kugera mu masambu no mu dushyamba, ibyo byaba ubufasha bukomeye cyane mu murimo w'uburezi. {Ub 222.2}

Ku byerekeye ikiruhuko cy'abanyeshuri, umusaruro mwiza biruseho uzagerwaho binyuze mu bufatanye bw'abigishwa n'umwarimu wabo. Nta mpano nziza umwigisha nyawe yaha

abigishwa be irenze gufatanya na bo. Ni ukuri ku bagabo n'abagore, ndetse ku bana n'urubyiruko bo birakomeye cyane, ko igihe tubanye na bo mu bibanezeza n'ibibashimisha ari ho dushobora gusa kubasobanukirwa, kandi dukeneye gusobanukirwa kugira ngo twunguke biruseho. Kugira ngo ubumwe hagati y'umwarimu n'abanyeshuri bukomere hari inzira nke cyane zabigiramo umumaro uzigereranyije n'umwanya mwiza wo gushyikiranira hanze y'icyumba cy'ishuri. Mu mashuri amwe n'amwe, usanga abigisha bari kumwe n'abana igihe cy'umwanya wo kuruhuka. Yifatanya na bo mu byo bakina, aho bagiye hose bakajyana kandi akicisha bugufi agasa n'ujya ku rwego rwabo. Iyaba iyi migirire yakurikizwaga muri rusange byabera byiza amashuri yacu. Kwitanga umwigisha yasabwa kwaba gukomeye cyane, ariko na we byazamuhesha ingororano nyinshi. {Ub 222.3}

Nta kiruhuko cyaba ingirakamaro n'imigisha ku bana no ku rubyiruko kitari ikiruhuko bigiramo kugirira akamaro abandi bantu. Kubera ko ubusanzwe urubyiruko rugira ubwuzu, ruhora rwiteguye kugira icyo rukora ku gitekerezo gitanzwe. Igihe hategura gahunda yo kugira ibimera biterwa, umwarimu nashake uburyo yakangura ibitekerezo by'abigishwa ngo baharanire kurimbisha ahazengurutse ishuri ndetse no mu ishuri bigiramo ubwaryo. Ubwo butumwa buzagira akamaro k'uburyo bubiri: Abigishwa bazajya birinda kwanduza no kwangiriza ibyo bashaka kurimbisha. Ikindi cya kabiri ni uko bizabatoza ishyaka ryo guharanira ibyiza, gukunda gahunda, no kwita ku bintu no kubibungabunga. Ndetse umwuka w'ubumwe n'ubufatanye wagwiriye muri bo uzababera umugisha mu mibereho yabo yose. {Ub 223.1}

Ikindi kandi, habaho ubundi buryo bushya bukangurira abana kwita ku mirimo yo mu murima cyangwa kugendagenda mu turima no mu dushyamba, igihe abanyeshuri bashishikarijwe kwibuka abandi bana batagize amahirwe nk'ayo bafite yo kubona agahe ko kuruhuka no kwishimana na bagenzi babo, bishimira kureba ubutunzi dukesha ibyaremwe. {Ub 223.2}

Umwarimu uhugutse azajya abona ibihe bitari bike byo kujyana abanyeshuri be gukora imirimo y'ubugiraneza. Abana bakiri bato bo bagirira icyizere umwigisha wabo mu buryo budasanzwe kandi bakamwubaha cyane. Ikintu cyose yabagiramo inama cyerekeye uko baba ingirakamaro iwabo imuhira, bakaba abiringirwa mu nshingano bakora buri munsi, bakita ku barwayi n'abakene, nticyazabura kwera imbuto. Na none kandi ibyo bizabungura kabiri. Inama nziza zatanzwe zizagirira umumaro n'uwazitanze. Icya kabiri ni uko kumushima kw'ababyeyi ndetse n'imikoranire bizoroshya umutwaro w'umwigisha kandi bimurikire inzira anyuramo. {Ub 223.3}

Nta washidikanya ko rimwe ikiruhuko n'igihe cyo kwigisha umwana gukoresha umubiri we akina kandi akora bizarogoya gahunda ihoraho y'amasomo; ariko ibyo ntibizaba

imbogamizi ifatika. Igihe n’umwete bikoreshwa mu kongera imbaraga z’ubwenge n’iz’umubiri, mu gushimangira umwuka wo kutikanyiza, ndetse no gukomeza ubumwe hagati y’umwigisha n’abo yigisha hakoreshejwe imirunga yo guhuza inyungu no gufatanyiriza hamwe mu buryo burangwa n’umutima mwiza, ibyo bizazana inyungu yikubye incuro ijana. Ibyo bizatuma ingufu nyinshi zikunze kuba isōko y’akaga ku rubyiruko ziruhindukiramo isōko y’imigisha. Umukoro w’ibintu byiza uhawe umwana ngo intekerezo ze zibe zihugiyemo umurinda ibibi kurusha inkuta z’amategeko atabarika umuha n’ikinyabupfura kindi umutoza. {Ub 224.1}

24. GUTOZA ABANA GUKORESHA AMABOKO

“Kandi mugire umwete wo gutuza, ⋯. mukoreshe amaboko yanyu.” 1 Abatesalonike 4:11

Igihe cy’irema, Imana yahaye umuntu gukoresha amaboko ngo bimubere umugisha. Ibyo byari bivuze ko umurimo w’amaboko wagombaga kuba isōko y’iterambere, imbaraga n’umunezero. Imihindukire y’ibintu yazanywe ku isi n’umuvumo w’icyaha, yanazanye impinduka bituma umurimo utagikorwa nk’uko byari biteganijwe katanga ka mbere. Nyamara nubwo muri iki gihe gukora umurimo birushya, bikananiza umubiri kandi bikazana umubabaro, umurimo uracyari isōko y’umunezero n’amajyambere, kandi ni urukuta rukingira umuntu ibishuko. Gukoresha amaboko bicogoza umwuka wo gusayisha mu binezeza kamere, bityo bigatera abantu kurangwa n’umurava, ubutungane no gushikama. Uko ni ko umurimo ugira umwanya mu mugambi ukomeye w’Imana wo kuducungura mu buhanya bw’icyaha. {Ub 225.1}

Urubyiruko rukwiriye kwigishwa rugasobanukirwa agaciro nyako k’umurimo. Mubereke ko Imana ari umukozi utagoheka. Ibyaremwe byose na byo bisohoza umurimo wose bisabwa gukora. Gukora biganje mu byaremwe byose, kandi kugira ngo tubashe gusohoza inshingano twahawe, natwe tugomba gukora. {Ub 225.2}

Mu murimo dukora, tugomba kuba abakozi bafatanya n’Imana. Imana iduha isi n’ubutunzi buyiriho; ariko tugomba kubutunganya kugira ngo tubukoreshe kandi butume tugubwa neza. Imana ni yo ituma ibiti bimera, ariko twe duconga ibiti tukabaza imbaho bityo tukubaka inzu. Imana yahishe mu butaka izahabu, ifeza, umuringa, ubutare na nyiramugengeri; ariko ibyo dushobora kubibona ari uko dukoze tukiyuha akuya. {Ub 225.3}

Nimwerekane ko nubwo Imana yaremye ibintu byose kandi ikaba ari yo mugenga wabyo udahwema, natwe yaduhaye ubushobozi nubwo budahwanye rwose n’ubwayo. Hari ububasha runaka twahawe bwo gutegeka imbaraga zikorera mu byaremwe. Nk’uko Imana yaremye isi n’ibyiza biyitatse iyivanye mu busa, ni na ko natwe dushobora gushyira gahunda n’ubwiza ahantu tubona hari urujijo. Kandi nubwo muri iki gihe ibintu byose byangijwe n’ikibi, igihe dukoze umurimo tukawurangiza twumva tugize ibyishimo nk’ibyo Imana yagize ubwo yitegerezaga isi itunganye maze ikavuga ko “ari byiza cyane.” {Ub 226.1}

Ni itegeko ko, umwitozo ushobora kuzanira inyungu urubyiruko kurenza indi myitozo, ni ugukora umurimo w’ingirakamaro. Mu mukino umwana muto akuramo ibimuhuza n’ibituma akura. Kandi iyo mikino igomba kuba iteye ku buryo idateza imbere gukura k’umubiri gusa, ahubwo no gukura mu mitekerereze, no mu by’umwuka. Uko arushaho kungwiza imbaraga n’ubwenge, ikiruhuko kiruta ibindi azagisanga mu gukora imirimo

imwe y'ingirakamaro. Ikintu gitoza ukuboko kuba igikoresho cy'ingirakamaro kandi kikigisha urubyiruko kwihanganira gusohoza uruhare rwabo mu kwikorera imitwaro yo mu buzima, bene icyo kintu ni cyo kigera ku ntego kurusha ibindi mu guteza imbere imikurire y'ubwenge n'imico. {Ub 226.2}

Abasore n'inkumi bakeneye kwigishwa ko ubuzima bugirwa no gukora umuntu ashishikaye, gusohoza inshingano, kwita ku bandi no ku bintu. Bakeneye kwigishwa mu buryo buzatuma baba abagabo n'abagore b'ingirakamaro kandi bashobora guhangana n'ibibazo bitungurana. Bakwiriye kwigishwa ko kwimenyereza gukora mu buryo bukurikiza gahunda kandi bwiza ari ingenzi, ko bitabarinda kuba ba nyamujya irya n'ino mu buzima gusa, ko ahubwo binafasha mu iterambere muri byose. {Ub 226.3}

Nubwo havuzwe kandi hakandikwa byinshi byerekeye agaciro k'umurimo w'amaboko, hari imyumvire iganje ivuga ko gukoresha amaboko bitesha umuntu agaciro. Abasore bafite inyota yo kuba abigisha, abanyamabanga, abacuruzi, abaganga, abacamanza cyangwa gukora indi mirimo itabasaba gukoresha amaboko n'ingufu. Abakobwa bahunga imirimo yo mu rugo maze bakiga amashuri abajyana mu yindi mirimo. Abo bose bakeneye kumenya ko nta mugabo cyangwa umugore uteshwa agaciro no gukora umurimo w'amaboko awukorana ubudahemuka. Igitesha agaciro ni ubunebwe no kuba icyigenge. Ubunebwe butera nyirabwo kudamarara no gusayisha bityo ingaruka ikaba ubuzima budafite icyerekezo kandi bwubatswe ku busabusa, bwiteguye gukuriramo ibibi by'uburyo bwose. [Pawulo yandikiye Abaheburayo agira ati:] "Kuko dore iyo ubutaka bwanyoye imvura yabuguyeho kenshi, bukameramo imyaka igirira akamaro ababuhingirwa, buhabwa n'Imana umugisha. Ariko niba bumeramo amahwa n'ibitovu, buba buhinyutse, bugeze hafi yo kuvumwa, kandi amaherezo yabwo ni ugutwikwa." Abaheburayo 6:7,8. {Ub 226.4}

Byinshi mu byigishwa mu mashuri harimo amasomo menshi atwara igihe cy'abigishwa kandi atari ingenzi mu kubagirira umumaro cyangwa kubazanira umunezero. Nyamara ni ingenzi ko umusore n'inkumi wese amenya gukora inshingano zose zo mu buzima bwa buri munsi. Bibaye ngombwa, umukobwa yareka kumenya Igifaransa n'ubuhanga mu mibare, ndetse ntamenye no gucuranga piyano; ariko ni ngombwa ko amenya guteka umugati mwiza, akamenya kwidodera imyenda neza kandi akamenya gutunganya neza imirimo yo mu rugo. {Ub 227.1}

Nta kintu cy'ingirakamaro cyubaka ubuzima bwiza n'umunezero by'abagize umuryango kurenza ubuhanga n'ubwenge umutetsi afite. Bitewe n'ibyokurya biteguwe nabi ndetse bidatera umubiri kugubwa neza, umutētsi ashobora kwangiza cyangwa kwica ubuzima bw'abagize umuryango bakuru ntibabe ingirakamaro naho imikurire y'abana yo ikahadindirira. Cyangwa se kubwo kugabura ibyokurya bihuje n'ibyo umubiri ukeneye,

kandi biteye ipfa ndetse biryoshye, umutetsi ashobora kugera ku bintu byinshi bitunganye kimwe n'uko iyo bitagenze bityo abona ibibi byinshi. Burya rero, akenshi kugira umunezero mu buzima bifitanye isano no kuba indahemuka no gukorana umurava mu nshingano zisanzwe. {Ub 227.2}

Kubera ko abagabo n'abagore bafite uruhare mu gutunganya ibyo mu rugo, abahungu kimwe n'abakobwa bakwiriye kumenya gutunganya imirimo yo mu rugo. Kumenya gusasa uburiri, gutegura icyumba, koza ibikoresho byo mu gikoni n'ibyo ku meza, guteka, kumesa no kudoda imyenda yabo yacitse, ntabwo ari ubumenyi bwatera umuhungu kutazaba umugabo nyamugabo; ahubwo ubwo bumenyi buzatuma arushaho kunezerwa no kuba ingirakamaro. Ku rundi ruhande, abakobwa baramutse bamenye imirimo ikoreshwa ingufu, bakamenya gukoresha urukerezo n'inyundo n'ibikoresho by'ubuhinzi, baba biteguye neza guhangana n'ibibazo usanga byihutirwa mu buzima. {Ub 228.1}

Mureke abana, urubyiruko n'abasore bigishwe na Bibiliya uko Imana yahaye agaciro umurimo ujyana n'imiruho ya buri munsi. Nibasome ibyerekeye "abana b'abahanuzi," (2 Abami 6:1-7), nubwo bari abanyeshuri, biyubakiraga inzu yo kubamo; kandi baje gukorerwa igitangaza cyo gutarurirwa ishoka yari yaguye mu mazi kandi yari intirano. Nimubasabe gusoma ibya Yesu wari umubaji, n'ibya Pawulo wari umuboshyi w'amahema, kandi akaba yarakomatanyaga imirimo y'ubukorikori n'umurimo uhebuje yakoraga akorera Imana n'abantu. Nibasome ibya wa mwana w'umuhungu wari ufite imigati itanu Yesu yakoresheje muri cya gitangaza gikomeye cyo guhaza imbaga y'abantu. Basome ibya Doruka wadodaga imyenda, [waje gupfa] maze akazurwa kugira ngo akomeze umurimo we wo kubohera abakene imyenda. Nibasome ibyerekeye umugore w'umunyabwenge dusanga mu gitabo cy'Imigani, "Ushaka ubwoya bw'intama n'imigwegwe, akanezezwa no gukoresha amaboko ye;" "ugaburira abo mu rugo, agategeka abaja be imirimo ibakwiriye;" "witegereza umurima akawugura, akawutezamo urutoki...agakomeza amaboko ye;" "uramburira abakene ibiganza... kandi "akamenya neza imico yo mu rugo rwe; kandi ntarye ibyokurya by'ubute." Imigani 31:13, 15-17,20, 27. {Ub 228.2}

Imana ivuga iby'uwo mugore iti: "Umugore wubaha Uwiteka ni we uzashimwa. Mumuhe ku mbuto ziva mu maboko ye; kandi imirimo ye nibayimushimire mu marembo." Imigani 31:30, 31. {Ub 229.1}

Umuryango ukwiriye kuba ishuri rya mbere ry'imyuga ku mwana wese. Kandi uko bishoboka kose, buri shuri ryose rikwiriye kuba rifite ibyangombwa bituma abana bashobora kwimenyereza gukora imirimo y'amaboko. Gukora iyo mirimo bishobora gukemura ibyo abana bajyaga kungukira mu nzu bakoreramo imikino, ndetse hakiyongeraho ko imirimo bayigiramo imyitwarire ifite agaciro. {Ub 229.2}

Kwigisha gukora imirimo y'amaboko bikeneye kwitabwaho cyane kurenza uko byari bisanzwe bikorwa. Amashuri yari akwiriye gushingwa ku buryo, ku nyigisho z'ubuhanga buhanitse ndetse n'imico mbonera, yagombye no kugira ibyangombwa bishoboka byose byatuma abana bagira imikurire myiza mu by'umubiri kandi bakunguka n'ubumenyi mu byerekeye imyuga. Bakwiriye kwigishwa iby'ubuhinzi, imyuga itandukanye y'ingirakamaro, ndetse bakigishwa n'iby'ubukungu bw'umuryango, gutegura ibyokurya bituma abantu bagira amagara mazima, kudoda, gukora isuku y'imyambaro, kuvura indwara [zoroheje], n'ibindi. Muri ayo mashuri hari hakwiriye kuba imirima, ahantu hakorerwa ibintu bitandukanye byekeye imyuga, ndetse hakaba n'icyumba bavuriramo abarwayi. kandi buri murimo ugashingwa umwigisha ubifitiye ubushobozi. {Ub 229.3}

Umurimo ukwiriye kugira intego ifatika kandi ugakorwa neza. Nubwo umuntu wese akeneye ubumenyi runaka bw'imyuga itandukanye, ni ngombwa ko nibura agira umwuga umwe nibura amenya kurenza indi yose. Igihe barangije ishuri, umusore cyangwa umukobwa wese yagombye kuba afite ubumenyi yungutse bw'umwuga cyangwa umurimo runaka wamuhesha ikimutunga mu buzima bibaye ngombwa. {Ub 229.4}

Ibitekerezo bikunze akenshi gutangwa harwanywa kwigisha imyuga mu mashuri ni umutungo mwinshi ubikoreshwamo, ariko urebye ikiba kizavamo, uwo mutungo uba ukwiriye gukoreshwa rwose. Nta wundi murimo twahawe w'ingirakamaro urenze kwigisha urubyiruko, kandi umutungo wose usabwa ngo bikorwe uko bikwiriye uba ukoreshejwe mu buryo nyabwo. {Ub 230.1}

Kandi umuntu anarebeye mu ruhande rw'umusaruro uvamo mu by'imari, gutanga umutungo usabwa mu kwigisha imyuga ni ukwiteganiriza nyakuri. Habonetse amashuri nk'ayo, abana bacu b'abahungu batabarika barindwa kuba inzererezi cyangwa kubatwa n'ibiyobyabwenge. Umutungo utangwa ku mirimo y'amashuri y'imyuga, ku byumba n'ibikoresho byigishirizwaho imyuga ndetse n'ubwiyuhagiriro bw'abana wagombye kuba ari wo mwinshi ugereranyije n'uzigamirwa kubaka ibitaro n'ibigo ngororamuco by'urubyiruko. Kandi n'abasore ubwabo bigishijwe kwita ku myuga, ndetse bakaba bafite ubuhanga mu mirimo y'amaboko y'ingirakamaro kandi itanga umusaruro, ni nde washobora kurondora akamaro bafitiye umuryango mugari w'abantu n'igihugu cyabo? {Ub 230.2}

Nk'uburyo bwo kuruhuka nyuma y'amasomo, uturimo umuntu akoreye ahantu hanze hari umwuka mwiza, kandi utwo turimo tugatuma umubiri we ukora imyitozo ngororamubiri, bene utwo turimo ni ingirakamaro bikomeye. Nta nzira yakoreshwa mu gutoza umuntu gukoresha amaboko yarusha agaciro ubuhinzi. Hakwiriye gukoreshwa umuhati ukomeye cyane kugira ngo abigishwa bakundishwe kandi bashishikarizwe kwita kuby'ubuhinzi. Nimutyo umwigisha atere abigishwa kwita ku cyo Bibiliya ivuga ku buhinzi: ko byari

umugambi w'Imana ko umuntu ahinga ubutaka; kandi ko umuntu wa mbere wari wahawe ubutware bwo gutegeka ibiremwa byose, yahawe ubusitani bwo guhingira; ndetse ko benshi mu bantu babaye ibirangirire ku isi kandi bubahwaga bari abahinzi. Umwigisha niyerekane inyungu n'ibyiza biboneka muri ubwo buzima. Umunyabwenge aravuga ati: "Uburumbuke bw'igihugu ni ubwa bose; umwami na we ubwe atungwa no guhingirwa." Umubwiriza 5:8. Bibiliya ivuga iby'umuhinzi iti: "Kuko Imana ye imwerekera, ikamwigisha neza." (Yesaya 28:26). "Uhinga umutini ni we uzarya imbuto zawo." Imigani 28: 18. Umuntu ubeshwaho n'uko yahinze ubutaka akira ibishuko byinshi kandi ashimishwa n'ibyiza bitabarika n'imigisha bidahabwa abakorera mu mijyi minini. Kandi muri iki gihe cyacu aho hari ibyiringirwa byinshi no kurushanwa mu byo gushaka ubutunzi, ugereranyije n'umuntu w'umuhinzi hariho abantu bake cyane bumva bafite ubwigenge mu by'ukuri kandi bafite icyizere gikomeye cyo kugira icyo bunguka mu murimo bakora. {Ub 230.3}

Mu kwiga iby'ubuhinzi, nimutyo umwigishwa ye kubwigishwa mu magambo gusa, ahubwo habeho gushyira ubumenyi mu bikorwa. Igihe biga iby'ubumenyi buhanitse bushobora kubigisha ku byerekeye ibyaremwe n'ukuntu bategura ubutaka, agaciro k'imbuto zitandukanye ndetse n'uburyo buruta ubundi mu gutuma haboneka umusaruro, reka bashyire ubumenyi bwabo mu bikorwa. Nimutyo abigisha bafatanye n'abigishwa babo umurimo, kandi berekane umusaruro ushobora kugerwaho binyuze mu gukorana umwete urimo ubuhanga n'ubwenge. Ubwo ni bwo buryo bwiza bwo kubakundisha no kubatera kuzakora uwo murimo w'ubuhinzi mu buryo bwiza cyane. Umugambi nk'uwo, wongeweho imbaraga zikomotse ku gukora imyitozo, hakiyongeraho uruhare rw'urumuri rw'izuba no guhumeka umwuka mwiza, bizatuma abana bakunda gukora umurimo w'ubuhinzi ku buryo benshi mu rubyiruko bazawuhitamo nk'umwuga wabo. Uko ni ko hatangizwa impinduka zishobora kuzagera kure cyane bigatuma abantu bahindura gahunda yo kwimuka mu cyaro bajya kwibera mu mijyi minini. {Ub 231.1}

Nitugenza dutyo, amashuri yacu azagira akamaro cyane kuko azagoboka abantu imbaga nini batagira akazi. Abantu ibihumbi byinshi b'impezamajyo n'abashonji bagenda bongera umubare w'abagizi ba nabi buri munsi, bagera aho bashobora kwibeshaho mu buzima bunejeje, buzira umuze, kandi burimo ubwigenge igihe bayobowe mu gukora umurimo urimo ubuhanga kandi witondewe wo guhinga ubutaka. {Ub 231.2}

Ibyiza byo kwigishwa umurimo w'amaboko bikenewe no ku bantu bakora indi mirimo y'ubuhanga. Umuntu ashobora kuba ari umuhanga by'intangarugero; ashobora kuba afite ubushobozi bwo gusesengura no kumva ibitekerezo by'abandi vuba; ubumenyi n'ubwenge bye bishobora kumuhesha umwanya mwiza w'akazi; ariko kandi ashobora kuba atujuje ibyangombwa bituma asohoza inshingano zijyanye n'uwo mwanya yahawe. Uburezi bwibanda cyane ku byanditswe mu bitabo butuma umuntu agira imitekerereze itimbitse.

Umurimo usaba gukoresha amaboko ibintu bifatika, ushishikariza umuntu kwitegereza neza no kugira ibitekerezo byisanzuye. Iyo umurimo ukozwe neza, bituma umuntu akuza ubwenge mu bifatika ari bwo twita ubukerebutsi. Bakuza ubushobozi bwo gutegura ingamba no kuzishyira mu bikorwa, bikomeza ubutwari no kwihangana, bityo bigatera gukoresha ubushobozi n'ubuhanga. {Ub 232.1}

Umuganga ufite ubumenyi shingiro bujyana n'umwuga we abikesheje kwimenyerereza mu gukorera mu cyumba cy'abarwayi, bene uwo azagira ibitekerezo bibanguka mu byo akora, agire ubumenyi buhagije ndetse n'ubushobozi mu kwita ku ndembe zihutirwa. Azaba afite ibyangombwa byose bishobora kubonerwa gusa kwigishwa ariko ari nako ashyira mu bikorwa ibyo yiga. {Ub 232.2}

Umupasitoro, umubwirizabutumwa n'umwarimu bose bazabona ibyo bahindura mu bantu byiyongera cyane igihe bizagaragara ko bafite ubwenge n'ubuhanga bisabwa mu nshingano z'imirimo ifatika mu buzima bwa buri munsi. Kandi akenshi kugera ku ntsinzi, ndetse ahari n'ubuzima bw'umubwirizabutumwa ubwabwo, bishingira ku bumenyi ngiro afite. Ubushobozi bwe bwo gutegura ibyokurya, kugira ibakwe mu guhangana n'impanuka n'ibintu bitunguranye kandi byihutirwa, kuvura indwara, kubaka inzu cyangwa urusengero igihe ari ngombwa, ibyo byose akenshi ni ibipimo byerekana itandukaniro ryose riboneka hagati yo kugera ku ntego ze no kutazigeraho mu murimo we. {Ub 232.3}

Mu kwiga, abanyeshuri benshi bashobora kubona uburezi bw'agaciro gakomeye igihe bashoboye kwishakira ibyo bifashisha mu myigire yabo. Aho gufata imyenda, cyangwa kwishingikiriza ku kwihotora kw'ababyeyi, nimutyo abasore n'inkumi bamenye kwibeshaho. Nibiba bityo bazamenya agaciro k'amafaranga, ak'igihe, ak'imbaraga n'ak'amahirwe bafite, bityo bazahura n'ibigeragezo bike cyane byo kugira ingeso mbi y'ubunebwe no kwaya umutungo bafite. Ibyigisho byo gucunga umutungo neza, kunoza umurimo, kwiyanga, gucunga umutungo winjiza mu buryo bufatika, ndetse no kugira intego ihamye, ibyo byose nibabifata neza, bizababera umugabane w'ingenzi mu byo bagomba kuzuza kugira ngo bahangane n'urugamba rw'ubuzima. Byongeye kandi isomo ryo kumenya kwishakira ibimwunganira umunyeshuri azaba yarize, kizazana ingaruka zagutse kugeza ubwo ikigo cy'ishuri yigamo kitikorera umutwaro wo kugira imyenda amashuri menshi yagiye idindizwa no kutishyurwa kwayo. {Ub 233.1}

Nimutyo urubyiruko rwumve neza igitekerezo cy'uko uburezi ruhabwa butagendereye kubigisha guhunga inshingano zigaragara ko zidashimisha mu buzima ndetse n'imitwaro iremereye. Ahubwo bamenye ko uburezi bahabwa bugamije koroshya umurimo binyuze mu kwigishwa uburyo bwiza bw'imikorere no gufata intego zihanitse. Nimubigishe ko intego nyakuri y'ubuzima atari iyo kwigwizaho inyungu nyinshi, ko ahubwo ari ukubaha

Umuremyi wabo bakora uruhare rwabo mu murimo ugomba gukorerwa isi, kandi baramburira ikiganza gufasha abanyantege nke n’abaswa. {Ub 233.2}

Imwe mu mpamvu zikomeye zituma umurimo w’amaboko usuzugurwa muri rusange, ni ukuntu utitabwaho n’uburyo n’abawukora bawukora nta kubitekerezaho. Abantu bemera kuwukora kubera itegeko cyangwa igitsure, si uko baba babihisemo. Umukozi nawe ubwe ntawushyiraho umutima we, bityo muri wo ntiyiyubahe cyangwa ngo atere abandi kumwubaha. Inyigisho yerekeye gukoresha amaboko zikwiriye gukosora iri kosa. Ikwiriye gukuza mu wiga akamenyero ko gukora ibintu bizira amakemwa kandi bitunganye. Ni byiza kwigisha abanyeshuri gukorana ubuhanga no gukurikiza gahunda. Bakwiriye kumenya gukoresha igihe neza no guha agaciro ikintu cyose. Ntibakeneye kwigishwa uburyo bwiza bwo gukora gusa, ahubwo banakeneye gucengezwamo umwuka wo guhora bashaka kurushaho kunoza ibyo bakora. Reka intego yabo ibe iyo gutuma umurimo bakora uba umurimo unoze ku rwego ruhanitse ubwenge n’amaboko bye bishobora gukora. {Ub 233.3}

Uburezi nk’ubwo buzatuma abasore n’inkumi bataba imbata z’umurimo, ahubwo bazahinduka abagenga bawo. Ubwo burezi buzoroshya umurimo wari ukomeye cyane, kandi buzahesha agaciro n’umurimo wari uciye bugufi hanyuma y’indi yose. Umuntu ureba umurimo w’amaboko akawukerensa, akawukora awudebekeye kandi awusuzuguye, ntashyireho umwete ngo awukore neza, azabona ko umubereye umutwaro umuremereye. Ariko ababona ubuhanga mu murimo uciye bugufi hanyuma y’indi yose, bazawubonamo agaciro n’ubwiza, kandi bazashimishwa no kuwukorana gukiranuka n’ubuhanga. {Ub 234.1}

Abasore n’inkumi bigishijwe muri ubwo buryo, igihe cyose bazaba ari abiringirwa, ibyo bazahamagarirwa gukora byose mu buzima, bazatuma umwanya bahawe uba uw’ingirakamaro kandi wubahwe. {Ub 234.2}

VII. KUBAKA IMICO

"Uzashinge ubwo buturo buhwanye n'icyitegererezo cyabwo werekewe kuri uyu musozi." (Kuva 26:30)

25. UBUREZI N'IMICO

"Mu bihe byawe hazabaho gukomera..... n'ubwenge no kujijuka." Yesaya 33:6

Uburezi nyakuri ntibuhinyura agaciro k'ubuhanga buhanitse bwigirwa mu mashuri cyangwa se ubuvanganzo. Ariko, hejuru yo gutanga amakuru kuri ubwo buhanga, uburezi bwongeraho gutanga ubushobozi; hejuru y'ubushobozi hakiyongeraho ubugwaneza; kandi hejuru yo kunguka ubwenge n'ubuhanga, hakiyongeraho imico mbonera. Isi ikeneye abantu bafite imico mbonera, barangwa n'ubupfura kuruta uko ikeneye abantu b'intiti. Ikeneye abantu bafite ubushobozi butegekwa n'ihame ryo kudakebakeba. {Ub 236.1}

"Ubwenge muri byose ni bwo ngenzi, nuko rero shaka ubwenge." "Ururimi rw'abanyabwenge rugaragaza ubuhanga uko bikwiriye." Imigani 4:7; 15:2. Uburezi nyakuri ni bwo butanga bene ubu bwenge. Ntibwigisha imikoreshereze myiza y'ubushobozi bumwe mu bushobozi dufite, ahubwo butwigisha gukoresha ubushobozi bwose twahawe. Uko ni ko uburezi bureba ibijyanye n'inshingano zose dufite haba kuri twe ubwacu, ku isi n'abayituye ndetse no ku Mana. {Ub 236.2}

Kubaka imico ni wo murimo w'ingirakamaro cyane mu mirimo yose abantu bahawe; kandi nta kindi gihe cyigeze kibaho aho kwiga iby'imico byitaweho cyane nk'iki turimo. Mu bantu batubanjirije, nta bantu bigeze bahamagarirwa guhangana n'ibibazo biremereye kandi by'ingenzi nkatwe. Ntabwo abasore n'inkumi bigeze basakirana n'amakuba ateye ubwoba nk'uko bimeze muri iki gihe. {Ub 236.3}

Muri iki gihe giteye gitya, uburezi butangwa bufite ikihe cyerekezo? Ni mpamvu ki bakunda gushyira imbere mu kwiga? Ubwikanyize ni bwo bwavugwa. Umugabane munini w'uburezi wateshutse izina ryabwo nyakuri. Mu burezi nyakuri, habonekamo imbaraga irwanya ibi bikurikira ari nabyo muvumo wuzuye isi: imigambi yo kwikanyiza, kurarikira ubutegetsi, kwirengagiza uburenganzira bw'abantu n'ibyo bakeneye. Umuntu wese afite umwanya we mu mugambi w'ubuzima Imana yashyizeho. Umuntu wese akwiriye guteza imbere impano yahawe akazigeza ku rwego ruhanitse; kandi yagira impano nke cyangwa se nyinshi, kuba umwirigirwa mu gukoresha izo mpano bimuhesha icyubahiro. Kwikanyiza cyangwa se kwikubira nta mwanya bifite mu mugambi w'Imana. Abantu bifatiraho icyitegererezo cyo kwigenzura, kandi bakigereranya na bagenzi babo, bene abo si abanyabwenge. "Kuko tudatinyuka kwibarana cyangwa kwigereranya na bamwe biyogeza. . . ." 2Abakorinto 10:12.

Icyo dukora cyose kigomba gukoranwa "imbaraga Imana itanga." 1Petero 4:11. "Ibyo mukora byose, mubikore mubikuye ku mutima, nk'abakorera Shobuja mukuru, mudakorera abantu, muzi yuko muzagororerwa na we, muhawe wa murage, kuko mukorera Shobuja mukuru, ari we Kristo." Abakolosayi 3:23,24. Uko umurimo ukozwe uba ari uw'agaciro kenshi ni ko biba biri no ku burere [n'ubwenge] byungukwa mu gushyira ayo mahame mu bikorwa. Nyamara, mbega uburyo uburezi butangwa muri iki gihe buhabanye cyane n'ibyo! Uhereye mu myaka ya mbere yo mu bwana, abana bigishwa kwiganana no kurushanwa; ibyo bigashimangira kwikanyiza n'ubugugu kandi ari wo muzi w'ibibi byose. {Ub 236.4}

Uko ni ko ubushyamirane bwo kurwanira gutegeka abandi buremwa; umururumba ugahabwa akito kandi ari wo akenshi urimbura ubuzima bw'abantu ndetse ugatuma batabа ingirakamaro. Ku bandi benshi, gushaka kwigana no kurushanwa n'abandi bituma abantu bahinduka abahemu; kandi kubwo gushimangira umwuka wo kurarikira no kutanyurwa, ibyo bigatuma ubuzima busharira kandi bikuzuza isi umwuka w'umuvurungano ukomeza kuba akaga gahoraho ku muryango mugari w'abantu. {Ub 237.1}

Ntabwo akaga gaterwa n'uburyo bw'imyigishirize gusa. Ahubwo kanaboneka mu ngingo zigize icyigwa ubwazo. {Ub 237.2}

Ni ibihe bitabo intekerezo z'urubyiruko zishishikarizwa gutekerezaho mu gihe ziba zitarakomera ngo zibashe gushishoza? Mu gihe biga indimi n'ubuvanganzo, ni ayahe masoko urubyiruko rwigishwa kuvomamo? Ruvoma ku mariba y'ubupagani; ku masōko ahabwa amazi yahumanijwe n'inyigisho z'ubupagani bwa kera. Nta muntu wabigira impaka ko bategekwa kwiga ibitabo by'abanditsi bizwi ko badaha agaciro amahame agendana n'imico mbonera. {Ub 238.1}

Ni abanditsi bangahe bo muri iki gihe kigezweho batavugwaho bene ibyo! None se ni abanditsi bangahe bafite imvugo nziza, ariko ari ukwiyoberanya, bafite amahame bakingiye ikibaba nyamara aramutse agarajwe uko ari yatuma umusomyi abizinukwa! {Ub 238.2}

Byongeye kandi, muri iki gihe hariho abanditsi basohora inkuru z'impimbano, zishora abantu kugira inzozi zo kwibera ahantu heza cyane badamaraye. Abo banditsi ntibafatwa ngo baryozwe kwigisha imyitwarire yo kwiyandarika, nyamara mu by'ukuri umurimo bakora wuzuyemo ibibi. Uwo murimo unyaga abantu ibihumbi bitabarika igihe, imbaraga no kwitegeka bisabwa n'ibibazo by'ingutu bibangamiye ubuzima bw'umuntu. {Ub 238.3}

Mu kwiga ubumenyi buhanitse, nk'uko muri rusange bwitabirirwa, naho uhasanga akaga katagira ingano. Inyigisho zihakana iremwa ry'isi n'ubuyobe bunyuranye buzirimo, usanga zigishwa mu mashuri yose, uhereye mu mashuri y'incuke ukageza muri za kaminuza. Bityo, kwiga iby'ubuhanga buhanitse byagombaga kuba amendeze yo kumenya Imana, usanga

bivangwa n'inyigisho ziyobya n'amahame yahimbwe n'abantu bigatera abantu kutaba abiringirwa. {Ub 238.4}

Ndetse no kwiga Bibiliya nk'uko akenshi bikorwa mu mashuri, bigenda bivutsa isi ubutunzi buraterwa bw'Ijambo ry'Imana. Umurimo wo kujora ko ku rwego rwo hejuru, basesengura no kubaka ibitekerezo bidashingiye ku makuru yuzuye, ibyo biragenda bisenya ukwizera Bibiliya abantu bari bafite bizera ko yahumetswe n'Imana. Ibyo bigenda byambura Ijambo ry'Imana imbaraga rifite zo gutegeka, kuzahura no guha icyerekezo ubuzima bw'abantu. {Ub 238.5}

Iyo urubyiruko rugiye mu buzima bwo hanze rusakirana n'ibirukururira mu cyaha ari byo: Inyota y'amafaranga, kwishimisha no kuvuyarara, kwiyerekana, gusesagura, gutwarwa n'ibigezweho kandi bihenze, umururumba wo gutunga ibintu byinshi, uburiganya, amahugu n'ubwangizi. Mbese hanze aho ni izihe nyigisho bahakura? {Ub 239.1}

Inyigisho zishingiye ku mahame y'idini yizera iby'imyuka zemeza ko abantu ari utumana tutacumuye. Zivuga ko «umuntu wese azicira urubanza», ko «ubumenyi nyakuri butuma umuntu ajya hejuru y'amategeko yose» ko «abakoze ibyaha bose ari inzirakarengane nta wabarenganya," ko «ikintu cyose, uko kiri kose kiba ari ukuri,» ndetse ko «Imana idacira abantu urubanza». Izo nyigisho zigaragaza ko abanyabyaha ruharwa bari mu ijuru, kandi ko muri ryo bahabwa ikuzo. Uko ni ko izo nyigisho zibwira abantu bose ziti: «Ibyo wakora byose ntacyo bitwaye; ibereho uko wishakiye, ijuru ni iryawe nta kabuza.» Uko ni ko imbaga y'abantu batabarika bashorwa mu kwizera ko icyifuzo cy'umuntu ari cyo tegeko riruta ayandi, ko umuntu afite uburenganzira bumugira icyigenge, kandi ko iby'umuntu ari we bireba wenyine ntacyo azabazwa. {Ub 239.2}

Iyo inyigisho nk'izo zihawe abana bakiri bato bataragira ibitekerezo bihamye, igihe baba bataragira ubushobozi bwo guhangana n'ikibatsi cy'amarangamutima, kandi kwiga kwitegeka no kurangwa n'ubutungane bikaba byihutirwa cyane kuri bo, mbese ibyababafasha kurinda amahame y'ubutungane byava he? Ni iki cyabuza isi guhinduka Sodomo ya kabiri? {Ub 239.3}

Byongeye kandi, akaduruvayo karagenda gashaka kuvanaho amategeko yose, atari amategeko y'Imana gusa ahubwo n'amategeko yashyizweho n'abantu. Politiki y'uko Leta ari yo icunga umutungo w'abantu ndetse n'ububasha bukaba bufitwe na yo; uburyo butuma abantu bake cyane bakungahara bikomotse ku gukenesha abandi benshi cyane; ugushyira hamwe kw'amatsinda y'abakene bagamije kurengera inyungu zabo n'ibyo bashaka; umwuka wo kudashyira umutima hamwe, kutitegeka no kumena amaraso ; gukwirakwira ku isi yose kw'inyigisho zimeze nk'izateje impinduramatwara yo mu Bufaransa, - ibyo byose bishora isi yose mu makimbirane asa n'ayashegeshe Ubufaransa. {Ub 239.4}

Ibyo ni byo bibazo urubyiruko rw'iki gihe rugomba guhura nabyo. Kugira ngo rushobore guhagarara rushikamye hagati muri iyo mivurungano, rugomba gushinga imfatiro zikomeye z'imico. {Ub 240.1}

Mu bisekuru byose byabayeho ndetse no mu bihugu byose, urufatiro nyakuri n'icyitegerezo byo kubaka imico mbonera [mu bantu] rwagiye ruba rumwe. Itegeko ry'Imana rivuga riti: «Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose... kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda» (Luka 10 :27), ni ryo hame rikomeye cyane ryagaragariye mu mico n'ubuzima by'Umukiza, ni ryo rufatiro rukumbi ndahangarwa kandi ni na ryo muyobozi utayobya. {Ub 240.2}

Umuhanuzi Yesaya aravuga ati: «Mu bihe byawe hazabaho gukomera, n'agakiza gasaze n'ubwenge no kujijuka; kubaha Uwiteka ni ko butunzi bwe» (Yesaya 33:6). Ubwo ni bwo bwenge no kumenya bishobora gutangwa n'ijambo ry'Imana ryonyine. {Ub 240.3}

Na n'ubu ijambo ry'Imana riracyari ukuri nk'igihe amagambo yabwirwaga Abisirayeli ubwo bategekwaga kumvira amategeko y'Imana ngo: «... Mujye muyitondera, muyumvira, kuko ari ko ubwenge bwanyu n'ubuhanga bwanyu mu maso y'amahanga.» Gutegeka kwa Kabiri 4:6. {Ub 240.4}

Iyo ni yo ntwaro idahangarwa yo kurinda imico mbonera y'umuntu, ubutungane bw'umuryango, imibereho myiza y'umuryango mugari w'abantu n'umutekano w'igihugu. Mu gihe umuntu ari hagati y'ibihagarika umutima biba mu buzima n'amakuba n'ibitekerezo bishyamiranye, itegeko rimwe rukumbi kandi rihamye ni ugukora icyo Imana ivuga. «Amategeko y'Uwiteka atungana rwose, asubiza intege mu bugingo,» kandi «ugenza atyo ntabwo azanyeganyezwa.» Zaburi 19 :8 ; 15 :5. {Ub 240.5}

26. UBURYO BWO KWIGISHA

«Ni yo iha umuswa kujijuka, n'umusore ikamuha kumenya no kugira amakenga.» Imigani 1:4.

Mu myaka myinshi yashize inyigisho z'uburezi zagiye zibanda cyane ku gufata mu mutwe. Ubu bushobozi bwo gufata mu mutwe bwakoreshejwe ku rwego ruhanitse, ariko izindi mbaraga z'ubwenge zo ntizatejwe imbere kuri urwo rwego. Abanyeshuri bakoreshaga igihe cyabo bigana umwete ngo buzuze ubumenyi mu mitwe yabo kandi ugasanga buke cyane muri bwo ari bwo bashobora gukoresha gusa. Uko ni ko urugingo rw'umubiri rugenga ubwenge n'imitekerereze rwaremerezwaga no kurupakiramo ibintu byinshi rudashoboye kwakira no gufata; bityo ntirube rugishoboye kugira imbaraga n'umwete wo kwikoresha maze rukanyurwa no kwishingikiriza ku mitekerereze n'imyumvire by'abandi. {Ub 241.1}

Abantu bamwe bamaze gusobanukirwa n'ibibi by'ubwo buryo bw'imyigishirize, barabwanze bajya ku ruhande ruhabanye nabwo. Mu mitekerereze yabo, icyo umuntu akeneye gusa ni uguteza imbere ibimurimo. Uburezi nk'ubwo bujyana umwigishwa ku kumva ko yihagije, bityo ibyo bikamutandukanya n'isoko y'ubumenyi n'imbaraga nyakuri. {Ub 241.2}

Uburezi bwibanda ku kumenyereza ubushobozi bwo gufata mu mutwe, ndetse bukaganisha mu gucogoza imitekerereze yihariye y'umuntu ntagire icyo yitekerereza ubwe, bene iyo myigishirize si iyo guhabwa agaciro. Iyo umwigishwa adakoresheje ubushobozi bwe bwo kwitekerereza, ngo abashe kwifatira icyemezo, ntashobora gutandukanya ukuri n'ibinyoma; bityo azajya atsindwa n'ibigeragezo mu buryo bworoshye. Usanga gukurikira imihango n'imigenzo bimworohera. {Ub 241.3}

Hari ukuri kwirengagizwa muri rusange, nubwo kutabura kuzana akaga. Uko kuri ni uko ari gake cyane ikinyoma kigaragara nk'uko kiri. Ikinyoma cyemerwa binyuze mu kwivanga n'ukuri cyangwa kwiyomeka ku kuri. Kurya ku giti kimenyekanisha icyiza n'ikibi byazaniye ababyeyi bacu ba mbere akaga gakomeye, kandi no muri iki gihe, kwemera uruvange rw'icyiza n'ikibi ni byo ntandaro yo kurimbuka kw'abagabo n'abagore benshi. Ubwenge bw'umuntu wishingikiriza ku mitekerereze y'abandi, byanze bikunze, bitinde bitebuke buzayobywa. {Ub 241.4}

Dushobora kugira ubushobozi bwo gutandukanya icyiza n'ikibi binyuze gusa mu kwishingikiza ku Mana kwa buri wese. Buri muntu ku giti cye akwiriye kwigira ku Mana binyuze mu Ijambo ryayo. Twahawe ubushobozi bwo gutekereza kugira ngo tubwifashishe kandi Imana ishaka ko tubukoresha. Iraturarika igira iti: "Nimuze tujye inama." Yesaya

1:18. Iyo twishingikirije ku Mana, ni bwo dushobora kugira ubwenge bwo “kwanga ibibi no gukunda ibyiza.” Yesaya 7:15; Yakobo 1:5. {Ub 242.1}

Mu myigishirize nyakuri yose, kwita ku muntu ku giti cye ni ingenzi. Mu myigishirize ye, Kristo yigishaga abantu muri rusange ariko akagira umwihariko wa buri muntu ku igiti cye. Kubwo kumenyana no kubana na buri mwigishwa, Yesu yashoboye gutoza abigishwa cumi na babiri. Akenshi iyo yabaga yihereranye n’umuntu umwe, ni ho yatangaga amabwiriza ye afite agaciro gakomeye cyane. Mu iteraniro rya nijoro ryabereye ku musozi wa Elayono yagejeje ubutunzi bwe buhebuje ku mwigishamategeko wubahwaga, kandi ku iriba ry’i Sukara, Yesu yahaye umugore wari insuzugurwa ku butunzi bwe buhebuje; kuko muri abo babaga bamuteze amatwi yababonagamo umutima ufite ubwuzu, intekerezo zifungutse ndetse n’umwuka witeguye kwakira. Ndetse n’imbaga y’abantu akenshi yamukurikiraga, Kristo yashoboraga kuzirikana buri muntu wese uyirimo ku giti cye. Yavuganaga na buri wese ataziguye kandi yakoraga ku mutima wa buri wese. Yitegerezaga mu maso h’ababaga bamuteze amatwi, akabona kurabagirana ko mu maso habo bityo ibyo bikaba ikimenyetso cyihuse cyerekana ko ukuri kwageze mu bugingo bwabo, maze mu mutima we naho hakumvikana gusābwa n’ubwuzu n’umunezero. {Ub 242.2}

Kristo yashoboraga kubona ubushobozi buri mu muntu wese. Ntawe yirengagizaga bitewe n’uko agaragara inyuma kudatanga icyizere cyangwa ibyaba bimukikije bigaragara ko ari imbogamizi. Yahamagaye Matayo amusanze aho yasoresherezaga, naho Petero n’abavandimwe be yabahamagaye bari mu bwato bariho baroba amafi, nuko abasaba kumwigiraho. {Ub 243.1}

Muri iki gihe, kwita ku gutera imbere kw’abantu ku giti cyabo no kubashyiraho umutima byihariye biracyakenewe mu murimo w’uburezi. Hari abasore n’inkumi basa n’aho nta cyizere batanga nyamara bakaba bafite impano, ikibazo kikaba gusa ari uko zidakoreshwa. Ubushobozi bwabo bwihishe ahantu bitewe n’uko abigisha bananiwe kubutahura. Mu bahungu n’abakobwa benshi bagaragara inyuma ko badasamaje bameze nk’amabuye atabajwe neza, ushobora kubasangamo igikoresho cy’agaciro kenshi kitazabasha guhangarwa n’ubushyuhe cyangwa umuraba cyangwa kotswa igitutu. Umwigisha nyakuri nazirikana icyo abo yigisha bashobora kuzahinduka, mu myigishirize ye azajya yita ku gaciro kabo. Azajya yita kuri buri munyeshuri, kandi ashake uko ateza imbere impano zose z’uwo munyeshuri. Nubwo umunyeshuri yaba adatunganye, umuhati wose akoreshwa kugira ngo akurikize amahame y’ukuri uzaterwa umwete. {Ub 243.2}

Urubyiruko rwose rukwiriye kwigishwa ko kwimenyereza gushyira mu bikorwa ibyo biga ari ngombwa ndetse bifite imbaraga. Uku kwimenyereza gushyira mu bikorwa ni ko shingiro ryo gushobora gutunganya inshingano nk’uko bikwiriye kuruta kwishingikiriza ku buhanga

kavukire cyangwa impano bafite. Iyo hatabayeho gushyira mu bikorwa, impano z'agatangaza umuntu afite ntacyo zimara, ariko iyo abantu bafite impano zisanzwe maze zikayoborwa kandi zigakoreshwa neza bituma bakora ibitangaza. Ubwenge dushima umusaruro bugeraho, bugira akamaro cyane iyo bufatanije n'umwete umuntu agira ubutadohoka. {Ub 243.3}

Urubyiruko rukwiriye kwigishwa kugira intego yo guteza imbere ubushobozi bwabo bwose, bwaba ubugaragara ko bufite intege nke ndetse n'ubukomeye. Usanga umubare munini w'urubyiruko uhitamo amasomo amwe bumva muri kamere yabo bakunda. Iri ni ikosa abantu bakwiriye kwirinda. Ubushobozi kamerano [bw'umuntu] bwerekana icyerekezo cy'ibyo uwo muntu yakora mu buzima bwe, kandi igihe bufite icyerekezo cyiza, buba bukwiriye gutezwa imbere. Na none kandi, abantu bakwiriye kuzirikana ko imico mbonera n'umurimo utanga umusaruro mu cyerekezo icyo ari cyo cyose, ushingira ahanini ku kuntu uburezi bubiteje imbere byombi, kandi ibyo biva ku kwitoza guhozaho nta gukebakeba. {Ub 244.1}

Umwigisha akwiriye iteka kwigisha mu buryo bworoshya inyigisho kandi butanga umusaruro witezwe. Akwiriye kwigisha akoresha imfashanyigisho cyane, ndetse n'igihe yigisha abanyeshuri bakuru, akwiriye kwigengesera kugira ngo ubusobanuro bwose atanze bube bworoshye kandi bwumvikana. Abanyeshuri benshi nubwo baba bafite imyaka myinshi y'ubukure, mu bwenge no gusobanukirwa baba bakiri bato. {Ub 244.2}

Ubwuzu ni ikintu cy'ingenzi mu burezi. Kuri iyi ngingo, hari igitekerezo cy'ingirakamaro kiri mu ijambo ryigeze kuvugwa n'umukinnyi w'icyamamare. Musenyeri w'i Kantibari yamubajije impamvu mu mukino abakinnyi bakurura intekerezo z'ababateze amatwi ku rugero rukomeye binyuze mu kuvuga ibintu by'ibihimbano, mu gihe akenshi ababwirizabutumwa bwiza bo bakora ku ntekerezo zabo ku rugero rworoshye kandi bo baba bavuga ibintu bifatika bitari ibihimbano. Uwo mukinnyi yarasubije ati: «Nyakubahwa, nyemerera kuvuga ko impamvu yumvikana: Bishingiye mu mbaraga z'ubwuzu. Iyo turi imbere y'abantu tuvuga ibintu by'ibihimbano nk'aho ari ukuri, naho mwe iyo muri ku ruhimbi muvuga ibintu by'ukuri nk'aho ari ibihimbano.» {Ub 244.3}

Igihe umwigisha ariho yigisha, aba akora kandi avuga ibintu by'ukuri bigaragara, kandi akwiriye kubivugana imbaraga zose n'ubwuzu biva ku kumenya ukuri n'agaciro kabyo. {Ub 245.1}

Buri mwigisha yari akwiriye kureba ko umurimo akora uganisha ku musaruro runaka uzwi neza. Mbere yuko agerageza kwigisha icyigwa runaka, yari akwiriye kuba afite umugambi usobanutse kandi wumvikana mu ntekerezo ze, kandi akwiriye kumenya icyo yifuza kugeraho. Ntiyari akwiriye kwicara ngo anyurwe n'uko yigishije isomo runaka igihe cyose

umunyeshuri atari yasobanukirwa n'ihame riri muri iryo somo, ngo yumve neza ukuri kwaryo, kandi ngo abe ashobora gusobanura neza icyo yize. {Ub 245.2}

Igihe cyose hazabaho kuzirikana umugambi ukomeye w'uburezi nyakuri, urubyiruko rukwiriye gushishikarizwa gutera intambwe rujya mbere kugeza aho ubushobozi bwarwo bushobora kubemerera kugera hose. Ariko mbere yo gutangira kwiga amasomo yo hejuru, nimutyo rubanze rumenye neza amasomo y'ibanze. Ibi akenshi abantu ntibabyitaho. Ndetse no mu banyeshuri bo mu mashuri yisumbuye n'amakuru, usanga abasore n'inkumi batazi neza amasomo y'uburezi ari rusange. Abanyeshuri benshi bakoresha igihe cyabo biga imibare yo ku rwego rwo hejuru nyamara badashobora kubara no gucunga ibintu byoroheje. Benshi biga iyigamvugo bagamije kumenya gufata ijambo no kuvugira mu ruhame nyamara batazi gusoma mu buryo burimo ubuhanga kandi bunyuze. Abantu benshi barangije kwiga ibyo kuvugira mu ruhame usanga badashobora kwandika inyandiko ku ngingo runaka ndetse n'inyuguti isanzwe ntibayandike uko bikwiriye. {Ub 245.3}

Kumenya neza iby'ingenzi kandi by'ibanze mu burezi ntibikwiriye kuba icyangombwa umwigishwa agomba kuba yujuje ngo yemererwe kwinjira mu masomo y'icyiciro cyisumbuye gusa, ahubwo bikwiriye no kuba igipimo gihoraho cyifashishwa mu kwemeza niba akomeza amasomo akimuka. {Ub 245.4}

Muri buri shami ryo mu mashuri, habamo amasomo agomba

guhabwa agaciro kandi y'ingenzi kurenza ayateganyirijwe ubumenyi bwa tekiniki. Reka dufate urugero ku iyigandimi. Ni ngombwa kandi ni ingenzi ko umuntu amenya ururimi rwe rwa kavukire, akamenya kurwandika no kuruvuga neza atajijinganya, kuruta kumenya indimi z'amahanga zaba izigikoreshwa n'izitagikoreshwa. Nyamara nta bumenyi umuntu yakura mu kwiga amategeko y'ikibonezamvugo bunganya akamaro no kwiga ururimi rumwe ukarusobanukirwa ku rwego ruhanitse. Kwiga uru rurimi bishobora kuzanira imibereho y'umuntu kugubwa neza cyangwa umuvumo. {Ub 246.5}

Ikintu cy'ibanze kigaragaza imvugo nziza ni uko iba itarimo ibinyoma cyangwa amahomvu, irimo amagambo yuzuye ubugwaneza n'ukuri ari byo- "imvugo yumvikana igaragaza ineza yuzuye umutima." Imana iravuga iti: "Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiro byose, n'ibishimwa byose, ni haba hari ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira." Abafilipi 4:8. Ibyo nibiba ari byo biri mu ntekerezo, ni byo bizaba n'imvugo. {Ub 246.1}

Ishuri rihebuje andi umuntu yigiramo uru rurimi ni umuryango; ariko bitewe n'uko akenshi umurimo ukorerwa mu muryango wirengagizwa, iyo nshingano iharirwa umwarimu kugira ngo afashe abanyeshuri be kubaka imico ikwiriye mu mivugire. {Ub 246.2}

Umwarimu ashobora gukora uko ashoboye kugira ngo ace burundu ingeso mbi umwana yaba afite ikomoka ku muvumo akura aho arererwa, mu baturanyi ndetse no mu muryango. Usanga izo ngeso zirimo kuzimura, gusebanya no kujorana. Mu kurwanya ibi, bizamusaba gukoresha imbaraga n'umuhati wose. Umvisha abigishwa ko bene iyi myifatire igaragaza kutagira umuco n'uburere n'umutima w'impuhwe. [Iyo myifatire] ituma umuntu ataba umuntu ukwiriye mu muryango mugari w'abantu barangwa n'umuco ndetse n'abize muri iyi si, ndetse ntabe yashobora no kubana n'abera bo mu ijuru. {Ub 246.3}

Iyo dutekereje umuntu ufite ubugome budasanzwe wica umuntu akamurya, tugira ubwoba bwinshi! Ariko se, ingaruka z'iyo migirire iteye ishozi zaba ari mbi cyane kurenza ishavu n'amakuba bizanwa no gutera umuntu urubwa, kumusebya no kumusesereza? Nimutyo abana, ingimbi n'abangavu, abasore n'inkumi bige icyo Imana ivuga kuri ibi bintu: {Ub 247.1}

"Ururimi ni rwo rwica, kandi ni rwo rukiza." (Imigani 18:21). {Ub 247.2}

Mu Byanditswe Byera, abasebanya bashyirwa mu mugabane umwe n'"abanga Imana n'abahimba ibibi, abadakunda ababo, abicanyi n'intababarira ", "abuzuye kurarikira, indakurwa ku izima, abava mu masezerano n'indyarya." "Iteka ry'Imana ni uko abakora ibisa bityo bakwiriye gupfa.» Abaroma 1:29,20,32. Umuntu Imana ibara ko azatura i Siyoni, ni "uvuga iby'ukuri nk'uko biri mu mutima we," " Utabeshyeresha abandi ururimi rwe, ntashyushye inkuru y'umuturanyi." Zaburi 15:2,3. {Ub 247.3}

Ijambo ry'Imana kandi riciraho iteka no gukoresha amagambo atagira ubusobanuro, afitanye isano no gutukana. Riciraho iteka gushimana uburyarya, gukikira ukuri, amakabyankuru n'uburiganya mu bucuruzi byabaye gikwira mu bantu no mu by'ubucuruzi. "Ahubwo ijambo ryanyu ribe 'Yee, Yee,' 'Oya, Oya'; ibirenze ibyo bituruka ku mubi." Matayo 5:37. {Ub 247.4}

"Nk'uko umusazi arasa imyambi iriho amafumba bikazana urupfu, ni ko umuntu ameze ushukisha umuturanyi we amashyengo, ati "Nagukinishaga." Imigani 26:18,19. {Ub 247.5}

Amagambo agaragaza gusesereza abandi no kuzimura, ni byo byitwa kuneguriza izuru abanduye mu mutima bakoresha bashaka kwerekeza ku kibi batahangara kuvuga beruye. Urubyiruko rukwiriye kwigishwa kwirinda igitekerezo n'intambwe yose iganisha kuri bene iyo migirire nk'uko rwirinda ibibembe. {Ub 247.6}

Bishoboka ko mu gukoresha ururimi nta kosa abato n'abakuru batiteguye kwitaho nk'imvugo irangwa no guhubuka no kutihangana. Batekereza ko bihagije kuba basaba imbabazi bavuga ngo: "Byari byandenze, kandi ibyo navuze si byo nashakaga kuvuga mu

by'ukuri." Nyamara Ijambo ry'Imana ryo ntiribifata mu buryo bworoheje butyo. Ibyanditswe biravuga biti: {Ub 247.7}

"Mbese wabonye umuntu uhuta amagambo? Bakwemera umupfapfa kumurutisha uwo." Imigani 29:20. {Ub 248.1}

"Umuntu utitangira ku mutima, ameze nk'umudugudu usenyutse, utagira inkike." Imigani 25.28. {Ub 248.2}

Mu kanya nk'ako guhumbya, ururimi rutihangana, ruhubuka kandi rushyanuka rushobora guteza ibyago umuntu adashobora kuzasibanganya mu buzima bwe bwose. Yo! Ni imitima ingahe yashenguwe, incuti zatandukanye, ubuzima bungana bwangiritse biturutse ku magambo ashariríye kandi arangwamo guhubuka yavuzwe n'abantu bagombaga kuba barazaniye abandi ubufasha, kubakiza n'ihumure! {Ub 248.3}

"Habaho uwihutira kuvuga amagambo yicana nk'inkota, ariko ururimi rw'umunyabwenge rurakiza." Imigani 12:18. {Ub 248.4}

Umwe mu mico iranga abantu umwana akwiriye by'umwihariko kwigishwa gukunda no gukuza muri we, ni kwa kwiyibagirwa guha ubugingo bw'umuntu kurangwa n'ineza n'ubuntu bitamusabye kubitekerezaho. Mu byiza byose bihebuje birangwa mu mico, uyu muco wo kwiyibagirwa ni wo uhebuje indi, kandi mu bisabwa ngo umuntu akore umurimo nyakuri wose mu buzima bwe, kwiyibagirwa ni kimwe mu by'ingenzi. {Ub 248.5}

Abana bakeneye gushimirwa ibyo bakoze, bakagaragarizwa impuhwe kandi bagaterwa umwete, ariko kubitaho bikwiriye gufatwa mu buryo budatuma bakunda gusingizwa no gushimagizwa. Si byiza kubabwira amagambo adasanzwe, cyangwa gusubiriramo imbere yabo amagambo yabo y'uburyarya n'ubucakura. Umubyeyi cyangwa umurezi uzirikana icyitegererezo nyakuri cy'imico n'ibintu bishoboka byagombye kugerwaho, ntabwo azigera abura kurwanya kwikanyiza. Ntibazashyigikira icyifuzo n'umuhati byo kwerekana ubushobozi n'ubuhanga bwabo. Umuntu ureba kure ahamusumbya uburebure azicisha bugufi; nyamara azagira ishema bityo ntaterwe isoni cyangwa ngo akangaranywe n'uko abantu bagaragara inyuma cyangwa se gukomera kwabo. {Ub 248.6}

Ntabwo imico ikura bitewe n'amategeko adakebakeba. Ahubwo ikuzwa no kugendera mu kwera, gukiranuka ndetse n'ukuri. Kandi ahantu hose hari ugutungana k'umutima no kubonera kw'imico, bizagaragarira mu butungane no kubonera kw'ibikorwa no mu magambo atunganye. «Ukunda kugira umutima uboneye, akagira imbabazi mu byo avuga, umwami azaba incuti ye.» Imigani 22:11. {Ub 249.1}

Nk’uko biri ku kwiga indimi, ni nako biri ku kwiga irindi somo ryose; bikwiriye gukorwa mu buryo buzongera imbaraga z’imico kandi bukayubaka. Nta rindi somo usanga ibi ari ukuri gukomeye cyane nk’isomo ry’amateka. Nimutyo ibi tubyemere nk’uko ijuru ribibona. Nk’uko akenshi byigishwa, usanga amateka arenze kuba inyandiko zivuga ibyo kwima no kwimurwa kw’abami, ubugambanyi bwaberaga ibwami, gutsinda no gutsindwa kw’ingabo - inkuru ivuga iby’umururumba no kurarikira ubutegetsi, uburiganya, ubwicanyi bukomeye no kumena amaraso. Iyo amateka yigishijwe muri ubu buryo, umusaruro nta kindi waba cyo uretse kubyara amahano. Gusubiramo amagambo ashengura umutima yerekeye ubugome, ubwicanyi bukabije, amahano n’ibikorwa by’ihohotera, ibyo bibiba mu mibereho y’abantu akabuto kazera imbuto nyinshi mu musaruro w’ibibi bizaba mu bantu. {Ub 249.2}

Mu mucyo w’Ijambo ry’Imana, ibyiza kurutaho ni ukwiga tukareba impamvu zatumye ingoma zihangwa n’intandaro yo guhanguka kwazo. Nimutyo urubyiruko rwige ayo mateka yanditswe maze rurebe uburyo kugubwa neza kw’amahanga kwagiye gushingira ku kwemera amahame ijuru ryatanze. Mureke bige amateka y’ibihe bikomeye by’ubugorozi byagiye bibaho, maze barebe uburyo ariya mahame mvajuru, nubwo yajyaga yirengagizwa kandi akangwa, abayashyigikiraga bagiye banesha binyuze mu bitambo bitanzeho ubwabo bashyirwa mu nzu z’imbohe no ku mambo bicirwagaho. {Ub 249.3}

Kwiga muri ubwo buryo bizabaha imyumvire yagutse kandi yumvikana y’icyo ubuzima ari cyo. Bizafasha abasore n’inkumi kugira icyo basobanukirwa cyerekeye isano bafitanye n’uburyo ari magirirane, uburyo bomatanyirijwe hamwe mu buvandimwe bukomeye bw’umuryango mugari n’ibihugu, ndetse n’uburyo gukandamizwa cyangwa guteshwa agaciro k’umwe bisobanuye igihombo gikomeye cyane kuri bose. {Ub 250.1}

Igihe bigishwa imibare, uwo murimo ukwiriye kuba umurimo bagiramo uruhare bagakora. Nimutyo umwana wese ndetse n’urubyiruko be kwigishwa gukora amahurizo ashingiye ku bitekerezwa mu bwenge gusa bidafatika, ahubwo bamenye no gukora ibaruramari nyaryo ku gaciro k’ibyo binjiza n’ibyo basohora. Nimutyo bamenye gukoresha amafaranga uko bikwiriye bakoresheje iyo mibare biga. Baba babona amafaranga bayahawe n’ababyeyi babo cyangwa ari ayo bo ubwabo bironkeye, nimutyo abahungu n’abakobwa bige kwihitiramo no kwigurira imyambaro yabo, ibitabo byabo n’ibindi bya ngombwa bakenera. Uko bazajya bandika amafaranga bakoresheje ni ko bazajya barushaho kumenya agaciro n’imikoreshereze by’ifaranga birenze uko bajyaga kubyiga mu bundi buryo. Iyi myigishirize izabafasha gutandukanya uburyo nyakuri bwo gucunga umutungo, batandukanye ubugugu ku ruhande rumwe no gusesagura ku rundi ruhande. Iki cyigisho kiramutse cyigishijwe neza, cyazabashishikariza kugira umuco wo kugira ubuntu. Bizafasha urubyiruko kwiga gutanga, batabitewe n’amarangamutima y’ako kanya igihe akanguwe, ahubwo bazajya batanga igihe cyose no kuri gahunda. {Ub 250.2}

Bigenze bityo, isomo ryose rishobora guhinduka ubufasha mu gukemura ikibazo cy'ingutu mu bibazo bibaho byose, ari cyo cyo gutoza abagabo n'abagore gusohoza neza inshingano bafite mu buzima. {Ub 250.3}

27. IMYITWARIRE

“Urukundo....ntirukora ibiteye isoni.” 1 Abakorinto 13:5.

Agaciro k’ikinyabupfura gafatwa ko nta buremere kagifite. Abantu benshi bafite umutima mwiza ntibawugaragariza mu migirire yabo. Abantu benshi bubahwa bitewe n’uko ari abanyakuri kandi badakebakeba usanga batarangwa n’umutima w’impuhwe. Uko kubura uwo mutima byangiza umunezero wabo kandi bikagabanya ibyo bagombye gukorera abandi. Akenshi kubwo kubura ibitekerezo [bihamye], usanga ubuhamya bunejeje bw’ibiba mu buzima kandi bwubaka abantu buhindurwa ubusa no kutarangwa n’ikinyabupfura. {Ub 251.1}

Ababyeyi n’abigisha bakwiriye gutoza abana guhorana umunezero, ikinyabupfura n’imyitwarire myiza. Bose bashobora kuba bagira umunezero ugaragara no mu maso, bakagira ijwi ryiza ryoroheje n’uburyo bwiza bwo kwakira ababagana; dore ko ibyo ari byo ndangagaciro z’umuyobozi. Abana bakururwa no kubona umuntu agaragaraho ibyishimo n’umunezero. Bereke ineza n’ikinyabupfura, na bo bazakugaragariza bene uwo mutima ndetse bawugaragarize na bagenzi babo. {Ub 251.2}

Ikinyabupfura nyakuri umuntu ntacyigira mu gukurikiza amabwiriza yashyizweho ngo akunde agaragare neza. Ahubwo imyitwarire ikwiriye igomba kugaragara igihe cyose; kandi igihe cyose hatabayeho guteshuka ku mahame, kuzirikana abandi bizatera kutabusanya n’imigenzo yemewe. Nyamara ikinyabupfura nyakuri ntigisaba umuntu gutatira amahame ngo akurikize ibyo abantu bishyiriyeho babyumvikanyeho. Ikinyabupfura nyakuri nticyita ku moko n’inzego abantu bashyirwamo. Cyigisha kwiyubaha, kubaha agaciro k’umuntu nk’umuntu, no kwita ku muntu wese wo mu muryango mugari w’abantu. {Ub 251.3}

Ubu hariho akaga gaterwa no guha agaciro gakabije imyifatire n’uburyo umuntu agaragara inyuma, ndetse no gukoresha igihe kinini cyane abantu biga ibyerekeye iyo myitwarire. Ubuzima burangwa no gukorana umwete mwinshi busabwa umusore wese n’inkumi, umurimo ukomeye cyane kandi akenshi utanejeje usabwa gukorwa mu nshingano zisanzwe mu buzima, ndetse ugakorerwa koroshya umutwaro w’ubujiji n’umubabaro uremereye isi - ibyo biha umwanya muto ibyo abantu bumvikanaho mu muryango mugari w’abantu. {Ub 251.4}

Abantu bita cyane ku myitwarire igaragara inyuma, basuzugura ikintu cyose kitujuje urugero ngenderwaho baba barishyiriyeho, nubwo cyaba ari icy’agaciro gahebuje. Ibi ni uburere bupfuye. Bushimangira ubwibone bwo kujora abandi no kubaheza bishingiye ku bitekerezo bigufi. {Ub 252.1}

Ishingiro ry'ikinyabupfura nyakuri ni ukubaha abandi. Uburezi bwa ngombwa kandi buramba ni ubusākāza mu bantu bose imico wo kugira impuhwe n'ubuntu kandi bugateza imbere ubugwaneza ku bantu bose. Iyo ngirwamuco y'uburezi idatoza umusore kubaha ababyeyi be, ngo ashime ibyiza byabo, ngo yihanganire inenge zabo, kandi ngo abafashe mu byo bakeneye; uwo muco ntutume azirikana ubukene bw'abandi ngo abagirire neza, abagirire ubuntu kandi ngo afashe urubyiruko, abageze mu zabukuru n'abari mu makuba, ndetse ngo yubahe abantu bose, bene ubwo burezi ntacyo buba bwaragezeho. {Ub 252.2}

Kugira ibitekerezo binoze n'imyitwarire itunganye byigirwa neza mu ishuri ry'Umwigisha wavuye mu ijuru kuruta uko wabyigira mu gukurikiza urutonde rw'amategeko. Urukundo rw'uwo Mwigisha rwasabye umutima w'umuntu, ruramunagura, agahinduka, maze imico ye igahinduka nk'iya Kristo. Ubu burezi butuma umuntu agira icyubahiro mvajuru kandi akumva akwiriye. Butuma umuntu agwa neza kandi akagira ubuntu ku rwego rutagereranywa no guhabwa ishusho nziza y'inyuma y'ibigezweho muri iki gihe. {Ub 252.3}

Bibiliya itugira inama yo kurangwa n'ikinyabupfura, iduha ingero nyinshi z'abantu babayeho baranzwe n'imyitwarire izira ubwikanyize, baranzwe n'ubugiraneza no kwicisha bugufi, ari byo biranga umuntu ufite ikinyabupfura nyakuri. Ibyo ni ishusho itwereka imico ya Kristo. Ubugwaneza bwose nyakuri ndetse n'ikinyabupfura birangwa mu isi, ndetse n'ibyaba biboneka mu batazi izina rya Kristo, byose bikomoka kuri we. Kandi Kristo arashaka ko iyo mico igaragarira rwose mu bana be. Umugambi adufitiye ni uko abantu bazabonera ubwiza bwe muri twe. {Ub 252.4}

Igitabo cyiza gifite agaciro gakomeye mu byigeze byandikwa, ni amabwiriza y'agaciro kenshi yatanzwe n'Umukiza, ndetse n'ibyo Mwuka Wera yavugiye mu kanwa k'intumwa Pawulo. Ni amagambo akwiriye kwandikwa mu bwenge bw'umuntu wese mu buryo butazahanagaruka na gato, yaba umukuru n'umuto: {Ub 253.1}

"Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane; nk'uko nabakunze, mube ari ko namwe mukundana." Yohana 13:34. {Ub 253.2}

"Urukundo rurihangana, rukagira neza; urukundo ntirugira ishyari. {Ub 253.3}

Urukundo ntirwirarira, ntirwihimbaza, ntirukora ibiteye isoni {Ub 253.4}

Ntirushaka ibyarwo, ntiruhutiraho; ntirutekereza ikibi ku bantu: {Ub 253.5}

Ntirwishimira gukiranirwa kw'abandi, ahubwo rwishimira ukuri; {Ub 253.6}

Rubabarira byose; rwizera byose, rwiringira byose; rwihanganira byose. {Ub 253.7}

Urukundo ntabwo ruzashira." 1 Abakorinto 13:4-8. {Ub 253.8}

Kubaha na byo ni umwe mu mico y'agaciro kenshi ukwiriye guhabwa agaciro gakomeye cyane. Kubaha Imana by'ukiri biterwa no gusobanukirwa gukomera kwayo kutagerwa ndetse no kumenya ko ibana nawe. Umwana wese akwiriye gukorwa ku mutima no kumva no gusobanukirwa n'Imana itaboneshwa amaso. Isaha yo gusenga, aho basengera n'aho abantu benshi baramiriza Imana bakanahigira ijambo ryayo, umwana akwiriye kwigishwa ko bene aho hantu ari ahera kuko Imana iba ihari. Kandi uko kubaha kuzagenda kugaragarira mu nyifato n'imyitwarire yabo, imbaraga ibatera ibyo izarushaho gushinga imizi. {Ub 253.9}

Byaba byiza abantu b'ingeri zose; abasore, inkumi n'abasaza n'abakecuru, bize, bagatekereza kandi bagasubiramo kenshi Ibyanditswe Byera bigaragaza uko ahantu Imana ubwayo yigaragarije mu buryo budasanzwe hari hakwiriye gufatwa. {Ub 254.1}

Igihe Imana yari mu gihuru cyakaga umuriro ariko ntigikongoke, yategetse Mose iti: “Kwetura inkweto zawe kuko aho uhagaze ari ahera.” Kuva 3:5. {Ub 254.2}

Yakobo amaze kwerekwa abamarayika mu nzozi, yaratatse ati: “Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu; nanjye nari ntabizi.... Erega aha hantu hateye ubwoba! Aha hantu nta kindi ni inzu y'Imana, aha ni ho rembo ry'ijuru.” Itangiriro 28:16, 17. “Ariko Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, isi yose iturize imbere ye.” Habakuki 2:20. “ {Ub 254.3}

Kuko Uwiteka ari Imana ikomeye,
Ni Umwami ukomeye, usumba ibigirwamana byose.
Ikuzimu hari mu kuboko kwe,
Kandi impinga z'imisozi na zo ni ize.
Inyanja ni iye, ni we wayiremye:
Intoki ze ni zo zabumbye ubutaka.
Nimuze tumuramye twunamye,
Dupfukamire Uwiteka Umuremyi wacu.”
“Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana:
Ni we waturemye, natwe turi abe;
Turi ubwoko bwe, turi intama zo mu cyanya cye.
Mwinjire mu marembo ye mushima,
No mu bikari bye muhimbaza;
Mumushime, musingize izina rye.” {Ub 254.4}

Zaburi 95:4-6, 100:3,4.

Izina ry'Imana naryo rikwiriye guhabwa icyubahiro. Ntabwo iri zina rikwiriye kuvugirwa ubusa cyangwa umuntu atabitekerejeho. Ndetse n'igihe dusenga, kurivuga kenshi cyangwa

kurisubiramo bitari ngombwa bikwiriye kwirindwa. “Izina rye ni iryera, n’iryo kubahwa.” Zaburi 111:9. Iyo abamarayika bavuga izina ryayo, bipfuka mu maso. None se, nka twe ibiremwa byacumuye, tukaba turi abanyabyaha, twagombye kuvugisha iminwa yacu iryo zina dufite kubaha kumeze gute! {Ub 254.5}

Dukwiriye kubaha Ijambo ry’Imana. Dukwiriye kubaha kiriya gitabo, ntitwigere turikoresha uko twishakiye, cyangwa ngo tugifate nk’abatagihaye agaciro. Nta nubwo dukwiriye kujya dukoresha amagambo yo muri Bibiliya mu rwenya twikinira, cyangwa ngo tuyakoreshe nk’umukino. “Amagambo y’Uwiteka ni amagambo atanduye. Ahwanye n’ifeza igeragejwe mu ruganda rwo mu isi ivugutiwe karindwi.” Imigani 30:5; Zaburi 12:7. {Ub 255.1}

Ikirenze ibyo, nimutyo abana bigishwe ko icyubahiro nyakuri kigaragarizwa mu kubaha. Nta kintu Imana yategetse kitari ingirakamaro, kandi nta bundi buryo bwo kugaragaza kubaha Imana buyinezeza cyane nko kumvira ibyo yavuze. {Ub 255.2}

Ikindi kandi ni ngombwa kubaha abahagarariye Imana. Abo ni abapasitoro, abarimu n’ababyeyi bahamagariwe kuyivugira no gukora mu cyimbo cyayo. Iyo intumwa z’Imana zihawe icyubahiro, na yo iba yubashywe. {Ub 255.3}

Na none kandi Imana yatanze itegeko ry’umwihariko ryo kubaha abakuze. Iravuga iti: “Uruyenzi rw’imvi ni ikamba ry’icyubahiro; bibonekeshwa no kujya mu nzira yo gukiranuka.” Imigani 16:31. Uruyenzi rw’imvi rugaragaza urugamba abasaza barwanye, intsinzi bagezeho; imitwaro bikoreye n’ibishuko batsinze. Imvi z’uruyenzi zivuga ibyerekeye ibirenge binaniwe, biri hafi yo kuruhuka, ndetse zikavuga n’imyanya igiye gusigara idafite abayirimo. Mufashe abana gutekereza kuri ibi, bityo kubw’ikinyabupfura no kubaha kwabo, bazatunganya inzira abakuze bagomba gucamo, kandi bazihesha imigisha n’ubwiza mu buto bwabo ubwo bazaba bumvira itegeko ribabwira ngo: “Ujye uhagurukira umeze imvi, wubahe umusaza, utinye Imana yawe, ndi Uwiteka.” Abalewi 19:32. {Ub 255.4}

Ababyeyi bombi n’abigisha bakeneye kwishimira rwose inshingano n’icyubahiro Imana yabahaye ibagira abayihagariye mu bana bayo. Mu buryo bwiza cyangwa se bubi, imico igaragarizwa mu buryo ababyeyi babana nabo mu buzima bwa buri munsi, izabasobanurira aya magambo y’Imana agira ati: “Nk’uko se w’abana abagirira ibambe, ni ko Uwiteka arigirira abamwubaha.” Zaburi 103:13. “Nk’uko nyina w’umwana ahumuriza umwana we, ni ko nzabahumuriza.” Yesaya 66:13. {Ub 256.1}

Hahirwa umwana bene aya magambo yaba akangura urukundo, gushima n’icyizere muri we; umwana ubugwaneza, ubutabera no kwihangana bya se na nyina n’umwigisha we bigaragariza urukundo, ubutabera no kwihangana by’Imana. Hahirwa umwana wiga

kwiringira, kumvira no kubaha Imana ye bikomotse ku kwiringira, kumvira no kubaha abarinzi be ba hano ku isi. Umubyeyi uha umwana we cyangwa umurezi uha uwo yigisha bene iyo mpano, aba amuhaye ubutunzi bw'agahebuzo burusha agaciro ubukungu bwose bwabayeho mu bihe byose. Bene uwo aba amuhaye ubutunzi buzahoraho iteka ryose. {Ub 256.2}

28. IMYAMBARIRE N’UBUREZI

“Umukobwa w’umwami uri mu kirambi, afite ubwiza bwinshi.” Zaburi 45:14.

Nta burezi buba bwuzuye igihe butigisha amahame atunganye ajyanye n’imyambarire. Hatabayeho bene izo nyigisho, akenshi usanga umurimo w’uburezi ugenda biguru ntege kandi ukagorekwa. Gukunda kwambara imyambaro idasanzwe, no gutwarwa n’imideri igezweho, ni bimwe mu byo umwarimu ahora arwana na byo kandi bimubera imbogamizi. {Ub 257.1}

Imideri igezweho ni umwamikazi utegekesha inkoni y’icyuma. Mu ngo nyinshi usanga imbaraga, igihe n’ibitekerezo by’ababyeyi n’abana byararunduriwe mu guhaza ibyifuzo by’uyu mwamikazi. Usanga abakire barangamiye kurushanwa mu kujyanirana n’imideri igenda ihindagurika; naho abo mu cyiciro giciriritse ndetse n’abakene nabo ugasanga baharanira kugera ku rugero rwashyizweho n’abari mu rwego rubarusha ubushobozi. Aho usanga hari imbaraga n’ubushobozi bike, kandi hakaba umwuka ukomeye wo kurarikira kugaragara nk’abo mu rwego rwo hejuru; usanga uwo mutwaro ugera aho udashobora kwikorerwa. {Ub 257.2}

Ku bantu benshi, usanga umwenda uko waba umeze kose n’uko waba ari mwiza kose ntacyo bibabwiye, ahubwo iyo imideri ihindutse, ya mwenda nayo bayisubiramo bundi bushya cyangwa bakayireka. Usanga abagize umuryango bahorana imirimo ibavuna idashira. Usanga nta mwanya ukiboneka wo kwigisha abana, nta mwanya wo gusenga cyangwa uwo kwiga Bibiliya ukiboneka, nta gihe kikiboneka cyo gufasha bariya bana bakiri bato ngo bashobore kumenyera Imana mu byo ikora. {Ub 257.3}

Nta gihe kandi nta n’amafaranga abantu bagenera ibikorwa by’ubugiraneza. Akenshi usanga ku meza hariho indyo nkene. Gutoranya ibiribwa ntibikorwa neza kandi bigategurwa huti huti, bityo ibyo basabwa muri rusange bakabitanga mu buryo butuzuye. Ingaruka zivamo ni ingeso mbi mu mirire, ari nayo itera abantu uburwayi cyangwa kutirinda mu mirire n’iminywere. {Ub 257.4}

Gukunda kwigaragaza bibyara gusesagura, kandi ku basore n’inkumi benshi bibavutsa kurangamira imibereho itunganye. Aho kugira ngo bashake uko biga ngo barangize amashuri, bajya gushaka imirimo bakiri bato cyane kugira ngo babone amafaranga yo guhaza kurarikira imyambaro kwabo. Kandi binyuze muri uku kurarikira, abangavu n’inkumi nyinshi bakururirwa mu irimbukiro. {Ub 258.1}

Usanga mu miryango myinshi umutungo w’umuryango ukoreshwa ugashira. Iyo umugabo ananiwe gutanga ibyo umugore n’abana bakeneye, usanga agwa mu gishuko cyo kuba umuhemu, bityo ingaruka zikaba gusuzugurika no kuzarimbuka. {Ub 258.2}

Ndetse n'umunsi wo gusenga n'imihango iwukorerwamo ntibibura kugerwaho n'ingaruka zo gutegekwa n'imyambarire igezweho. Ahubwo usanga kuri uwo munsi no muri iyo mihango habonetse amahirwe yo kwiyerekana gukomeye kw'imbaraga z'imyambarire igezweho. Usanga urusengero rwagizwe ikibuga cyo kwiyerekaniramo, bityo abantu bakiga imideri igezweho aho gutega amatwi ikibwirizwa. Ingaruka zabyo ni uko abakene badashoboye kwambara batyo batongera kugaruka mu rusengero. Umunsi w'ikiruhuko bawumara ntacyo bakora, kandi ku rubyiruko rwo rukawukoresha mu kwifatanya mu birimbura imico mbonera. {Ub 258.3}

Kubwo kwambara imyenda itabakwije, usanga ku ishuri abakobwa badakurikira amasomo neza cyangwa ngo bakine nta nkomyi. Intekerezo zabo ziba zihugiranye, bityo umwarimu akagira inshingano imukomereye yo kubakangurira gukurikira. {Ub 258.4}

Kureba ibyaremwe, ugasabana na byo, ni wo muti mwiza umurezi nyawe yajya avugutira urubyiruko kugira ngo acubye inyota y'ibigezweho. Barezi, nimureke abanyeshuri basogongere ku munezero wo kwirirwa ku nkombe z'uruzi, cyangwa ikiyaga, cyangwa se iruhande rw'inyanja. Nimubafashe baterere imisozi maze bitegereze ubwiza bw'izuba rirenga, barebe ubutunzi bw'amashyamba n'imirima. Nimubareke bamenye ibyishimo biva mu guhinga imyaka cyangwa uburabyo, bityo agaciro bahaga imitako yo myambaro yabo kazasigara kabaye ubusa. {Ub 258.5}

Nimwigishe urubyiruko gusobanukirwa ko mu myambarire kimwe n'imirire, kurangwa n'imibereho yoroheje ari ingenzi kugira ngo bagire imitekerereze yo hejuru. Nimutume basobanukirwa ko hari byinshi bagomba kwiga no gukora; bamenye ko iminsi y'ubuto bwabo ari iy'agaciro kenshi kuko ari yo biteguriramo icyo bazakora mu buzima bwabo bwose. Nimubafashe gusobanukirwa n'ubutunzi buri mu ijambo ry'Imana, mu gitabo cy'ibyaremwe no mu mateka avuga iby'abantu b'intangarugero babayeho. {Ub 259.1}

Nimutume intekerezo zabo zerekezwa ku mibabaro y'abandi bagomba koroshya. Nimubafashe gusobanukirwa ko ifaranga ryose ryapfushijwe ubusa mu gushaka kwigaragaza, uwarikoresheje atyo aba yiyambuye ubushobozi yari afite bwo kugaburira abashonji, kwambika abambaye ubusa no guhumuriza abashavuye. {Ub 259.2}

Ntibakwiriye gupfusha ubusa amahirwe akomeye baba bafite mu buzima, ntibakwiriye kugwabiza intekerezo zabo, kurimbura ubuzima bwabo, no kwangiza umunezero wabo kubwo kumvira amategeko adashingiye ku mitekerereze itunganye, cyangwa ku kugubwa neza no kugaragaza isura nziza. {Ub 259.3}

Na none kandi, urubyiruko rukwiriye kwigishwa rugasobanukirwa neza n'inyigisho ziri mu byaremwe. [Umunyabwenge yaranditse ati]: "Ikintu cyose yakiremye ari cyiza mu gihe

cyacyo." Umubwiriza 3:11. Haba mu myambarire cyangwa mu bindi bintu byose, dufite inshingano yo guha Umuremyi wacu icyubahiro. Ntashaka ko imyambaro yacu iba iboneye kandi ituma tugira amagara mazima gusa, ahubwo anashaka ko iba idukwiriye, idozwe neza kandi atari urukozasoni. {Ub 259.4}

Imico y'umuntu igaragazwa n'imyambarire ye. Kugira ibyo umuntu akunda biboneye n'intekerezo zijijutse bizagaragarira mu guhitamo imyambaro iciriritse kandi ikwiriye. Iyo ubutungane no kwiyoroshya mu myambarire bifatanyije no kugira imico myiza, bizasakara bikikize umukobwa umwuka w'uko yatoranyirijwe kuba uwera ari byo bizamubera ingabo imukingira ibyago byinshi. {Ub 259.5}

Nimutyo abakobwa bigishwe ko ubuhanga bwo kwambara neza bukubiyemo n'ubushobozi bagira bwo kwidodera imyenda yabo bwite. Iyi ni intego umukobwa wese akwiriye kugirira ishyaka. Bizamubera uburyo adakwiriye kwivutsa butuma aba ingirakamaro kandi ntahore ategeye abandi amashyi. {Ub 260.1}

Gukunda ibyiza no kubyifuza ni byiza rwose; ariko Imana ishaka ko mbere na mbere dushaka ubwiza buruta ubundi -ari bwo butangirika. Ibyiza by'agahebuzo umuntu yakora bivuye mu buhanga bwe ntibyagereranywa n'ubwiza bw'imico ifite "agaciro gakomeye" mu maso y'Imana. {Ub 260.2}

Nimutyo abasore n'inkumi ndetse n'abana bato bigishwe kwihitiramo iriya kanzu ya cyami yadodewe mu ruganda rwo mu ijuru ari yo mwenda "w'igitare mwiza, urabagirana, utanduye," (Ibyahishuwe 19:8), ari wo abera bose bo ku isi bazambara. Iyi kanzu ari yo mico ya Kristo izira ikizinga, ihabwa umuntu wese ku buntu. Ariko abayihabwa bose, bazayihererwa hano ku isi kandi abe ari ho bayambarira. {Ub 260.3}

Nimutyo abana bigishwe ko iyo bakinguriye ubwenge bwabo kwinjirwamo n'ibitekerezo bitunganye kandi byuje urukundo, ndetse bagakora by'urukundo no gufasha abandi, baba bari kwambara umwambaro mwiza cyane w'imico ya Kristo. Iyo myambarire izabarimbisha kandi itume bakundwa kuri iyi si, ndetse no mu isi izaza izababera ikirango kibahesha uburenganzira bwo kwinjira mu ngoro y'Umwami Imana. Isezerano yatanze ni iri ngo: "Bazagendana nanjye bambaye imyenda yera, kuko babikwiriye." (Ibyahishuwe 3:4). {Ub 260.4}

29. ISABATO

"Kandi mujye mweza amasabato yanjye; ngo abe ikimenyetso hagati yanjye namwe." Ezekiyeli 20:20.

Agaciro k'Isabato nk'uburyo bumwe bw'ingenzi mu burezi karenze uko umuntu yakavuga. Ikintu cyose Imana idusaba, ikitugarurira yabanje kugikungahaza no kugiha ishusho nziza irabagirana ikuzo ryayo. Icyacumi Imana yasabaga Abisirayeli gutanga cyari kigenewe gukoreshwa mu gutuma mu bantu hakomeza kubamo urusengero rw'agahozo rwashushanyaga urusengero rwayo rwo mu ijuru, kandi urwo rusengero rwo ku isi rwari ikimenyetso cy'uko Imana iri ku isi hamwe n'abantu bayo. Bityo rero, umugabane umwe w'igihe dufite Imana idusaba, twongera kugihabwa bushya cyanditsweho izina ryayo kandi kiriho n'ikimenyetso cyayo. Imana iravuga iti: "Ntimukabure kuziririza amasabato yanjye: kuko ari yo kimenyetso hagati yanjye namwe . . . kugira ngo mumenye yuko ndi Uwiteka ubeza." kuko "iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhuka ku wa karindwi: ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato akaweza." Kuva 31:13; 20:11. Isabato ni ikimenyetso cyerekana ububasha bw'Imana yaremye ndetse n'ubw'uko yaducunguye. Isabato yerekana ko Imana ari yo soko y'ubugingo n'ubwenge. Isabato yibutsa ikuzo umuntu yahoranye kera, bityo igahamya umugambi w'Imana wo kuturema bundi bushya mu ishusho yayo. {Ub 261.1}

Isabato n'umuryango byombi byashyiriweho muri Edeni, kandi ukurikije umugambi w'Imana, byombi biromatanye ntibishobora gutandukana. Kuri uyu munsi, bitandukanye n'undi munsi uwo ari wo wose, bishoboka ko tubaho ubuzima bwo muri Edeni. Byari umugambi w'Imana ko abagize umuryango bafatanya mu murimo, kwiga, gusenga no kuruhukira hamwe; umugabo akaba umutambyi w'umuryango, kandi umugabo n'umugore bakaba abigisha b'abana ndetse bakanababera incuti magara. Nyamara kubera ko ingaruka z'icyaha zahinduye uko ubuzima bwagombaga kugenda, zakomye mu nkokora iyo gahunda ku rwego rukomeye cyane. Muri iki gihe, usanga se w'abana abona gake cyane mu maso h'abana be. Usanga asa n'udafite rwose igihe cyo kubigisha cyangwa kubaba hafi. Ariko kubw'urukundo rwayo, Imana yashyizeho urubibi umuntu adakwiriye kurenga mu byo asabwa gukora. Isabato Imana yayishyizeho ikiganza cyayo cyuje ubuntu. Mu munsi wayo wera, Imana iha abagize umuryango akanya ko gusabana na yo, gushyikirana n'ibyaremwe ndetse no hagati yabo ubwabo. {Ub 261.2}

Kubera ko Isabato ari urwibutso rwashyiriweho kutwibutsa imbaraga z'Imana zo kurema, utubera umunsi uruta indi yose kuko ari igihe twagombye gusabanira n'Imana mu mirimo yakoze. Ni byiza ko mu bwenge bw'abana bumva ko Isabato idakwiriye gutandukanywa n'ubwiza bw'ibyaremwe. Hahirwa umuryango ushobora kujyana n'abawugize bose ku

munsi w'Isabato, bakajyana aho basengera nk'uko Yesu n'abigishwa be bajyaga mu isinagogi, bakanyura mu mirima, cyangwa bakambuka inkombe y'ibiyaga cyangwa bakanyura mu dushyamba. Hahirwa umubyeyi w'umugabo n'umubyeyi w'umugore bashobora kwigisha abana babo igitabo cy'ijambo ry'Imana bakanifashisha imfashanyigisho bakuye mu gitabo kibumburiwe abantu bose cy'ibyaremwe. Hahirwa ababyeyi nk'abo bashobora guteranira n'abana babo munsi y'ibiti, ahantu hari umwuka mwiza kugira ngo bige ijambo ry'Imana kandi bahanike indirimbo basingiza Data wo mu ijuru {Ub 262.1}

Ubwo busabane bushobora kuba umurunga womatanya imitima yabo n'abana babo, bityo bukabomatanya n'Imana kubw'imirunga idashobora gucibwa. {Ub 262.2}

Isabato itanga ibihe byiza kandi bifite agaciro katagerwa byo kwiga ibyubaka ubwenge. Nimwige icyigisho cy'ishuri ryo ku Isabato, atari ukureba (mu buryo bwo guhushura) ku isomo icyigisho gishingiyeho ku Isabato mu gitondo, ahubwo ku Isabato nyuma ya saa sita, habeho kwiga icyigisho cy'icyumweru gikurikiyeho, ariko buri munsi muri icyo cyumweru hajye habaho kwiyibutsa ingingo ya buri munsi cyangwa kuyumvikanisha kurutaho. Ibyo bizatuma icyigisho gicengera mu bwenge, kibe ubutunzi butazigera buzimira. {Ub 262.3}

Igihe ababyeyi n'abana bariho bumva ikibwirizwa, bakwiriye kwandika imirongo yo muri Bibiliya n'izindi nyandiko umubwiriza asomye ndetse n'ibitekerezo yatanze ayasobanura, kugira ngo nibagera imuhira baze kuyibukiranya. Ubwo buryo buzanakuraho umunaniro abana bakunze kugira akenshi igihe bateze amatwi ikibwirizwa, kandi bizatuma bose bakuza akamenyero ko gutega amatwi no guhuza ibitekerezo. {Ub 263.1}

Gutekereza ku nsanganyamatsiko bigishijeho muri ubwo buryo bizakingurira umwigishwa ibigega by'ubutunzi atigeze atekerezaho. Mu buzima bwe azabona ko ibivugwa mu Byanditswe byera ari ukuri ngo: {Ub 263.2}

"Amagambo yawe amaze kuboneka, ndayarya, maze ambera umunezero n'ibyishimo byo mu mutima wanjye." Yeremiya 15:16. {Ub 263.3}

"Kandi nzamanikira amaboko ibyo wategetse, ndabikunda; kandi nzibwira amategeko wandikishije." "Bikwiriye kwifuzwa kuruta izahabu, naho yaba izahabu nziza nyinshi,... Kandi ni byo bihana umugaragu wawe; kubyitondera harimo ingororano ikomeye." Zaburi 119:48; 19:11, 12. {Ub 263.4}

30. UKWIZERA N'ISENGESHO

"Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya . . ."
Abaheburayo 11:1
"Kandi ibyo muzasaba mwizeye, muzabihabwa byose."
Matayo 21:22

Ukwizera ni ukwiringira Imana: ni ukwizera ko Imana idukunda kandi ko izi neza ibyatugirira neza. Iyo bimeze bityo, aho kugira ngo dukurikire inzira yacu, ukwizera kutuyobora ku guhitamo inzira y'Imana. Mu mwanya w'ubujiji bwacu, ukwizera kudutera kwemera ubwenge bw'Imana; intege nke zacu zisimburwa n'imbaraga z'Imana; kuba turi abanyabyaha bisimburwa no gukiranuka kwayo. Ubuzima bwacu natwe ubwacu, ni iby'Imana. Ukwizera gutuma tumenya kandi twemera yuko ari yo nyiri byose kandi kugatuma twemera imigisha iduha. Ukuri, ubunyangamugayo n'ubutungane byahamijwe ko ari byo mabanga atuma umuntu agera ku migambi ye mu buzima. Ukwizera ni ko gutuma twakira ayo mahame akaba ayacu. {Ub 264.1}

Imbaraga nziza yose itera umuntu kugira icyo akora cyangwa icyifuzo cyiza cyose ni impano y'Imana. Ukwizera kwakira ubugingo buva ku Mana, kandi ubwo bugingo ni bwo bwonyine bushobora kuzana gukura nyakuri no kuba ingirakamaro. {Ub 264.2}

Gukorana ukwizera byagombye gusonurwa neza mu buryo bwumvikana. Ku isezerano ryose Imana yatanze, hari ibyangombwa bigomba kuzuzwa. Niba dushaka gukora iby'ubushake bwayo, imbaraga zayo zose zihinduka izacu. Impano yose Imana idusezeranira, iba iri muri iryo sezerano ubwaryo. "Imbuto ni Ijambo ry'Imana." Luka 8:11. Nk'uko umutobe ubwawo uba uri imbere mu rubuto, ni na ko impano y'Imana iba iri mu isezerano ryayo. Iyo twakiriye isezerano ryayo, tuba dufite impano yayo. {Ub 264.3}

Ukwizera kutubashisha kwakira impano z'Imana, ubwako aba ari impano yagenewe buri muntu wese ku rugero runaka. Iyo mpano igenda ikura iyo ikoreshwa igihe umuntu afata ijambo ry'Imana akarigira irye. Kugira ngo ukwizera kwacu gukomere, akenshi tuba tugomba kuguhuza n'Ijambo ry'Imana. {Ub 265.1}

Mu gihe cyo kwiga Bibiliya, umunyeshuri akwiriye kuyoborwa kugira ngo asobanukirwe n'imbaraga y'ijambo ry'Imana. Mu gihe cy'irema, Imana yaravuze biraba, itegetse birakomera. "Ikita ibitariho nk'aho ari ibiriho" Zaburi 33:9 ; Abaroma 4:17. {Ub 265.2}

Ibihe byinshi abantu biringiraga Ijambo ry'Imana, nubwo muri bo bari ari abanyantege nke bikomeye, bashoboye gutsinda imbaraga z'isi yose. Enoki yari afite umutima utunganye, afite imibereho yera; yashikamishije ukwizera kwe mu ntsinzi yo gukiranuka yari ahanganye n'abo mu gihe cye bari barahenebereye kandi ari n'abakobanyi. Nowa n'umuryango we bari

bahanganye n’abantu bo mu gihe cye bari ibihanda kandi bafite n’ubwenge bwinshi nyamara barakabije gusayisha mu bibi. Ku Nyanja itukura, Abisirayeli nubwo bari abanyantege nke, ari imbaga y’abacakara bahindishwaga umushyitsi n’ubwoba, bahanganye n’ingabo z’ishyanga ryari rikomeye kurenza andi mahanga yo ku isi baranesha. Reba Dawidi umwana w’umuhungu wari umushumba, Imana yari yaramusezeraniye kuzima ingoma, yari ahanganye na Sawuli wari ku ntebe y’ubwami kandi yariyemeje gukomera ku butegetsi bwe. Dutekereze ibya Shadaraki na bagenzi be bajyanye mu itanura rigurumana umuriro, na Nebukadinezari wari ku ngoma. Nimurebe Daniyeli mu rwobo rw’intare, murebe n’abanzi be bari mu myanya y’ubutegetsi ikomeye. Nimwitegereze Yesu ari ku musaraba naho abatambyi b’Abayuda n’abakuru bariho bahatira umutware w’Umuroma gushyira mu bikorwa ibyo bashakaga. Nimurebe intumwa Pawulo aboheshejwe iminyururu, ashorewe ajyanwe aho biciraga abagome bitegetswe na Nero wategekeshaga igitugu ubwami bwategekaga isi yose. {Ub 265.3}

Ingero nk’izo ntiziboneka muri Bibiliya gusa. Ziboneka ari nyinshi mu mateka yose yaranze kubaho kwa muntu. Abavoduwa, Abahugenoti, Wikilifu na Huse, Yoramu na Luteri, Tendari na Nokisi, Zinzendorufe na Wesileyi n’abandi benshi, bagaragaje ubushobozi n’imbaraga by’Ijambo ry’Imana ritsinda imbaraga n’amategeko abantu bakoresha bashyigikira ikibi. [Aba tuvuze] ni bo bantu b’impfura nyakuri babaye ku isi. Aba ni bo bagize uruhererekane rw’impfura zabaye ku isi. Muri uru ruhererekane ni ho abasore n’inkumi bo muri iki gihe bahamagarirwa kubarizwa bakagiramo imyanya yabo. {Ub 266.1}

Ukwizera gukenewe mu tuntu duto cyane two muri ubu buzima nk’uko gukenewe no mu bintu binini cyane. Binyuze mu kwiringira Imana kudacogora, imbaraga z’Imana zidukomeza zitugaragarira mu bidushishikaza byose n’ibyo dukora buri munsi. {Ub 266.2}

Turamutse turebeye ubuzima mu ruhande rwa kimuntu, dusanga ubuzima ku bantu bose ari inzira itamenyerewe. Ku byerekeye ibyo tunyuramo bikomeye, ubuzima ni inzira buri wese muri twe anyuramo wenyine. Nta wundi muntu ushobora gucengera ngo amenye imibereho yacu y’imbere muri twe. Iyo umwana muto atangiye urwo rugendo aho byatinda cyangwa byatebuka aba agomba guhitamo inzira azanyuramo, maze we ubwe agafata umwanzuro ku ngingo zikomeye z’ubuzima zifite ingaruka z’iteka ryose, mbega uburyo hagombye gukoreshwa umuhati ukomeye kugira ngo kwiringira kwe kwerekezwe ku Muyobozi akaba n’Umufasha nyakuri! {Ub 266.3}

Nta yindi mbaraga yagereranywa no kumva ko uri kumwe n’Imana kuko ibi ari ingabo ikingira ibishuko kandi ikaba n’imbaraga iganisha umuntu ku butungane n’ukuri. “Nta cyaremwe kitagaragara imbere yayo, ahubwo byose bitwikuruwe nk’ibyambaye ubusa mu maso y’Izatubaza ibyo twakoze.” Imana ifite “amaso atunganye, adakunda kureba ikibi,

haba no kwitegereza ubugoryi.” Abaheburayo 4:13; Habakuki 1:13. Gutekereza ibi byabereye Yosefu ingabo imukingira ubwo yari hagati mu bibi no kwangirika byarangwaga muri Egiputa. Ku byamukururiraga kugwa mu gishuko, igisubizo cye nticyakukaga agira ati: “Nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?” Itangiriro 39:9. Umuntu wese anambye ku kwizera nk’uko, kwamubera ingabo imukingira. {Ub 266.4}

Kumva ko Imana iri kumwe na we ni byo bishobora gutsinda ubwoba bw’umwana utinya, mu gihe ubwo bwoba bwajyaga gutuma ubuzima bumubera umutwaro umuremereye. Nimutyo bene uwo mwana afate iri sezerano mu bwenge bwe: “Marayika w’Uwiteka abambisha amahema yo kugota abamwubaha, akabakiza.” Zaburi 43:8. Nimureke uwo mwana asome igitekerezo cyiza bitangaje cya Elisa ubwo yari mu mudugudu wubatswe mu mpinga y’umusozi, igihe ingabo z’abanzi be zamuteraga, maze akabona akikijwe n’ingabo z’abamarayika bo mu ijuru bari bamugose bari hagati ye n’abanzi be. Nimureke uwo mwana asome uburyo igihe Petero yari mu nzu y’imbohe kandi yakatiwe urwo gupfa, yaje kubonekerwa na marayika w’Imana; asome uko Petero yanyuze ku ngabo zari zimurinze, akanyura ku nzugi nini z’ibyuma n’amapata yazo n’ibihindizo byazo maze marayika akayobora umugaragu w’Imana akamusohora amahoro. Mureke uwo mwana asome ibyabereye ku nyanja, igihe abasirikare n’abasare bari bananijwe no guteraganwa n’umuraba, bakoze cyane kandi bamaze igihe batarya, maze Pawulo wari imbohe ajyanwe gucirwa urubanza no kwicwa akavuga amagambo akomeza kandi atera ibyiringiro ati: “Nimuhumure, kuko muri mwe hatazapfa n’umwe... kuko iri joro iruhande rwanjye hahagaze marayika w’Imana, ndi uwayo, nyikorera; akambwira ati: ‘Pawulo witinya, ukwiriye guhagarara imbere ya Kayisari; kandi dore Imana iguhaye n’abo mugendana bose.” Kubwo kwizera iri sezerano, Pawulo yahumurije abo bari bari kumwe agira ati: “Kandi kuko hatazagira agasatsi kamwe gapfuka ku mitwe yanyu.” Ibyo ni ko byagenze. Bitewe n’uko muri ubwo bwato harimo umuntu Imana yashoboraga gukorana na we, ubwo bwato bwari bwuzuye abasirikare b’abapagani n’abarobyi ntacyo bwabaye. “Nuko muri ubwo buryo, bagera ku nkombe, bose barakira.” Ibyakozwe n’Intumwa 27:22-24, 34, 44. {Ub 267.1}

Ntabwo ibyo bintu byandikiwe ngo tubisome kandi ngo bidutangaze gusa, ahubwo kwari ukugira ngo ukwizera kwakoreraga mu bagaragu b’Imana ba kera gushobore gukorera no muri twe. Ahantu hose hazagaragara imitima ifite kwizera kugira ngo ibe imiyoboro y’imbaraga zayo, muri iki gihe Imana yiteguye gukora nk’uko yakoze muri icyo gihe cya kera. {Ub 268.1}

Numutyo abatigirira icyizere, ba bandi kutumva ko hari icyo bashoboye bitera kwanga kwita ku bandi no guhunga inshingano, bigishwe kwishingikiriza ku Mana. Muri ubwo buryo, abantu benshi bajyaga kuba imburamumaro mu isi, ahari bakayibera umutwaro, bazabasha

kuvugira hamwe n'intumwa Pawulo ngo: "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga." Abafilipi 4:13. {Ub 268.2}

No ku mwana wihutira kurakara no kumva ko yahemukiwe, ukwizera kumufitiye amasomo y'agahozo kumwigisha. Ubushobozi umuntu agira bwo kurwanya ikibi cyangwa kwihorera buterwa akenshi no gusobanukirwa ubutabera neza ndetse n'umwuka wo gushaka kugira icyo ukora no kugaragaza imbaraga. Nimutyo umwana umeze atyo yigishwe ko Imana ari yo murinzi w'ibitunganye uhoraho iteka ryose. Imana yita ku biremwa yakunze bigatuma itanga Umwana wayo ikunda kugira ngo adukize. Imana ubwayo ni yo izahana inkozi z'ibibi zose. {Ub 268.3}

"Kuko ubakoraho, aba akoze ku mboni y'ijisho rye." Zekariya 2:8. {Ub 268.4}

"Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira, na we azabisohoza ... Azerekana gukiranuka kwawe nk'umucyo, n'ukuri k'urubanza rwawe nk'amanywa y'ihangu." Zaburi 37:5,6. {Ub 268.5}

"Kandi Uwiteka azabera abahatwa igihome kirekire kibakingira, igihome kirekire kibakingira mu bihe by'amakuba. Abazi izina ryawe bazakwiringira; kuko wowe, Uwiteka, utareka abagushaka." Zaburi 9:9,10. {Ub 268.6}

Impuhwe Imana itugaragariza natwe iturarikira kuzigaragariza abandi. Nimutyo abahubuka, abumva ko bihagije, abihorera bahange amaso Umukiza w'umugwaneza kandi woroheje mu mutima, wajyanywe nk'intama bajyana kubaga, ntiyiganzure ngo atere amahane nk'uko intama icecekera y'umukemuzi! Icyampa ngo bitegereze Umukiza wacu wacumitiwe ibyaha byacu kandi imibabaro yacu akaba ari yo yashenjaguriwe, bityo bazamenya kwihangana, gutuza no kubabarira. {Ub 269.1}

Binyuze mu kwizera Kristo, inenge yose iboneka mu mico yacu ishobobora gukosorwa, tukezwaho guhumana kose, ikosa ryose ryakosorwa kandi impano yose yakura ikagera ku rugero ruhanitse. "Kandi mwuzuriye muri we." Abakolosayi 2:10. {Ub 269.2}

Isengesho no kwizera ni nk'isanga n'ingoyi, kandi bikwiriye kwigirwa hamwe. Mu isengesho risenganywe kwizera harimo ubumenyi mvajuru; kandi ubwo bumenyi bugomba gusobanukira umuntu wese ushaka ko ibyo akora mu buzima bwe bigera ku ntego. Kristo aravuga ati: "Ibyo musaba byose mubishyizeho umutima, mwizere yuko mubihawe, kandi muzabibona." Mariko 11:24. Kristo asobanura neza ko ibyo dusaba byose bikwiriye kuba bihuje n'ubushake bw'Imana. Tugomba gusenga dusaba Imana ibyo yasezeranye, kandi ibyo duhawe byose tugomba kubikoresha mu gusohoza ubushake bwayo. Iyo dusohoje ibyo, isezerano ryayo risohora nta mbebya. {Ub 269.3}

Dushobora gusaba imbabazi z'ibyaha, tugasaba Mwuka Wera, tugasaba kurangwa n'imico isa n'iya Kristo, tugasaba ubwenge n'imbaraga byo gukora umurimo wayo, kandi tugasaba guhabwa impano iyo ari yo yose Imana yasezeranye. Tumaze gusaba ibyo, tugomba kwizera ko tubihawe, bityo tugashimira Imana ko twabihawe. {Ub 269.4}

Ntabwo dukeneye gushaka igihamya kigaragara inyuma cy'uko twahawe umugisha. Impano iri mu isezerano, kandi dukwiriye kujya mu murimo wacu twizeye ko ibyo Imana ishoboye kubikora, kandi ko impano twamaze guhabwa tukaba tuyifite izagaragara igihe izaba ikenewe cyane. {Ub 269.5}

Kubaho muri ubwo buryo ubeshejweho n'Ijambo ry'Imana bisobanuye kuyegurira ubugingo bwacu bwose. Umuntu azakomeza kumva akeneye Imana no kuyishingikirizaho, yumve umutima we ureherezwa kuba bugufi bw'Imana. Isengesho ni ngombwa kuko ari ryo rigaragaza ko ubugingo bw'umuntu ari butaraga. Isengesho ryo mu muryango, n'isengesho ryo mu ruhame afite umwanya wayo. Ariko gusabana n'Imana wiherereye ni byo bibeshaho ubugingo. {Ub 270.1}

Ubwo Mose yari mu mpinga y'umusozi yihereranye n'Imana ni bwo yeretswe igishushanyo mbonera cya ya nyubako itangaje yagombaga kuba ubuturo bw'Ikuzo ry'Imana. Iyo turi kumwe n'Imana ahihereye ku musozi, ni bwo twitegereza umugambi w'agahebuzo ifitiye ikiremwamuntu. Ubwo ni bwo tuzashobozwa gufata icyitegererezo cy'inyubako y'imico yacu kugira ngo dusohorezwe iri sezerano ry'Imana rigira riti: "Nzatura muri bo, ngendere muri bo; nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye." 2 Abakorinto 6:16. {Ub 270.2}

Mu masaha yabaga yiherereye ari wenyine asenga ni ho Yesu yahabwaga ubwenge n'imbaraga mu buzima bwe bwa hano ku isi. Nimutyo urubyiruko rwacu rujye rukurikiza urugero Yesu yaduhaye, maze rufate umwanya utuje wo gusabana na Se wo mu ijuru mu rutururuturu no mu kabwibwi. Kandi no mu masaha ya kumanywa, nimutyo urubyiruko rujye rwerekeza imitima yarwo ku Mana. Kuri buri ntambwe duteye mu nzira tunyuramo, Imana iratubwira iti: "Kuko jyewe, Uwiteka Imana yawe nzagufata ukuboko kw'iburyo, nkubwire nti: 'Witinya, ndagutabaye." Yesaya 41:13. Mbega imbaraga n'ibitekerezo bibangutse, mbega ibyishimo n'umunezero byaba mu buzima bw'abana bacu baramutse bize izi nyigisho mu myaka y'ubuto bwabo! {Ub 270.3}

Izi ni zo nyigisho zishobora kwigishwa gusa n'umuntu wagize amahirwe yo kuziga ubwe. Bitewe n'uko usanga ababyeyi n'abigisha benshi bavuga ko bizera Ijambo ry'Imana nyamara imibereho yabo igahakana imbaraga zaryo, bituma inyigisho z'Ibyanditswe Byera zitagira impinduka nyinshi ziteza mu rubyiruko. Incuro nyinshi urubyiruko rushobora kumva imbaraga y'ijambo ry'Imana. Bitegereza uburyo urukundo rwa Kristo ruhebuje. Babona ubwiza bw'imico ye, kandi babona ibyo ubugingo bwitangiye gukora umurimo we

bushobora kugeraho. Ariko ku rundi ruhande, babona imibereho y'abavuga ko bubaha amategeko y'Imana. Bareba umubare w'abantu aya magambo yavuzwe n'umuhanuzi Ezekiyeli yaba ari ukuri kuri bo ngo: {Ub 270.4}

"Ab'ubwoko bwawe bavugira ibyawe ku nkike no mu miryango y'amazu, umwe avugana n'undi, umuntu wese na mugenzi we, bati: 'Nimuze tujye kumva ijambo rivuzwe n'Uwiteka iryo ari ryo.' Maze bakagusanga nk'uko rubanda ruza, bakicara imbere yawe nk'ubwoko bwanjye, kandi bakumva amagambo yawe, ariko ntabwo bayakurikiza, kuko berekanisha ururimi rwabo urukundo, nyamara umutima wabo ukurikirana inyungu yabo bombi. Kandi dore ubamereye nk'indirimbo nziza cyane y'ufite ijwi ryiza akamenya no gucuranga neza, kuko bumva amagambo yawe, kandi ntibayakurikize." Ezekiyeli 33:30-32. {Ub 271.1}

Gufata Bibiliya nk'igitabo cyiza cyigisha amabwiriza meza yerekeye imico mbonera, kandi kuba igomba kumvirwa bitewe n'uko usanga ivuga ibihuje n'ibibaho mu bihe bitandukanye ndetse n'umwanya abantu duhagazemo mu isi ni ikintu kimwe. Ariko kandi kuyifata nk'uko iri koko, akaba ari ijambo ry'Imana ihoraho, ijambo rigize ubugingo bwacu, ijambo rigomba gutunganya ibikorwa byacu, amagambo yacu n'ibitekerezo byacu, ibyo na byo ni ikindi kintu. Gufata Ijambo ry'Imana mu buryo buciye bugufi y'ubu buvuzwe nta ho bitaniye no kurihakana. Kandi uku kurihakana gukozwe n'abavuga ko baryizera, ni imwe mu mpamvu z'ingenzi zitera ubuhakanyi no gushidikanya n'ubuhemu mu rubyiruko. {Ub 271.2}

Isi irakoreshwa n'imbaraga zihungabanya kandi zikomeye mu buryo butigeze bubaho. Haba mu myidagaduro, mu gushaka ifaranga, mu kurwanira ubutegetsi no mu ntambara yo kurwanira kubaho, usangamo imbaraga iteye ubwoba yatwaye ubushobozi bwose, bwaba ubw'umubiri, ubw'ubwenge n'umutima. Imana iravugira hagati muri ubwo buzima bwo gutanguranwa wagira ngo ni ibisazi. Imana itubwira kujya ahiherereye maze tugasabana na Yo. Iravuga iti: "Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana." Zaburi 46:11. {Ub 271.3}

Hari abantu benshi n'iyo baba bari mu bihe byo kuramya Imana batabona imigisha iva mu gusabana n'Imana gushyitse. Ibyo biterwa n'uko usanga ibyo bakora byose ari jugujugu ntibashyire umutima hamwe. Kubera kugenda bihuta, banyura aho Kristo yari ari, maze bakamara akanya gato aho hera, ariko ntibategereze ngo bumve inama bahabwa. Usanga nta gihe bafite cyo kugumana n'Umwigisha mvajuru. [Baza aho ari ariko ubwira bugatuma] basubira mu mirimo yabo bacyikoreye imitwaro yabo. {Ub 272.1}

Bene abo bakozi ntibashobora kugera ku ntsinzi ihanitse igihe cyose batari bamenya aho ibanga ry'imbaraga riri. Bagomba kwiha igihe cyo gutuza bagatekereza, bagasenga kandi bagategereza Imana kugira ngo imbaraga zabo z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umwuka izigire nshya. Bakeneye imbaraga izahura y'Umwuka w'Imana. Nibakira iyi mbaraga, bazahemburwa kandi bakangurwe n'ubugingo bushya bazahabwa. Umubiri uzaba unaniwe

n’ubwonko buzaba buguye agacuho bizahembuka, kandi umutima uremerewe uzaruhuka utuze. {Ub 272.2}

Icyo dukeneye si akanya gato twafata turi imbere ye, ahubwo buri wese ku giti cye akeneye kwibonanira na Kristo, akicara hasi agashyikirana na we. Abana bo mu miryango yacu n’abanyeshuri bo mu mashuri yacu barahirwa igihe mu buzima bwabo ababyeyi n’abigisha bazamenya ibyiza by’agaciro kenshi bivugwa muri aya magambo yo mu Ndirimbo ya Salomo ngo: {Ub 272.3}

“Nk’umutapuwa mu biti byo mu ishyamba
Ni ko umukunzi wanjye ameze mu bahungu.
Nicaye mu gicucu cye nezerewe cyane Amatunda ye yarandyoheye.
Yanjyanye mu nzu y’ibirori,
N’ibendera rye ryari hejuru yanjye
Ni ryo rukundo” {Ub 273.1}

Indirimbo ya Salomo 2:3,4.

31. UMURIMO UMUNTU AKORA MU BUZIMA BWE

«Kuko Imana ari yo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira.» Abafilipi 2:13

Kugera ku cyo ushaka mu bintu ibyo ari byose bisaba kugira intego ihamye. Umuntu ushaka kugera ku ntsinzi nyakuri mu buzima agomba kugira intego ihamye imbere ye bigatuma ayishyiraho umuhati we wose. Muri iki gihe bene iyo ntego yashyizwe imbere y'urubyiruko rwacu narwo. Umugambi washyizweho n'ijuru wo kugeza ubutumwa bwiza ku batuye isi muri iki gisekuru ni wo mugambi uhebuje indi umuntu uwo ari we wese ashobora gusabwa kusohoza. Uwo mugambi ugaragaza ahantu umuntu wese ufite umutima wagenderewe na Kristo agomba gushyira umuhati we. {Ub 274.1}

Umugambi Imana ifitiye abana bakurira mu ngo zacu ni mugari cyane, urimbitse kandi ni muremure cyane kurenza uko imirebere yacu igira aho igarukira ishobora gusobanukirwa. Mu bihe bya kera, abantu Imana yabonaga ko ari indahemuka mu mirimo icishije bugufi, yagiye ibahamagarira kuyihamya ahantu hakomeye cyane ho ku rwego rwo hejuru ku isi. Kandi abana b'abahungu benshi muri iki gihe, bakura nk'uko Daniyeli yakuriye iwabo mu Buyuda, bakiga ijambo ry'Imana n'imirimo yakoze, kandi bakiga amasomo yo gukora umurimo urangwa n'ubunyangamugayo, bazahagarara mu nteko zishinga amategeko, mu mazu y'ubutabera, cyangwa mu ngoro z'ibwami, bahamye Umwami w'abami. Abenshi batabarika bazahamagarirwa gukora imirimo ikomeye kandi migari. Isi yose yiteguye kwakira ubutumwa bwiza. Abanyetiyopiya bategeye Imana ibiganza. Ubuyapani, Ubushinwa n'Ubuhinde, mu turere dutuje kandi tucuze umwijima two muri Amerika, mu mpande zose z'iyi si yacu, haturuka amajwi yo gutaka cyane kw'imitima irembejwe n'icyaha ikeneye kumenya Imana yuje urukundo. Abantu za miliyoni zitabarika ntibigeze bumva iby'Imana cyangwa iby'urukundo rwayo rwahishuriwe muri Yesu Kristo. Na bo bafite uburenganzira bwo kumenya ibyo. Nabo bafite uburenganzira bungana n'ubwacu bwo gusaba kugirirwa imbabazi n'Umukiza. Twe twamenye uko kuri ndetse n'abana bacu dushobora kukubamenyesha. Dufite inshingano yo gusubiza ayo majwi yo gutaka kw'abo bantu. Muri iki gihe cy'akaga, buri muryango wose, buri shuri ryose, ababyeyi bose, abarezi ndetse n'abana bose barasiwe n'umucyo w'ubutumwa bwiza, barabazwa ikibazo nk'icyabajijwe umugabekazi Esiteri muri cya gihe cy'amakuba akomeye yabaye mu mateka y'ubwoko bw'Abisirayeli ngo: {Ub 274.2}

"Ahari aho icyakwimitse ngo ube umwamikazi ni ukugira ngo ugire akamaro mu gihe gisa n'iki?" Esiteri 4:14. {Ub 275.1}

Abantu batekereza ku kwihutisha kwamamaza ubutumwa bwiza cyangwa ku kukubera imbogamizi, babitekereza barebye ku isano ubwabo bafitanye n'uwo murimo ndetse n'isi.

Abantu bake cyane ni bo batekereza ku isano uwo murimo ufitanye n'Imana. Bake cyane ni bo bazirikana umubabaro icyaha cyateye Umuremyi wacu. Igihe Kristo yashengurwaga n'agahinda gasaze, ijuru ryose ryababaranye na we ; ariko uwo mubabaro ntiwatangiye cyangwa ngo urangirane n'igihe Kristo yamaze yambaye ubumuntu. Ibyumviro n'intekerezo byacu byaguye ikinya umusaraba ubihishurira umubabaro icyaha cyazaniye umutima w'Imana kuva cyakwaduka. Intambwe yose iterwa umuntu atandukira inzira itunganye, igikorwa cyose cy'ubugome, gutsindwa kose kwa muntu ananirwa kugera ku rugero rukwiriye Imana yashyizeho, ibyo byose biyitera agahinda. Igihe Abisirayeli bagerwagaho n'amakuba yazaga ari ingaruka zo gutandukana n'Imana kwabo, (harimo gutwazwa igitugu n'abanzi babo, ubugome n'ubwicanyi), Ibyanditswe bivuga ko Uwiteka na we yagize ishavu ry'imibabaro y'Abisirayeli. (Abacamanza 10:16). "Yababaranye na bo mu mibabaro yabo yose,... urukundo rwe n'imbabazi ze ni byo byamuteye kubacungura; yarabateruraga, akabaheka iminsi yose ya kera." Yesaya 63:9 {Ub 275.2}

Umwuka We ni wo udutakambira, «aniha iminiho itavugwa.» Kubera ko n'"ibyaremwe byose binihira hamwe, bikaramukirwa hamwe" (Abaroma 8:26, 22), umutima wa Data wa twese uhoraho na wo ubabarana nabyo. Isi yacu ni nk'ibitaro binini cyane, ni urubuga rw'ibyago n'amakuba tutajya twemerera intekerezo zacu gutindaho. Turamutse tubisobanukiwe nk'uko biri, byarushaho kutubera umutwaro uteye ubwoba cyane. Nyamara, ibyo byose bishengura Imana. Kugira ngo Imana irimbure icyaha n'ingaruka zacyo, yatanze Umwana wayo ikunda, kandi binyuze mu gukorana na Yo, yaduhaye ubushobozi bwo gushyira iherezo kuri ibi byago n'amakuba. "Kandi ubu butumwa bwiza bw'ubwami buzigishwa mu isi yose, ngo bube ubuhamya bwo guhamiriza amahanga yose: nibwo imperuka izaherako ize." Matayo 24:14. {Ub 276.1}

Kristo yategetse abayoboke be ati: "Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwe bose ubutumwa bwiza." Mariko 16:15. Ibyo ntibishatse kuvuga ko abantu bose bahamagarirwa kuba abapasitoro cyangwa ababwirizabutumwa mu mahanga, ahubwo bisobanura ko buri muntu ashobora kuba umukozi ukorana n'Imana mu kugeza "inkuru nziza" kuri bagenzi be. Iryo tegeko ryahawe abantu bose, baba abakomeye n'aboroheje, abize n'abatarize, abakuru n'abato. {Ub 276.2}

Mu gihe tuzirikana iri tegeko, mbese dushobora kurera no kwigisha abakobwa n'abahungu bacu tubatoza kubaho ubuzima bwo gukurukiza ibyo abantu bubaha kandi bumvikanaho ko bibabareye, bakabaho ubuzima bwo kwiyitirira Kristo ariko babura kwitanga nk'ukwe, bakabaho ubuzima buzatuma Kristo we Kuri azabaciraho iteka ngo: "Simbazi"? {Ub 276.3}

Hari ababyeyi benshi barera batyo. Batekereza ko baha abana babo ibyiza biva ku butumwa bwiza nyamara bahakana umwuka wabwo. Nyamara ibi byiza ntibishobora kubaho. Abantu

banga amahirwe bahabwa yo gukorana na Kristo mu murimo, baba banze kwigira mu ishuri rimwe rukumbi ritunganya umuntu rikamuha ibyangombwa byuzuye byo kuzasangira na Kristo mu ikuzo rye. Banga uburezi butanga imbaraga n'imico y'ubupfura muri ubu buzima. Ababyeyi benshi b'abagabo n'abagore bagiye banga kwegereza abana babo umusaraba wa Kristo, bamenye bakerewe ko mu kugenza batyo beguriraga abana babo umwanzi w'Imana n'abantu. Abo babyeyi ni bo bashyize umukono ku cyemezo cyo kurimbuka kw'abana babo, atari ukurimbuka ko muri iki gihe gusa, ahubwo n'uko mu gihe kizaza. Ikigeragezo cyarabatsinze. Abo bana bakuze ari umuvumo ku isi, baba intimba n'ikimwaro ku babyeyi bababyaye. {Ub 276.4}

No mu gihe abantu bitegura gukora umurimo w'Imana, abenshi muri bo bateshurwa inzira n'imyigishirize idahwitse. Muri rusange ubuzima bufatwa nk'aho bugizwe n'ibihe bitandukanye: igihe cyo kwiga n'igihe cyo gukora; ari byo bivuze igihe cyo gutegurirwa icyo uzakora n'igihe cyo gushyira mu bikorwa ibyo wize. Mu rwego rwo gutegurira urubyiruko ubuzima bwo gukora, urubyiruko rwoherezwa ku ishuri kugira ngo ruharonkere ubumenyi binyuze mu kwiga ibitabo. Kubera ko baba batandukanyijwe n'inshingano zo mu buzima bwa buri munsi, bahugira mu kwiga, kandi akenshi bagahusha umugambi wo kwiga kwabo. Umwete bari bafite wo kwitanga bakiri bato ugenda ukagabanuka, maze abenshi cyane muri bo bagatangira kurangamira iby'inyungu zabo bwite zirimo kwikunda. Iyo bamaze guhabwa impamyabumenyi, usanga ibihumbi byinshi ubuzima bubananira. Basanga baramaze igihe kinini biga ubumenyi bwo mugambo gusa ku buryo iyo bigeze igihe ubuzima bwabo bwose buba bugomba guhangana n'intambara zikaze zo mu buzima, usanga ibyo batarabyiteguye. Aho kugira ngo bakore umurimo w'icyubahiro bari baragambiriye, usanga imbaraga zabo zishirira mu kurwana n'ibintu byoroheje. Nyuma yo kubura ibyo bari biteze incuro nyinshi, bihebeshejwe no kunanirwa kubona ibibatunga binyuze mu nzira nziza, abenshi bishora mu bikorwa by'ubwangizi n'ubugomo. Nuko isi ikabura umurimo yagombye gukorerwa n'abo bantu; n'Imana ikabura ubugingo bw'abantu yashakaga kuzahura, gukuza no kubahisha nk'abayihagarariye. {Ub 277.1}

Ababyeyi benshi bakora ikosa ryo kuvangura abana babo mu byerekeye uburezi. Usanga batanga icyo bashoboye cyose kugira ngo babonere ibyiza bihebuje umwana ugaragaza ubuhanga no gufata vuba. Ariko ntibatekereza ko guhabwa bene ayo mahirwe ari ngombwa no ku mwana ugaragaza ubushobozi buke. Bavuga ko guhabwa uburezi bwo ku rwego rucirirritse ari byo ngombwa kugira ngo [umwana] azashobore gusohoza inshingano zoroheje mu buzima. {Ub 278.1}

Ariko se ni nde ushobora kureba mu bana bose bagize umuryango, maze agatoranyamo abazahabwa inshingano zikomeye? Ni kenshi byagiye bigaragara ko imitekerereze ya muntu yabayemo kwibeshya muri ibi! Mwibuke igitekerezo cya Samweli igihe Imana

yamwoherezaga kujya gusiga amavuta umwe muri bene Yesayi kugira ngo azabe umwami wa Isirayeli. Abasore barindwi b'igikundiro bamunyuze imbere. Arabutswe umwana w'imfura, wari mwiza afite igikundiro n'ikirere cyiza kandi agaragara nk'igikomangoma, Samweli yitereye hejuru aravuga ati: "Ni ukuri, uwo Uwiteka yimikisha amavuta nguyu ari imbere ye." Ariko Uwiteka aramubwira iti: "Nturebe mu maso he cyangwa ikirere cye ko ari kirekire; namugaye, kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba; abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima." Bityo kuri abo bana barindwi bose, ubuhamya Samweli yatanze ni ubu ngo: "Aba si bo Uwiteka yatoranije" 1 Samweli 16:6, 7,10. Dawidi atarahamagarwa ngo ave mu mukumbi yari aragiye, umuhanuzi Samweli ntiyemerewe gusohoza inshingano yari yatumwe gukora. {Ub 278.2}

Umwana w'imfura uwo Samweli aba yarahisemo, ntabwo yari yujuje ibyangombwa Imana yabonaga ko bikenewe ku wagombaga kuyobora ubwoko bwayo. Abarangwaga n'ubwibone, ubugugu no kwiyemera bashyizwe iruhande maze babererekera uwo basuzuguraga, uwari warakomeye ku mwuka wo kwiyoroshya no kuba umunyakuri mu busore bwe. Uwo kandi nubwo umuhanuzi yabonaga akiri muto, yashoboraga gutozwa n'Imana kuzasohoza inshingano zo kuba umwami. Uko ni ko biri no muri iki gihe. Abana benshi ababyeyi babo bashobora gukerensa, Imana ibabonamo ubushobozi buhanitse burenze ubwagaragajwe n'abandi bana abantu bajya batekereza ko bafite amahirwe menshi yo kuzagira ubuzima bwiza. {Ub 278.3}

Kandi iyo turebye ukuntu ubuzima bugenda, ni nde ufite ubushobozi bwo gufata icyemezo ngo iki kirakomeye naho iki kiroroheje? Ni abakozi bangahe babarizwa mu rwego rwo hasi mu buzima bageze ku byo abami bifuza ko ari bo bagombye kuba barabikoze bitewe n'uko abo bakozi batangije ibigo bigamije kubera abatuye isi umugisha! {Ub 279.1}

Bityo rero nimureke umwana wese ahabwe uburezi bumutegurira kuzakora umurimo uhanitse. "Mu gitondo jya ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe; kuko utazi ikizera, ari iki cyangwa kiriya, cyangwa yuko byombi bizahwanya kuba byiza." Umubwiriza 11:6. {Ub 279.2}

Umwanya wihariye duhabwa mu buzima ugenwa n'ubushobozi dufite. Ntabwo abantu bose batera imbere kimwe cyangwa ngo umurimo umwe bawukorane ubushobozi bumwe. Ntabwo Imana yiteze ko akatsi ka ezobu gakura ngo kareshye n'isederi cyangwa ngo igiti cy'icunga kireshye n'igiti cya avoka kinini kandi kirekire. Ariko umuntu wese akwiriye kugira intego yo kugera ku rwego rwo hejuru cyane bishoboka bitewe n'uko gufatana n'imbaraga y'Imana k'uwo muntu kuzatuma bimushobokera ko agera kuri urwo rwego. {Ub 279.3}

Ntabwo abantu benshi bagera ku rugero bagombye kuba bariho bitewe n'uko badakoresha imbaraga bafite. Ntibakora nk'uko bagombye gukora ngo bishingikirize ku mbaraga mvajuru. Abenshi bateshurwa mu cyerekezo bagombye gukurikira maze muri cyo bakagera ku ntego nyayo ishimishije. Kubera gushaka icyuhabiro kirenze cyangwa umurimo urushijeho kunezeza, bagerageza gukora imirimo badafitiye ubushobozi. Abantu benshi bafite impano zijyanye no gukora iby'umuhamagaro runaka, usanga bafite inyota yo kwinjira mu mwuga runaka; bityo umuntu wagombye kuba yarabaye umuhinzi-mworozi uhirwa mu byo akora, umunyabugeni cyangwa se umufasha wa muganga, usanga adakora neza mu mwanya w'umupasitoro, cyangwa umucamanza cyangwa se umuganga. Nanone kandi hariho abandi bagombye kuba mu myanya y'umuhamagaro w'inshingano zikomeye, ariko kubwo kutagira imbaraga, gushishikara n'akamenyero ugasanga bishimira gukora mu myanya y'imirimo yoroheje. {Ub 279.4}

Dukeneye gukurikirira hafi cyane umugambi Imana ifitiye ubuzima bwacu. Gukoresha imbaraga zacu zose mu murimo utwegereye, kwegurira Imana inzira zacu no gutegereza amabwiriza ava ku buntu bwayo. Aya ni yo mategeko dukurikiza maze akatwizeza ko tuzayoborwa rwose mu guhitamo umurimo dukora. {Ub 280.1}

Uwaturutse mu ijuru kugira ngo atubere icyitegererezo yamaze imyaka igera kuri mirongo itatu y'ubuzima bwe akora imirimo y'amaboko isanzwe; ariko muri icyo gihe yigaga ijambo ry'Imana n'ibyerekeye imirimo yayo. Yafashaga kandi akigisha abantu bose yashoboraga kugeraho. Igihe umurimo we wo kwigishiriza mu ruhame watangiraga, yagiye akiza abarwayi, agahumuriza abababaye, kandi akabwiriza abakene ubutumwa bwiza. Uyu ni wo murimo abayoboke be bose bagomba gukora. {Ub 280.2}

Yesu yaravuze ati: "Ariko mwebweho ntimukabe mutyo, ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza... Ariko jyewe ndi hagati yanyu, meze nk'uhereza." Luka 22:26, 27. {Ub 280.3}

Gukunda no kugandukira Kristo ni yo sōko y'umurimo nyakuri. Mu mutima wanyuzwe n'urukundo rwa Kristo havuka icyifuzo cyo kumukorera. Nimutyo iki cyifuzo gishyigikirwe kandi gihabwe icyerekezo. Haba imuhira, haba mu baturanyi cyangwa ku ishuri, kuba hari abakene n'indushyi, abacogojwe n'intimba, abaswa cyangwa abafite ibyago runaka, ntibyagombye gufatwa nk'amakuba, ahubwo bikwiriye gufatwa nk'ibitanga amahirwe y'agaciro kenshi yo kugira umurimo ukorwa. {Ub 280.4}

Muri uyu murimo, kimwe no wundi murimo wose, ubuhanga mu murimo bwungukirwa mu gukora uwo murimo ubwawo. Kwitoza gukora inshingano zisanzwe zo mu buzima ndetse no mu kwita ku bakene n'abababazwa, ni byo byizeza umuntu kugira ubushobozi. Ibyo

bitabayeho, akenshi umuhati ukomeye wakoreshwa waba impfabusa ndetse ukagira n'ibyo wangiza. Umuntu yigira koga mu mazi, ntabyigira imusozi. {Ub 281.1}

Hari indi nshingano idakunze guhabwa agaciro, (ni inshingano urubyiruko rwakangukiye kumva ibyo Kristo arusaba rukeneye gusobanurirwa), kandi iyo nshingano ni iy'isano itorero rifitanye na Kristo. {Ub 281.2}

Hagati ya Kristo n'itorero rye hariho isano ya bugufi kandi yera. Kristo ni umukwe, naho itorero ni umugeni. Kristo ni we mutwe naho itorero rikaba umubiri. Ubwo rero kugirana umubano na Kristo bisaba no kugirana umubano n'itorero rye. {Ub 281.3}

Itorero ryashyiriweho gukora umurimo; kandi mu buzima bwo gukorera Kristo, kugirana ubumwe na Kristo ni imwe mu ntambwe za mbere. Kugandukira Kristo bisaba gukora inshingano z'itorero ukiranutse. Uyu ni umugabane w'ingenzi mu kwigishwa k'umuntu; kandi mu itorero ryasābwe n'ubugingo bw'Umukiza, uko kugandukira Kristo kuzahita kujyana ku kugira umwete wo gusanga abatari mu itorero. {Ub 281.4}

Hari ahantu henshi urubyiruko rushobora kubonera uburyo bwo gukoresha imbaraga zarwo rufasha. Nimutyo urubyiruko rukore amatsinda yo gukora umurimo wa Gikristo, kandi uko gukorana bizatuma rufashanya kandi ruterane umwete. Kubwo kwita ku murimo urubyiruko rukora, ababyeyi n'abarezi bazashobora guha urubyiruko ibyiza biva mu bunararibonye bwagutse bafite, kandi bashobora gufasha urubyiruko gutuma umuhati waryo urushaho gutanga umusaruro w'icyiza. {Ub 281.5}

Ubumenyi ni bwo bukangura impuhwe, kandi impuhwe ni zo sōko yo gukora umurimo utanga umusaruro. Kugira ngo mu bana n'abasore hakangurwemo impuhwe n'umwuka wo kwitangira abantu za miliyoni zitabarika bababazwa bari mu bihugu bya kure, nimutyo abana n'abasore bamenye ibyo bihugu n'abaturage babyo. Kuri iyi ngingo hari byinshi bigomba kugerwaho mu mashuri yacu. Aho kubatesha igihe biga ibigwi bya Alekizanderi na Napolewo bavugwa mu mateka, nimutyo abanyeshuri bige iby'imibereho nk'iy'intumwa Pawulo, Maritini Luteri, Mofati, Livingisitoni na Keri, kandi bige n'amateka yumvikana yo muri iki gihe yerekeye umurimo w'ivugabutumwa. Aho kunaniza ubwonko bwabo babwuzuzamo amazina n'inyigisho z'amagambo bitagira icyo bimariye ubuzima bwabo, kandi bazatekerezaho gake cyane igihe bazaba bari hanze y'ishuri, nimutyo bige amazina y'ibihugu byose mu cyerekezo cy'umurimo w'ivugabutumwa bityo bamenye abaturage babyo n'ubukene bwabo. {Ub 282.1}

Muri uyu murimo usoza wo kwamamaza ubutumwa bwiza, haracyari ahantu hagari hagomba kugerwa; kandi umurimo ugomba kwinjirwamo n'abantu boroheje basanzwe kurenza uko byigeze bibabo. Baba abasore, inkumi n'abantu bakuze bazahamagarwa bave

mu mirima yabo, bave mu ruzabibu rwabo, n'aho bakorera maze Umukiza abohereze kujya kwamamaza ubutumwa bwe. Abenshi muri bo bagize amahirwe make yo kwiga; ariko Kristo ababonamo ubushobozi buzababashisha gusohoza umugambi we. Nibarundurira imitima yabo mu murimo kandi bagakomeza kwiga, azabaha ibyangombwa bibashoboza kumukorera. {Ub 282.2}

Imana yo izi uburemere bw'amakuba no kwiheba isi irimo, izi neza uburyo bwakoreshwa kugira ngo habeho ihumure. Ireba impande zose ikahabona abantu bari mu mwijima, bunamishijwe n'uburemere bw'imitwaro y'ibyaha, agahinda gasaze n'umubabaro. Ariko na none ibona ubushobozi abo bantu bafite; kuko ibona urwego ruhanitse bashobora kugeraho. Nubwo abantu bakoresheje nabi imbabazi bagiriwe, bagapfusha ubusa impano zabo, kandi bagatakaza icyubahiro bari bafite cyo gusa n'Imana, uko byagenda kose Umuremyi agomba guhererwa ikuzo mu kubacungura. {Ub 282.3}

Umutwaro wo gukorera abantu bakeneye ubufasha bari ahantu habi n'ibihanamanga ku isi, Kristo awushinga abantu bashobora kugirira impuhwe abatagira icyo bazi n'impabe. Kristo azaba hafi kugira ngo afashe abafite imitima yiteguye kugirira abandi impuhwe kabone n'ubwo ibiganza byabo byaba bikanyaraye kandi nta buhanga bubirangwaho. Azakorera mu bantu bashobora kubona impuhwe mu makuba kandi bakanabona inyungu mu gihombo. Iyo Mucyo w'isi anyuze ahantu, mu miruho n'ingorane hazabonekamo amahirwe, gahunda iboneke ahari umuvurungano, kandi mu bigaragara nko gutsindwa havemo intsinzi. Amakuba azagaragara nk'imigisha yiyoberanyije, kandi ibyago bigaragare nk'ubuntu [Imana igiriye abugarijwe]. Kubwo kwizera, abakozi baturutse muri rubanda rwa giseseka, bafatanya imibabaro na bagenzi babo nk'uko Umukiza wabo yasangiye imibabaro n'inyokomuntu yose, bazabona Umukiza akorana nabo. {Ub 283.1}

"Umunsi ukomeye w'Uwiteka uri bugufi; ndetse umuhindo wawo ugeze hafi; kandi urihuta." Zefaniya 1:14. Kubw'ibyo, isi igomba kuburirwa. {Ub 283.2}

Kubw'iyo myiteguro bashobora kugira, abasore n'inkumi ibihumbi byinshi ndetse n'abakuze bakwiriye kuba bitangira gukora uyu murimo. Abantu benshi baragenda bitaba irarika ry'Umukoresha Mukuru, kandi umubare wabo uzakomeza kwiyongera. Nimutyo buri murezi wese w'Umukristo yifatanye nabo kandi akorane na bene abo bakozi. Nimutyo atere umwete kandi afashe abangavu n'ingimbi ashinzwe kwitaho kugira ngo bategurirwe kujya gufatanya n'abandi mu murimo. {Ub 283.3}

Nta cyerekezo cy'umurimo runaka urubyiruko rwashobora kuboneramo ibyiza biruseho. Abantu bose bafata icyemezo cyo kwinjira mu murimo w'ibwirizabutumwa, baba amaboko yunganira Imana. Ni abakozi bakorana n'abamarayika; nubwo ari abantu abamarayika bakoreramo kugira ngo basohoze inshingano yabo. Abamarayika bavugira mu majwi yabo,

kandi bakorera mu maboko yabo. Bityo, abakozi b’abantu bakorana n’intumwa zivuye mu ijuru, babona umusaruro uva ku burezi n’ubunararibonye bwabo. None se nk’uburyo bwigisha, ni irihe somo ryo muri kaminuza ryahwana n’iri? {Ub 283.4}

Turamutse dufite ingabo z’abakozi b’urubyiruko rwacu, rwatojwe neza kandi rufite imbaraga, mbega uburyo ubutumwa bw’Umukiza wabambwe, akazuka kandi akaba agiye kugaruka bwagezwa ku batuye isi bose vuba! Mbega ukuntu iherezo ryaba bugufi; ari ryo herezo rw’umubabaro n’agahinda n’icyaha! Mbega ukuntu mu gihe gito, mu mwanya w’uko abana bacu baragwa umurage w’aha ku isi urimburwa n’icyaha n’umubabaro, bahabwa umurage wabo aho “abakiranutsi bazaragwa igihugu, bakakibamo iteka;” aho “nta muturage waho uzataka indwara,” kandi “ijwi ryo kurira n’imiborogo [ntirizahumvikane] ukundi.” Zaburi 37:29; Yesaya 33:24; 65:19. {Ub 284.1}

VIII. UMWIGISHA W'UMWUNGANIZI

"Uko Data yantumye ni ko nanjye mbatumye."
Yohana 20:21

32. UMWITEGURO

"Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa."
2 Timoteyo 2:15.

Umwigisha wa mbere w'umwana ni nyina. Igihe umwana akiri mu kigero cyo kumva ibintu akabyakira vuba cyangwa ibimubaho bikamuhindura mu buryo bworoshye, ndetse agatera imbere vuba vuba, umugabane munini w'uburezi n'uburere bwe uba uri mu maboko ya nyina. Nyina ni we wa mbere uhawe amahirwe yo kurema imico y'umwana ikazaba myiza cyangwa mibi. Kubera iyo mpamvu, akwiriye gusobanukirwa n'agaciro k'amahirwe yahawe, kandi akwiriye kuba yujuje ibyangombwa bimubashisha kuyakoresha neza kurusha undi mwarimu uwo ari we wese. Nyamara ikibabaje ni uko nta wundi muntu ibyerekeye gutozwa uyu murimo usanga bititabwaho cyane nka we. Umuntu ufite ubushobozi bukomeye mu byo yahindura mu burezi kandi impinduka ateza zikaba zagutse cyane usanga ari we gufashwa no kunganirwa kwe bidashyirwaho umwete. {Ub 286.1}

Abantu bahawe inshingano yo kwita ku mwana ukiri muto, usanga akenshi baba batazi ibyo umubiri w'umwana ukenera. Baba bazi bike cyane ku mategeko y'ubuzima cyangwa amahame ajyanye n'imikurire y'umubiri. Byongeye kandi ntabwo usanga bujuje ibyangombwa byo kwita ku mikurire y'umwana mu by'umwuka n'iby'ubwenge. Birashoboka ko baba bafite ubushobozi bwo gukora indi mirimo runaka cyangwa ari intangarugero mu muryango mugari w'abantu; bashobora kuba barageze ku bintu bishimwa cyane mu by'iyigandimi n'ubumenyi, ariko bakaba bafite ubumenyi buke mu byerekeye kwigisha no kurera abana. Muri rusange kutagira ubu bumenyi, ariko by'umwihariko bitewe no gukerensa imikurire y'umubiri kubaho igihe umwana akiri muto cyane, ni byo bituma umugabane munini w'inyokomuntu bapfa bakiri impinja, kandi no mu bagera mu kigero cy'ubukuru hakabamo benshi cyane usanga kuri bo ubuzima ari umutwaro. {Ub 286.2}

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bafite inshingano yo kurera no kwigisha umwana akiri muto cyane n'igihe amaze gukura. Ikindi kandi ni ikintu cyihutirwa cyane ko abo babyeyi bombi bitegura iyo nshingano mu bwitonzi n'ubushishozi. Mbere y'uko bishyiraho inshingano yo kuba ababyeyi, abagabo n'abagore bakwiriye kumenya amategeko yerekeye imikurire y'umwana, - bakamenya imiterere y'umubiri, ibyerekeye isuku n'isukura, ibyerekeye ibiba ku mwana bikomotse ku byabaye kuri nyina akimutwite, ibyerekeye uruhererekane rw'imico rushingiye ku maraso abana bakomora ku babyeyi, ibyerekeye

imyambarire, imyitozo ngororamubiri no mu byerekeye kuvura indwara zoroheje. Bakwiriye kandi gusobanukirwa n'amategeko agenga imikurire mu bwenge n'ibijyanye no gutoza imico mbonera. {Ub 287.1}

Imana ihoraho yazirikanye uburyo uyu murimo wo kurera ari ingenzi ku buryo byatumye yohereza intumwa zivuye ku ntebe yayo y'ubwami maze zisanga umugore wari ugiye kubyara zije kumusubiza ikibazo yibazaga ati: "Mbese azaba ari muntu ki, cyangwa azakora iki?" (Abacamanza 13:12), no kwigisha se w'uwo mwana uko azarera uwo mwana bari barasezeraniwe. {Ub 287.2}

Uburezi ntibuzigera busohoza ibyo bugomba kandi bukwiriye gusohoza byose igihe cyose akamaro k'umurimo w'ababyeyi katarasobanuka mu buryo bwuzuye kandi ngo abo babyeyi bahabwe amahugurwa ahagije ajyana n'iyo nshingano yera bahawe. {Ub 287.3}

Birazwi ku isi yose ko ari ngombwa kubanza kwigisha neza abantu batezweho kuzaba abigisha. Ariko abantu bake cyane ni bo bazirikana iby'uwo mwiteguro w'ingenzi. Umuntu uzirikana inshingano ijyana no kwigisha urubyiruko ni we uzabona neza ko amasomo yerekeye ubumenyi n'iyigandimi yonyine adahagije. Umwigisha akwiriye kugira ubundi bumenyi burenze ubushobora kwigirwa mu bitabo. Ntakwiriye kugira intekerezo zifite imbaraga gusa ahubwo zigomba no kuba zagutse. Ntakwiriye kugira umutima mwiza gusa ahubwo akwiriye no kurangwa n'umutima w'impuhwe n'urukundo. {Ub 287.4}

Imana yaremye intekerezo za muntu kandi ikaziha amategeko azigenga ni yo yonyine ishobora gusobanukirwa neza n'ibyo zikeneye kandi ikayobora imikurire yazo. Amahame y'uburezi Imana yatanze ni yo muyobozi utayobya wenyine. Ibisabwa by'ingenzi umwigisha wese akwiriye kugira ni ukumenya ayo mahame no kuyemera akamubera imbaraga imuyobora mu buzima bwe. {Ub 288.1}

Kuba umuntu hari ubunararibonye afite mu bintu bifatika biba mu buzima busanzwe, nta ko bisa. Gukorera kuri gahunda, kugira ubushishozi, kutica igihe, kwitegeka, guhorana ibinezaneza, kuba utuje, kwitanga, kuba inyangamugayo no kubaha abandi ni indangagaciro za ngombwa. {Ub 288.2}

Bitewe n'uko muri iki gihe usanga hariho imico idafite ireme, impande zose urubyiruko rukaba rukikijwe n'imico idatunganye, birakenewe cyane ko amagambo y'umwigisha, imyifatire ye n'imyitwarire ye bigaragaza ikintu cyose cy'agaciro kandi cy'ukuri. Abana batahura vuba ibyo umwigisha akora ngo bakunde bamwemere ndetse n'izindi ntege nke zose cyangwa inenge. Nta bundi buryo umwigisha ashobora guhabwa icyubahiro n'abigishwa be uretse kugaragariza mu mico ye amahame we ubwe ashaka kubatoza. Igihe

akora atya mu mikoranire ye nabo ya buri munsi, ni ho gusa ashobora guteza mu mico yabo impinduka ibaganisha mu cyiza kandi izahoraho. {Ub 288.3}

Ku byerekeye ibindi byose bimuranga bigira uruhare mu gutuma agera ku ntego ze, umwarimu agomba kuba afite imbaraga z'umubiri. Uko ubuzima bwe burushijeho kuba buzira umuze, ni ko umurimo akora uzarushaho kuba indashyikirwa. {Ub 288.4}

Inshingano z'umwigisha ziravunanye cyane ku buryo ku ruhande rwe bimusaba umwete mwinshi kandi akarinda imbaraga z'umubiri n'ubwenge bwe bugahora bukangutse. Incuro nyinshi usanga umwigisha aremerewe mu mutima ndetse n'ubwonko bukananirwa, ibyo bikazana ibibazo bitabura birimo gutentebuka, kwishisha abandi no kurakazwa n'ubusa. Inshingano ye si ukurwanya ayo marangamutima gusa, ahubwo agomba no kwirinda impamvu ziyatera. Akwiriye kugira umutima uboneye, urangwa n'ubugwaneza n'impuhwe. Kugira ngo ashobore guhora atuje kandi anezerewe, agomba kurinda imbaraga ze z'ubwonko n'imyakura. {Ub 288.5}

Kubera ko umurimo unoze ari wo w'ingenzi kuruta ubwinshi by'ibyo yakora, umwigisha akwiriye kwirinda gukora birenze urugero - akirinda kugerageza gukora byinshi cyane birenze urugero byo mu nshingano ze; kandi akirinda kwemera izindi nshingano zatuma adashobora gukora umurimo we. Yirinda kujya mu myidagaduro cyangwa ibindi byo kwishimisha bimunaniza cyane aho kumugaruramo ubuyanja. {Ub 289.1}

Gukorera umwitozo ngororamubiri ahantu hanze [hari umwuka uhagije], ariko by'umwihariko akaba ari umurimo w'amaboko, ni bwo buryo bwiza bwo guhembura umubiri n'intekerezo; kandi umwarimu naba intangarugero, bizatuma abo yigishwa bakunda umurimo w'amaboko kandi bawubahe. {Ub 289.2}

Umwigisha akwiriye kwigengesera uko ashoboye kose yubahiriza amahame agenga kubungabunga ubuzima. Ntabwo ibyo akwiriye kubikora bitewe gusa n'uko bimufitiye akamaro we ubwe, ahubwo anabikora bitewe n'impinduka bishobora guteza mu bo yigisha. Akwiriye kwirinda muri byose; akaba intangarugero mu byerekeye imirire, imyambarire, umurimo n'ibiruhuko. {Ub 289.3}

Ubuzima bw'umubiri n'ubudakemwa mu mico bikwiriye kujyanirana n'ubumenyi buhanitse mu by'ubwenge. Uko umwigishwa afite ubumenyi nyakuri bwinshi, ni ko n'umurimo we urushaho kugenda neza cyane. Ishuri ntirikwiriye kuba ahantu ho gukorerwa ibintu bidafite ireme. Nta mwigisha unyurwa n'ubumenyi bw'amajyejuru uzigera atanga umusaruro wo ku rwego rwo hejuru. {Ub 289.4}

Ariko rero kuba ingirakamaro by'umwigisha ntibishingira cyane ku bwinshi bw'ubumenyi afite ahubwo biterwa n'urugero aba arangamiye kugeraho. Umurezi nyakuri ntashimishwa

n'ibitekerezo bidasobanutse, cyangwa ubunebwe mu mitekerereze cyangwa ubwenge budahamye. Ahora ashaka kugera ku rwego rwo hejuru no gukoresha uburyo bw'imyigishirize buhebuje ubundi. Ubuzima bw'umwigisha mwiza burangwa no guhora bukura. Bityo mu murimo w'umwigisha uteye utyo, hazagaragaramo guhorana imbaraga n'ibakwe bikangura abo yigisha kandi bikabatera kugira ibitekerezo byagutse. {Ub 290.1}

Umwigisha agomba kuba ajijutse kandi ashoboye gukora umurimo we neza. Agomba kugira ubwenge n'uburyo yitwara mu gukorana n'abo yigisha kuko bafite ubwenge. Uko ubwenge mu by'ubumenyi yaba afite bwaba bungana kose, uko ubushobozi afite mu bindi bintu bwaba buhanitse kose, aramutse adakoze ku buryo abo yigisha bamwubaha kandi ngo bamugirire icyizere, umuhati we uzaba imfabusa. {Ub 290.2}

Hakenewe abigisha bashobora kwihutira gutahura no kunoza amahirwe yose ashobora kuboneka mu gukora ibyiza. Ni abigisha barangwa n'ubwuzu bujyana no kwiyubaha nyakuri, bashobora gukurikirana [abanyeshuri], kandi "bashoboye kwigisha neza", bashobora kungura abanyeshuri ibitekerezo, bagakangura imbaraga zabo, ndetse bagatuma bagira umwete n'ubuzima bugira ibakwe. {Ub 290.3}

Umwigisha ashobora kuba ataragize amahirwe ahagije ku buryo bituma atagira ubuhanga buhanitse cyane nk'uko byifuzwaga; nyamara aramutse afite ubumenyi nyakuri ku byerekeye kamere ya muntu; agakubitiraho no gukunda umurimo we by'ukuri, agaha agaciro uburemere bwawo, kandi akiyemeza kurushaho kuwunoza; niba afite ubushake bwo gukorana ishyaka kandi yihangana, azasobanukirwa neza n'ibyo abo yigisha bakeneye, kandi ubwuzu azaba abafitiye n'umwuka w'uko batera imbere bizabatera kumukurikira ubwo azaba ashaka kubateza imbere no kubageza ku rwego rwo hejuru. {Ub 290.4}

Abana n'urubyiruko bahawe umwigisha, baba batandukanye cyane mu bushobozi, ingeso n'ibyo batojwe. Usanga bamwe nta mugambi uhamye bafite cyangwa amahame adahinduka bakurikiza. Abo bana baba bakeneye guhwiturwa kugira ngo bite ku nshingano zabo n'amahirwe abari imbere. Usanga abana bake cyane ari bo bagize amahirwe yo guhabwa uburere bwiza mu miryango yabo. Usanga bamwe baba bararezwe bajeyi. Uburere bwose bahawe ntibwimbitse. Kubera ko baba baremerewe kujya bakurikiza ibyo kamere yabo yishakira byose, bagahunga inshingano kandi ntibashake ibibaremerera bibananiza, usanga batagira ibitekerezo biri hamwe, ntibashobore kwihangana, kwiyanga no kwigomwa. Usanga akenshi bene abo bafata ibyo basabwa kwitwararikamo ko bari kubibuzwa nyamara bitari ngombwa. Abandi bagiye bagawa kandi bagacibwa intege. Kugira ibyo babuzwa hakoreshejwe igitugu no kubasharirira cyane byagiye bituma bahinduka intumva n'abanyagasuzuguro. Niba rero iyo mico yangiritse igomba kugororwa, akenshi uwo murimo ugomba gukorwa na mwarimu. Kugira ngo umwarimu abashe gukora uwo murimo

ugere ku ntego zawo, agomba kugira umutima w'impuhwe no gusobanukirwa uzamubashisha gutahura inkomoko y'amafuti n'amakosa agaragara ku bo yigisha. Ikindi kandi, aba akwiriye kugira ubuhanga, kwihangana no kudakebakeba bizamufasha guha buri wese ubufasha akeneye. Abadashobora gufata icyemezo kandi bakunda ubuzima bworoheje azabatera umwete bityo bibabere intandaro yo gukorana umwete. Kwifatanya n'abacitse intege no kubaha agaciro bizatuma bagira icyizere bityo kibatere kugira umwete. {Ub 291.1}

Akenshi usanga abigisha badasabana n'abo bigisha mu buryo buhagije mu byerekeye imibanire y'abantu n'abandi. Usanga batarangwa no kubagaragariza ineza cyangwa kwifatanya na bo, bakagaragaza icyubahiro cyinshi nk'icy'umucamanza w'intavumera. Nubwo umwigisha akwiriye kuba adakebakeba kandi afata imyanzuro, ntabwo nanone akwiriye kuba uvunisha abana cyangwa utwaza igitugu. Kuba umunyarukoni n'unenga cyane, kudashaka kwegerana n'abanyeshuri cyangwa kubafata nk'utabitayeho, ibyo bimufungira imiryango yagombye kunyuramo kugira ngo abahindurire gukora ibyiza no kubigenderamo. {Ub 291.2}

Uko byamera kose, umwigisha ntakwiriye kugaragaza kubogama. Gutonesha umunyeshuri w'umuhanga kurusha abandi cyangwa ufite igikundiro, maze umwigisha akajya anenga, kandi ntiyihanganire ndetse ntagaragarize impuhwe abakeneye ubufasha no guterwa umwete kurusha abandi, ibyo bigaragaza ko umwarimu adasobanukiwe rwose n'umurimo we. Imico y'umwarimu ipimirwa ku kuntu yitwara ku munyeshuri w'umunyamafuti kandi utakoze neza, kandi ibyo bigaragaza rwose ko umwarimu yujuje ibyangombwa bituma aba muri uwo mwanya. {Ub 292.1}

Inshingano y'abantu biyemeza kuyobora ubugingo bw'umuntu irakomeye cyane! Ababyeyi nyakuri bafata ko abana bafite ari indagizo badashobora kwigera batandukana na zo burundu. Ubuzima bw'umwana uhereye mu buto bwe ukageza mu myaka ye iheruka usanga bugaragaramo imbaraga ya wa murunga umuhuza n'umutima w'ababyeyi be. Byaba ibikorwa, amagambo ndetse n'indoro y'umubyeyi ubwayo usanga bikomeza kurema umwana akaba umwana mwiza cyangwa icyohe. Umwigisha afatanya n'ababyeyi iyo nshingano kandi akwiriye guhora azirikana ko ari iyera, ndetse ntakure ijisho rye ku ntego y'umurimo we. Ntakwiriye gusohoza inshingano ze za buri munsi gusa, ngo ashimishe abakoresha be cyangwa ngo atume ishuri rikomeza kugira isura nziza rifite gusa; ahubwo agomba no kuzirikana ibyiza bihebuje by'abigishwa be nk'abantu bihariye, akazirikana inshingano bazaba basabwa gusohoza mu buzima, umurimo ubuzima busaba gukora ndetse n'imyiteguro isabwa. Umurimo akora buri munsi uzatera impinduka mu bo yigisha kandi na none binyuze muri bo, uteze impinduka no mu bandi, kandi izo mpinduka ntizizigera zihagarika gukwira hose no gukomera kugeza ku iherezo ry'ibihe. Umusaruro w'uyu

murimo azawubona kuri wa munsi ukomeye ubwo ijambo ryose n'igikorwa cyose bizagaragarizwa imbere y'Imana. {Ub 292.2}

Umwarimu usobanukiwe n'ibi ntazigera yumva ko umurimo usoje igihe azaba arangije ibyo akora buri munsi byo gusubirishamo ibyo yigisha, n'igihe aba atakiri kumwe na bo. Ahubwo abo bana ndetse n'urubyiruko azabahoza ku mutima aho ari hose. Azahora yiga kandi ashyire umwete ku gushakisha uburyo yazabageza ku rwego ruhanitse rw'uburere buboneye. {Ub 293.1}

Umwigisha usobanukiwe ibyiza n'amahirwe bijyana n'umurimo we ntazagira ikintu na kimwe yemerera kumubera inkomyi imubuza gukoresha umuhati we wose ngo yiyungure ubwenge. Kugira ngo agere ku rugero ruhanitse, ntabwo azigera yizigama. We ubwe azahatanira guhinduka ibyo yifuza byose ko abigishwa be bazahinduka byo. {Ub 293.2}

Uko umwarimu azarushaho kumva ko afite inshingano, kandi akarushaho gukoresha umuhati we wose kugira ngo akuze amajyambere ku rwe ruhande, ni na ko azarushaho gusobanukirwa n'inenge afite ziba imbogamizi mu kuba ingirakamaro kwe kandi ni ko azanarushaho kubabazwa na zo. Akenshi ubwo azaba yitegereza ubugari bw'umurimo we, ingorane n'amahirwe biwurimo, umutima we uzataka ugira uti: "Ni nde washobora gukora ibintu bingana bitya?" {Ub 293.3}

Mwigisha nkunda, igihe cyose uzirikanye ko ukeneye imbaraga no kuyoborwa, (kandi ubwo bukaba ari ubukene butamarwa n'umuntu uwo ari we wese), ndakwinginze ujye uzirikana amasezerano [Kristo yaduhaye], we Mujyanama w'igitangaza! {Ub 293.4}

Aravuga ati: "Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye, kandi nta we ubasha kurukinga." Ibyahishuwe 3:8. {Ub 293.5}

"Ntabaza, ndagutabara, nkwereke ibikomeye biruhije, utamenya." "Nzakwigisha nkwereke inzira unyura, nzakugira inama, ijisho ryanjye rizakugumaho" Yeremiya 33:3; Zaburi 32:8. {Ub 293.6}

"Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." Matayo 28:20. {Ub 294.1}

Umwiteguro uhebuje wakora kubw'umurimo wawe, ndakugira inama yo kureba ku magambo y'Umwigisha mukuru, ubuzima bwe n'uburyo yakoreshaga yigisha. Ndakurarikira kumuhanga amaso. Ni we cyitegererezo cyawe nyakuri. Mutumbire, ukomeze umuhange amaso kugeza ubwo umutima wawe n'ubugingo bwabe bizigarurirwa n'Umwuka w'Umwigisha wavuye mu ijuru. {Ub 294.2}

"Tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo. . . . duhindurirwa gusa na we." 2 Abakorinto 3:18. {Ub 294.3}

Iri ni ryo banga ry’imbaraga zizahindura abigishwa banyu. Nimugaragaze ishusho ya Yesu Kristo. {Ub 294.4}

33. GUFATANYIRIZA HAMWE

“Kuko turi ingingo za bagenzi bacu.” Abefeso 4:25.

Mu kurema imico, nta zindi mbaraga zibifiteho ubushobozi zaruta iz’umuryango. Umurimo w’umwarimu ukwiriye kuzuza uwatangiwe n’ababyeyi, ariko ntugomba kuwusimbura. Mu bintu byose byerekeye imibereho myiza y’umwana, umuhati w’ababyeyi ukwiriye gufatanya n’uw’abarimu. {Ub 295.1}

Uyu murimo wo gufatanyiriza hamwe ukwiriye gutangirwa n’ababyeyi bombi ubwabo, mu muryango wabo. Mu kurera abana babo, ababyeyi baba bafite inshingano bafatanyije, kandi umuhati wabo udacogora ukwiriye kuba uwo gukorera hamwe. Bakwiriye kwiyegurira Imana, bakayishakaho ubufasha kugira ngo babashe kunganirana. Nimutyo ababyeyi bigishe abana babo kuba indahemuka ku Mana, kudateshuka ku ihame bagenderaho, bityo na bo babe n’indahemuka kuri bo ubwabo no ku bantu bose. Nibahabwa uburere nk’ubu, igihe bene aba bana bazaba boherejwe ku ishuri, ntibazaba intandaro y’akaduruvayo cyangwa guhagarika umutima. Ahubwo bazabera abigisha babo inyunganizi, kandi babere intangarugero bagenzi babo ndetse babatere umwete. {Ub 295.2}

Ababyeyi barera abana babo muri ubu buryo si bo uzasanga banenga umwarimu. Basobanukirwa ko uko byagenda kose inyungu z’abana babo n’ibyo ishuri rishaka bibasaba gushyigikira no kubaha umurezi basangiye inshingano. {Ub 295.3}

Aha hatsinda ababyeyi benshi. Kubwo kujora no kunenga kwabo babihubukiye kandi bitanafite ishingiro, usanga akenshi imbaraga ihindura y’umwarimu w’indahemuka kandi witanga ihindurwa ubusa igatsembwa. Ababyeyi benshi bafite abana bareze bajeyi nta n’igitsure, basunikira umwigisha inshingano idashimishije yo gukosora ibyo bo ubwabo birengagije; maze kubera ibyo bakoze bigatuma umurimo w’umwarimu ntacyo ugeraho. Kunegura no kunenga imiyoborere y’ishuri bitera abana gusuzugura no kugomera ababigisha, ndetse bikababakomereza mu ngeso mbi. {Ub 295.4}

Niba umubyeyi abonye ko ari ngombwa kugira icyo agaya mwarimu cyangwa yamuhaho igitekerezo, yagombye kubimubwira bombi biherereye. Igihe ubwo buryo nta musaruro mwiza butanze, nimutyo ibyo bimenyeshwe abashinzwe ubuyobozi bw’ishuri. Umubyeyi nta kintu na kimwe akwiriye kuvuga cyangwa gukora cyatuma umwana abona urwaho rwo gusuzugura umwarimu we kandi ari we imibereho ye myiza ishingiyeho ku rwego rukomeye cyane. {Ub 296.1}

Ababyeyi baramutse bamenyesheje umwarimu ibyo bazi ku mico y’abana babo, bakababwira ibibazo bidasanzwe byerekeye ubuzima bwabo, cyangwa ubumuga bw’umubiri, bene ibyo biramufasha cyane. Birababaje cyane kubona uko ababyeyi benshi

batita kuri ibyo. Umubare munini w'ababyeyi ntibabona ko ari ngombwa kubaza ibyerekeye ubushobozi bw'umwarimu, cyangwa se ngo bafatanye na we mu murimo akora. {Ub 296.2}

Kubera ko atari kenshi ababyeyi bigora ngo bamenyane n'umwigisha w'umwana wabo, ni ingenzi cyane ko umwigisha ashaka uko amenyana n'ababyeyi. Akwiriye gusura imiryango y'abana yigisha kugira ngo agire icyo amenya cyerekeye imbaraga zihindura ndetse n'ibikikije aho baba. Kubwo kumenyana n'imiryango yabo kandi akamenya n'uko ibaho, umwarimu ashobora kurushaho gukomeza imirunga imwomatanya n'abanyeshuri be kandi ashobora kumenya uburyo bwiza bwo kubigisha no kubitaho akurikije imyitwarire yabo n'imico yabo itandukanye. {Ub 296.3}

Igihe umwarimu yita ku burere bw'umwana bwo mu muryango we, uwo mwarimu azatanga inyungu mu buryo bubiri. Ababyeyi benshi bahugiranye mu mirimo myinshi bafite n'ibindi bibahangayikishije, usanga batita ku mahirwe bafite yo gutoza abana babo ibyiza mu buzima bwabo. Umwarimu ashobora gukora ibintu byinshi kugira ngo akangurire abo babyeyi kwita ku buryo n'amahirwe bafite. Ku rundi ruhande azabona abandi babyeyi bumva ko inshingano bafite [yo kurera] ari umutwaro uremereye, bakaba bahangayikishijwe cyane n'uko abana babo bazaba abagabo n'abagore beza kandi b'ingirakamaro. Akenshi umwarimu ashobora gufasha bene abo babyeyi kwikorera uwo mutwaro, kandi kubwo kujya inama, umwarimu n'ababyeyi bazaterana umwete kandi bakomezanye. {Ub 296.4}

Mu burere urubyiruko ruhererwa mu muryango, ihame ryo gufatanyiriza hamwe ntirigira icyo waringanya. Uhereye mu myaka y'ubuto bwabo, abana bakwiriye gufashwa bakumva neza ko bafite umwanya n'uruhare mu bikorerwa mu muryango. N'abana bakiri bato bakwiriye gutozwa gufatanya n'abandi mu mirimo ya buri munsi ikorwa mu rugo kandi bakwiriye kumvishwa ko ubufasha bwabo bukenewe ndetse ko bwishimiwe cyane. Abana bakuru bakwiriye guhinduka abafasha b'ababyeyi babo, bakagira uruhare mu migambi yabo kandi bagafatanya na bo inshingano bafite n'ibibaremereye. Nimutyo ababyeyi bafate igihe cyo kwigisha abana babo, nimutyo babereke ko baha agaciro ubufasha bwabo, ko bashaka kubagirira icyizere, kandi bashimishwa no gukorana na bo bityo abana na bo ntibazajya bagenda biguru ntege. Nibiba bityo, ntabwo umutwaro w'ababyeyi uzoroha kandi ngo abana babone uburezi mu ngiro bw'agaciro katagerwa gusa, ahubwo hazabaho no gukomera k'umurunga womatanya abagize umuryango kandi n'imfatiro z'imico mbonera zirusheho kwimbika. {Ub 297.1}

Gufatanyiriza hamwe ni wo mwuka ukwiriye kuranga ibibera mu cyumba cy'ishuri, ukaba itegeko ry'ubuzima bw'iryo shuri. Iyo umwarimu ashoboye gufatanyiriza hamwe n'abo yigisha aba abonye ubufasha ntagereranywa mu gutuma mu ishuri haba gahunda. Mu bikorerwa mu ishuri aho usanga gukubagana kw'abana b'abahungu benshi guteza akajagari

n'agasuzuguro mu ishuri, gufatanyiriza hamwe bizatuma bagira icyo bahigira, maze ingufu basesaguraga mu bukubaganyi bazikoreshe igikorwa cy'ingirakamaro. Mureke abana bisumbuye bunganire abakiri bato, abafite ingufu bunganire abanyantegenke; kandi uko bishobotse kose, mureke buri wese ahamagarirwe kugira icyo akora mu byo afitemo ubushobozi bwinshi. Ibi bizatera umwana umwete wo kwiyubaha no guharanira kuba ingirakamaro. {Ub 297.2}

Kwiga isomo ryo gufatanyiriza hamwe nk'uko ryigishwa mu Byanditswe Byera byarushaho gufasha urubyiruko, ababyeyi ndetse n'abigisha. Mu ngero nyinshi zifatika zivugwa mu Byanditswe Byera muzirikane iyubakwa ry'ihema ry'ibonaniro - (ari ryo somo ry'icyitegererezo mu kubaka imico), aho Abisirayeli bose bafatanyirije hamwe, "umuntu wese, utewe umwete n'umutima we, uwemejwe na we wese." Kuva 35:21. Nimusome igitekerezo cyerekeye ukuntu inkike za Yerusalemu zasanwe n'abari bagarutse bavuye mu bunyage, ari igihe cy'ubukene, ingorane n'amakuba. Umurimo wari ukomeye cyane warakozwe kandi usoza neza bitewe n'uko "abantu bari bagize umwete wo gukora." Nehemiya 3:38b. Nimuzirikane uruhare w'abigishwa ba Yesu mu gitangaza yakoze cyo kugaburira imbaga y'abantu. Ibyokurya byatuburiwe mu biganza bya Kristo, ariko abigishwa ni bo bafashe imigati maze bayisaranganya imbaga y'abantu yari itegereje. {Ub 298.1}

"Turi ingingo za bagenzi bacu." Nk'uko rero buri "muntu yahawe impano, abe ari ko muzigaburirana, nk'uko bikwiriye ibisonga byiza by'ubuntu bw'Imana bw'uburyo bwinshi." Abefeso 4:25; 1 Petero 4:6. {Ub 298.2}

Uko ni ko, kubw'intego ihebuje izindi, abubatsi b'imico muri iki gihe bakwiriye gufata intero y'amagambo yavuzwe ku babaji n'abacuzi b'ibigirwamana mu bihe bya kera maze bakayigira iyabo ngo: {Ub 298.3}

"Umuntu wese yatabaye umuturanyi we, akabwira mugenzi we ati: 'Komera.'" Yesaya 41:6. {Ub 298.4}

34. IKINYABUPFURA

“Uhane, uteshe, uhugure, ufite ukwihangana kose no kwigisha.”
2 Timoteyo 4:2.

Rimwe mu masomo umwana akeneye kwiga ni isomo ryo kubaha. Mbere y’uko aba mukuru bihagije ku buryo ashobora kwitekerereza, agomba kwigishwa kubaha. Kubw’umuhati urimo ubwitonzi no kudacogora, [umuco wo kubaha] ukwiriye gushimangirwa mu mwana. Ubwo ni bwo buryo bwo gukumira amakimbirane hagati y’ubushake n’ubutegetsi dore ko ari byo bigira uruhare runini mu gukurura urwango no kurakarira ababyeyi n’abarimu kw’abana, ndetse akenshi hakabaho kwigomeka ku buyobozi bwose, ari ubw’abantu n’ubw’Imana. {Ub 299.1}

Umugambi wo gutoza umwana kubaha n’ikinyabupfura ni ukumwigisha ngo amenyere kwiyobora. Akwiriye kwigishwa kwishakamo ibisubizo by’ibyo akeneye no kwitegeka. Ni cyo gituma igihe azaba ageze mu kigero cyo gusobanukirwa, uzasanga intekerezo ze ziri mu ruhande rwo kumvira. Nimutyo ibyo mugirira umwana byose bibe ibyo kwerekana kubaha, kuba umunyakuri no gutekereza. Nimufashe umwana gusobanukirwa ko ibintu byose bifite amategeko abigenga, kandi ko amaherezo kutumvira amategeko biteza ibyago n’umubabaro. Mu rukundo rwayo, igihe Imana ivuze iti: “Ntuzagire utya,” iba ituburira iby’ingaruka zatugeraho kubwo kutumvira kugira ngo idukize ibyago cyangwa igihombo. {Ub 299.2}

Nyamuneka nimufashe abana basobanukirwe ko ababyeyi n’abarimu babo bahagarariye Imana, kandi ko mu gihe bakora nk’uko ubushake bwayo buri, amategeko yabo mu rugo ndetse no ku ishuri ni nayo mategeko y’Imana. Nk’uko umwana agomba kubaha ababyeyi n’abarimu, ni ko na bo bagomba kubaha Imana. {Ub 299.3}

Ababyeyi n’abarezi bakwiriye kwiga uburyo bwo gukuza amajyambere y’umwana hatabayeho kuyabera imbogamizi bakoresha igitsure no kubakumira bikabije cyangwa bidakwiriye. Gukabya mu gukurikirana abana ni bibi kimwe no kubigendamo biguruntege. Gukoresha umuhati mu gucecekesha ubushake bw’umwana ni ikosa rikomeye cyane. Abantu bateye mu buryo butandukanye; nubwo gukoresha imbaraga byatera umwana kumvira cyangwa kuganduka kugaragara inyuma, ariko ingaruka zizaba ku bana benshi ni ukurushaho kwigomeka mu mitima yabo. Nubwo umubyeyi cyangwa umurezi yagera ku mugambi we wo gutegeka umwana nk’uko abishaka, ingaruka ku mwana zizarushaho kuba mbi. Amabwiriza ahabwa umuntu ugeze mu kigero cyo kuba yakwitekerereza akwiriye gutandukana n’uburyo bukoreshwa batoza inyamaswa zitavuga. Nta kindi itungo ryigishwa kitari ukumvira shebuja. Ku itungo, shebuja ni we ufite ubwenge, ibitekerezo n’ubushake.

Ubu buryo bukoreshwa rimwe na rimwe mu kwigisha abana, bubacisha bugufi cyane bakajya munsi y'imashimi yikoresha yakozwe n'umuntu. Usanga ubwenge, ubushake n'umutimanama bigengwa n'undi muntu. Si umugambi w'Imana ko ubwenge bw'umuntu uwo ari we wese butegekwa bene ako kageni. Abantu bagwabiza cyangwa bagahonyanga ubumuntu bw'umuntu, baba bihaye inshingano ikomeye ishobora kuzateza akaga gakomeye. Igihe abana bari munsi y'amategeko n'umuntu ubategeka, bashobora kugaragara nk'abasirikare bagendera kuri gahunda; ariko igihe gutegekwa bivuyeho, uzasanga imico yabo ibuze imbaraga no gushikama. Kubera ko urubyiruko ruba rutarize kwiyobora, ntirumenya ibyo rubujijwe gukora uretse ibyo ababyeyi n'umwarimu bavuga. Iyo ubuyobozi bw'umwigisha cyangwa umubyeyi buvuyeho, usanga umwana atazi uko akoresha umudendezo we, maze akenshi akirundurira mu gusayisha kuzamurimbura byanze bikunze. {Ub 300.1}

Kubera ko kureka ubushake bw'umuntu usanga birushaho gukomerera cyane abanyeshuri bamwe ugereranyije n'abandi, umwarimu akwiriye gukora uko ashoboye kose kugira ngo kumvira ibyo asaba abana byorohe cyane. Ubushake bw'umwana bukwiriye kuyoborwa no kugororwa, ariko ntibwirengagizwe cyangwa ngo butsikamirwe. Ni ngombwa kurinda ubusugire bw'imbaraga z'ubushake [bw'umwana] kuko izo mbaraga zizakenerwa mu rugamba rw'ubuzima. {Ub 300.2}

Umwana wese akwiriye gusobanukirwa n'imbaraga nyakuri y'ubushake. Akwiriye gufashwa kugira ngo asobanukirwe neza ugukomera kw'inshingano afite kubw'iyi mpano y'ubushake yahawe. Ubushake ni bwo mbaraga itegeka muri kamere y'umuntu, ni bwo mbaraga ikora mu gufata icyemezo, cyangwa guhitamo. Ku bw'ibyo rero, kubera ko umuntu wese afite ubwenge, afite n'ubushobozi bwo guhitamo icyiza. Mu bintu byose dukora cyangwa duhura na byo muri ubu buzima, Imana iratubwira aya magambo ngo: "Uyu munsi nimwitoranyirize uwo muzakorera." Yosuwa 24:15. Umuntu wese ashobora kwerekeza ubushake bwe mu ruhande rw'ubushake bw'Imana, ashobora guhitamo kuyubaha, kandi kubwo kwifatanya n'abaturage b'ijuru muri ubwo buryo, ashobora guhagarara aho nta kintu na kimwe cyamukura mu byimbo ngo akore icyaha. Kubwo gufashwa n'Imana, buri mwana na buri musore n'inkumi bifitemo imbaraga yo kurema imico mbonera kandi bakabaho ubuzima bw'ingirakamaro. {Ub 301.1}

Umubyeyi cyangwa umurezi wita kuri aya mabwiriza maze akigisha umwana kwitegeka, azaba ingirakamaro cyane kandi abe ageze ku ntsinzi by'iteka ryose. Umuntu witegereza ibintu mu buryo bw'amajyejuru gusa, azabona uwo murimo w'uwo mubyeyi cyangwa umurezi usa n'udafite agaciro; ntuhambwe agaciro cyane nk'umurimo ukorwa n'umuntu utwaza igitugu ubwenge n'ubushake by'umwana. Nyamara nyuma y'imyaka runaka, hazagaragara umusaruro w'uburyo bwiza bwo kwigisha [budatwaza igitugu.] {Ub 301.2}

Mu byo agirira abo yigisha, umurezi w'umunyabwenge azashaka uko abashishikariza kwigirira icyizere kandi abakomereze mu kwiyumvamo kubaha no kubahwa. Abana benshi n'urubyiruko bakunda cyane ko umuntu abagirira icyizere. Ndetse na benshi mu bana bato usanga bakunda icyubahiro; bose bifuza kugirirwa icyizere ndetse bakubahwa kandi ibyo ni uburenganzira bwabo. Ntibakwiriye kumvishwa ko batashobora kugira aho bajya ngo baze kugaruka batari kumwe n'ubakurikirana. Urwikekwe ruca intege maze rugatuma habaho bya bibi rwashakaga gukumīra. Aho kugira ngo bahoze ijisho ku bana nk'aho babakeka ikibi, abarimu basabana n'abo bigisha bazasobanukirwa neza n'imikorere y'abo bana bagira ibitekerezo bidahama hamwe, bityo bitume bafata ingamba zikumira ikibi. Fasha urubyiruko kumva ko rufitiwe icyizere, bityo hazaboneka bake cyane batazaharanira kugaragaza ko bakwiriye kugirirwa icyizere koko. {Ub 301.3}

Ukurikije iryo hame kandi, ni byiza kugeza icyifuzo ku mwana aho kumutegeka; kuko uwo muvuganye muri ubu buryo aba ahawe amahirwe yo kugaragaza ko agendera ku mahame atunganye. Kumvira kwe ni imbuto iva ku guhitamo aho kuba yabihatiwe. {Ub 302.1}

Uko byashoboka kose, amabwiriza akurikizwa mu ishuri akwiriye kuba agaragaza icyo ishuri rivuga. Ihame ryose riri muri ayo mabwiriza rikwiriye kubwirwa abanyeshuri kugira ngo bemere ko ritabogamye. Muri ubwo buryo, abanyeshuri bazumva ko bafite inshingano yo kureba niba amategeko bo ubwabo bafashije gutunganya yubahirizwa. {Ub 302.2}

Amabwiriza akwiriye kuba make ndetse agatunganywa neza, kandi igihe amaze gushyirwaho aba akwiriye kubahirizwa. Itegeko ryose rigaragaye ko bidashoboka ko ryahindurwa, abigishwa n'abandi bireba basabwa kuryemera no kurikurikiza uko riri; ariko kuba habaho kureka abana bagakabya kwishyira no kwizana byatera kugira icyifuzo, ibyiringiro no kudatekana bityo ingaruka zabyo zikaba kubura amahwemo, uburakari no gusuzugura. {Ub 302.3}

Bikwiriye gusobanurwa neza ko ubutegetsi bw'Imana butigera bubererekera ikibi. Haba mu muryango cyangwa ku ishuri, gusuzugura ntigukwiriye kwihanganirwa. Nta mubyeyi cyangwa umurezi uzirikana imibereho myiza y'abo ashinzwe kwitaho uzabererekera kamere yo kwinangira isuzugura ubuyobozi cyangwa yifashisha amayeri, cyangwa kwirengagiza kugira ngo umuntu adakurikiza amabwiriza yashyizweho. Ntabwo urukundo ari rwo rwatera gukingira ikibaba, ngo rushake kubererekera ikibi binyuze mu koshoshya no gutanga ruswa ngo amaherezo umuntu yemere ikintu gisimbura icyasabwaga kandi cyari ngombwa. Bene ibyo biterwa no gutwarwa n'amarangamutima. {Ub 302.4}

"Abapfapfa bahinyura igitambo cy'ibyaha." Imigani 14:9. Dukwiriye kwirinda ntidufate icyaha nk'akantu koroshye. Imbaraga zacyo mu kwiganzura ugikora zirakomeye biteye ubwoba. "Umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, kandi azakomezwa n'ingoyi

z'icyaha cye." Imigani 5:22. Ikibi gikomeye cyane gikorerwa umwana cyangwa urubyiruko ni ukumukundira kwibohera mu bubata bw'ingeso mbi. {Ub 303.1}

Urubyiruko rufite kamere umuntu avukana yo gukunda umudendezo. Bifuza ubwigenge; kandi bakeneye gusobanukirwa ko iyo migisha itagira akagero yishimirwa gusa igihe umuntu yumvira amategeko y'Imana. Aya mategeko ni yo arinda umudendezo n'ubwigenge nyakuri. Amategeko atunga urutoki kandi akabuzanya ibintu bisigingiza umuntu kandi bikamugira imbata, bityo kubwo kuyumvira akarinda umuntu imbaraga z'ikibi. {Ub 303.2}

Umunyezaburi aravuga ati: "Kandi nzagendana umudendezo; kuko njya ndondora amategeko wigishije." "Kandi nishimira ibyo wahamije, ni byo bingira inama." Zaburi 119:45, 24. {Ub 303.3}

Mu muhati tugira wo gukosora ikibi, tugomba kwirinda gushaka amakosa ku bandi cyangwa kujora abandi. Guhora ujora umuntu umunenga bituma ayoberwa iyo ava n'iyo ajya nyamara ntabimugorora. Ku bantu benshi, cyane cyane abarakazwa n'ubusa, umwuka wo kubajora utarangwamo kwifatanya nabo no kubabarana nabo utuma bacika intege. Muzirikane ko uburabyo budashobora kubumbura mu gihe cy'umuyaga utarimo amahumbezi. {Ub 303.4}

Umwana unengwa kenshi kubw'ikosa rimwe runaka, agera aho abona ko iryo kosa ari umwihariko we, akaba ari ikintu rimwe na rimwe kurwanya ari uguta igihe. Uko ni ko gucika intege no kwiheba biremwa mu mwana, kandi akenshi bikaba bihishwe mu myitwarire igaragarira mu kutagira icyo yitaho cyangwa se akiyemera. {Ub 304.1}

Umugambi nyakuri wo gucyaha uba wagenzweho igihe gusa uwakoze ikibi ubwe abashishijwe kubona ikosa rye kandi umutimanama we ukiyemeza kurikosora. Igihe ibi bigezweho, ereka uwo muntu isoko y'imbabazi n'imbaraga. Shaka uko wabungabunga ukwiyubaha k'uwo muntu ntiguhungabane kandi umwongeremo ubutwari n'ibyiringiro. {Ub 304.2}

Uyu murimo [w'uburezi] ni wo murimo mwiza uhebuje indi, ni nawo kandi ukomeye cyane kurenza indi mirimo yahawe abantu. Uyu murimo usaba gukoranwa ubwitonzi n'ubushishozi bukomeye, ugasaba ubwitonzi no kwiyoroshya cyane, kumenya kamere muntu, kandi uwukora akarangwa no kwizera no kwihangana bikomoka mu ijuru, afite ubushake bwo gukora, kuba maso no gutegereza. Ni umurimo utagira uwurusha kuba ingirakamaro. {Ub 304.3}

Abantu bifuza kuyobora abandi bakwiriye kubanza kwiyobora ubwabo. Kuvugisha umwana cyangwa gukorera umwana cyangwa urubyiruko ikintu ufite umujinya nta kindi bizazana uretse kubyutsa kamere yabo mbi. Iyo umubyeyi cyangwa umurezi adashoboye kwihangana

maze bikaba byatuma avuga amagambo mabi, ibyiza ni uko yakwicecekera. Burya, mu guceceka harimo imbaraga itangaje. {Ub 304.4}

Umwigisha agomba kuba yiteze guhangana n'imico mibi n'imitima inangiye birangwa mu bana. Ariko igihe akora ibyo, ntabwo akwiriye kwibagirwa na rimwe ko na we ubwe yigeze kuba umwana ukeneye kugororwa. Ndetse n'ubu, kubw'amahirwe afite kubera ubukuru bwe, amashuri yize n'ubunararibonye afite, usanga akenshi na we akora amakosa kandi akaba akenera kugirirwa imbabazi no kwihanganirwa. Igihe yigisha urubyiruko, akwiriye kuzirikana ko ari kwigisha abantu bafite kamere ibogamira mu bibi nk'iyo nawe afite. Abo bana baba bagomba kwiga ibintu hafi ya byose, kandi usanga kuri bamwe kwiga bibakomerera kurusha abandi. Umwana udasobanukirwa kandi ngo afate vuba, umwigisha akwiriye kumwihanganira, ntamutonganyirize kutajijuka kwe, ahubwo akwiriye gukoresha amahirwe yose afite akamutera umwete. Naho abigishwa barakazwa n'ubusa cyangwa bakomeretswa n'akantu gato, akwiriye kujya abagaragariza ineza n'ubwitonzi bwinshi. Kumva ko na we ubwe adatunganye bikwiriye kumutera guhora agaragariza impuhwe no kwihanganira cyane cyane abana bafite ingorane mu myigire. {Ub 304.5}

Itegeko ry'Umukiza wacu ngo: "kandi uko mushaka yuko abantu babagirira, abe ari ko mubagirira namwe" (Luka 6:31), rikwiriye kuba itegeko rigenga abantu bose bakora umurimo wo kwigisha abana n'urubyiruko. Abo bana n'urubyiruko ni bamwe mu bagize umuryango w'Uwiteka ariko bakiri bato. Ni abaragwa dusangiye ubuntu dukesha ubugingo. Iri tegeko rya Kristo rikwiriye gukurikizwa mu buryo butunganye mu bigirirwa abadafite ubwenge bukerebutse, abakiri bato cyane, ndetse n'abakosa n'abigomeka. {Ub 305.1}

Iri tegeko twahawe n'Umukiza wacu, rizatera umwigisha gukora uko ashoboye kose maze yirinde gushyira ku mugaragaro amafuti n'amakosa y'umunyeshuri. Azashaka uko yirinda gucyaha cyangwa guhanira umwana mu ruhame imbere y'abandi. Ntabwo azirukana umwana atarabanza gushyiraho ake ngo akore uko ashoboye kose amugorore. Ariko igihe bigaragaye ko umwana ntacyo ari kwiyungura, igihe gusuzugura ubuyobozi kwe kuganisha ku gutesha agaciro ubuyobozi bw'ishuri, kandi imico ye mibi akaba ari kuyanduza abandi, icyo gihe niho biba ngombwa ko yirukanwa. Nyamara ku bana benshi ikimwaro kivuye ku kuba yirukaniwe mu ruhame gishobora kumugira igicamuke ndetse bikazanamurimbuza. Akenshi niba bibaye ngombwa ko umwana yirukanwa, ntibikwiriye gukorerwa mu ruhame. Kubwo kujya inama no gukorana n'ababyeyi, umwigisha akwiriye kubikora mu ibanga. {Ub 305.2}

Muri ibi bihe birangwa n'amakuba adasanzwe ku basore, ibishuko bibakikije impande zose; kandi ubwo byoroshye kuri bo guteraganwa hirya no hino, harasabwa gukoresha umuhati ukomeye cyane kugira ngo tubatabare. Ishuri ryose ryagombye kuba "umudugudu

w'ubuhungiro" ku bana n'urubyiruko bibasiwe n'ibishuko, kandi kubwo kwihangana no gukoresha ubwenge, rikaba ahantu havurirwa ibitekerezo byabo byatannye. Abigisha basobanukiwe n'inshingano zabo bazihatira gukura mu mitima yabo no mu mibereho yabo ikintu cyose gishobora kubabuza kugera ku ntego mu byo bagirira umwana winangira n'umunyagasuzuguro. Iteka ryose urukundo n'ubugwaneza, kwihangana no kwitegeka bizaba itegeko rigenga amagambo y'abo bigisha. Imbabazi n'impuhwe bizavangwa n'ubutabera. Igihe bizaba bibaye ngombwa ko bakebura umwana, ntabwo imvugo yabo izarangwa n'umushiha, ahubwo izaba yoroheje. Bafite umwuka wo kwiyoroshya, bazagaragariza uwakoze nabi amakosa ye kandi bamufashe kwikosora ubwe. Umwigisha nyakuri azajya azirikana ko bishobotse ko yakosa, ibyiza ari ugukosa agira impuhwe aho gukosa atanga ibihano bikakaye. {Ub 306.1}

Urubyiruko rwinshi abantu batekereza ko ari inyangaguhanwa, ntabwo mu by'ukuri imitima yabo yinangiye nk'uko abantu babireba. Ibiri amambu, abenshi muri bo bafatwa ko nta garuriro bafite bashobora kugororwa bagakosorwa hakoreshejwe uburyo bwiza bwo kubatoza ikinyabupfura. Akenshi bene abo ni bo baba biteguye guca bugufi bakumvira kubwo kubagaragariza ineza. Nimutyo umwigisha agirirwe icyizere n'umwana wakosheje, bityo kubwo kubona icyiza mu mico y'uwo mwana no kugerageza guteza imbere icyo cyiza, akenshi uzasanga uwo mwana ashobora gukosora ibibi yakoraga bidasabye kumuhozaho ijisho. {Ub 306.2}

Umwigisha waturutse mu ijuru yihanganira abacumura mu bibi binangiriramo ibyo ari byo byose. Urukundo rwe ntirwigera rukonja; kandi umuhati akoresha kugira ngo abagarure ntujya ucogora. Ahora ateze amaboko, yiteguye kwakira impabe, abagome ndetse n'abahakanyi. Umutima we ushengurwa n'amakuba y'umwana muto ufatwa nabi. Ntiyumva gutaka gutewe n'umubabaro ngo yice amatwi. Nubwo abantu bose ari ab'agaciro kenshi mu maso ye, amahane y'abantu, intimba ibatera ikiniga ndetse n'imitima yinangiye bitsikamira impuhwe ze n'urukundo rwe kuko amenya nyirabayazana w'iyo myitwarire. Umukiza wacu ahoranira igishyika umuntu ushukika kandi ushobora guteshuka inzira mu buryo bworoshye. {Ub 306.3}

Umubyeyi wese n'umwigisha wese bari bakwiriye gukunda no gufata imico y'Umwigisha Mukuru we wifatanya n'abashavura, abababazwa n'abageragezwa. Bakwiriye kuba abantu babasha "kwihanganira abatagira ubwenge n'abayobye, kuko na [bo] bagoswe n'intege nke." Abaheburayo 5:2. Yesu adufata neza birenze uko byari bidukwiriye; bityo natwe tugomba gufata abandi nk'uko natwe Yesu atugenzereza. Mu bihe runaka, nta mikorere y'umubyeyi cyangwa iy'umwigisha yaba ifite ishingiro igihe cyose idahuje n'icyo Umukiza wacu yakora aramutse ari muri bene ibyo bihe. {Ub 307.1}

Imyitwarire mu buzima

Uretse ikinyabupfura kigomba kugaragarizwa imuhira no ku ishuri, abana bose bagomba kumenyeshwa imyitwarire idakebakeba isabwa mu buzima. Uburyo bwo kwitwara burangwa n'ubwenge ni isomo umwana wese n'urubyiruko bagomba gusobanurirwa neza. Ni iby'ukuri Imana iradukunda kandi ihora ikora ibintu byose byatuzanira umunezero. Ni iby'ukuri kandi ko iyo amategeko yayo aza kuba yarumviwe, ntabwo tuba twaramenye umubabaro icyo ari cyo. Na none kandi ni ukuri kumvikana ko, kuri iyi si, umubabaro, amakuba no kuremererwa bigera ku muntu wese kuko ibyo ari ingaruka z'icyaha. Dukwiriye gukorera abana n'urubyiruko ikintu cyiza kizabafasha mu buzima bwabo bwose tubigisha ingamba zo guhangana n'ingorane no kwihanganira imitwaro bakabikorana ubutwari. Nubwo dukwiriye kubagaragariza impuhwe, reka twe kubagira ba bajeyi. Icyo abana n'urubyiruko bakeneye ni ikibakangura kandi kikabongerera imbaraga aho kubaca intege. {Ub 307.2}

Bakwiriye kwigishwa ko iyi si atari urubuga rw'imyidagaduro ko ahubwo ari isibaniro ry'urugamba. Bose bahamagarirwa kwihanganira ibirushya nk'abasirikare beza. Bakwiriye kugira imbaraga kandi bakitwara kigabo. Bakwiriye kwigishwa ko isuzumwa nyakuri ry'imico riri mu bushake bagira bwo kwikorera imitwaro, kujya mu mwanya uruhije no gukora umurimo ugomba gukorwa nubwo ibyo bitabahesha gushimwa cyangwa ingororano byo ku isi. {Ub 308.1}

Uburyo nyakuri bwo guhangana n'ikigeragezo si ugushaka uburyo bwo kucyitaza, ahubwo ni ugushaka uburyo bwo kugihindura. Ibi bijyana n'imyitwarire iyo ari yo yose, yaba iyo mu myaka y'ubuto cyane cyangwa iyo mu myaka yisumbuye. Gusuzugura gutoza umwana akiri muto cyane maze bikaza kumubyarira imico mibi, bene ibyo bituma uburere bwe buzakurikiraho burushaho gukomera, kandi akenshi kumutoza ikinyabupfura bikaba inzira iruhanije cyane. Ni koko nk'uko bigenda, iyo umuntu asabwa kureka ibyifuzo bya kamere n'ibyo kamere ibogamiramo, kamere irababara; ariko umubabaro ushobora kwibagirana igihe umuntu ageze ku munezero wo mu rwego rwo hejuru. {Ub 308.2}

Nimutyo abana n'urubyiruko bigishwe ko ikosa ryose, ifuti ryose n'ingorane yose batsinze bihinduka amabuye yo gukandagiraho banyuraho bagana ku bintu byiza bihebuje kandi bihanitse. Inzira nk'izo ni zo abantu bose babaye ingirakamaro mu mibereho yabo bagiye banyuramo bakagera ku ntsinzi. {Ub 308.3}

"Impinga z'ahirengeye abakomeye bagezeho bakahashinga ibirindiro, {Ub 308.4}

Ntibahageze kubwo kwirasa rimwe nk'umurabyo,
Ahubwo, igihe bagenzi babo babaga bagona,

Abandi bo babaga bagenda ijoro ryose bibaruhije”

Tuzamukira ku byo duhagazeho;
Kubyo twamenye ku byerekeye icyiza n’inyungu ;
Ku bwibone twimuye n’amarangamutima mabi twatsinze,
Ndetse n’ibibi tunesha dusakirana nabyo buri saha.

“Ibintu byose bisanzwe, n’ibiba buri munsi,
Bitangirana n’isaha kandi bikayisoza,
Ibitunezeza n’ibitubabaza byose,
Ni ibirundo dushobora kuzamukiraho.” {Ub 309.1}

Natwe “ntitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby’igihe gito, naho ibitaboneka bikaba ari iby’iteka ryose.” 2Abakorinto 4:18. Inguranwa dutanga twanga ibyifuzo byo kwikunda n’ibyo kamere irarikira, ni inguranwa y’ibitagira agaciro n’iby’igihe gito bisimbuzwa iby’agaciro kenshi kandi bizaramba. Ntabwo ibi ari ukwigomwa, ahubwo ni uguharanira inyungu itazagira iherezo. {Ub 309.2}

“Icyiza gihebuje” ni yo ntego n’intero y’uburezi, kandi ni itegeko rigenga imibereho nyakuri yose. Ikintu cyose Kristo adusaba kureka, mu mwanya wacyo aduha ikirushijeho kuba cyiza. Akenshi urubyiruko rukunda ibintu, imirimo n’ibinezeza bidashobora kugaragara ko ari bibi, ariko wabigenzura ugasanga bidashyikira icyiza gihebuje. Bateshura ubuzima ku ntego yabwo ikomeye cyane. Ingamba zo kubatwaza igitugu cyangwa kubamagana udaciye iruhande bishobora kutagira icyo bigeraho mu gutera urubyiruko kuzibukira icyo rwakundaga. Nimwerekeze urubyiruko ku kintu cyiza kiruta kwiyerekana, kurarikira no kwishakira ibinezeza. Nimubahuze n’ubwiza nyakuri buzira amakemwa, bahure n’amahame ahanitse, kandi bamenye amateka y’abantu baranzwe n’ubupfura mu buzima bwabo. Nimubatere gutumbira Umukiza ufite ubwiza butagereranywa. Iyo bamwitegereje, ubuzima bwabo buba bubonye ipfundo ryabwo. Aho ni ho ubwuzu, ubwitange burangwa no kugira neza ndetse n’umwete wabo bibonera intego yabyo nyakuri. Icyo gihe bishimira gusohoza inshingano bahawe kandi kwitanga bikabanezeza. Intego ihebuje izindi mu buzima kandi ikaba n’ibyishimo byabwo biruta ibindi, ni ukubaha Kristo, guhinduka nka we no kumukorera. {Ub 309.3}

“Urukundo rwa Kristo ruraduhata.” 2 Abakorinto 5:14. {Ub 310.1}

IX. INYIGISHO ZIHANITSE

“Uhereye kera ntabwo abantu bigeze kumenya, cyangwa kumvisha amatwi no kurebesha amaso, . . . Ibyo . . . Imana yiteguriye abayikunda.”
1Abakorinto 2:9; Yesaya 64:4.

35. ISHURI RYO MU IJURU

“Zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo.” Ibyahishuwe 22:4.

Ijuru ni ishuri; ibyigwa ni ibiri mu isanzure, naho Uhoraho akaba ari we mwigisha. Ishami ry’iryo shuri ryatangijwe mu murima wa Edeni; kandi inama y’agakiza nimara gusohozwa, imirimo y’uburezi izongera gutangizwa mu ishuri ryo muri Edeni. {Ub 312.1}

“Ibyo ijisho ritigeze kureba, n’ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda.”1 Abakorinto 1:9. Binyuze mu Ijambo gusa, ni ho umuntu ashobora kumenya bene ibyo bintu; kandi naryo riduhishurira bike. {Ub 312.2}

Kubw’ibyo, umuhanuzi wo ku kirwa cya Patimosi asobanura aho ishuri ryo mu ijuru rizaba riri muri aya magambo: {Ub 312.3}

“Mbona ijuru rishya n’isi nshya, kuko ijuru rya mbere n’isi ya mbere byari byashize....[Kandi jyewe Yohana] mbona ururembo rwera, Yerusalemu nshya, rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk’uko umugeni arimbishirizwa umugabo we.” Ibyahishuwe 21:1, 2. {Ub 312.4}

“Kandi urwo rurembo ntirugomba kuvirwa n’izuba cyangwa n’ukwezi; kuko ubwiza bw’Imana ari bwo buruvira, kandi Umwana w’Intama ari we tabaza ryarwo” Ibyahishuwe 21:23. {Ub 312.5}

Hari amateka avugwa hagati y’ishuri ryatangijwe muri Edeni mu itangira ry’isi n’ishuri rizabaho nyuma yo gutsembwa kw’icyaha: Ni amateka y’iyi si; amateka yo gucumura k’umuntu n’imibabaro yahuye nayo, amateka y’igitambo Imana yatanze, n’ayerekeye kuneshwa k’urupfu n’icyaha. Ibyangombwa byari bigize iryo shuri rya mbere ryo muri Edeni ntabwo byose bizarangwa mu ishuri ryo mu buzima buzaza dutegereje. Nta giti kimenyekanisha icyiza n’ikibi kizongera kutubera intandaro y’igishuko. Nta mushukanyi uzabayo kandi nta n’ikindi kintu kizaba intandaro yo gukora ikibi. Imico y’abazaba bari muri ubwo buzima izaba yaratsinze kugeragezwa n’ikibi, kandi nta muntu n’umwe ikibi kizaba cyagiraho ubushobozi. {Ub 312.6}

Yesu aravuga ati: “Unesha, nzamuha kurya ku mbuto z’igiti cy’ubugingo, kiri muri Paradiso y’Imana.” Ibyahishuwe 2:7. Uburenganzira bwo kurya ku giti cy’ubugingo cyari muri Edeni bwasabaga kugira ibigomba kuzuzwa, kandi amaherezo ubwo burenganzira bwaje gukurwaho. Ariko impano zo mu buzima buzaza zo ntizikuka kandi zizahoraho iteka ryose. {Ub 313.1}

Umuhanuzi yeretswe “uruzi rw’amazi y’ubugingo, rubonerana nk’isarabwayi, ruva ku ntebe y’Imana n’Umwana w’Intama.” “Hakurya no hakuno y’urwo ruzi, hariho igiti cy’ubugingo.” “Kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi, kuko ibya mbere bishize.” Ibyahishuwe 22:1; 22:2; 21:4. {Ub 313.2}

“Kandi abantu bawe bose bazaba abakiranutsi;
Bazaragwa igihugu kugeza iteka ryose;
Bazaba ishami nitereye,
Umurimo w’intoki zanjye umpesha icyubahiro.” {Ub 313.3}

Yesaya 60:21

Umuntu namara gukomorerwa uburenganzira bwo kubonana n’Imana, akarebana na yo amaso ku maso, azongera kwigishwa n’Imana: “Noneho abantu banjye bazamenya izina ryanjye kuri wa munsi.... Bazamenya ko ari jye uvuga. Dore ni jye.” Yesaya 52:6. {Ub 313.4}

“Dore ihema ry’Imana riri hamwe n’abantu, kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo, kandi Imana ubwayo izabana na bo, ibe Imana yabo.” Ibyahishuwe 21:3. {Ub 313.5}

“Aba ni abavuye muri urwa mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo, babyejesha amaraso y’Umwana w’Intama. Ni cyo gituma baba imbere y’intebe y’Imana, bakayikorera mu rusengero rwayo ku manywa na nijoro: . Ntibazicwa n’inzara ukundi, kandi ntibazicwa n’inyota ukundi kandi izuba ntirizabica cyangwa icyocyere cyose, kuko Umwana w’Intama uri hagati y’intebe y’ubwami azabaragira, akabuhira amasoko y’amazi y’ubugingo.” Ibyahishuwe 7:14-17. {Ub 313.6}

“Icyakora none turebera mu ndorerwamo ibirorirori, ariko icyo gihe tuzarebana duhanganye mu maso. None menyaho igice, ariko icyo gihe nzamenya rwose nk’uko namenywe rwose.” 1Abakorinto 13:12. {Ub 314.1}

“Zizabona mu maso hayo, izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo.” Ibyahishuwe 22:4. {Ub 314.2}

Aho mu ijuru, igihe umwenda utwikiriye mu maso hacu uzaba wakuweho, maze amaso yacu akabasha kwitegereza ya si y'ubwiza tureba ubu duhunyeza; igihe tuziteregereza neza ibyiza bihebuje byo mu kirere tugerageza kureba twifashishije ibyuma kabuhariwe bireba kure cyane; ubwo imbaraga irimbura y'icyaha izaba yakuweho, isi yose izagaragara mu bwiza bw'Umwami Uwiteka Imana yacu. Mbega ibintu byo kwigwa bizaba biri imbere yacu! Aho ni ho uzaba yiga ubuhanga buhanitse azashobora gusoma amateka y'irema kandi ntazigera abona ikintu na kimwe kimwibutsa itegeko ry'icyaha. Azashobora gutega amatwi injyana z'amajwi meza y'ibyaremwe, ariko ntabwo azigera yumvamo igisigisigi cy'amaganya cyangwa agahinda. Ibyaremwe byose azabibonamo inyandiko imwe rukumbi - mu isanzure rigari nimurebe "izina ry'Imana mu nyuguti nini cyane." Kandi haba ku isi, cyangwa mu nyanja, cyangwa mu kirere nta kimenyetso cy'ikintu kibi kizaharangwa. {Ub 314.3}

Ahongaho hazongera kurangwa ubuzima nk'ubwo muri Edeni, ubuzima bwo kwibera mu murima no mu busitani. "Bazubaka amazu bayabemo; kandi bazatera inzabibu barye imbuto zazo. Ntibazubaka amazu ngo abandi bayabemo; ntibazatera inzabibu ngo ziribwe n'abandi; kuko bazamara imyaka nk'ibiti, kandi abatoni banjye bazashyira kera bishimira imirimo y'intoki zabo." Yesaya 65:21, 22. {Ub 314.4}

Ntihazigera habaho ikintu kiryana kandi kirimbura nk'uko Uwiteka abivuga ati: "Kandi ntibizaryana kandi ntibizarimbura hose ku musozi wanjye wera." Yesaya 65:25. Icyo gihe umuntu azakomorerwa ingoma ye yinyagishije, kandi ibindi byaremwe bizamuyoboka; inyamaswa z'inkazi zizagwa neza, kandi abanyabwoba bahinduke abiringirwa. {Ub 315.1}

Umwigishwa azaba afite imbere ye amateka atagira iherezo kandi y'ubutunzi butarondoreka. Hashingiwe ku cyo Ijambo ry'Imana rivuga, umwigishwa azerekwa amateka uko yakabaye kandi azabasha kumenya amahame ayobora uruhererekane rw'ibiba mu mibereho ya muntu. Ariko muri iki gihe uwo mwigishwa aracyareba ibirorirori, kandi ubumenyi bwe ntibushyitse. Azabona ibintu byose bigaragara neza igihe azaba ahagaze mu mucyo w'iteka ryose. {Ub 315.2}

Ubwo ni bwo azabona imbere ye amateka yerekeye intambara ikomeye yatangiye mbere y'irema kandi izarangira igihe gusa isi izagera ku iherezo. Amateka y'uko icyaha cyatangiye; ay'uburinganya bukomeye n'imikorere yabwo yihishe; ay'ukuri kudakebakeba kwatsinze ikibi; ibyo byose bizashyirwa ahagaragara. Umwenda ukinze utandukanya isi y'ibigaragara n'ibitagaragara uzakurwaho maze ibintu byose by'agahebuzo bishyirwe ahagaragara. {Ub 315.3}

Igihe tuzabona kugira neza kw'Imana mu mucyo w'ubwiza bw'iteka ryose ni ho tuzasobanukirwa n'uburyo abamarayika b'Imana batwitayeho n'uko batugobokaga. Abatuye mu ijuru bagiye bagira uruhare mu byo abantu banyuramo. Bazaga ku isi bambaye

imyenda irabagirana nk'umurabyo; ubundi bagiye baza mu ishusho y'abantu, bambaye imyambaro nk'iy'abagenzi bigendera. Bagiye bemera gucumbikirwa n'abantu; bagiye bayobora abagenzi bagoswe n'umwijima w'icuraburindi. Bagiye baburizamo imigambi y'abangizi kandi bakayobya imyambi y'umurimbuzi. {Ub 315.4}

Nubwo abategetsi b'iyi si batabizi, nyamara ibihe byinshi abamarayika bafataga ijambo mu nama zabo. Abantu bagiye babarebesha amaso yabo. Abantu bagiye bumva ihamagara ryabo babararika. Haba mu byumba by'inama no mu nkiko, intumwa mvajuru zaburaniraga abantu barenganywaga n'abakandamizwaga. Baburijemo imigambi mibisha kandi bahagaritse ibibi byashoboraga kuzanira abana b'Imana akaga n'umubabaro. Ibyo bintu byose bizahishurirwa abigishwa bazagira amahirwe yo kwiga mu ishuri ryo mu ijuru. {Ub 315.5}

Umuntu wese uzaba acunguwe azasobanikirwa n'umurimo ukomeye abamarayika bakoze mu buzima bwe. Umumarayika wamurinze uhereye akiri muto cyane; umumarayika warinze intambwe ze kandi agakingira umutwe we mu munsi w'amakuba; umumarayika wabanye na we mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu; umurayika washyize ikimenyetso ku gituro yaruhukiyemo, kandi akaba ari we wabaye uwa mbere kumuramutsa mu gitondo cy'umuzuko - mbega umunezero umuntu azagira wo kuganira n'uwo mumarayika, no gusobanukirwa amateka n'uburyo ijuru ryagobokaga mu buzima bwa buri muntu, ndetse n'amateka y'ubufatanye bw'abo mu ijuru mu mirimo yose yakorewe inyokomuntu! {Ub 316.1}

Icyo gihe ibyajyaga bihagarika abantu umutima byababayeho mu buzima bizasobanurwa. Ibyo twarebaga bikatubera urujijo n'urucantege, imigambi yaburijwemo n'imishinga yagwabijwe, ibyo byose bizagaragara ko ari umugambi ukomeye cyane, umugambi uhebuje kandi utabura kugera ku ntsinzi, ndetse ko byari gahunda itabusanya y'ijuru. {Ub 316.2}

Ahongaho, abantu bose baranzwe n'umwuka wo kutikanyiza bazabona imbuto z'imihati yabo. Umusaruro uturuka ku ihame ryose ritunganye n'igikorwa cyose cy'inyamibwa twakoze uzagaragara. Ni umusaruro uva ku byo tubona ubu. Ariko rero, mbega uburyo umusaruro uva ku bikorwa by'indashyikirwa bikorerwa muri iyi si bigaragara ko ari iby'agaciro gake ku wabikoze muri ubu buzima! Mbega ukuntu hari abantu biyemeza gukora imirimo ivunanye, bakayikora batizigamye kandi ntibacogore, bavunikira abantu batazi kandi batabonye! Ababyeyi n'abarezi bagera aho bakiryamira, bigasa n'aho umurimo bakoze mu buzima bwabo wabaye imfabusa. Ntabwo bazi ko gukiranuka bagaragaje kwapfunduye amasōko y'imigisha adashobora guhagarara gutemba. Kubwo kwizera gusa, babona ko abana bigishije bazabera abandi umugisha, kandi bigatuma bagenzi babo babigana, ndetse iyo mbaraga ihindura ikazajya yisubiramo incuro zitabarika. Abakozi b'Imana benshi bageza ku batuye isi ubutumwa butera imbaraga, ibyiringiro n'ubutwari.

Bavuga amagambo ahesha imigisha imitima y’abantu bo mu bihugu byose. Nyamara bake gusa ni bo bamenya umusaruro uva mu murimo bakoze bicwa n’irungu kandi bagoswe n’mwijima ukaze. Bityo impano ziratangwa, imitwaro iruhije ikihanganirwa, maze umurimo uruhije ugakorwa. Abantu babiba imbuto maze nyuma yo gupfa kwabo, abandi bakazahunika umusaruro wahawe umugisha. Batera ibiti kugira ngo abandi bazabashe kurya imbuto zabyo. Banezezwa no kumenya ko babaye intandaro y’imbaraga zizazana ibyiza. Mu gihe cy’ubuzima bushya, ibikorwa byabo n’iby’izo mbaraga batangije bizagaragara. {Ub 316.3}

Ijuru ryandika impano zose Imana yahaye abantu ngo bazikoreshe mu mirimo irangwamo kutikanyiza. Rimwe mu masomo ndetse n’ingororano bizatangirwa mu ishuri ryo mu ijuru, ni ugusobanura iby’izo mpano mu buryo burambuye, kureba abantu bazahuwe kandi bagahabwa agaciro gakomeye biturutse ku mihati yacu no kubona imikorere y’amahame nyakuri mu mateka y’ubuzima bwabo. {Ub 317.1}

Icyo gihe tuzamenya nk’uko natwe twamenywe. Urukundo n’impuhwe Imana yashyize mu mitima yacu bizabona aho bikorera mu buryo nyakuri kandi bunejeje. Gusabana n’abera, imibanire itagira amakemwa izaba hagati y’abamarayika bera n’abakiranutsi bo mu bihe byose, ubucuti bwera buhuriza hamwe umuryango w’abo mu ijuru n’abazaba bavuye ku isi, ibyo byose ni bimwe mu bizaranga imibereho yo mu buzima bushya dutegereje. {Ub 317.2}

Hazaba indirimbo no gucuranga, kandi izo ndirimbo n’incurango nta gutwi k’umuntu upfa kwigeze kuzumva cyangwa ngo zinjire mu ntekerezo ze uretse gusa uwazumvishijwe n’Imana mu iyerekwa. {Ub 318.1}

“Abaririmbyi n’ababyinnyi bazavuga bati: ‘Amasōko yanjye yose ari muri wowe.” Zaburi 87:7. “Aba bazarangurura amajwi, basakuze ku bw’icyubahiro cy’Uwiteka.” Yesaya 24:14. “Uwiteka ahumurije i Siyoni, n’imyanya yabo yose yabaye imyirare arayihumurije; ubutayu bwaho abuhinduye nka Edeni, n’ikidaturwa cyaho akigize nka ya ngobyi y’Uwiteka; muri yo hazaba umunezero n’ibyishimo, n’impundu n’amajwi y’indirimbo.” Yesaya 51:3. {Ub 318.2}

Aho hantu, imbaraga zose z’umuntu n’ubushobozi bw’imikorere y’umubiri bizakura bigere ku rugero rukwiriye. Ibikorwa bikomeye by’indashyikirwa bizakorwa birangire neza, imigambi ihambaye izagerwaho, kandi intego zihanitse nazo zizagerwaho. Ariko kandi hazajya havuka ibintu bishya byo ku rwego rwo hejuru tugomba kugeraho, havuke ibintu bishya bizajya bidutangaza n’ukuri gushya tugomba gusobanukirwa, ndetse n’ibintu bishyashya bizajya birushaho kugenda bikangura imbaraga z’umubiri n’iz’ubwenge. {Ub 318.3}

Ubutunzi bwose bwo mu isanzure buzashyirwa ahagaragara kugira ngo abana b'Imana babwigireho. Tuzinjira mu byishimo n'ubwenge by'ibiremwa bitigeze gucumura dufite umunezero utavugwa. Tuzasangira ubutunzi bw'ubwenge tuzunguka mu bihe bizajya bisimburana tuzamara twitegereza imirimo y'intoki z'Imana. Kandi uko iyo myaka y'ibihe bidashira izajya ikurikirana, izajya ikomeza kuduhishurira ibindi bintu byinshi kandi byiza. Iteka n'iteka "ibiruta ibyo dusaba, ndetse n'ibyo twibwira byose" (Abefeso 3:20) ni byo bizaba impano Imana izajya iduha. {Ub 318.4}

"Imbata zayo zizayikorera." Ibyahishuwe 22:3. Ubuzima tugira ku isi ni intangiriro y'ubwo tuzagira mu ijuru; kandi uburezi bukorerwa hano ku isi ni ukwimenyereza amahame y'ijuru. Umurimo dukora mu buzima bwacu kuri iyi si, ni ukwimenyereza uwo tuzakora mu ijuru. Abo turi bo muri iki gihe, haba mu mico no ku murimo wera, ni igicucu cy'uko tuzaba muri icyo gihe. {Ub 318.5}

"Nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi." Matayo 20:28. Umurimo Kristo yakoze hano ku isi ni na wo akora mu ijuru, kandi ingororano tuzahabwa kubwo gukorana nawe muri iyi si izaba imbaraga zisumbyeho n'amahirwe yagutse yo kuzakorana na we mu isi nshya dutegereje. {Ub 319.1}

"Ni cyo gituma muri abagabo bo kumpamya, ko ari jyewe Mana." Yesaya 43:12. Mu buzima buzira iherezo kandi, tuzahora duhamya ko Imana ari yo Mana y'ukuri. {Ub 319.2}

Ni kuki [Imana] yemeye ko intambara ikomeye ikomeza kubaho? Kuki Satani atahise atsembwaho akimara kwigomeka? Kwari ukugira ngo isanzure ryose rihamirizwe neza iby'ubutabera bw'Imana bugaragarira mu kuntu igenza ikibi; ari ukugira ngo icyaha gicirweho iteka burundu. Mu mugambi wo gucungura umuntu, harimo [ubwiru] bwimbitse kandi bwagutse budashobora gusobanurwa ngo burangire mu bihe bidashira, kandi ubwo [bwiru] ni ibintu bitangaje kuko n'abamarayika ubwabo babigiriraga amatsiko, bakifuza kubirunguruka. Mu byaremwe byose no mu baremwe bose, nta barwanye intambara y'icyaha uretse abacunguwe bonyine. Bafatanyije umurimo na Kristo, ndetse bafatanya na we umubabaro no mu buryo n'abamarayika ubwabo batashoboraga kuwufatanya na we. Mbese nta buhamya bazatanga ku byerekeye gucungurwa - mbese nta kintu kizaba ari icy'agaciro ku biremwa bitigeze gucumura? {Ub 319.3}

Muri iki gihe "abatware n'abafite ubushobozi bwo mu ijuru mu buryo bw'umwuka" bamenyeshwa "n'Itorero ubwenge bw'Imana bw'uburyo bwinshi." "Nuko ituzurana na we, itwicaranya na we mu ijuru..... Kugira ngo mu bihe bizaza, izerekane ubutunzi bw'Ubuntu bwayo buhebuje byose, itugirira neza muri Kristo Yesu." Abefeso 3:10; 2:6,7. {Ub 319.4}

“Kandi mu rusengero rwe byose bikavuga biti: ‘Icyubahiro kibe icyawe” (Zaburi 29:9), kandi indirimbo abacunguwe bazaririmba - (indirimbo ivuga ibyo banyuzemo) - izahamya icyubahiro cy’Imana bagira bati: “Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w’amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n’ukuri. Mwami, ni nde utazakubaha, cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe, ko ari wowe wenyine wera?” Ibyahishuwe 15:3-4. {Ub 319.5}

Mu buzima bwacu ku isi, nubwo bwaba ari impezamajyo bingana bite, nta handi dushobora kubonera ibyishimo bihebuje n’uburezi bwo mu rwego rwo hejuru uretse mu murimo. No mu buzima buzaza dutegereje, aho tutazagira inkomyi ziturutse ku kuzitirwa na kamere muntu icumura, mu murimo ni ho tuzabonera ibyishimo byacu bihebuje, ni naho kandi tuzabona uburezi buhanitse. Tuzahora twitegereza bundi bushya, “ubutunzi bw’ubwiza bw’ubwo bwiru;” “ni bwo Kristo uri muri mwe, ni bwo byiringiro by’ubwiza.” Abakolosayi 1:27. {Ub 320.1}

“Bakundwa, ubu turi abana b’Imana, ariko uko tuzamera ntikurerekanwa. Icyakora, icyo tuzi ni uko, Yesu niyerekanwa, tuzasa na we, kuko tuzamureba uko ari.” 1 Yohana 3:2. {Ub 320.2}

Icyo gihe, Kristo Kristo azabona ingororano z’umusaruro uvuye mu murimo yakoze. Muri ba bantu benshi [Yohana yeretswe] umuntu atabasha kubara, bazahagarara ‘imbere y’ubwiza bw’Imana badafite inenge’ (Yuda 24), Uwaducunguje amaraso ye kandi akatwigishiriza mu mibereho ye, “azabona ibituruka mu bise by’ubugingo bwe, bimushimishe” Yesaya 53:11. {Ub 320.3}